Rwanda Education Board

IMIBARE

Igitabo cy'umwarimu

Umwaka wa 2

USAID FROM THE AMERICAN PEOPLE

EDC Learning transforms lives.

IMIBARE

Igitabo cy'umwarimu

Umwaka wa 2

ABAGIZE URUHARE MU IYANDIKWA RY'IKI GITABO

Abanditse iki gitabo:
Norma Evans (Umuyobozi w'itsinda)
Mukagatete Agnes
Gafiligi Uwamahoro Clémentine
Kihumuro Francis
Mercy Catherine
Musiimenta Isaac

Abajyanama:
Dr Musabe Joyce (Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho)
Rutakamize Joseph
Bacumuwenda Nehemiah
Nyirandagijimana Anathalie
Kayinamura Aloys

Abakosoye inyandiko:
Murwanashyaka Valens
Uwamahoro Leopord

Uwatunganyije iki gitabo:
Twizeyimana Jean Pierre

Itsinda rishinzwe kwemeza integanyanyigisho n'imfashanyigisho (TAC):
Dr Musabe Joyce (Umuyobozi w'itsinda)
Nshimiyimana Alexis (Umwanditsi)
Ntaganzwa Damian
Rwambonera François
Bacumuwenda Nehemiah
Nyirandagijimana Anathalie
Kayinamura Aloys
Butera Antoine

© 2013 Rwanda Education Board.
The Rwanda Education Board holds the copyright for the materials in this collection.

This publication is made possible by the support of the American people through the United States Agency for International Development (USAID). The contents are the responsibility of Education Development Center (EDC) and do not necessarily reflect the views of USAID or the United States Government.

IJAMBO RY'IBANZE

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha imibare mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza cyanditswe mu mwaka wa 2013 n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) ku nkunga y'Ikigo cy'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) binyujijwe mu mushinga ushinzwe guteza imbere uburezi (EDC/L3).

Ni igitabo kije gufasha mu kunoza imyigishirize y'imibare mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza kuko ari inkingi y'uburezi bufite ireme. Iki gitabo kandi kizunganira umwarimu mu gihe ategura cyangwa atanga amasomo. Kizamurinda guhuzagurika kuko kigaragaza intego n'ibice byose bya buri somo. Ni igitabo kandi gikubiyemo amasomo yigishwa hifashishijwe terefone ku buryo abanyeshuri bashimishwa no kwiga isomo ry'imibare, bakina, baririmba, kandi bakoresha imfashanyigisho zitandukanye, bityo imyigire ikarushaho koroha. Amasomo atangwa hifashishijwe terefoni afasha kandi abanyeshuri kubara, gusoma no kwandika imibare no gukoresha amategeko ane y'ibara neza kandi vuba mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Mu gutegura iki gitabo hashingiwe ku mahame y'iyigandero mu bijyanye n'imyigishirize ihamye yo kwigisha imibare abana bato ku buryo uko umunyeshuri yiga agenda yongera ubushobozi bw'ibanze mu bijyanye no kubara vuba kandi neza, gutekereza no gusesengura imibare bityo bikazamufasha mu gukemura neza ibibazo ahura na byo bimusaba ubumenyi bw'ibanze mu mibare. Ni yo mpamvu mu gutegura iki gitabo hitabajwe impuguke zinyuranye mu by'uburezi ndetse n'imyigishirize y'Imibare igenewe abana bato kugira ngo kinogere umwarimu kandi kigirire akamaro abanyeshuri.

Turashimira byimazeyo abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo kuko bashyigikiye ku buryo bw'umwihariko igikorwa cyo guteza imbere imyigishirize y'imibare ishimisha abanyeshuri kandi ibatoza hakiri kare kwifashisha ubumenyi bakura mu mibare bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima bwabo bwa buri munsi. Turasaba kandi abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.

Dr. John RUTAYISIRE
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

IBIRIMO

ABAGIZE URUHARE MU IYANDIKWA RY'IKI GITABO ii

IJAMBO RY'IBANZE iii

IRIBURIRO 1

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE 9

IGIHEMBWE CYA MBERE 10

ICYUMWERU CYA 1 10

ICYUMWERU CYA 2: 11
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 11
IMIKINO Y'ICYUMWERU 12
ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KU 100 KUGERA 200 13
ISOMO RYA 2- KWANDIKA IMIBARE KUVA KU 100 KUGERA KURI 200 14
ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE UKORESHEJE METERO 15
ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE MO IBINYABUMWE IBINYACUMI, N'IBINYAJANA. 16
ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE MO IBINYABUMWE, IBINYACUMI N'IBINYAJANA 17
ISOMO RYA 6 – GUTERANYA IMIBARE IGITERANYO KITARENGA 200. 18

ICYUMWERU CYA 3: 19
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 19
IMIKINO Y'ICYUMWERU 20
ISOMO RYA 1 – GUTERANYA IMIBARE MU BURYO BWOROSHYE IGISUBIZO KITARENGA 200 21
ISOMO RYA 2 – IMIRONGO IHETEYE IBURYO, IBUMOSO, HEJURU NO HASI. 22
ISOMO RYA 3 – GUTERANYA UTABITSA IMIBARE IGITERANYO KITARENGA 200. 23
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA IMIBARE IRI MUNSI YA 200 UKORESHEJE IBIMENYETSO <, > NA = ... 24
ISOMO RYA 5 – IMINSI Y'ICYUMWERU 25
ISOMO RYA 6 – GUKURAMO UDATIRA IMIBARE Y'IMIBARWA 3 N'INDI Y'IMIBARWA 2 26
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3 27
URUTONDE RW'AMANOTA Y'ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3 28

ICYUMWERU CYA 4: 29
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 29
IMIKINO Y'ICYUMWERU 30
ISOMO RYA 1 – GUKURAMO UMUBARE W'IMIBARWA 3 N'UNDI W'IMIBARWA 2 31
ISOMO RYA 2 – IMIRONGO INYURANAMO N'IMIRONGO ITANYURANAMO 32
ISOMO RYA 3 – GUTAHURA ISANO IRI HAGATI YA METERO NA DEKAMETERO 33
ISOMO RYA 4 – GUKURAMO UDATIRA UMUBARE W'IMIBARWA 3 N'UNDI W'IMIBARWA 2 34
ISOMO RYA 5 – GUPIMA UBUREBURE MURI DEKAMETERO 35
ISOMO RYA 6 – GUHINDURA METERO MURI DEKAMETERO CYANGWA DEKAMETERO MURI METERO 36

ICYUMWERU CYA 5: 37
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 37
IMIKINO Y'ICYUMWERU 38
ISOMO RYA 1 – KWEREKANA UKO BAKUBA NA 2 UKORESHEJE UTUBARISHO 39

ISOMO RYA 2 – MARA YA 2 40
ISOMO RYA 3 – ISANO IRI HAGATI YA METERO NA DESIMETERO 41
ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA GATATU 42
ISOMO RYA 5 – MARA YA 3 43
ISOMO RYA 6 – ISANO HAGATI YA METERO NA SANTIMETERO 44
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5 45

ICYUMWERU CYA 6 : 46
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU....46
IMIKINO Y'ICYUMWERU 47
ISOMO RYA 1 – ITERANYA RYIHUSE RY'IMIBARE Y'IMIBARWA 3 N'INDI Y'IMIBARWA 2 48
ISOMO RYA 2 – GUTERANYA IMIBARE (BABITSA)....49
ISOMO RYA 3 – GUPIMA IBITEMBABUZI....50
ISOMO RYA 4 – GUKURAMO IMIBARE IRI MUNSI YA 200 BADATIRA 51
ISOMO RYA 5 – GUTERANYA NO GUKURAMO INGERO....52
ISOMO RYA 6 – GUTAHURA UTUDOMO TURI IMBERE, INYUMA NO KU MURONGO UFUNZE 53

ICYUMWERU CYA 7: 54
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU....54
IMIKINO Y'ICYUMWERU 55
ISOMO RYA 1 – MARA YA 4 56
ISOMO RYA 2 – MARA YA 4 57
ISOMO RYA 3 – GUPIMA IBITEMBABUZI HIFASHISHIJWE IBIKORESHO BINGANA NA LITIRO....58
ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 5 59
ISOMO RYA 5 – MARA YA 5 60
ISOMO RYA 6 – GUKUBA NA 4 NA 5 61
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 6 N'ICYA 7 62

ICYUMWERU CYA 8: 63
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU....63
IMIKINO Y'ICYUMWERU 64
ISOMO RYA 1– MARA YA 6 65
ISOMO RYA 2 – MARA YA 6 66
ISOMO RYA 3 – KUGERERANYA IBICERI GUHERA KU IFARANGA 1 RY'U RWANDA KUGERA KU AMAFARANGA 100 67
ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 6 68
ISOMO RYA 5 – KUVUNJA IBICERI 69
ISOMO RYA 6 – GUKUBA IMIBARE Y'IMIBARWA IBIRI NA 2, 3,4,5,6 70

ICYUMWERU CYA 9: 71
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 71
IMIKINO Y'ICYUMWERU 72
ISOMO RYA 1 – GUTONDEKANYA IMIBARE KUVA KU MUTO UJYA KU MUNINI 73
ISOMO RYA 2 – GUTONDEKANYA IMIBARE KUVA KU MUNINI UJYA KU MUTO 74
ISOMO RYA 3 – GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE....75
ISOMO RYA 4 - GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE....76
ISOMO RYA 5 – GUTERANYA INGERO Z'IBITEMBABUZI"LITIRO"....77
ISOMO RYA 6 – GUKURAMO LITIRO 78
ISUZUMABUMENYI RIRANGIZA ICYUMWERU CYA 8 N'ICYA 9 79

IGIHEMBWE CYA KABIRI : 83
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE 83

ICYUMWERU CYA 1 84

ICYUMWERU CYA 2: 85
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 85
IMIKINO Y'ICYUMWERU 86
ISOMO RYA 1 – GUTONDEKANYA IMIBARE UVA KU MUTO UJYA KU MUNINI 87
ISOMO RYA 2 – GUTONDEKA IMIBARE UVA KU MUNINI UJYA KU MUTO.....88
ISOMO RYA 3 – GUHINDURA LITIRO MURI DESILITIRO 89
ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 6 90
ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUHINDURA LITIRO MURI DESILITIRO NA DESILITIRO MURI LITIRO 91
ISOMO RYA 6 – KWEREKANA IBISHUSHANYO MU MBONERAHAMWE BAKORESHEJE INYUGUTI N'IMIBARE 92

ICYUMWERU CYA 3: 93
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 93
IMIKINO Y'ICYUMWERU 94
ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 200 KUGERA KURI 500.....95
ISOMO RYA 2 – GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 200 KUGERA KURI 500 96
ISOMO RYA 3 – UBUREMERE MURI KIROGARAMA NK'URUGERO FATIZO 97
ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 200 KUGEZA KURI 500. 98
ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE 99
ISOMO RYA 6 – KARE 100
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3 101

ICYUMWERU CYA 4: 102
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 102
IMIKINO Y'ICYUMWERU 103
ISOMO RYA 1 – KUGERERANYA IMIBARE HAGATI YA 200 NA 500 104
ISOMO RYA 2 – KUGERERANYA UBUREMERE 105
ISOMO RYA 3 – GUCISHIRIZA UBUREMERE 106
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA IMIBARE HAGATI YA 200 NA 500 107
ISOMO RYA 5 – KWEREKANA NO GUSHUSHANYA IMFURUKA ZIGOROROTSE 108
ISOMO RYA 6 – UMUZENGURUKO WA KARE 109

ICYUMWERU CYA 5: 110
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU. 110
IMIKINO Y'ICYUMWERU 111
ISOMO RYA 1 – ITERANYA RIBITSA BAKORESHEJE IMBONERAHAMWE IGISUBIZO KITARENZE 500 . 112
ISOMO RYA 2 – ITERANYA RIBITSA IGISUBIZO KITARENZE 500 UKORESHEJE IMBONERAHAMWE ... 113
ISOMO RYA 3 – ISANO HAGATI YA CANTIMETERO, DESIMETERO, METERO, DEKAMETERO UKORESHEJE IMBONERAHAMWE YO GUHINDURA INGERO 114
ISOMO RYA 4 – KUGABANYA NA 2 115
ISOMO RYA 5 – ISANO HAGATI YA SANTIMETERO, DESIMETERO, METERO NA DEKAMETERO..... 116
ISOMO RYA 6 – KUGABANYA NA 2 117
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5 118

ICYUMWERU CYA 6: 119
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 119
IMIKINO Y'ICYUMWERU 120
ISOMO RYA 1 – IKURAMO RITIRA 121
ISOMO RYA 2 – IKURAMO RITIRA (IMIBARE ITARENGA 500) 122
ISOMO RYA 3 – AMAFARANGA KUVA KU 100 KUGERA KURI 500 123
ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 6 UMUBARE W'IMIBARWA 2 BABITSA 124
ISOMO RYA 5 – GUKUBA NA 6 UMUBARE W'IMIBARWA 2 BABITSA 125
ISOMO RYA 6 – UMUZENGURUKO WA KARE 126

ICYUMWERU CYA 7: 127
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU. 127
IMIKINO Y'ICYUMWERU 128
ISOMO RYA 1 – GUKUBA UMUBARE W'IMIBARWA ITATU N'UNDI W'UMUBARWA UMWE 129
ISOMO RYA 2 – IKUBA RIBITSA (IMIBARE ITARENGA 500) 130
ISOMO RYA 3 – GUTERANYA NO GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE 131
ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO 132
ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO INGERO Z'UBUREMERE 133
ISOMO RYA 6 – KUVUNJA INOTI Y'AMAFARANGA 500 MO IBICERI 134
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 6 N'ICYA 7 135

ICYUMWERU CYA 8: 136
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 136
IMIKINO Y'ICYUMWERU 137
ISOMO RYA 1 – KUGABANYA NA 3 138
ISOMO RYA 2 – KUGABANYA NA 4 139
ISOMO RYA 3 – GUKUBA UMUBARE W'IMIBARWA 3 N'UNDI W'UMUBARWA 1 140
ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUKUBA NO KUGABANYA 141
ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO KU BIMENYETSO BY'IBARA (+; -; /; X) IGISHUBIZO KITARENZE 500. .. 142
ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO KU NGERO Z'UBUREMERE 143

ICYUMWERU CYA 9 : 144
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 144
IMIKINO Y'ICYUMWERU 145
ISOMO RYA 1 – KUGABANYA NA 5 146
ISOMO RYA 2 – KUGABANYA NA 6 UDASAGURA 147
ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO KU BUREMERE. 148
ISOMO RYA 4 – IMYITOZO YO KUGABANYA UMUBARE NA 5 NA 6 149
ISOMO RYA 5 – GUSHAKA UBUREBURE BW'URUHANDE RWA KARE 150
ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO KU NGERO Z'IBITEMBABUZI (ITWARA) 151
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 8 N'ICYA 9 152
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE CYA GATATU 155

IGIHEMBWE CYA GATATU **156**

ICYUMWERU CYA 1 ..... **156**

ICYUMWERU CYA 2: **157**
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 157
IMIKINO Y'ICYUMWERU 158
ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 500 KUGERA KURI 999 159
ISOMO RYA 2 – GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 500 KUGERA KURI 999 160
ISOMO RYA 3 – AMEZI Y'UMWAKA 161
ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 500 KUGERA KURI 999 162
ISOMO RYA 5 – GUHINDURA INGERO Z'UBUREBURE METERO, DESIMETERO, SANTIMETERO 163
ISOMO RYA 6 – AMATARIKI 164

ICYUMWERU CYA 3: **165**
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 165
IMIKINO Y'ICYUMWERU 166
ISOMO RYA 1 – KUGERERANYA IMIBARE (≤ 999) 167
ISOMO RYA 2 – KUGERERANYA IMIBARE (IRI MUNSI YA 999) MUKORESHA < , > NA = ... 168
ISOMO RYA 3 – IBIRANGA URUKIRAMENDE 169
ISOMO RYA 4 – ITERANYA RIBITSA (IMIBARE ≤999) 170
ISOMO RYA 5 – ITERANYA RIBITSA (IMIBARE ≤ 999) 171
ISOMO RYA 6 – UMUZENGURUKO W'URUKIRAMENDE 172
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3 173

ICYUMWERU CYA 4: **174**
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 174
IMIKINO Y'ICYUMWERU 175
ISOMO RYA 1 – GUKURAMO BATIRA 176
ISOMO RYA 2 – IMYITOZO KU IKURAMO RITIRA (IMIBARE≤999) 177
ISOMO RYA 3 – IGIHE: KUVUGA ISAHA 178
ISOMO RYA 4 – GUKUBISHA 10 UMUBARE W'IMIBARWA 2 179
ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUKUBA NA 10 UMUBARE W'IMIBARWA 2 180
ISOMO RYA 6 – KUVUGA ISAHA 181

ICYUMWERU CYA 5: **182**
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 182
IMIKINO Y'ICYUMWERU 183
ISOMO RYA 1 – KUGABANYA IMIBARE ITARENGEJE IMIBARWA 2 N'UMUBARE W'UMUBARWA 1 .. 184
ISOMO RYA 2 – IMYITOZO KU KUGABANYA IMIBARE ITARENGEJE IMIBARWA 2 N'UMUBARE W'UMUBARWA 1 185
ISOMO RYA 3 – IMYITOZO KU GUTERANYA UBUREBURE, ITWARA N'UBUREMERE 186
ISOMO RYA 4 – IMIGABANE: KIMWE CYA KABIRI 187
ISOMO RYA 5 – IMIGABANE: KIMWE CYA KABIRI 188
ISOMO RYA 6 – IMYITOZO KU GUKUBA NO KUGABANYA INGERO Z'UBUREBURE IZ'ITWARA N'IZ'UBUREMERE. 189
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5 190

ICYUMWERU CYA 6: 191
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 191
IMIKINO Y'ICYUMWERU 192
ISOMO RYA 1 – AMAFARANGA: KUVA KURI F 500 KUGERA KU F 1000 193
ISOMO RYA 2 – IMIGABANE: KIMWE CYA KANE 194
ISOMO RYA 3 – IMYITOZO YO GUSHUSHANYA, GUSIGA AMABARA, GUSOMA NO KWANDIKA KIMWE CYA KANE ( ) BAKORESHEJE IBISHUSHANYO 195
ISOMO RYA 4 – IMYITOZO KU IVUNJISHA: KUVA KU F 5 KUGERA KU F 1000 196
ISOMO RYA 5 – IMYITOZO KURI KIMWE CYA KABIRI NA KIMWE CYA KANE (GUSHUSHANYA NO GUSIGA AMABARA) 197
ISOMO RYA 6 – IMYITOZO KU MUZENGURUKO WA KARE N'URUKIRAMENDE 198

ICYUMWERU CYA 7: 199
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 199
IMIKINO Y'ICYUMWERU 200
ISOMO RYA 1 – GUSOMA ISAHA ISHYITSE N'ISAHA IRENZEHO IMINOTA 30 201
ISOMO RYA 2 – IMYITOZO YO KUVUGA ISAHA ISHYITSE N'ISAHA IRENZEHO IMINOTA 30 202
ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO 203
ISOMO RYA 4 – IBIRANGA MPANDESHATU 204
ISOMO RYA 5 – UMUZENGURUKO WA MPANDESHATU 205
ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUKUBA NO KUGABANYA 206
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 6 N'ICYA 7 207

ICYUMWERU CYA 8: 208
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 208
IMIKINO Y'ICYUMWERU 209
ISOMO RYA 1 – IMYITOZO KURI $\frac{1}{2}$ NA $\frac{1}{4}$. 210
ISOMO RYA 2 – AMAHURIZO KU BUREBURE HARIMO N'AMAFARANGA 211
ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO KU NGERO Z'IBITEMBABUZI HARIMO N'AMAFARANGA 212
ISOMO RYA 4 – IMYITOZO KU MIGABANE: $\frac{1}{2}$ NA $\frac{1}{4}$ 213
ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO KU BUREMERE HARIMO N'AMAFARANGA 214
ISOMO RYA 6 – IMYITOZO K'UMUZENGURUKO WA MPANDESHATU 215

ICYUMWERU CYA 9: 216
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 216
IMIKINO Y'ICYUMWERU 217
ISOMO RYA 1 – AMAHURIZO KU ITERANYA (RIBITSA N'IRITABITSA), KU IKURAMO (RITIRA N'IRIDATIRA) 218
ISOMO RYA 2 – IMYITOZO KU ISAHA ISHYITSE N'IRENGAHO IMINOTA 30 219
ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUKUBA UMUBARE W'IMIBARWA 2 N'UNDI W'UMUBARWA 1 .. 220
ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO KUGABANYA 221
ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUSOMA ISAHA ISHYITSE N'IRENGAHO IMINOTA 30 222
ISOMO RYA 6 – IMYITOZO KU MUZENGURUKO WA MPANDESHATU, KARE N'URUKIRAMENDE 223
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 8 N'ICYA 9 224
IBITABO BYAKORESHEJWE 225

IRIBURIRO

Kongera ubushobozi bw'Imibare ku banyeshuri cyane cyane bagitangira kuyiga ni imwe mu ntego nyamukuru z'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda ari cyo **Rwanda Education Board (REB).** Ikindi kandi, kongera ubumenyi bw'abanyeshuri mu mibare uko bimuka ni ingirakamaro ku iterambere ry'umuntu ku giti cye n'iry'igihugu muri rusange.

Isuzuma ryakozwe mu rwego rw'igihugu na Minisiteri y'Uburezi mu mwaka wa 2011 ku birebana n'ubumenyi bw'abana mu mibare, ryerekanye ko hakenewe kongera imbaraga ku bijyanye n'ibintu by'ibanze byabafasha gusobanukirwa imibare.

Twavuga:

- *Umuvuduko abana bakoresha ngo bagere ku gisubizo .* N'ubwo mu mwaka wa 2011 abana babashaga gutanga ibisubizo biri byo ku bijyanye no guteranya no gukuramo, byabasabaga umwanya muremure wo kubikora. Abana batabasha kugera ku gisubizo ku buryo bwihuse mu bijyanye no guteranya, gukuramo, gukuba cyangwa kugabanya, bahura n'imbogamizi igihe bahawe ibibazo bikomeye kurushaho.
- *Imyumvire y'abana ku bijyanye n'imibare n'isano iri hagati yayo.* Isuzuma ryo mu mwaka wa 2011 ryashyize ahagaragara ko abana bongereye imyumvire, nko kuba baramenye inzira zikurikizwa mu guteranya cyangwa gukuramo. Ariko mu gihe bahuye n'ibibazo bisaba kumenya amahame arenzeho cyangwa isano iri hagati y'imibare byarabagoraga.
- *Ubushobozi bw'abana mu gutekereza no gusesengura ibijyanye n'imibare n'amahame yayo.* Abana bahuraga n'imbogamizi zigaragara igihe bahuye n'amahurizo abasaba gusubiza mu magambo, nk'amahurizo aba adafite igisubizo kimwe cyangwa adashobora gusubizwa hakoreshejwe inzira zakoreshwaga mbere.
- Mu rwego rwo kugerageza gukemura ibibazo byagaragajwe n'isuzuma ryavuzwe haruguru, mu mwaka wa 2012, **REB** ibinyujije mu Ishami Rishinzwe Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho (**Curriculum and Pedagogical Materials Department(CPMD**), gifatanije n'Ikigo Mpuzamamahanga Giteza Imbere Uburezi **"Education Development Center(EDC)",** kibinyujije mu mushinga wacyo wo Guteza Imbere Gusoma Kwandika no Kubara "**Literacy, Language and Learning (L3)"** byatangije gahunda yo guteza imbere imyigire n'imyigishirize y'imibare mu mashuri abanza, mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri. Ibyo bizakorwa hatangwa imfashanyigisho zigizwe n'igitabo cy'umwarimu n'amasomo atangwa hifashishijwe terefone.

Imfashanyigisho zizifashishwa muri iyi gahunda yo guteza imbere imyigire n'imyigishirize by'imibare

Izo mfashanyigisho, ni igitabo cy'umwarimu n'amasomo anyuzwa kuri terefone bije kunganira integanyanyigisho y'imibare (yateguwe muri 2004) n' ibitabo by'umunyeshuri by'imibare byari bisanzwe bikoreshwa mu mashuri abanza mu mwaka wa mbere .

1. Igitabo cy'umwarimu

Iki gitabo gikubiyemo ibi bikurikira:

1.1. Imbonerahamwe y'amasomo y'igihembwe:

Iyi mbonehamwe igaragaza amasomo yose azigishwa mu gihembwe. Hateguwe amasomo y'ibyumweru 8. Kuva ku cyumweru cya 2 kugera ku cya 9. Bitewe n'uko umwaka w'amashuri uteye, icyumweru cya mbere gikoreshwa mu gutegura igihembwe basubiramo amasomo yizwe cyangwa bamenyereza abana. Muri iki gitabo twatanze inama z'uko amasomo yo muri icyo cyumweru yakwigishwa. Ibindi byumweru bisigaye nabyo bikoreshwa mu gusubiramo ibyizwe no gutanga ibizamini.

Iyi mbonerahamwe ishingiye ku nteganyanyigisho y'umwaka wa kabiri kandi igaragaza neza intego ya buri somo rizigishwa mu gihembwe.

1.2. Imbonerahamwe y'amasomo y'icyumweru

Iyi mbonerahamwe igaragaramo intego za buri somo ryigishwa mu cyumweru, imikino, injyana,

n'indirimbo bizifashishwa muri buri somo(imikino yo kubara itarakoreshejwe mu masomo yateguwe mu gitabo, mwarimu arashishikarizwa kuyikinisha uko abonye abana bananiwe cyangwa igihe yifuza kubakangura). Inagaragaza kandi ipaji wasangaho imyitozo ijyanye n'isomo ryigishijwe mu bitabo by'umunyeshuri byemejwe na REB(Mwarimu azajya ahitamo imyitozo mu bitabo ishuri rifite).

Dore uko twise ibitabo byemejwe muri REB:

Uko igitabo kitwa mu gitabo cy'umwarimu	**Uko kitwa kuri rutonde rugaragaza ibitabo byakoreshejwe**
MK/REB	Mwungeri, E., et al. .2013. Imibare, igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 2 …
MK	Kakembo, L., et al. 2013 .Imibare, Umwaka wa 2 w'amashuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri …
JKF	Uworwabayeho, A.et al. 2010. Imibare mu mashuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 2 …
Longhorn	Male, H.et al. 2011. Dusobanukirwe imibare, Umwaka wa 2 …

Buri mbonerahamwe y'amasomo y'icyumweru igendera kuri gahunda ikurikira : Isomo rya mbere n'irya kane ni amasomo atangwa hifashishijwe terefone. Naho isomo rya 2, 3, 5 na 6 ni amasomo atanyuzwa kuri terefone.

Icyitonderwa: *Nubwo inyigisho y'imibare igenerwa amasaha(periods) 7mu cyumweru, hateguwe imbata z'amasomo azigishwa mu masaha 6. Isomo ryigishwa mu isaha ya 7rizategurwa na mwarimu mu Gutsindagira ibyizwe no gutanga isuzumabumenyi risoza buri byumweru bibiri.*

1.3. Imikino y'icyumweru

Kuri iyi paji muzasangaho urutonde rw'imikino izakinishwa mu cyumwe n'incamake y'uko iyo mikino izakinishwa.

1.4. Imbata z'amasomo y'icyumweru

a. Imbata z'amasomo anyuzwa kuri terefone

Buri mbata y'isomo rinyuzwa kuri terefone igizwe n'ibice bine:

i. **Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone:** muri iki gice mwarimu agenzura ko abana bafite imfashanyigisho zikenewe kandi ko biteguye gukurikira isomo. Iki gice kimara umunota 1.

ii. **Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone:** harimo incamake y'igice cy' isomo gikomereza kuri terefone. Iki gice kimara iminota 30. Ibisobanuro birambuye kuri iki gice muzabisanga kuri terefone.

iii. **Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone:** iki gice kimara iminota 9, kigizwe n'ibice bibiri.:

- **Isuzumabumenyi** : Muri iki gice hakorwa imyitozo yo kureba ko intego y'isomo yagezweho.
- **Umukoro wo mu rugo:** Muri iki gice mwarimu aha abana imyitozo yo gukorera mu rugo. Iki gice kimara iminota 2.

b. Imbata z'amasomo atanyuzwa kuri terefone

Buri mbata y'isomo ritanyuzwa kuri terefone igizwe n'ibice bitanu:

i. **Gukangura abana:** iki gice kimara iminota 2, gikubiyemo udukino two gukangura abana cyangwa injyana yo kubara..

ii. Isubiramo: hatangwa imyitozo cyangwa udukino bifasha abana kwibuka ibyo bize mu masomo yashize. Iki gice kimara iminota 3.

iii. Isomo rishya: Iki gice kimara iminota 25, gikubiyemo ibice bibiri ari byo:

- **Kuvumbura icyigwa :** mwarimu afasha abana gusobanukirwa icyigwa gishya yifashishije udukino,imfashanyigisho, kungurana ibitekerezo …

  Muri iki gice mwarimu aha abana umwanya bakaba ari bo bavumbura icyigwa. Hanyuma akabona kubasobanurira ashingiye ku byo babonye.

- **Imyitozo mpamyabumenyi:** Mwarimu aha abana imyitozo ihagije ku cyigwa gishya. Aha niho akoresha cyane ibitabo by'umunyeshuri bisanzwe ku ishuri, agahitamo imyitozo ijyanye n'intego y'isomo.

iv. Isuzumabumenyi: mwarimu atanga imyitozo igamije gusuzuma ko intego y'isomo yagezweho. Kimara iminota 8.

v. Umukoro wo mu rugo: mwarimu aha abanaibibazo bigamije gukorera mu rugo. Iki gice kimara iminota 2.

1.5. Isuzumabumenyi rikorwa buri byumweru bibiri

Iki gitabo kirimo ibibazo by'isuzumabumenyi abana bakora nyuma ya buri byumweru bibiri. Ni ukuvuga nyuma y'icyumweru cya 3, 5, 7 n'icya 9; kugira ngo mwarimu arebe niba abana barongereye ubumenyi ngombwa mu kwiga kwabo. Ibyavuye muri iryosuzumabumenyi ni byo bizatuma mwarimu abwira ababyeyi niba abana babo barumvise neza ibyo bize cyangwa se niba atari ko bimeze akamenya ibyo abana bakeneye gusubiramo ngo bumve neza ibyo bize.

Iki gitabo kirimo kandi urupapuro mwarimu yandikaho amanota ya buri mwana. Urugero rw'uru rupapuro murarusanga nyuma y'isuzumabumenyi risoza icyumeru cya 2 n'icya 3, mu gihembwe cya mbere. Mwarimu azarureberaho hanyuma akore urutonde rw'amanota y'abana bazaba bakoze iryo suzumabumenyi.

2. Amasomo anyuzwa kuri terefone

Buri cyumweru hazatangwa amasomo abiri anyujijwe kuri terefone: isomo rya 1 n'irya 4. Buri somo rinyujijwe kuri terefone rimara hagati y' iminota 25 na 30. Muri iryo somo, muzumvamo mwarimu Uwera, n'abanyeshuri Hirwa na Mahoro bazabafasha gukina udukino no gukora imyitozo iteza imbere imyigire n'imyigishirize y'imibare.

Muri ayo masomo muzasangamo ingero z' udukino, indirimbo, n'injyana, imyitozo, bizafsha kongerera abana ubushobozi bwo kumva neza amahame y'ibanze mu kubara. Muzasangamo kandi uko wakoresha udukino n'ibikoresho biboneka hafi yawe mu gutuma abanyeshuri bongera imyumvire y'amahame y'ibanze mu kubara n'isano iri hagati y'imibare. Harimo kandi udukuru tw'imibare tuzatuma umwana agira ubushobozi bwo gutekereza byimbitse. Ibyo byose bikozwe mu buryo bushimisha ababyumva kandi bigatuma abana bagira uruhare mu myigire yabo.

Ayo masomo azatangwa hifashishijwe terefone n'indangururamajwi . Terefoni zizakoreshwa, zifite agakarita kabikwaho amasomo y'umwaka wose. Aya masomo ni ikinyarwanda, imibare n'icyongereza. Buri nyigisho ifite umwanya wayo muri telefoni. Buri somo kandi, rifite inyito ihinnye yihariye ifasha umwarimu kubona ku buryo bworoshye isomo ashaka gutanga. Inyito ihinnye ya buri somo muri telefoni, ijyana n'imbata y'isomo mu gitabo cy'umwarimu, na yo iriho iyo nyito ihinnye.

Urugero ku isomo ry'imibare : M-P2-T1-W3-L1;

Iyi nyito isobanura:M (Maths):Imibare, P2 (Primary 2):Umwaka wa 1, T1(Term1): Igihembwe cya1, W3 (Week3): Icyumweru cya 3, L1 (Lesson1): Isomo rya1. N'ubwo hateganyijwe incamake ya buri somo rinyuzwa kuri terefone mu gitabo cy'umwarimu, abarimu barasabwa kubanza kumva ayo masomo bagategura n'imfashanyigisho zikenewe.

3. Agashya muri iyi gahunda yo guteza imbere imyigire n'imyigishirize y'imibare.

Uburyo amasomo ateguwe muri iyi gahunda, bizabera mwarimu urugero rwiza rwo guteza imbere imyigire n'imyigishirize by'imibare. Bizatuma abana bagira uruhare rugaragara mu myigire yabo .

Muri iyi gahunda muzasangamo udushya dukurikira:

- **Udukino cyangwa imyitozo bigamije kongera ubushobozi bwo kwibuka vuba ibintu by'ibanze mu mibare.**

  Kwibuka vuba ibintu by'ibanze mu mibare bishingiye ku kwibuka nk' amazina y'imibare, amagambo y'ibanze akoreshwa mu mibare.

  Abana bakomererwa no kwibuka ibintu by'ibanze mu mibare. Akaba ari yo mpamvu, buri somo ritangirwa n'udukino two gusubiramo ibyo bize mu masomo aheruka. Ibi bifasha mu kugabanya umwanya abana bafata wo kwibuka ibintu by'ibanze mu mibare.

- **Udukino cyangwa imyitozo bigamije kongera ubushobozi bwo kubara mu mutwe**

  Nyuma yo kubasha kwibuka vuba ibintu by'ibanze mu mibare, abana bakeneye kongera ubushobozi bwo gukora imibare mu mutwe. Ibyo ni nko kubasha kubona igisubizo vuba mu mutwe, badakoresheje ikaramu n'urupapuro. Bakeneye kongera ubushobozi bwo gutekereza mu mutwe, urugero nko kuvuga ngo 150 uteranyijeho 36 ari kimwe na 150+30+6 maze igisubizo kikaba 186. Umwana ushobora kugikora mu mutwe, ntabwo ashoboye kubona igisubizo gikwiye gusa ahubwo aba anumva neza isano iri hagati y'imibare.

- **Udukuru tw'imibare**

  Udukuru tw'imibare dutandukanye n'amahurizo asanzwe.

  Iyo ari ihurizo, riba rifite igisubizo kimwe. Urugero: *Muhire afite inkoko 150. Mukuru we Kagabo afite inkoko 300. Bose hamwe bafite inkoko zingahe?* Kuri iri hurizo umunyeshuri yasubiza ko bose hamwe bafite inkoko 450.

  Iyo ari agakuru k'imibare kaba gafite ibisubizo birenze kimwe. Urugero: *Muhire afite inkoko 150. Mukuru we Kagabo afite inkoko 300. Mwabivugaho iki?*

  Kuri aka gakuru umunyeshuri ashobora gutanga ibisubizo bikurikira:

  - Kagabo arusha Muhire inkoko 150.
  - Inkoko za Muhire ni kimwe cya kabiri cy'iza Kagabo.
  - Bose hamwe bafite inkoko 450.
  - Uhaye Muhire inkoko 150 yanganya na Kagabo.
  - Kagabo ni umukire.
  - Umubare w'inkoko za Kagabo uruta umubare w'iza Muhire.

Udukuru tw'imibare dusaba abana gutekereza ku isano iri hagati y'imibare. Babasha kumva ko uko hari amasano menshi imibare ifitanye ari nako hariho ibisubizo byinshi byo gutanga ku kibazo cy'imibare bahawe.

- **Kwibanda ku gukoresha imfashanyigisho mu isomo ry'imibare**

  Gukoresha imfashanyigisho zifatika (utubarisho, intoki, ibivomesho, igishushanyo cy'ikibarisho cyitwa kandi intungwamibare…) n'imfashanyigisho zishushanije (utuziga, igishushanyo cy'ikibarisho cyitwa kandi intungwamibare, umurongo utondetseho imibare, imbonerehamwe y'imibare…), byongera ubushobozi bw'abana mu mibare kuko bituma basobanukirwa neza kandi vuba.

Icyitonderwa: Mu kwigisha kubara, iyi gahunda yagiye yibanda ku gukoresha intoki. Niba mu ishuri hari umwana udafite intoki zose, mwarimu agomba kwigengesera ngo atamukomeretsa.

Kwibanda ku gusaba abanyeshuri gusobanura ibyo batekereje



Muri iyi gahunda, iyo abana bahawe amahurizo yo gushaka ibisubizo, basabwa gusobanura uko babonye igisubizo. Gusaba abana gusobanura ibitekerezo byabo, bibafasha kongera imyumvire yabo mu mibare.

Kwibanda ku gukoresha injyana n'indirimbo by'imibare Iyi gahunda, yifashisha kandi indirimbo n'injyana mu gufasha abana kwiga imibare, yaba kubara umubare umwe umwe, kubara usimbuka umubare umwe, cyangwa ibiri cyangwa itatu. Ibi kandi bifasha abana kwibuka ibintu by'ibanze mu mibare.

Kubara basubira inyuma : Urugero : 10,9,8…,2, 1 bituma abana basobanukirwa isano iri hagati y'imibare, bamenya kuyikurikinya kandi bakamenya n'uko irutana.

Gukorera mu matsinda: Imyitozo myinshi ikorerwa mu matsinda ya babiri babiri, bane… ibi bigatuma abana bakora bafashanya kandi bigateza n'imbere imibanire myiza hagati y'abanyeshuri..

Kungurana ibitekerezo : Muri iyi gahunda, dushishikariza mwarimu guha abana umwanya wo gutanga ibitekerezo ku byo biga. Ubu uburyo ushobobora kubukoresha mu kuvumbura icyigwa, kuvuga ibyo bize n'icyo bizabamarira mu buzima bwa buri munsi,... Muri make, kungurana ibitekereza bituma umwana agira uruhare mu myigire ye.

4. Ibindi byakenerwa ngo iyi gahunda yo guteza imibare imyigire n'imigishirize y'imibare igende neza.



Usibye gusaba abana kuzana utubarisho (amabuye, ududuti, n'ibindi) two gukoresha mu myitozo yo kubara, abarimu barashishikarizwa gukoresha ibintu biboneka aho batuye (utubarisho, uduti, amacupa, imigozi) no kwikorera imfashanyigisho (umurongo utondetseho imibare, imbonerahamwe iriho imibare, amakarita ariho imibare,…). Gukoresha ibyo bikoresho bigira uruhare mu kunoza imyigire n'imyigishirize y'imibare.

Icyitonderwa: Kubera ko abana basigaye biga gusoma no kwandika bahereye ku cyapa, buri kintu cyose mwarimu yanditse ajye acyandika mu cyapa.

Igihembwe cya 1

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE

Amasomo / Ibyumweru	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
1	• Isubiramo: Gusoma no kwandika kuva kuri 1 kugera kuri 99	• Gusesengura imibare itarenze 99	• Kugereranya imibare itarenze 99	• Guteranya imibare igisubizo kitarenze 99 no gukuramo imibare iri munsi ya 99	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure	• Isubiramo : Gukora imyitozo kuri mara ya 2	• Isubiramo: Kuvunja amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku 100
2	• Kubara kuva ku 100 kugera kuri 200	• Kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200	• Gupima uburebure (utarengeje m 20) ukoresheje metero	• Gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.	• Guteranya imibare igiteranyo kitarenga 200	• Gutsindagira ibyizwe
3	• Guteranya mu buryo bworoshye	• Gutandukanya imirongo ihese (iheteye iburyo, ibumoso, hasi, hejuru)	• Guteranya imibare ku buryo igiteranyo kitarenga 200 (utabitsa)	• Gukoresha ibimenyetso <,>, = n'agaciro k'umubare mu kugereranya imibare iri munsi ya 200	• Gutandukanya iminsi y'icyumweru	• Gukuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 2 n'icya 3
4	• Gukuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2	• Gutandukanya imirongo inyuranamo n'imirongo itanyuranamo.	• Gupima uburebure muri dam (ukoresheje umugozi ureshya na dam).	• Gukuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2.	• Gutahura isano iri hagati ya m na dam.	• Gukoresha imbonerahamwe y'ingero z'uburebure mu guhindura m muri dam cyangwa dam muri m.	• Gutsindagira ibyizwe
5	• Gukuba na 2	• Gukuba na 2	• Isano (igereranya) hagati ya m na dm ukoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe.	• Kwerekana uko bakuba na3 ukoresheje utubarisho	• Gukuba na 3	• Isano (igereranya) hagati ya m na cm ukoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe.	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 4 n'icya 5
6	• Guteranya akoresheje uburyo bworoshye bwo guteranya imibare ibiri (ubitsa inshuro imwe).	• Guteranya imibare 2 igiteranyo kitarenga 200 (ubitsa inshuro imwe).	• Gupima ibitembabuzi ukoresheje litiro.	• Gukuramo imibare ibiri udatira	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure (m, dm na cm)	• Gutahura utudomo turi imbere, inyuma no ku murongo ufunze.	• Gutsindagira ibyizwe
7	• Gukuba na kane.	• Mara ya 4	• Gupima ibitembabuzi bifashishije urugero fatizo rw'ibitembabuzi rwa rwa litiro.	• Gukuba na gatanu.	• Gukuba na 5	• Gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 4&5(Igisubizo kitarenze 200).	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 6 n'icya 7
8	• Gukuba na 6	• Gukuba na 6	• Gutandukanya no kugereranya ibiceri kuva ku frw 1 kugera ku ijana.	• Gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 6, utabitsa. (Igisubizo kitarenze 200).	• Kuvunja ibiceri binini mu bito.	• Gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 2, 3, 4, 5,6 utabitsa cyangwa ubitsa inshuro imwe (Igisubizo kitarenze 200).	• Gutsindagira ibyizwe
9	• Gukurikiranya imibare uva ku muto ujya ku munini.	• Gukurikiranya imibare uva ku munini ujya ku muto.	• Guteranya ingero z'uburebure (m, dm, cm).	• Guteranya ingero z'uburebure (m, dm, cm).	• Guteranya ingero z'ibitembabuzi. (litiro).	• Gukuramo ingero z'ibitembabuzi.	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 8 n'icya 9
10	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo
11	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	

ICYUMWERU CYA 1

Muri iki cyumweru mwarimu azakoresha isubiramo ry'ibyo abana bize mu mwaka wa mbere kugirango abategure gutangira neza umwaka wa kabiri. Ibi bikurikira biraha mwarimu inama z'uko azabikora muri buri somo.

ISOMO RYA MBERE: Gusoma no kwandika kuva kuri rimwe kugera kuri 99

Kinisha udukino dufasha abana gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99.

Urugero: Ushobora kwandika umubare abana bakawusoma, ugahita uwusiba ukandi ukandika undi vuba vuba kugirango bishimishe abana. Urajya uvuga umubare abana bawandike mu kirere cyangwa ku ntebe bakoresheje urutoki, nyuma bandike mu makayi yabo.

ISOMO RYA KABIRI :Gusesengura imibare itarenze 99

Ibutsa abana agaciro ka buri mubarwa ugize umubare w'imibarwa ibiri. Urugero 45. 5 ni ikinyabumwe, noneho 4 ni ikinyacumi. Noneho nyuma ubahe imibare itandukanye itarenze 99, maze bayisesengure bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'iyi ibinyacumi.

ISOMO CYA GATATU: : Gugereranya imibare itarenze 99

Wifashishije igishushanyo cy'ikibarisho(intungwamibare) fasha abana kugerereranya imibare. Urabanza ubahe imibare ibiri yo kugereranya,ubasabe kuyerekanisha igishushanyo cy'ikibarisho(intungwamibare),hanyuma bayigereranye bakoresheje ibimenyetso bya <,>,=

Nubona bamaze kwibuka uko imibare irutana,ubahe imyitozo yo kugereranya imibare bakoresheje ibimenyetso bya <,>,=

ISOMO RYA KANE: Guteranya no gukuramo imibare igisubizo kitarenze 99

Andika umubare urugero 54+23= , hanyuma usabe umwana kuza akawukorera ku kibaho. Uhere kuri urwo rugero wibutse abana uko bateranya imibare y' imibarwa ibiri . Hanyuma ubahe imyitozo yo guteranya bayikorere mu makayi yabo.

Noneho, andika umubare urugero 84-32= , hanyuma usabe umwana kuza akawukorera ku kibaho. Hera kuri urwo rugero wibutse abana uko bakuramo imibare y' imibarwa ibiri . Hanyuma ubahe imyitozo yo gukuramo bayikorere mu makayi yabo.

ISOMO RYA GATANU: Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure

Ibutsa abana uko metero ireshya ukoresheje umugozi ureshya na metero cyangwa irati ya metero. Hanyuma mupime ahantu hareshya na metero(uruhande rw'ishuri, uruhande rw'ikibaho, uruhande rw'urugi…).

Hanyuma uhe abana imyitozo yo guteranya n'iyo gukuramo ingero z'uburebure.

ISOMO RYA GATANDATU :Gukora imyitozo kuri mara ya 2

Koresha abana imyitozo ituma bibuka mara ya 2. Mushobora kuririmba injyana y'iyo mara, kubara mwongeraho imibare ibiri ibiri, gukora amatsinda y'ibintu bibiri inshuro 10.... kugirango abana bibuke iyo mara kandi bayifate mu mutwe.

ISOMO RYA KARINDWI: Kuvunja amafaranga y'u Rwanda kuva kuri F 1 kugera ku F100

Ereka abana amafaranga y'u Rwanda kuva kuF1 kugera ku F100 (F1, F2, F5, F10, F20, F50, F100). Hanyuma ubahe imyitozo yo kuyavunja.

Urugero: Nkeneye ibiceri bingahe by'amafaranga 10 ngo ngire F100, bingahe bya F20 ngo ngire 100…

ICYUMWERU CYA 2:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara kuva ku 100 kugera kuri 200	• Kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200	• Gupima uburebure (utarengeje m 20) ukoresheje metero	• Gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Guteranya imibare igiteranyo kitarenga 200	• Gutsindagira ibyizwe
Kubara mu mutwe	• Ongeraho 10	• Ni kangahe kabura kuri uyu mubare?	• Ni kangahe kabura ku 10.	• Ni kangahe kabura kuri 20. • Ongeraho 10	• Ni kangahe kabura kuri 20	• Ongeraho icumi. • Ni kangahe kabura ku 10 • Ni kangahe kabura kuri 20..	
Indirimbo cyangwa Injyana	• Injyana yo kuva kuri 10 kugera 100 usimbuka 10	• Injyana yo kuva kuri 100 kugera 200 usimbuka 10	• Injyana yo kuva kuri 0 kugera 100 usimbuka 10	• Injyana yo kuva kuri 0 kugera 100 usimbuka 10	• Injyana yo kuva kuri 0 kugera 100 usimbuka 10	• Injyana kuva kuri 0 kugera 100 usimbuka 10	
Imikino yo kubara	• Fora uyu umubare	• Ni kangahe wabonye? • Nyereka uyu mubare. • Uyu mubare ni uwuhe?	• Shakisha	• Ni uwuhe mubare?. • Ni uwuhe mubare? • Tahura umubare ubura	• Ni uwuhe mubare? • Ni uwuhe mubare? • Tahura umubare ubura	• Shakisha	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.3	P.3	P.54	P.4,5	P.4,5	-	
MK	P.2,3,4,5	P.2,3,4,5	P.11	P.4,5,6	P.4,5,6	P.13,14	
JKF	P.3,4,5	P.3,4,5	P.8,9,10	P.6	P.6	P.14,16,17	
LONGHORN	P.13,14	P.13,14	P.63,64,65	P.22,23,24	P.22,23,24	P.27	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

"Fora uyu mubare"
- Tekereza umubare hagati ya 100 na 200.
- Abana barajya babaza ibibazo bishobora gusubizwa na yego cyangwa oya kugira ngo bafore umubare, urugero: Uwo mubare ni munini ku icumi? Ni muto ku 150?
- Cyangwa na none vuga ibiranga umubare abana batahure uwo ariwo.
- **Urugero:** Mfite ikinyajana 1, mfite ikinyacumi gito kuri kane. Ikinyabumwe kiri hagati ya gatandatu n'icyenda. Fora ndi uwuhe mubare?

"Ni kangahe wabonye?"
- Zamura intoki, noneho ubaze abana uti "Ni kangahe wabonye?"
- Abana barasubiza icyarimwe, babwire mwarimu umubare w'intoki babonye.

"Nyereka uyu mubare"
- Vuga umubare uri hagati ya 100 na 200. Umwana araza imbere maze akore uwo mubare akoresheje udufungo tw'utubarisho dutandukanye.

"Ongeraho 10" cyangwa "Vanaho 10"
- Vuga umubare, uruguro 132 hanyuma uvuge uti "Ongeraho icumi" cyangwa "Kuraho 10".
- Noneho abana barakubwira uwo mubare bongeyeho 10 cyangwa bavanyeho 10.

"Shakisha"
- Mu matsinda ya babiri, abana bashake ibintu mu ishuri, cyangwa hafi y'ishuri batekereza ko bireshya wenda nka metero 2.
- Noneho babipime bakoresheje metero kugira ngo barebe niba bireshya nk'uko babitekerezaga.

"Ni uwuhe mubare?"
- Hitamo amajwi uri bukoreshe mu kwerekana imibarwa igize umubare. Urugero: gukubita ku meza inshuro imwe iryo jwi risobanura ikinyajana ari rimwe, gukoma amashyi inshuro imwe bisobanura ikinyacumi ari rimwe, kuvuza inoni inshuro imwe bisobanura ikinyabumwe rimwe.
- Noneho urajya uvuza ayo majwi, maze abana bakubwire uwo mubare.
- Urugero: gukubita ku meza inshuro 1, gukoma amashyi inshuro 3, kuvuza inoni inshuro 2 bingana na 132.

"Tahura umubare ubura"
- Andika ku kibaho imibare ikurikiranye ariko harimo imibare ibura. Urugero: 147 148 … 150 151 cyangwa 189 … 191 192 193.
- Abana batahure imibare ibura.

"Fora uyu mubare"
Yobora abana :
- Mfite ijana rimwe.
- Mfite ikinyacumi kiri munsi cyangwa kirutwa na 4 (bishobora kuba ari 0, 1, 2, 3).
- Mfite ikinyabumwe hagati ya 6 na 9 (gishobora kuba 7 cyangwa 8). Fora ndi uwuhe mubare.
- **Ibisubizo**: 107, 108, 117,118, 127, 128, 137, 138.

"Uyu murongo ni uwuhe?"
- Shushanya imirongo itandukanye ku kibaho.
- Abana bakubwire iyo ariyo. (Itambitse, ihagaze, iberamye).

Indirimbo itangiza amasomo anyuzwa kuri Terefone
Ni umwanya w'imibare
Ni umwanya wo kwigana natwe
Turaririmba turakina turidagadura
Muze twige imibare.

ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KU 100 KUGERA 200

ICYITONDERWA- *Wandike imibare minini ku buryo abana bose bayibona.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kubara kuva ku 100 kugera kuri 200.

Imfashanyigisho:
- Intoki.
- Terefone (M-P2-T1-W2-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Fasha abana kwitegura igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone. Urebe ibintu byose muri bukenere ubishyire hafi.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri telephone — iminota 30

100 110 120 130 140 150 160 170 180 190 200

- Fasha abana gutahura abakinnyi bo mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri telephone.
- Ririmbana n' abana indirimbo itangiza amasomo anyuzwa kuri terefone ya "muze twige".
- Hamagara abana baze imbere mubare kuva ku 100 kugera kuri 200 mukoresheje intoki, mugenda muzamura intoki icumi icumi.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200, mugenda musimbuka 10 nk'uko byanditse ku kibaho.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 10".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana ibintu bize muri iki gice cy'isomo cyinyuzwa kuri telephone.
- Baza abana ibintu baza kubara nibagera mu rugo.

Agakuru k'imibare

Manzi ya gurishije amandazi 110 . Kalisa we yagurishije amandazi 90. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:
- Umubare w'abahungu baruta umubare w'abakobwa.
-Twongeyeho abahungu 36, umubare w'abahungu wangana n'uwa abakobwa.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri telephone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Ririmbira abana injyana yo kubara kuva ku ijana kugera kuri 200.
- Ujye uhitamo abana batandukanye, umwe ave ku 100 agere ku 110. Undi ave ku 110 agere ku 120 ..... kugeza kuri 200

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo wa mukino **"Fora uyu mubare"**. Banza ubibutse uko ukinwa.

ISOMO RYA 2- KWANDIKA IMIBARE KUVA KU 100 KUGERA KURI 200

ICYITONDERWA - *Mu gihe ukinisha imikino yo gukangura abana no kubara mu mutwe, ujye ugira vuba vuba kugirango abana bayishimire kandi bibongerere ubushobozi bwo gusubiza vuba vuba.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200.

Imfashanyigisho:
- Igishushanyo cy'ikibarisho.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Uririmbishe abana injyana yo kubara basimbuka 10, uhereye ku 100 kugera kuri 200. (Ujya imbere unasubira inyuma).

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine "Nyereka uyu mubare". Mukoreshe imibare iri hagati ya 100 na 200 (reba ibisobanuro mu mikino y'icyumweru).

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Mukine "Ni kangahe wabonye?". Erekana imibare kuva ku 101, 102, 103, ... 110 ukoresheje utubarisho.
- Murangize wandika uwo mubare ku intungwamubare (Igishushanyo cy'ikibarisho) ku kibaho ugaragaza umubare w'ibinyajana, ibinyacumi n'uw'ibinyabumwe. (Reba urugero rw'igishushanyo cy'ikibarisho ibumoso)
- Komeza ako gakino, ugenda uhitamo imibare itandukanye kuva ku ijana kugera kuri 200 abana bayandika ku ntungwamubare.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 (Umwitozo w'ishuri ryose)



- Mukine : "Uyu mubare ni uwuhe ?" Mukoresheje imibare kuva ku 100 kugera kuri 200.
- Andika umubare ku kibaho. Abana bakubwire uwo ari wo.
- Hita uwusiba vuba vuba hanyuma wandike undi. Ukomeze agakino wandika indi mibare ugira vuba vuba.

Umwitozo wa 3 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwitozo mu matsinda ya 2)

Mu matsinda ya babiri, abana bakore imyitozo ijyanye no kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB: P.3 **JKF:** P.3,4,5

MK: P.2,3,4,5 **LONGHORN:** P.13,14

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Hitiramo abana imyitozo mu bitabo byavuzwe haruguru. Buri wese ayikore ku giti cye.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana, nibagera mu rugo baze kwandika imibare yose kuva ku ijana kugera kuri 200.

ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE UKORESHEJE METERO

ICYITONDERWA - *Ujye uzamura metero neza ku buryo abana bose bayibona.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gupima uburebure (butarenze m 20) ukoresheje metero.

Imfashanyigisho:
- Ilati ya metero.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino ko kubara mu mutwe: Ni kangahe kabura kuri 10 ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.

2. Isubiramo — iminota 3

- Baza abana ngo ari urugi n'idirishya ni ikihe kirekire?
- Babwire baguhe ibisobanuro (ese bashingira kuki mu kwemeza igisumba ikindi?).

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana metero.
- Bwira abana bakubwire uburebure muri metero, bw'ibintu bitandukanye biri mu ishuri bagereranije (ikibaho, intebe…).
- Andika ku kibaho uburebure muri metero abana bavuze bagereranya. Ereka abana uko bakoresha metero mupima bya bintu bavuze. Hanyuma mugereranye uburebure bavuze bagereranya n'ubwo mwapimye. Hanyuma abana babiganireho bavanemo akamaro ko gupimisha metero mu buzima bwa buri munsi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 - Umurongo mu gitaka – Umwitozo wo hanze y'ishuri – (Abana bose)

- Shyira abana mu kibuga ku murongo washushanije hasi.
- Vuga uburebure runaka, urugero m 20.
- Bwira abana bose batere intambwe ku buryo buri wese yumva agejeje kuri m 20. Noneho mupime metero makumyabiri muhereye ku ntango ya wa murongo, kugira ngo murebe umwana wateye intambwe zegera m 20.

Umwitozo wa 2 – Vuga uburebure ugereranije - (mu itsinda rito cyangwa ishuri ryose)

Bwira abana bagereranye bakubwire uburebure bw'ibintu runaka (uruhande rw'ishuri, uruhande rw'ikibuga cy'ishuri, …) noneho bapime ibyo bintu kugira ngo barebe niba ibyo bavuze ari byo.

Umwitozo wa 3 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (mu matsinda ya babiri)

Mu matsinda ya 2, abana bakore imyitozo ijyanye no gupima uburebure ukoresheje metero iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB: P.54 **MK:** P.11

JKF: P.8,9,10 **LONGHORN:** P.63,64,65

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Koresha abana imyitozo yo gupima uburebure bakoresheje metero.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abanyeshuri baze gushaka mu rugo ibintu batekereza ko bireshya na: m 1, m 2 na m 5. Mu isomo ry'ubutaha bazakubwire ibyo babonye.

ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE MO IBINYABUMWE IBINYACUMI, N'IBINYAJANA.

ICYITONDERWA- *Mu gusesengura mukoresheje amajwi, ukore ku buryo abana bose bumva ayo majwi kugirango umukino uryohe.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mo ibinyabumwe, ibinyacumi, n'ibinyajana.	• Udufungo 2 tw'utubarisho, udufungo 20 tw'utubarisho 10, n'utundi tubarisho turi ukwatwo. • Terefone (M-P2-T1-W2-L4) • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo cyinyuzwa kuri telephone — iminota 1

- Genzura ko abana bafite ibikenerwa mu isomo byose.

2. Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

J	C	B
1	3	2

- Ririmbana n'abana injyana y'mibare kuva ku ijana kugera kuri 200 ugenda wongeraho imibare 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura kuri 20".
- Fasha abana gusesengura imibare kuva ku ijana kugera kuri 200 mukoresheje utubarisho hanyuma mwandike umubare mu mbonehamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi, n'ibinyejana.
- Kinisha abana agakino ko kubara "Ni uwuhe mubare?"
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 10".

Agakuru k'imibare

Gatete afite udufuniko twa Fanta ijana 112. Mugore afite udufuniko twa 74. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:
-Gatete afite udufuniko twinshi kurusha Mugore.
-Mugore arusha Gatete udufuniko 25.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imibare ikurikira bayisesenguremo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana: 108, 138, 200, 100

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Ha abana iyi mibare 100, 107, 180, 194 hanyuma bayisesenguremo ibinyajana, ibinyacumi hamwe n'ibinyabumwe bafashijwe n'umuntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE MO IBINYABUMWE, IBINYACUMI N'IBINYAJANA

ICYITONDERWA- *Mugihe mukora imyitozo yo gutahura umubare w'ibanga, ufashe abana mujye mugenda umurongo ku wundi buhoro buhoro.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mo ibinyabumwe, ibinyacumi, n'ibinyajana. (Imyitozo)

Imfashanyigisho:
- Igishushanyo cy'ikibarisho.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Uririmbishe abana injyana yo kubara basimbuka 10, uhereye ku 10 kugera kuri 200. (Ujya imbere unasubira inyuma).

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine "Nyereka uyu mubare": Vuga umubare hagati ya100 na200. Bwira umwana aze imbere asesengure uwo mubare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana akoresheje utubarisho.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya igishushanyo cy'ikibarisho ku kibaho
- Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 100 na 200.
- Bwira abana bagaragaze uwo mubare bakoresheje igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare).
- Abana baravuga ikinyabumwe, ikinyacumi, n'ikinyajana bigize uwo mubare. Hanyuma muwandike mu mbonerahamwe y' ibinyabumwe, ibinyacumi, n'ibinyajana.
- Komeza uwo mwitozo ukoresheje imibare hagati ya100 na 200.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Umukino: Fora uyu mubare? (mu matsinda ya babiri)

- Yobora abana muri ako gakino ko gufora umubare uri hagati ya100 na 200. Urugero: Mfite: ikinyajana 1, ibinyacumi 4. Mfite ibinyabumwe 7. Buri mwana akorane na mugenzi we bandike uwo mubare.

Umwitozo wa 2 : Gutahura imibare y'ibanga (mu matsinda ya 2)
Mu matsinda, abana batahure iyi mibare ihishe :
- Ni iyihe mibare ibiri iri hagati ya 0 na 200 ifite ikinyacumi 4 n'ikinyabumwe 2? (42,142 na 142).
- Ni iyihe mibare ibiri iri hagati ya 0 na 200 ifite ikinyacumi 6 n'ikinyabumwe 9?

Umwitozo wa 3: IGITABO CY' UMUNYESHURI(mu matsinda ya babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.4,5 — **JKF** P.6
MK P.4, 5, 6 — **LONGHORN P.22, 23, 24**.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Tanga imyitozo yo gusesengura imibare mu binyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana: 109, 120, 200, 153.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo "Ni uwuhe mubare?" Ubanze ubibutse uko bawukina ukoresheje amajwi atandukanye.

ISOMO RYA 6 – GUTERANYA IMIBARE IGITERANYO KITARENGA 200.

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukora imikino yo kubara mu mutwe, abana bajye basubiza vuba vuba, hanyuma mujye ku kibazo gikurikira kugirango imikino iryohe kandi yihute.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora :

- Guteranyiriza imibare mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe ku buryo igiteranyo kitarenga 200 (utabitsa).

Imfashanyigisho:

- Udufungo 2 tw'utubarisho 100, udufungo 20 tw'utubarisho 10, n'utundi tubarisho 10 turi ukwatwo.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: "Ongeraho 10"
- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 190.Abana bakubwire igisubizo bongeyeho 10.

2. Isubiramo — iminota 3

- Tanga umubare 190, bawandike mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1 Kuvumbura icyigwa

	J	C	B
	1	6	2
+		3	5

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe imeze nk'iyi iri hano ibumoso.
- Bwira umwana aze imbere maze yerekane 162 akoresheje utubarisho, hanyuma narangiza asesengure uwo mubare 162 awandike mu mbonerahamwe y'ibinyajana,ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Bwira undi mwana aze imbere maze yerekane 35 akoresheje utubarisho, hanyuma narangiza asesengure uwo mubare 162 awandike mu mbonerahamwe y'ibinyajana,ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Saba undi mwana kuza imbere maze ateranye ibinyabumwe ukwabyo maze igiteranyo acyandike mu nkingi y'ibinyabumwe.Yongera ateranye ibinyacumi ukwabyo maze igiteranyo ucyandike mu nkingi y'ibinyacumi. Hanyuma ateranye ibinyajana ukwabyo maze igiteranyo acyandike mu nkingi y'ibinyajana.
- Hanyuma usobanurire abana uko bikokorwa wifashishije urwo rugero bamaze gukora.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Guteranya wifashishije imbonerahamwe – (buri mwana ku giti cye)

	J	C	B
	1	6	1
+		3	7

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe imeze nk'iyi iri hano ibumoso.
- Bwira abana bayandukure mu makayi yabo. Hanyuma bateranye iyo mibare maze bandike igisubizo mu makayi yabo.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY' UMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya imibare igisubizo kitarenze 200 mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK P.13,14 **LONGHORN** P.27

JKF P.14,16,17 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Ha abana imyitozo yo guteranya: 102 + 45 = ?

172 + 25 = ?

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Abana bandike mu makayi yabo indi mbonerahamwe.

Baze gusesengura bafashijwe n'umuntu wo mu rugo imibare ikurikira:

142+57=

180+10=

	J	C	B
	1	4	2
+		5	7

ICYUMWERU CYA 3:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	**Isomo rya** 2	**Isomo rya** 3	**Isomo rya** 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	**Isomo rya** 5	**Isomo rya** 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Guteranya mu buryo bworoshye	• Gutandukanya imirongo ihese (iheteye iburyo, ibumoso, hasi no hejuru)	• Guteranya utabista igiteranyo kitarenga 200	• Kugereranya imibare iri munsi ya 200 ukoresheje ibimenyetso bya >, <, =	• Gutandukanya iminsi y'icyumweru	• Gukuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2	• Isuzumabumenyi rirangiza icyumweru cya 2 n'icya 3
Kubara mu mutwe	• Ongeraho icumi • Ni kangahe kabura ku 10 ?	• Ongeraho icumi • Ni kangahe kabura ku 10 ? • Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ongeraho icumi • Ni kangahe kabura ku 10 ?	• Ongeraho icumi • Ni kangahe kabura ku 10	• Ongeraho icumi • Ni kangahe kabura ku 10 ?	• Kuraho 20 • Ni kangahe kabura ku 10 ?	
Indirimbo n'injyana	• Injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200, wongereho imibare 10	• Injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200 wongereho umubare 10	• Injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200, wongereho imibare 10	• Injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200, wongereho imibare 10	• Injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200, wongereho imibare 10	• Injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200, usimbuka imibare 10	
Imikino					• Ni uwuhe munsi uza mbere? • Ni uwuhe munsi ukurikira? • Shakisha		
AHO TUBISANGA MU BITABO BY'UMUNYESHURI							
MK/REB	-	P.84, 85, 86, 87	-	P.6,7	P.58	-	
MK	P.13, 14.	P.12,25,30	P.14	P.10, 27, 28	P.17	P.15, 16	
JKF	P.14, 16, 17 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.77	P.14, 16, 17 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.7	P.27	P.15, 16, 18 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	
LONGHORN	P.27, 28, 29, 30, 31, 32 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.101-106 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.27, 28, 29, 30, 31, 32 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.25, 26	P.86	P.35, 36, 37, 38, 39 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	

IMIKINO Y'ICYUMWERU
"Nakongeraho kangahe ngo mbone 20?" • Vuga umubare, urugero 15. • Abana bahite bakubwira umubare twakongeraho ngo tugire 20.
"Ni uwuhe munsi uza mbere?" "Ni uwuhe munsi ukurikira?" • Vuga umunsi w'icyumweru. • Abana bavuge umunsi uwubanziriza cyangwa uwukurikira. • Nk'uko tubigenza mu yindi mikino, abana bajye basubiriza rimwe kandi basubize vuba vuba kugirango umukino uryohe.
"Shakisha" • Abana barashaka ingero z'ibintu bifite ishusho isa n'ihese imirongo.
"Ongeraho 10" cyangwa "Kuraho 10" • Vuga umubare urugero 132. Hanyuma uvuge uti "Ongeraho 10" cyangwa "Kuraho 10", Noneho abana barakubwira uwo mubare bongeyeho cyangwa bakuyemo 10.
"Ni kangahe kabura ku 10 cyangwa kuri 20" • Vuga umubare hagati ya 1 na 10 (cyangwa hagati ya 1 na 19). • Abana barakubwira umubare wakongeraho ukabona 10 (cyangwa20).
"Uyu murongo ni uwuhe?" • Shushanya imirongo inyuranye ku kibaho. • Hanyuma abana bakubwire iyo ari yo. (ihagaze, itambitse...)

ISOMO RYA 1 – GUTERANYA IMIBARE MU BURYO BWOROSHYE IGISUBIZO KITARENGA 200

ICYITONDERWA- *Ibutsa abana kubanza guteranya ibinyajana, ibinyacumi noneho ibinyabumwe bakabiteranya nyuma.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Guteranya utabitsa umubare w'imibarwa 3 n'undi w'imibarwa 2, igisubizo kitarenze 200.

Imfashanyigisho:

- Terefone (M-P2-T1-W3-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 1

- Genzura ko abana biteguye gukurikira isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota30

140 + 53	160 + 34	152 + 36
140 + 50 + 3	160 + 30 + 4	150 + 30 + 2 + 6
190 + 3	190 + 4	180 + 2 + 6
193	194	180 + 8
		188

- Kangura abana ukoresheje injyana yo kubara kuva ku ijana kugera kuri 200 ugenda usimbuka imibare 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 10".
- Fasha abana guteranya imibare mu buryo bworoshye (Reba urugero ku kibaho kiri hano ibumoso) .
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku 10?".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana ibintu bibiri cyangwa bitatu bakunze muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Shema yarundanyije udufuniko ijana na makumyabiri,
Sheja we yarundanyijye udufuniko mirongo irindwi na tune. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru

- Sheja afite udufuniko duke ku twa Shema.
- Shema umwongeye udufuniko 80 yagira udufuniko 200.
- Udufuniko twabo uduteranije ni 194.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1 Isuzumabumenyi

Koresha abana iyi myitozo yo guteranya. Mukoreshe uburyo bworoshye bwo guteranya imibare.

Urugero : 153 + 33= 172 + 25=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze kwereka umuntu wo mu rugo uko wateranya mu buryo bworoshye imibare ikurikira:

- 180 + 16=
- 126 + 71=

ISOMO RYA 2 – IMIRONGO IHETEYE IBURYO, IBUMOSO, HEJURU NO HASI.

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo imirongo iri ku kibaho iza kuba igaragara neza bose bayibone.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora :
- Guca imirongo iheteye iburyo, ibumoso, hejuru no hasi.
- Gutandukanya imirongo iheteye iburyo, ibumoso, hejuru no hasi.

Imfashanyigisho :
- Urupapuro rukomeye rushushanyijeho imirongo itandukanye.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine "Ni kangahe kabura kuri 20" ukoresheje imibare kuva 1 kugera kuri 19.

2. Isubiramo — iminota 3



- Ca ku kibaho imirongo isa n'iyi iri ibumoso cyangwa ukoresge urupapuro rukomeye wayishushanyijeho mbere.
- Bwira abana bayitegereze maze bakubwire ibyo babona, cyangwa ubereke iyo washushanije ku rupapuro.
- Kinisha "Uyu murongo ni uwuhe?". Ca ku kibaho umurongo. Bwira abana bakubwire uwo ariwo. Hanyuma uwusibe. Komeza ako gakino ukoresheje indi mirongo. Ujye ugira vuba vuba.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

Kinisha ka gakino ko "**Gushakisha**". Shushanya ku kibaho umurongo uhese. Bwira abana bakubwire mu bintu bazi ibintu bifite ishusho imeze nk'umurongo ushushanyije ku kibaho. Bafashe gutahura ko hari imirongo iheteye, ibumoso, hejuru no hasi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Gukora imirongo ukoresheje ibice by'umubiri (Ishuri ryose)

- Bwira abana bahaguruke maze bace imirongo ikurikira mu kirere bakoresheje urutoki, umutwe….):

- Umurongo uheteye ibumoso
- Umurongo uheteye iburyo.
- Umurongo uheteye hejuru.
- Umurongo uheteye hasi.

- Ujye uvuga iyi mirongo vuba vuba ugenda uyihinduranya kugira ngo umukino uryohe.

Umwitozo wa 2 : Shaka imirongo ihese mu rutonde rw'inyuguti(bikorerwe mu matsinda)

- Bwira abana bandike inyuguti zifite imirongo ihese (urugero m, n, .u…).
- Bwira abana bashushanye igikoresho cyo mu rugo gifite umurongo uhese hanyuma buri wese yereke mugenzi we icyo yashushanije.

Umwitozo wa 3 : IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guca imirongo ihese mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
MK/REB P.84,85,86,87 **JKF** P.77

MK P.12,25,30 **LONGHORN** P.101-106 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Koresha abana umwitozo wo guca imirongo iheteye iburyo, ibumoso, hejuru no hasi. Urajya uvuga umurongo bawuce mu makayi yabo hanyuma mukosore ku kibaho.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Abana baze kwereka ababyeyi, inshuti cyangwa abaturanyi ibintu byo mu rugo bifite imirongo ihese.

ISOMO RYA 3 – GUTERANYA UTABITSA IMIBARE IGITERANYO KITARENGA 200.

ICYITONDERWA –*Ugenzure neza ko abana bateranije neza imibare iri mu mbonerahamwe.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora :
- Guteranya utabitsa umubare w'imibarwa 3 n'undi w'imibarwa 2, utabitsa (igisubizo kitarenze 200).

Imfashanyigisho:
- Uturundo tubiri tw'uduti ijana, udufungo 20 tw'uduti 10, n'utundi duti 10 turi ukwatwo.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino ko kubara mu mutwe " Ongeraho 10". Vuga umubare uri hagati ya 1 n'190.
- Abana barakubwira uwo mubare bongeyeho 10.

2. Isubiramo — iminota 3

- Abana bitoze guteranya bakoresheje uburyo bworoshye imibare ikurikira:
  153 + 33

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

J	C	B
1	2	6
+	4	1

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe imeze nk'iyi iri ibumoso.
- Bwira umwana aze imbere maze yerekane umubare 126 akoresheje utubarisho, hanyuma ahite anasesengura uwo mubare awandike mu mbonerahamwe.
- Bwira undi mwana aze imbere maze yerekane umubare 41 akoresheje utubarisho hanyuma ahite anasesengura uwo mubare awandike mu mbonerahamwe.
- Hamagara undi mwana aze imbere ateranyirize mu mbonerahamwe iyo mibare. Hanyuma abasobanurire mu ncamake uko bikorwa.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Guteranya wifashishije imbonerahamwe – (buri mwana ku giti cye)

J	C	B
1	4	5
+	5	2

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe imeze nk'iyi iri ku kibaho ibumoso.
- Bwira abana bayandukure mu makaye yabo.
- Hanyuma bateranye 145 + 52 =

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY' UMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya imibare igisubizo kitarenze 200 mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
MK P.14 **LONGHORN** P.27,28,29,30,31,32
JKF P.14,16,17 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Ha abana imyitozo ikurikira bayikorere mu makayi yabo. Buri wese ku giti cye 152 + 20 = 134 + 63 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Abana bashushanye mu makayi yabo indi mbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana. Baze gukorana n'umuntu wo mu rugo imyitozo ikurikira:
- 150+42=
- 171+10=

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA IMIBARE IRI MUNSI YA 200 UKORESHEJE IBIMENYETSO <, > NA =

ICYITONDERWA - *Mu rwego rwo gufasha abana kwibuka itandukaniro riri hagati ya < na >, babwire ko umutwe ahafunguye ku kimenyetso > cyangwa < haba hareba umubare munini.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukoresha <, >, = n'agaciro k'imibare mu kugereranya imibare iri munsi ya 200.

Imfashanyigisho:

- Igishushanyo cy'ikibarisho
- Terefone (M-P2-T1-W3-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko abana bose biteguye gukurikira isomo kandi ko bafite amakayi n'amakaramu byabo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Ririmbisha abana injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200. Mugenda musimbuka imibare 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura kuri 20".
- Mwifashishije utubarisho, mugereranye imibare hanyuma mwandike iyo mibare ku gishushanyo cy'ikibarisho. Nimurangiza muyigereranye mukoresheje ikimetso gikwiriye.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 20".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.

Agakuru k'imibare

Umucuruzi Mutoni afite amabiye y''umukara 153
Umucuruzi Mutesi afite amabiye y'umweru 135. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru :
-Mutoni afite biye nyinshi ku za Mutesi.
-Mutesi afite biye nkeya.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bagereranye iyi imibare ibiri mu makaye yabo.
- 156 na 72
- 112 n'150

5. Umukoro wo mu rugo

Ha abana imyitozo ikurikira yo kugereranya, baze kuyikorera mu rugo:
Koresha ikimenyetso gikwiriye >, <, =

- 134 ☐ 122
- 45 ☐ 200
- 115 ☐ 115

ISOMO RYA 5 – IMINSI Y'ICYUMWERU

ICYITONDERWA- *Ririmba indirimbo cyangwa uvuge umuvugo wo kwibutsa uko iminsi y'icyumweru ikurikirana.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukurikiranya iminsi y'icyumweru.
- Kuvuga umubare w'iminsi y'icyumweru

Imfashanyigisho:
- Amakarita cyangwa se udupapuro twanditseho iminsi y'icyumweru.
- Indangaminsi

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine: "Ni kangahe kabura kuri 20" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 19.

2. Isubiramo — iminota 5

- Baza abana iminsi imwe n' imwe y'icyumweru bakoraho ibintu bitandukanye (kujya ku isoko, mu rusengero…)
- Nurangiza ubabaze amazina y'iminsi y'icyumweru bazi.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

1	2	3	4	5	6	7
Ku wa mbere	Ku wa kabiri	Ku wa gatatu	Ku wa kane	Ku wa gatanu	Ku wa gatandatu	Ku cyumweru

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7.
- Noneho munsi ya buri mubare andikaho izina ry'umunsi bijyanye.
- Baza abana icyo bakora kuri buri munsi. Noneho baririmbishe injyana yo kubara kuva ku munsi wa mbere kugeza ku cyumweru.(ku wa mbere… kuwa kabiri...kuwa gatatu…kuwa kane… kuwa gatanu… ku wa gatandatu… ku cyumweru) bakoma mu mashyi inshuro ebyiri kandi barangurura ijwi.
- Ifashishe indangaminsi wereka abana iminsi y'icyumweru.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Mukine:Ni uwuhe munsi uza mbere? Ni uwuhe munsi uza nyuma? (Ishuri ryose)

- Vuga umunsi w'icyumweru. Abana bavuge umunsi uwubanziriza cyangwa uwukurikira. Abana bajye basubiza vuba vuba kugirango umukino uryohe.

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye n'iminsi y'icyumweru iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite) :

MK/REB P.58 **JKF** P.27

MK P.17 **LONGHORN** P.86

Umwitozo wa 3 : Uko iminsi ikurikirana (Ishuri ryose)

- Andika buri munsi w'icyumweru ku gakarita cyangwa ku gice kinini cy'urupapuro.
- Hamagara abana 7 baze imbere. Buri mwana umuhe ikarita iriho umunsi umwe w'icyumweru ayifate. Bwira abana bicaye batondeke neza ba bana barindwi bakurikije uko iminsi y'icyumweru ikurikirana.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Vuga igikorwa runaka. Noneho abanyeshuri bakubwire umunsi w'icyumweru icyo gikorwa gikunze kuberaho.
- Murangize isomo muririmba injyana y'iminsi y'icyumweru kuva kuwa mbere kugeza ku cyumweru.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Abana baze kubwira umuntu wo mu rugo iminsi yose igize icyumweru uko ikurikirana.

ISOMO RYA 6 – GUKURAMO UDATIRA IMIBARE Y'IMIBARWA 3 N'INDI Y'IMIBARWA 2

ICYITONDERWA - ***Jya ugenzura neza uko abana bakina, biratuma umenya ukeneye gufashwa.***

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2 ukoresheje imbonerahamwe. (imibare iri munsi ya 200).

Imfashanyigisho:
- Uturundo tubiri tw'uduti ijana, udufungo 20 tw'uduti 10, n'utundi duti turi ukwatwo.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine "Kuraho 20". Vuga umubare hagati ya 20 na 200. Abana barakubwira uwo mubare bakuyemo 20.

2. Isubiramo — iminota 3

175+23=

Abana bateranye iyi mibare bakoresheje uburyo bworoshye.
153 + 21 = ?
Igisubizo: 150+20 = 170
3+1 = 4
170+4 = 174

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

J	C	B
1	6	7
-	3	5

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe imeze nk'iyi iri ibumoso.
- Bwira umwana aze imbere maze yerekane 167 akoresheje utubarisho hanyuma ahite yandika umubare mu mbonerahamwe.
- Bwira undi mwana aze imbere maze yerekane 35 akoresheje utubarisho hanyuma ahite yandika umubare mu mbonerahamwe.
- Hitamo umwana akuremo ibinyabumwe ukwabyo maze igisubizo mucyandike mu nkingi y'ibinyabumwe.
- Hanyuma akuremo ibinyacumi, igisubizo mucyandike mu nkingi y'ibinyacumi
- Noneho amanure ikinyajana
- Basobanurire mu ncamake uko bakuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo ukoresheje imbonerahamwe.

J	C	B
1	2	5
-	1	3

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe imeze nk'iyi iri ibumoso.
- Bwira abana bayandukure mu makaye yabo. Hanyuma bifashishe utubarisho bakuremo iyi mibare maze bandike igisubizo mu makaye yabo.
- Hanyuma mukosore.

Umwitozo wa 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuramo imibare udatira y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2 ukoresheje imbonerahamwe imibare iri munsi ya 200. Mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite). Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo):

MK P.15, 16 **LONGHORN** P.35, 36,37,38,39

JKF P.15, 16, 18 **N.B:** Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

?

Ha abana imyitozo ikurikira yo gukuramo
125 - 13 = 189 - 58 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Ha abana imyitozo yo gukorera mu rugo ikurikira:
198 - 44=, 173 - 61=, 150 - 50=

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3

Buri mwana akore iyi myitozo wenyine. Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana akore ku mibare ikurikira kandi ayisome. Ni imibare ingahe ashobora gusoma mu munota?

190	**186**	**154**	**148**	**169**
133	**162**	**88**	**173**	**143**

Ikibazo cya 2 – Bwira umwana akwereke umubare munini muri buri tsinda ry'imibare ibiri.

43 67	**148 129**
134 145	**88 143**
98 85	**15 51**

Ikibazo cya 3 – Bwira umwana ateranye cyangwa akuremo imibare ikurikira.

J	C	B
1	4	3
+	2	1

J	C	B
1	6	4
-	5	4

J	C	B
1	2	2
+	6	7

Amanota	Umubare w'ibisubizo biri byo		
	Ni byiza cyane	**Ni byiza**	**Akeneye gufashwa**
Ikibazo cya 1	Yabaze imibare 8 kugeza ku 10	Yabaze imibare kuva kuri 6 kugeza kuri 7	Yabaze imibare 5 cyangwa munsi
Ikibazo cya 2	yakoze 5 cyangwa 6	yakoze 3 cyangwa 4	yakoze 2 cyangwa munsi
Ikibazo cya 3	3	2	1 cyangwa munsi

N.B: Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

URUTONDE RW'AMANOTA Y'ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3

Amazina	Ikibazo cya 1	Ikibazo cya 2	Ikibazo cya 3
Ndahayo Agnes	3	1	2

ICYUMWERU CYA 4:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2	• Gutandukanya imirongo inyuranamo n'imirongo itanyuranamo	• Gutahura isano iri hagati ya m na dam	• Gukuramo imibare y'imibarwa 3 n'indi y'imibarwa 2 • (Imyitozo)	• Gupima uburebure muri dam (ukoresheje umugozi ureshya na dam)	• Gukoresha imbonerahamwe y'ingero z'uburebure mu guhindura m muri dam cyangwa dam muri m	• Gutsindagira ibyizwe
Kubara mu mutwe	• Ongeraho 10 • Kuraho 10	• Ongeraho 10 • Ni kangahe kabura ku 10?	• Kuraho 20 • Ni kangahe kabura ku 10?	• Ni kangahe kabura ku 10?	• Kuraho 20 • Ni kangahe kabura kuri20?	• Kuraho 20 • Ni kangahe kabura ku 10?	
Indirimbo, imivugo, injyana	• Injyana yo kubara	• Injyana yo kubara	• Injyana yo kubara	• Injyana yo kubara	• Injyana yo kubara	• Injyana yo kubara	
IMIKINO	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni uwuhe murongo ?	• Shakisha	-	-	-	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.13,16,17 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.84, 85, 86, 87	-	P.13,16,17 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	-	P.54,55	
MK	P.15,16,44	P.12,25,30	P.24	P.15,16,44	P.24	P.24	
JKF	P.15,16,17,18	P.77	-	P.15,16,17,18	-	-	
LONGHORN	P.35, 37, 38 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.101-106 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	-	P. 35, 37, 38 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	-	-	

IMIKINO Y'ICYUMWERU
"Ongeraho 10" cyangwa "Kuraho 10" • Vuga umubare urugero 132, hanyuma uvuge uti "Ongeraho 10". (cyangwa 'Kuraho 10') • Abana barakubwira uwo mubare bakuyeho cyangwa bongeyeho 10.
"Nakongeraho kangahe ngo mbone 200?" • Vuga umubare, urugero 150. • Abana bahite bakubwira umubare bakongeraho ngo bagire 200.
"Ni kangahe kabura ku 10" cyangwa "Ni kangahe kabura ku 20" • Vuga umubare hagati ya 1 na 10 (cyangwa hagati ya 1 na 19). • Abana barakubwira umubare wakongeraho ukabona 10 (cyangwa20).
"Shakisha" • Mu matsinda ya babiri, abana barashaka mu ishuri cyangwa hafi y'ishuri ibintu bifite uburebure runaka. Urugero nka dam 1. • Noneho barabipima kugira ngo barebe ko bifite uburebure bungana n'ubwo batekerezaga.
"Fora uyu umubare" • Tekereza umubare hagati ya 100 na 200. Bwira abana uti ntekereje umubare uri hagati ya 100 na 200: • Abana barajya babaza ibibazo ushobora gusubiza na yego cyangwa oya, kugirango bafore uwo mubare. Urugero: Ni munini ku ijana? Ni muto kuri 150? • Ufite ibinyacumi bine?

ISOMO RYA 1 – GUKURAMO UMUBARE W'IMIBARWA 3 N'UNDI W'IMIBARWA 2

ICYITONDERWA - *Wandike imibare minini ku buryo abana bose bayibona*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuramo umubare w'imibarwa 3 n'undi w'imibarwa 2 mukoresheje uburyo bworoshye bwo gukuramo (nta gutira)

Imfashanyigisho:
- Terefone : (M-P2-T1-W4-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko abana biteguye gukurikira igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

176 – 24 =
170 – 20 = 150
6-4 = 2
Igisubizo: 152

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200 musimbuka imibare 10, mugenda mujya imbere munasubira inyuma.
- Kinisha agakino ko kubara mu mutwe" ongeraho 10".
- Fasha abana gukuramo imibare bakoresheje uburyo bworoshye (Reba urugero ibumoso).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura kuri 20".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru.
- Baza abana ibintu byaboroheye muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Kuva ku ishuri ujya iwabo wa Mwiza hari m140. Naho kuva ku ishuri ujya iwabo wa Mukiza hari m 80. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare
- Mwiza agenda urugendo rurerure kuruta Mukiza.
- Mukiza atuye hafi y'ishuri
- Metero Mwiza agena uvanyemo izo Mukiza agenda wabona m 60.

3. Nyuma y' igice cy'isomo gicishwa kuri terefone **iminota 9**

3.1 Isuzumabumenyi

Abana bitoze gukuramo imibare bahoresheje uburyo bworoshye. Urugero: 153-33 = cyangwa 172 – 21=cyangwa 126 - 14=

4. Umukoro wo mu rugo

Abana baze gukora iyi myitozo bakoresheje uburyo bworoshye.
- 128-23=
- 183-72=

ISOMO RYA 2 – IMIRONGO INYURANAMO N'IMIRONGO ITANYURANAMO

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukina imikino nka"Uyu murongo ni uwuhe?" ujye ushushanya kandi usibe vuba vuba umurongo kugirango umukino uryohe.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gutandukanya imirongo inyuranama n'imirongo itanyuranamo.

Imfashanyigisho:
- Igipapuro gikomeye kiriho imirongo inyuranamo n'imirongo itanyuranamo.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine: "Ni kangahe kabura kuri 20" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 19.

2. Isubiramo **iminota 3**

Mukine « Uyu murongo ni uwuhe?"
- Ca ku kibaho umurongo (utambitse, uhagaze, uberamye, ufunze, uhese …)
- Bwira abana bakubwire uwo ari wo. Wusibe hanyuma wongere ushushanye undi murongo.
- Hanyuma ubabaze uti "uyu murongo ni uwuhe?"
- Ujye uca kandi usibe vuba vuba umurongo kugirango umukino uryohe.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Ku ruhande rw'ibumoso rw'ikibaho shushanya itsinda ry'imirongo ibiri itanyuranamo.
- Ku ruhande rw'iburyo shushanya itsinda ry' imirongo ibiri inyuranamo.
- Bwira abana bakubwire itandukaniro riri hagati y'ayo matsinda abiri y'imirongo.
- Abana nibamara kubona itandukaniro uhite ubigisha imirongo inyuranamo n'itanyuranamo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 –Shakisha - Shaka imirongo inyuranamo n'itanyuranamo
- Abana barashaka ingero z'ibintu bifite imirongo inyuranamo n'ibifite imirongo itanyuranamo mu ishuri cyangwa mu rugo kandi basobanure igisubizo cyabo.

Umwitozo wa 2 – Shushanya imirongo inyuranamo n'itanyuranamo
- Bwira abana bashake mu rutonde rw'inyuguti, izikozwe n'imirongo inyuranamo.

Umwitozo wa 3 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guca imirongo imirongo, inyuranama n'imirongo itanyuranamo iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.84, 85,86, 87 **JKF** P.77

MK P.12,25,30 **LONGHORN** P.101-106 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira abana bashushanye mu makaye yabo imirongo inyuranamo n'imirongo itanyuranamo hanyuma bandike izina ry'umurongo munsi yawo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gushaka ingero z'ibintu bifite imirongo itanyuranamo n'ibifite imirongo inyuranamo. Bazabikubwire mu isomo ry'imibare ry'ubutaha.

ISOMO RYA 3 – GUTAHURA ISANO IRI HAGATI YA METERO NA DEKAMETERO

ICYITONDERWA - *Buri gihe ujye ubanza ureke abana bakubwire uburebure bw'ikintu bagereranije mbere yo kugipima. Bizatuma bumva neza ingero z'uburebure. (Urugero nka m na dam).*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gutahura isano iri hagati ya m na dam.

Imfashanyigisho :

- Irati ya metero cyangwa umugozi ureshya na m1.
- Umugozi ureshya na dam 1.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine «Ni kangahe kabura kuri 20? Vuga umubare, noneho abana bakubwire uwo ukeneye kongeraho ngo bingane na 20.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana umugozi ureshya na m1.
- Babwire bapime uburebure bw'uruhande rumwe rw'ikibuga bakoresheje uwo mugozi.
- Hanyuma bakubwire m zirimo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana umugozi ureshya na dam1.
- Babwire bapime umubare wa m ziri muri uwo mugozi.
- Noneho bareke bakubwire isano iri hagati ya m na dam. (1 dam = 10 m).
- Basobanurire neza wifashishije urwo rugero isano iri hagati ya m na dam.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Gereranya upime (Ishuri ryose)

- Pima uburebure bw'ahantu hareshya na dam.
- Ongera upime aho hantu ukoresheje metero.
- Ongera ubasobanurire ko dam 1 ingana na m 10.

Igipimwa	ugereranije	Kireshya na dam	Kireshya Na m

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY'UMUNYESHURI -Kugereranya uburebure bwa dam na m (Buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kugereranya m na dam iri mu gitabo gikurikira:

MK P.24

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana bari mu matsinda y'icumi umugozi wa m. Ubabwire bapime ahantu hareshya na dam.

6. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira buri mwana aze gupima ahantu hareshya na dam ahereke ababyeyi cyangwa undi muntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 4 – GUKURAMO UDATIRA UMUBARE W'IMIBARWA 3 N'UNDI W'IMIBARWA 2

ICYITONDERWA- *Igihe muri gukina umukino "Fora uyu mubare" ufashe abana ubayobora ku buryo bawutahura.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuramo udatira umubare w'imibarwa 3 n'undi w'imibarwa 2.

Imfashanyigisho :
- Telephone (M-P2-T1-W4-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo rinyuzwa kuri terefone — iminota 1

- Abana bakine agakino ko kubara mu mutwe **" Ni kangahe kabura ku 10?".** Vuga umubare, noneho abana bakubwire uwo ukeneye kongeraho ngo bibe 10.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

136 – 34 = ?

130 – 30 =100

6 – 4 = 2

Igisubizo.

102

- Ni kangahe kabura ku 10?
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20, mugenda mujya imbere munasubira inyuma.
- Kinisha agakino ko kubara mu mutwe» ni kangahe kabura kugirango bibe 10».
- Fasha abana gukuramo imibare bakoresheje uburyo bworoshye (Reba ibiri ku kibaho).
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200 musimbuka imibare 10, mugenda mujya imbere munasubira inyuma.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 20".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru.
- Baza abana ibintu byaboroheye muri iri somo.
- Kinisha abana agakino "Fora uyu mubare".

Agakuru k'imibare (mu mwanya w'agakuru k'imibare kinisha fora uyu mubare)

For a uyu mubare :
Ndi hagati ya 130 na 150.
Mfite ibinyacumi bingana n'ibinyabumwe. Ndi uwuhe mubare?
(Igisubizo: 133 cyangwa 144)

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo ikurikira bayikuremo bakoresheje uburyo bworoshye.
183 - 41 =
197 - 25 =

3.1 Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana baze kwereka abo mu rugo uko bakuramo:
  157 - 32 = bakoresheje uburyo bworoshye.

ISOMO RYA 5 – GUPIMA UBUREBURE MURI DEKAMETERO

ICYITONDERWA - *Kuko iri somo rizabera hanze, bimwe mu bice by'isomo byavanywemo kugirango mwarimu abone iminota ihagije yo kuryigisha.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gupima uburebure muri dam (bakoresheje umugozi ureshya na dam 1).

Imfashanyigisho:

- Irati ya metero cyangwa umugozi ureshya na m1.
- Umugozi ureshya na dam 1.

1. Isubiramo	**iminota 5**
	• Ereka abana umugozi ureshya na dam. • Babwire barebe mu ishuri ikintu cyaba kireshya na dam, maze bagipime bakoresheje ya rati cyangwa wa mugozi barebe ko bireshya koko.

2. Isomo rishya	**iminota 25**
2.1. Kuvumbura icyigwa	
	• Ongera wereke abana umugozi uresha na dam. • Babwire bapime uburebure bw'uruhande rumwe rw'ikibuga bakoresheje umugozi. • Hanyuma bakubwire dam babonye.

2.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Agakino ko gushakisha (Mu matsinda ya babiri)

- Mu matsinda ya abiri, abana bashake ibintu byaba bireshya na dam (uburebure bw'uruhande rw'ishuri, uburebure bw'uruhande rw'ikibuga ...).

Noneho babwire babipime kugirango barebe niba uburebure batekereje aribwo ibyo bintu bifite.

Umwitozo wa 2 : Gupima

- Shyira abana mu kibuga ku murongo washushanije hasi.
- Bwira abana bose batere intambwe ku buryo buri wese yumva agenze ahantu hareshya na dam 1 cyangwa uhereye aho yavuye.
- Noneho mupime uburebure muhereye aho wa murongo utangirira murebe umwana wateye intambwe zegera bwa burebure mwari mwavuze (dam 1 cyangwa 2).

3. Isuzumabumenyi	**iminota 8**
	Shyira abana mu matsinda y'icumi, basabe gupima ahantu hareshya na dam 2 buri tsinda.

4. Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**
	Bwira abana baze gupima umuzenguruko w'inzu muri dam bakoresheje intambwe zabo. (Ugenzure neza ko abana bazi umubare w' intambwe zabo ziri muri dam).

ISOMO RYA 6 – GUHINDURA METERO MURI DEKAMETERO CYANGWA DEKAMETERO MURI METERO.

ICYITONDERWA - *Mu gihe abana bitoza guhindura dam muri m bakoresheje imbonerahamwe, ugenzure ko bumvise neza uko umuntu akoresha iyo mbonerahamwe.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukoresha imbonerahamwe y'ingero mu guhindura m muri dam cyangwa dam muri m.

Imfashanyigisho:

- Irati ya metero cyangwa umugozi ureshya na m1.
- Umugozi ureshya na dam 1.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine "Kuramo 20" mukoresheje imibare kuva kuri 20 kugera kuri 200.

2. Isubiramo — iminota 3

- Ereka abana umugozi uresha na dam1 n'undi ureshya na m, noneho ubareke bagenzure neza bamenye umubare wa m uri muri dam.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

Igipimwa	Uburebure muri dam	Uburebure muri m
Ikibuga	3	?
ishuri	?	10

- Andika ku kibaho uyu mwitozo uri ibumoso.
- Bwira abana bakubwire uko bashaka imibare bashyira ahari akabazo.
- Ni barangiza mubyandike muri iyi mbonerahamwe y'ingero. Ubasobanurire uko ikoreshwa.

dam	m

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gereranya hanyuma upime - (babiri babiri)

igipimwa	Uburebure muri dam	Uburebure muri m
Ishuri	60	?
Ibitaro	?	80
Ikibuga cy'umupira	90	?

- Buri mwana akorane na mugenzi we maze buzuze iyi mbonerahamwe.
- Abana bamwe bereke ishuri ibisubizo byabo kandi banasobanure uko babikoze.
  Nibarangiza mubyandike muri iyi mbonerahamwe y'ingero.

dam	m

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY'UMUNYESHURI - (Buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye gukoresha imbonerahamwe y'ingero mu guhindura m muri dam cyangwa dam muri m iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.54,55 **MK** P.24

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Ha abana imyitozo ikurikira bayikore buri wese ku giti cye:

dam 2 = m___? , m 40 = dam___? , m 30 = dam___?

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Ha abana imyitozo yo guhindura m muri dam cyangwa dam muri m baze gukorera mu rugo.
  m 60 = dam ____ ?, dam 3 = m ____ ?, dam 1 = m ____?, m 20 = dam ____?

ICYUMWERU CYA 5:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	**Isomo rya** 2	**Isomo rya** 3	**Isomo rya** 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	**Isomo rya** 5	**Isomo rya** 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuba na 2	• Gukuba na 2	• Isano (igereranya) hagati ya m na dm ukoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe	• Kwerekana uko bakuba na3 ukoresheje utubarisho	• Gukuba na 3	• Kwerekana isano iri hagati ya m na cm ukoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 4 n'icya 5
Kubara mu mutwe	• Shaka inshuro ebyiri z'umubare • Ongeraho kabiri	• Shaka inshuro ebyiri z'umubare	• Mara ya 2	• Ongeraho 3	• Ongeraho 3 • Ongeraho 30	• Ongeraho 10	
Indirimbo cyangwa imivugo	• Injyana yo gukuba 2	• Injyana yo gukuba 2 • Kubara imibare ibiri ibiri (Ujya imbere unasubira inyuma)	• Kubara imibare ibiri ibiri (Ujya imbere unasubira inyuma)	• Injyana yo gukuba 3	• Injyana yo gukuba 3	• Shaka inshuro ebyiri z'umubare	
Imikino	• Inkoko n'amaguru yazo						
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 18,19	P. 18,19	P. 54,55	P. 20, 21	P. 20,21	P. 54,55	
MK	P. 20,21	P. 20,21	P. 33,34	P. 22, 23	P. 22,23	P. 33,34	
JKF	P.19,20,21,22,25 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.19,20,21,22,25 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.9	P.23, 24, 25, 26	P.23, 24, 25, 26	P.9	
LONGHORN	P. 42,48 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P. 42,48 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P. 63, 64, 65	P. 43	P. 43	P. 63, 64, 65	

IMIKINO Y'ICYUMWERU
"Amaguru y'inkoko" • Vuga umubare w'inkoko. • Abana bahite bakubwira umubare w'amaguru yazo yose hamwe.
"Shaka inshuro ebyiri z'umubare" • Vuga umubare hagati ya 0 na 5, urugero: 4. • Abana bahite bakubwira uwo mubare inshuro 2. Muri uru rugero ubwo ni 8.
"Ongeraho 2 cyangwa 3" cyangwa "Kuraho 2 cyangwa 3" • Vuga umubare. • Abana bahite bakubwira uwo mubare bongeyeho (cyangwa bakuyeho) 2 cyangwa3 bitewe n'ibyo wababwiye gukora.
"Ni uwuhe mubare" • Hitamo amajwi uri bukoreshe mu kwerekana imibarwa igize umubare. Urugero: Gukubita ku meza inshuro imwe iryo jwi risobanura ikinyajana kimwe. Gukoma amashyi inshuro imwe bisobanura ikinyacumi kimwe, kuvuza inoni inshuro imwe bisobanura ikinyabumwe kimwe. • Noneho urajya uvuza ayo majwi, noneho abana bakubwire uwo mubare. • Urugero: Kubita ku meza inshuro 1, koma amashyi inshuro 3, vuza inoni inshuro 2 bingana n' 132.
"Erekana igisubizo" • Shyira ibisubizo by'ibibazo ku kibaho hanyuma ubwire abana babyandukure mu makayi yabo. Urugero: 4, 8, 6, 10, 14… • Baza ibibazo. Abana barazengurutsa uruziga umubare ujyanye n'igisubizo. • Umunyeshuri wazengurukije uruziga ibisubizo byose mbere y'abandi arazamura ukuboko. • Subiramo buri kibazo noneho uzengurutse uruziga umubare ujyanye na buri gisubizo ku kibaho. • Umwana watsinze azaba uwasubije neza ibibazo byose.

ISOMO RYA 1 – KWEREKANA UKO BAKUBA NA 2 UKORESHEJE UTUBARISHO

ICYITONDERWA- *Gukuba inshuro 2 byorohera abana. Aho kwigisha gukuba na kabiri, ushobora kubigisha kuvuga uwo mubare inshuro ebyiri.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuba na 2.

Imfashanyigisho:
- Urupapuro rukomeye ruriho mara ya 2.
- Buri mwana wese araba afite utubarisho 30 (amabuye, uduti…).
- Terefone (M-P2-T1-W5-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota1

- Genzura ko ufite imbonerahamwe ya mara ya kabiri ku rupapuro rukomeye uri bumanike ku kibaho.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20 21 22 23 24 25 26 27 28 29 30

2x1= 2
2x2=4
2x3=6
2x4=8
2x5=10
2x6=12
2x7=14
2x8=16
2x9=18
2x10=20

Ririmbana n'abana injyana yo kubara basimbuka umubare kuva kuri kabiri kugera kuri mirongo itatu. Bagenda basimbuka imibare 2.

- Mukine: "Ongeraho 2".Vuga umubare, maze abana bajye bavuga uwo mubare bongeyeho kabiri.
- Fasha abana gukuba na kabiri imibare kuva kuri 1 kugera ku 10, mukoresheje ibintu bifatika (intoki, amaboko, utubarisho).
- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na kabiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe"Kuba na kabiri"
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire uburyo bakoresheje mu gukuba na kabiri.

Agakuru k'imibare

Kamali afite inkokokazi enye n'isake ebyiri. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:
-Inkoko za Kamali zifite amaguru 12 zose hamwe.
-Kamali afite inkoko esheshatu**.**
- Isake za Kamali zifite amaguru ane.

3. Nyuma y'igice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Komeza ukinishe umukino "Amaguru y'inkoko". Urajya uvuga umubare w'inkoko noneho abana bakubwire umubare w'amaguru yazo zose.
- Noneho hindura, ujye ubaha umubare w'abana bari mu cyumba runaka (2, 3, 4,). Abana bahite bakubwira umubare w'amaso, w'amaguru, n'amaboko yabo bose.

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo wa mukino "Amaguru y'inkoko". Ongera ubibutse uko gakinwa.

ISOMO RYA 2 – MARA YA 2

ICYITONDERWA- *Ujye ugenzura ko mu matsinda ya 2 buri wese yumva ibyo bakora.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora mara ya kabiri.

Imfashanyigisho:
- Buri mwana wese araba afite utubarisho 20 (amabuye, uduti).
- Urupapuro rukomeye rwanditseho mara ya 2.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine "Kuba na kabiri ". Vuga umubare hagati ya 1 na 5.
- Abana barahita bakubwira uwo mubare bawukubye inshuro 2.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Bwira abana bahaguruke maze baririmbe injyana yo gukuba na 2.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

x	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
2										

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe yo gukuba 2 irimo ubusa.
- Bwira abana bahaguruke maze babare umubare w'amaso umwana 1 afite.
- Hanyuma wandike igisubizo mu kazu gakwiye.
- Bwira abana bahaguruke maze babare umubare w'amaso abana 2 bafite.
- Hanyuma wandike igisubizo mu kazu gakwiye.
- Komeza uwo mwitozo ukoresha imibare y'amaso y'abana 3, 4, 5 kugera ku 10, buri gihe wandike igisubizo mu kazu gakwiye.
- Hanyuma ubasobanurire uko mwujuje ako kazu ugenda ukora inshuro ebyiri z'amaso y'abana babaga bahagaze.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Uzuza imbonerahamwe yo gukuba na 2 - (babiri babiri)

- Bwira abana bashushanye imbonerahamwe yo gukuba na kabiri itujuje mu makaye yabo.
- Noneho bakoresheje utubarisho bagende bakora amatsinda abiri y'utubarisho 2, amatsinda 3 y'utubarisho 2, amatsinda4 y'utubarisho 2…
- Buri gihe bajye babara umubare wose w'utubarisho maze buzuze mu mbonehamwe.
- Nibarangiza bagereranye ibisubizo byabo n'imbonerahamwe iri ku kibaho.

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba na 2 iri mu gitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P. 18,19 **JKF** P.19,20,21,22,25(hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

MK P. 20,21 **LONGHORN** P. 42,48 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na kabiri

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo wa mukino "Amaguru y'inkoko". Ongera ubibutse uko ukinwa.

ISOMO RYA 3 – ISANO IRI HAGATI YA METERO NA DESIMETERO

ICYITONDERWA - *Iyo abana bakorera mu matsinda ya babiri, bafashanya kumva isomo rishya. Ujye ukora uko ushoboye bakorere mu matsinda ya babiri byibura inshuro imwe muri buri somo.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gusobanura isano riri hagati ya m na dm bakoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero.

Imfashanyigisho:

- Irati 1 ya metero iciyeho uturongo tugaragaza dm ziri muri m.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Bwira abana bahaguruke baririmbe injyana yo kubara basimbuka umubare kuva kuri kabiri kugera kuri mirongo itatu. Babare bajya imbere hanyuma bajye n'inyuma.

2. Isubiramo — iminota3

Igipimwa	dam	m
Ishuri	7	
ikibaho	3	

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero.
- Abana bahindure uburebure bwa dam muri m

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

Igipimwa	Metero	dm
Ishuri	5	
ikibaho	3	

- Shushanya ku kibaho umurongo ureshya na m. Saba umwana kuwugabanyamo uduce 10 tungana. Sobanurira abana ko buri gace kangana na dm akoresheje ya metero.
- Basobanurire kuri buri gace muri utwo duce 10 ko kangana na dm.
- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero maze ubasabe ko bahindura m muri dm.
- Hanyuma ubasobanurire uko bahindura m muri dm.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukoresha imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero (babiri babiri)

Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri maze buzuze imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero iriku kibaho.

Umwitozo wa 2 – IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gusobanura isano riri hagati ya m na dm bakoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero iri mu gitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P. 54,55 — **JKF** P.9

MK P. 33,34 — **LONGHORN** P. 63, 64, 65

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Hitamo imyitozo ijyanye no guhindura m muri dm cyangwa dm muri m mubitabo byavuzwe haruguru.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota2

Ha abana imyitozo ikurikira bayikorere mu mbonerahamwe yo guhinduriramo ingero baze kuyuzuza bafashijwe n'umuntu wo mu rugo.

- dm 20 = m ....
- m7=dm ....
- m4= dm...
- dm80=m...

ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA GATATU

ICYITONDERWA- *Kubara bitatu bitatu birafasha abana kwiga gukuba na 3.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuba na 3 bakoresheje utubarisho.

Imfashanyigisho:
- Buri mwana wese araba afite utubarisho 30 (amabuye, uduti…).
- Terefone (M-P2-T1-W5-L4).
- Indangururamajwi

1. Mbere y'igice cyisomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko buri mwana afite utubarisho 30.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1.2.3.4.5.6.7.8.9.10.11.12.13.14.15.16.17.18.19.
20.21.22.23.24.25.26.27.28.29.30

Ririmbana n'abana injyana yo kubara basimbuka umubare kuva kuri kabiri kugera kuri mirongo itatu. Bagenda basimbuka imibare 2.
- Mukine: Ongeraho 3.Vuga umubare. Maze abana bajye bavuga uwo mubare bongeyeho gatatu.
- Fasha abana gukuba na gatatu imibare kuva kuri 1 kugera ku 10, mukoresheje ibintu bifatika (intoki, utubarisho). Mujye muhita mwandika inshuro z'amatsinda mukoze gukuba na 3.
- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na gatatu.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe"kuba na gatatu ".
- Baza abana bakubwire ibintu 2 cyangwa bitatu bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare (mu mwanya w'agakuru k'imibare mukine "ni uwuhe mubare ?"

?

mukine «Ni uwuhe mubare» musesengure mukoresheje amajwi :
- Urugero: gukubita ku meza inshuro1, gukoma amashyi inshuro 4, kuvuza inoni inshuro 1 bingana 141.
- Urajya uvuza ayo majwi, noneho abana bakubwire uwo mubare uwo ari wo.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo ikurikira, bayikore buri wese ku giti cye, ubareke bakoreshe utubarisho.

3 x 4 = ? 3 x 10 = ?

3 x 7 = ? 3 x 2 = ?

4. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana bitoze injyana yo gukuba na 3 mu rugo.

ISOMO RYA 5 – MARA YA 3

ICYITONDERWA-*Genzura neza ko buri mwana afite utubarisho 30.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora mara ya 3.

Imfashanyigisho:
- Utubarisho 30 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota2**

- Bwira abana bahaguruke baririmbe injyana yo kubara basimbuka umubare kuva kuri kabiri kugera kuri mirongo itatu. Babare bajya imbere hanyuma bajye n'inyuma.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Mukine "Ongeraho gatatu".Vuga umubare, noneho abana bakubwire umubare bongeyeho gatatu.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

x	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
3										

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe yo gukuba nk'iyi iri hano ibumoso.
- Bwira umwana ahaguruke maze azamure intoki 3 muzibare. Maze mwuzuze mu kazu kajyanye n'igisubizo mubonye
- Bwira abana 2 bahaguruke maze bazamure intoki 3 buri wese muzibare. Maze mwuzuze mu kazu kajyanye n'igisubizo mubonye.
- Mukomeze uwo mwitozo n'abana 3, 4 na 5.
- Nibarangiza kuzuza iyi mbonerahamwe wongere ubasobanurire uko bakuba umubare na 3. Bibutse ko itsinda 1 ry'intoki ringana na gatatu inshuro 1, gukomeza kugeza ku nshuro icumi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Uzuza imbonerahamwe yo gukuba na 3 – (babiri babiri)

- Mu matsinda ya 2, abana bakoreshe utubarisho buzuze imbonerahamwe yo gukuba na 3 kuva kuri 6x3 kugera ku 10x3.
- Abana bamwe bereke ishuri ryabo ibyo babaze.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora mara ya 3 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite:.

MK/REB P. 20,21 **JKF** P.23,24,25,26
MK P. 22,23 **LONGHORN** P. 43

Umwitozo wa 3 : Gukuba utudomo

- Shushanya ku kibaho utudomo turinganiye ku mirongo itambitse no ku nkingi.
- Bwira abana bakubwire umubare w'imbariro, umubare w'inkingi n'umubare w'utudomo twose hamwe.
- Hanyuma bajye bahita bandika umubare bakubye munsi ya buri tsinda ry'utudomo.



4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Saba abana kuririmba injyana ya mara ya 3.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bitoze injyana yo gukuba na 3.

ISOMO RYA 6 – ISANO HAGATI YA METERO NA SANTIMETERO

ICYITONDERWA- *Buri gihe abana bajye babanza kuvuga bagereranyije uburebure bw'ikintu mbere yo kugipima. Bizatuma ubushobozi bwabo bwo gusobanukirwa neza uburebure bwabyo bwiyongera.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gusobanura neza isano iri hagati ya m na cm bakoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero.

Imfashanyigisho:

- Ilati ya m igabanyijemo uduce twa dm na cm.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine "Gushaka inshuro 2 z'umubare". Vuga umubare hagati ya 1 na 5. Abana barahita bakubwire uwo mubare bawukubye inshuro 2.

2. Isubiramo — iminota 3

m	dm
7	0
3	0

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero.
- Abana bahindure uburebure bwa dm muri m.

3.Isomo rishya — iminota 25

3. 1. Kuvumbura icyigwa

Igipimwa	Uburebure ugereranije	Uburebure muri cm
Ikaramu y'igiti		
Ikayi		

- Ereka abana ilati ya m. Babwire bakwereke. Ereka abana uduce twa dm tugabanije mu i lati ya m. babwire bongere bitegereze neza dm. Babwire babare uduce 10 tugabanije muri dm.
- Basobanurire ko agace kamwe mu duce 10 tugize dm ari cm.
- Bwira abana bafate ibintu bifite uburebure butandukanye (umugozi, igitabo, ukuboko k'umwana…), nibabanze bakubwire uburebure bwabyo bagereranije. Nibarangiza baze imbere bapime kuri ya lati ya m (bakoreshe irati /umugozi bya m) kugirango barebe ko ikigereranyo cyabo aricyo koko bakoresheje.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Hindura m muri cm – (babiri babiri)

- Mupime ibintu bigufi kuri m2 mu ishuri mukoresheje irati ya m.
- Bwira abana bakorere mu matsinda maze bahindure m muri dm na cm bakoresheje imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero.

Igipimwa	m	dm	cm
Ameza	1		
Ikibaho	3		

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gusobanura neza isano iri hagati ya m na cm bakoresheje ibishushanyo n'imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero iri mu gitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P. 54,55 — **JKF** P.9

MK P. 33,34 — **LONGHORN** P. 63, 64, 65

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Hitamo imyitozo yo gukuba na 3 mu bitabo biri hejuru, abana bayikore buri wese ku giti cye.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Ha abana ingero muri m baze kwereka umuntu wo mu rugo uko bazihindura muri cm bifashishije imbonerahamwe y'ingero.

Buri mwana akore ibi bibazo wenyine. Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza

Ikibazo cya 1 – Mukine"Ongeraho 2" Kora kandi usome iyi mibare ikurikira wongeraho 2. Ujye wandika aho umwana yabashije kuvuga uwo mubare yongeyeho 2. Kandi ugire vuba vuba.

8	14	42	86	126	53
22	143	125	88	132	73

Ikibazo cya 2 – Bwira umwana akube iyi mibare.

3 x 2 = **2 x 5 =**

2 x 4 = **3x 4 =**

3 x 3 = **2 x 2 =**

Ikibazo cya 3 – Bwira umwana akuremo iyi mibare.

J	C	B
1	4	3
-	2	1

J	C	B
1	6	7
-	5	4

J	B	B
1	2	2
-	1	1

Amanota	Umubare w'ibisubizo biri byo		
	Ni byiza cyane	Ni byiza	Akeneye gufashwa
Ikibazo cya 1	10 kugeza kuri 12	6 kugeza ku 9	5 no munsi
Ikibazo cya 2	5cyangwa 6	3 cyangwa 4	2 no munsi
Ikibazo cya 3	3	2	1 no munsi

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 2

Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 6 :

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	**Isomo rya** 2	**Isomo rya** 3	**Isomo rya** 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	**Isomo rya** 5	**Isomo rya** 6	**Isomo rya** 7
Ikigamijwe	• Guteranya akoresheje uburyo bwihuse bwo guteranya imibare ibiri	• Guteranya imibare 2 igiteranyo kitarenga 200 (ubitsa inshuro imwe)	• Gupima ibitembabuzi ukoresheje litiro	• Gukuramo imibare ibiri udatira	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure (m, dm na cm)	• Gutahura utudomo turi imbere, inyuma no ku murongo ufunze	• Gutsindagira ibyizwe
Imikono yo mu mutwe	• Ni kangahe kabura ku 10 • Ni kangahe kabura kuri 20 • Ongeraho icumi	• Ni kangahe kabura ku 10 • Ni kangahe kabura kuri 20 • Ongeraho icumi	• Ni kangahe kabura ku 10 • Ni kangahe kabura kuri 20 • Ongeraho icumi	• Ni kangahe kabura ku 10 • Ni kangahe kabura kuri 20 • Ongeraho icumi	• Ni kangahe kabura ku 10 • Ni kangahe kabura kuri 20 • Ongeraho icumi	• Ni kangahe kabura ku 10 • Ni kangahe kabura kuri 20 • Ongeraho icumi	
Indirimbo, injyana, umuvugo	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere, unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere, unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere, unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere, unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere, unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara(kubara usimbuka 10 ujya imbere, unasubira inyuma)	
IMIKINO	• Ni kangahe nkeneye ngo ngire 200?"	• Shakisha				• Imbere, inyuma, ku ruziga	
AHO TUBISANGA MU BITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.10, 11	P.10,11	P.64,65,66	P.16,17	P.55, 56, 57 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.88,89,	
MK	P.31,32	P.31,32	P.46,47,48	P.44	P.53,54	P.43	
JKF	P. 30, 31, 32	P. 30, 31, 32	P.40,41	P.15,16,17,18 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.15,16,17,18 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.44	
LONGHORN	P.29-32(hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.29-32(hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.73	P.34,35	P.68,70	P.107,108	

IMIKINO Y'ICYUMWERU
"Fora uyu mubare" • Tekereza umubare uri hagati ya 100 na 200. • Abana barakubaza ibibazo wasubiza na Yego cyangwa Oya kugira ngo batahure uwo mubare w'ibanga. Urugero: Ni munini ku 100? Ni muto ku 150?
"Imbere, inyuma, cyangwa ku…" • Bwira abana bashushanye umurongo munini ufunze. • Nuvuga imbere abana barakora ku kadomo kari imbere muri wa murongo ufunze. • Nuvuga inyuma, abana barakora ku kadomo gashushanije inyuma yawa murongo ufunze. • Nuvuga ku murongo, abana barakora ku kadomo gashushanije kuri uwo murongo ufunze.
"Ongeraho 10" cyangwa "Kuramo 10" • Vuga umubare. Urugero: 132, hanyuma uvuge uti 'Ongeraho 10'. (cyangwa 'Kuraho 10') • Abana barakubwira uwo mubare bakuyeho cyangwa bongeyeho 10.
"Ni kangahe kabura ku 10" cyangwa "Ni kangahe kabura kuri 20" • Vuga umubare hagati ya 1 na 10 (cyangwa hagati ya 1 na 19). • Abana barakubwira umubare wakongeraho ukabona 10 (cyangwa 20).
"Nakongeraho kangahe ngo mbone 200?" • Vuga umubare. Urugero 150. Abana bahite bakubwira umubare wakongeraho ngo ugire 200.

ISOMO RYA 1 – ITERANYA RYIHUSE RY'IMIBARE Y'IMIBARWA 3 N'INDI Y'IMIBARWA 2

ICYITONDERWA - *Imikino yo guteranya mu mbonerahamwe y'ubugenge ni imikino ishimisha abana ikabafasha guteranya (no gukuramo) no kumva isano iri hagati y'imibare.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Guteranya vuba vuba umubare w'imibarwa 3 n'undi w'imibarwa 2.

Imfashanyigisho:

- Terefone (M-P2-T1-W6-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri telefoni — umunota 1

- Tegura abana kugira ngo bakurikire neza iri somo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

148+ 33
140 + 30 = 170 8+3=11
170 + 11 = 170 + 10 + 1 180 + 1 = 191
Igisubizo : 181

138 + 27
168 + 34
146 + 35

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri rimwe kugera kuri 20. Muva imbere mwongera musubira inyuma
- Kinisha n'abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku 10?"
- Fasha abana guteranya imibare mukoresheje uburyo bworoshye.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana kugusobanurira uko bateranya bakoresheje uburyo bworoshye.

Agakuru k'imibare

Mutesi afite amasaro 117. Mukuru we afite amasaro 75. Mwabivugaho ik?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Mutesi afite amasaro menshi kuruta aya mukuru we.
-Mukuru wa Mutesi abonye andi masaro 10, yagira amasaro 85.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana iyi myitozo yo guteranya bakoresheje uburyo bworoshye.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Ha abana imyitozo ikurikira baze kuyikorera mu rugo bakoresheje uburyo bworoshye bwo guteranya:

- 167 + 25 =
- 139 + 42=

ISOMO RYA 2 – GUTERANYA IMIBARE (BABITSA)

ICYITONDERWA-*Reka abana bakoreshe utubarisho kugeza aho bashobora guteranya bihuse.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guteranya imibare 2, igiteranyo kitarenga 200 (ubitsa inshuro imwe).

Imfashanyigisho:
- Udufungo 2 tw'utubarisho 100, udufungo 10 tw'utubarisho 10, n'utubarisho 20 turi ukwatwo.

1. Gukangura abana — iminota2

- Mukine: "Ni kangahe kabura ku 10", mukoresheje imibare hagati ya 0 na 10.

2. Isubiramo — iminota 3

158+38 =
150+ 30 = 180
8+8 = 16
180+16 = 196
Igisubizo: 196

Mu matsinda ya 2, abanabakore uyu mwitozo wo guteranya bakoresheje uburyo bworoshye
153 + 38=

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

J	C	B
1	^{1}4	7
+	3	5
1	8	2

J	C	B
^{1}1	^{1}4	5
+	4	5
1	9	0

- Andika ku kibaho mu mbonerahamwe iyi mibare 147 + 35.
- Bwira umwana aze imbere maze yerekane 147 akoresheje imiba y'inkoni, n'inkoni ziri ukwazo. Undi aze yerekane 35.
- Bwira ba bana bashyire ibinyabumwe hamwe babibare (ni 12), babifungemo umuba umwe w'inkoni 10 n'inkoni 2.
- Bwira abo bana bashyire uwo muba w'inkoni 10 hamwe n'indi miba ya 10 bakoze.
- Andika 2 mu kazu k'ibinyabumwe hanyuma wandike na 1 ntoya hejuru y'ibinyacumi kugirango werekane wa muba mushya w'inkoni 10.
- Shyira hamwe ibinyacumi ubiteranye wandike igisubizo, ukore gurtyo no ku binyajana.
- Ushingiye ku rugero ruri ku kibaho, sobanurira abana uko bateranya babitsa.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukoresha inkoni
- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe yo guteranya imeze nk'iyi iri hano ku kibaho. Bwira abana bayandukure mu makaye yabo. Basabe guteranya iyi mibare.
- Bwira abana bakwereke uko babonye ibisubizo byabo.

J	C	B
1	2	8
+	5	3

Umwitozo wa 2 –– IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya imibare 2, igiteranyo kitarenga 200 (ubitsa inshuro imwe) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite) :
MK/REB P.10,11 **LONGHORN** P.29-32(hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
MK P.31,32 JKF P. 30, 31, 32

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Ha abana iyi mibare bayiteranye 175 + 19 =, 153 + 38 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Ha abana imyitozo ikurikira yo guteranya baze kuyikorera mu rugo:
- 128+35=
- 180+20=
- 150 +50+=
- 139+17=

ISOMO RYA 3 – GUPIMA IBITEMBABUZI

ICYITONDERWA- *Ukore ku buryo abana bose baba bareba neza uko usuka amazi mu icupa (akajerekani….).*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gupima ibitembabuzi muri litiro.

Imfashanyigisho:
- Indobo irimo amazi, amacupa atandukanye ajyamo ibitembabuzi (umutobe, amata, amavuta yo guteka, amazi).

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine "Ongeraho 10", mukoresheje imibare kuva kuri 0 kugera ku 190.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana ibintu ababyeyi babo bajya bagura muri litiro (amazi, amata, amavuta, imitobe...).

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Shyira imbere y'abana ibintu bitandukanye birimo ibitembabuzi.
Noneho ubabwire bakwereke icupa ririmo litiro, kandi basobanure impamvu
Bafashe gupima bakoresheje icupa rya l amazi l3, amata l2... (bitewe n'ibyo mufite)

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Vuga ugereranya ibitembabuzi nurangiza ubipime (Ishuri ryose)

Icupa	l ugereranije	l ripima

- Ereka abana amacupa atandukanye ajyamo (Umutobe, amata, amazi, amavuta).
- Babwire bagereranye bakubwire litiro z'amazi zajya muri buri cupa (cyangwa akajerekani).
- Andika ibisubizo byabo mu mbonerahamwe.
- Ifashishe indobo y'amazi n'icupa rya litiro maze abana bapime ya macupa yandi bagenda bashyiramo amazi, murebe uko ibyo bavuze ari byo. (Barebe umubare w'amacupa ya litiro y'amazi ushobora kujya muri ya macupa cyangwa utujerekani).
- Andika ingano nyayo, muri litiro, ya ya macupa mu mbonerahamwe.
- Saba abana kugereranya ingano nyayo n'ingano bari bavuze bagereranije.

Umwitozo wa 2 –– IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gupima ibitembabuzi muri litiro iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite) :

MK/REB P.64,65,66 **JKF** P.40,41

MK P.46,47,48 **LONGHORN** P.73

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Shyira abanamu matsinda ya 5, basabe gupimisha icupa rya l bapime l 3 z'amazi. Genzura uko babikoze.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abanyeshuribaze gushaka ikintu kingana na l 1 hanyuma bapime l 5 z'amazi..

ISOMO RYA 4 – GUKURAMO IMIBARE IRI MUNSI YA 200 BADATIRA

ICYITONDERWA- *Mu gukuramo bakoresheje imbonerahamwe y'ubugenge, bwira abana batangirire ahaboroheye.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukuramo imibare iri munsi ya 200 badatira.

Imfashanyigisho:

- Udufungo tw'utubarisho 100, udufungo t'wutubarisho 10, n'utundi turi ukwatwokuri buri mwana.
- Terefone (M-P2-T1-W6-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko mufite udufungo tw'utubarisho.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri lefone **iminota 30**

153-21 =
168-52=
156-34=

J	C	B
1	6	5
-	3	2

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri rimwe kugera kuri makumyabiri. (Mujya imbere, munasubira inyuma).
- Kinana n'abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe nkeneye ngo bibe 1"?
- Fasha abana gukuramo imibare mukoresheje utubarisho n' imbonerahamwe y' ibinyajana, ibinyacumi, n'ibinyabumwe.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana kugusobanurira icyo bize mu isomo ryo gukuramo

? Butera yarundanije amatunda 150, murumuna we Gatera yarundanyije amatunda 50, buri wese yajyanye amatunda ye kuyagurisha. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Bose hamwe bagurishije amatunda 200.

-Butera ahaye Gatera amatunda 200 bose banganya.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo buri wese ayikore ku giti cye:

- 159 – 38=
- 177 – 26=
- 126 – 13=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Ha abana imyitozo yo gukuramo, baze kuyikora nibagera mu rugo.

- 135 – 14=
- 147 – 33=
- 148 – 28=

ISOMO RYA 5 – GUTERANYA NO GUKURAMO INGERO

ICYITONDERWA- *Shishikariza abana gukoresha utubarisho mu gihe bakuramo, kugeza igihe bashobora gukuramo bihuse.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora:
- Guteranya no gukuramo ingero (m, dm na cm).

Imfashanyigisho:
- Udufungo 2 tw'utubarisho 100, udufungo 10 tw'utubarisho 10, n'utubarisho 20 turi ukwatwo, ilati ya metero.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine "Ni kangahe kabura kuri 20" mukoresheje imibare iri hagati ya 0 na 20.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana ilati ya m hanyuma usabe abana kukwereka uko dm na cm biri muri iyo metero.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

m	dm	cm

- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe imeze nk'iyi iri hano ibumoso.
- Bwira abana bayandukure mu makaye yabo. Hanyuma bifashishe imbonerahamwe bakore iyi imyitozo ikurikira:
  (m 145 – m 32, m 217 + m 121) maze bandike igisubizo mu makaye yabo.
- Bwira abana bamwe bereke ishuri ibisubizo byabo, kandi bagaragaze ko igisubizo ari cyo bakoresheje utubarisho.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Imyitozo yo gukuramo (babiri babiri)
- Mu matsinda , abana bitoze gukuramo bakora iyi myitozo :
- cm 5– cm 2 = cm……
- m 4– m 3 =m……..
- dm 16 + dm 5 = dm……..
- m15 + m24=m……..

Umwitozo wa 2 –– IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya no gukuramo ingero (m, dm na cm) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.55,56,57 **JKF** P.15,16,17,18 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

MK P.53,54 **LONGHORN** P.68,70

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana imyitozo ikurikira yo gukuramo no guteranya no guteranya ingero: m 52 -m 11 = cm 40 + cm 35

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Ha abana imyitozo ikurikira baze kuyikorera mu rugo
- cm 180– cm20 = cm….
- m 172– m 11 =m….
- dm 156 + dm 35= dm….
- m 122+m70=m….

ISOMO RYA 6 – GUTAHURA UTUDOMO TURI IMBERE, INYUMA NO KU MURONGO UFUNZE

ICYITONDERWA - *Ushushanye ibintu binini ku buryo bose babibona.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gutahura utudomo turi imbere, inyuma no ku murongo ufunze.

Imfashanyigisho:
- Igipapuro gikomeye gishushanyijeho uruziga runini.

1. Gukangura abana — **iminota 2**

- Mukine "Ongeraho 10" mukoresheje imibare hagati ya 10 na 190

2. Isubiramo — **iminota 3**



- Ku ruhande rumwe rw'ikibaho ushushanyeho imirongo ifunze.
- Ku rundi ruhande rw'ikibaho ushushanyeho imirongo ifunguye.
- Buri mwana akorane na mugenzi we maze batahure aho ayo matsinda y'imirongo atandukaniye.
- Murangize musobanura ibiranga imirongo ifunze.

3.Isomo rishya — **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Hamagara itsinda ry'abana baze imbere maze bafatane mu biganza ku buryo bakora uruziga.
- Shyiramo igitabo muri urwo ruziga maze ubaze abandi banyeshuri aho igitabo kiri. Ni imbere? Ni inyuma? Cyangwa ni ku ruziga?
- Shyira igitabo inyuma y'uruziga maze usubiremo umwitozo.
- Shyira igitabo ku mutwe w'umwe mu bana bari ku ruziga maze usubiremo umwitozo.
- Mu kurangiza ushushanye uruziga cyangwa undi murongo ufunze.
- Hanyuma abana baze bashyire utudomo: Imbere, inyuma no kuri iyo shusho y'umurongo ufunze.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Mukine Imbere ,Inyuma no Ku…(ishuri ryose)



- Bwira abana bashushanye umurongo munini ufunze mu makaye yabo.
  - Nuvuga ngo "imbere" umwana arahita ashyira akadomo imbere muri cya gishushanyo cye.
  - Nuvuga ngo "inyuma" umwana arahita ashyira akadomo inyuma ya cya gishushanyo cye.
  - Nuvuga ngo "ku" umwana arahita ashyira akadomo kuri cya gishushanyo cye.

Umwitozo wa 2 –– IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gutahura utudomo turi imbere, inyuma no ku murongo ufunze iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.88,89 **JKF** P.44

MK P.43 **LONGHORN** P.107,108

4. Isuzumabumenyi — **iminota 8**

Hitiramo abana imyitozo iri mu bitabo byavuzwe haruguru.

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

- Bwira abana baze gushushanya mu makaye yabo uruziga maze bashyireho utudomo turi imbere, inyuma no ku ruziga.

ICYUMWERU CYA 7:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishjwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifushijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• (Mara ya 4) Gukuba n'imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5	• (Mara ya 4) Gukuba n'imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5	• Gupima ibitembabuzi bifashishije urugero fatizo rw'ibitembabuzi rwa litiro.	• Gukuba gatanu n'imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 (Mara ya 5).	• Gukuba 5 n'imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10 (Mara ya 5)	• Gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 4 cyangwa 5. (Igisubizo kitarenze 200).	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 6 n'icya 7
Kubara mu mutwe	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	
Indirimbo, injyana, imivugo	• Injyana yo gukuba na 4	• Injyana yo gukuba na 4	• Injyana yo gukuba na 4	• Injyana yo gukuba na 5	• Injyana yo gukuba na 5	• Injyana yo gukuba na 5	
Imikino	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.22,23	P.22,23	P.64,65,66	P.24,25	P.24, 25	P.23, 25	
MK	P.35,36	P.35,36	P.46,47	P.37,38	P.37,38	P.39, 40	
JKF	P.33	P.33	P.40,41	P.34	P.34	P.35 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	
LONGHORN	P.44	P.44	P.73	P.45	P.45	P. 51 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

"Shaka inshuro ebyiri z'umubare"

- Vuga umubare hagati ya 1na 10 , urugero: 4.

Abana bahite bakubwira uwo mubare inshuro 2. Muri uru rugero ubwo ni 8.

ISOMO RYA 1 – MARA YA 4

ICYITONDERWA - *Jya ukinisha abana agakino ko gushaka inshuro ebyiri z' umubare kenshi kugira ngo bibafashe gukora imyitozo.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abanabaraba bashobora:
- Gukuba na 4 bakoresheje utubarisho imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5.

Imfashanyigisho:
- Utubarisho. Nibura 20 kuri buri mwana.
- Terefone (M-P2-T1-W7-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

4 x 1=4

4 x 2 = 8

4 x 3= 12

4 x 4= 16

4 x 5= 20

-Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 4 (mukube n'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5).
-Kinisha abana agakino "inshuro ebyiri z'umubare"
-Mwifashishije utubarisho fasha abana gukuba na 4 imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.
- Mujye mubara itsinda rimwe hanyuma mwandike 4 gukuba inshuro 1 kugeza murangije amatsinda 5.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
-Baza abana icyo bize mu isomo ry'uyu munsi

Agakuru k'imibare

Mugisha afite imifuka 4 ku myenda ye. Muri buri mufuka harimo amabiye 3. Nziza afite imifuka 4 ku myenda ye.Muri buri mufuka harimo amabiye 2. Wabivugaho iki? **Bimwe mu bisubizo by'agakuru :**
- Mugisha afite amabiye 12. Kuko 4 gukuba na gatatu ari 12.
-Nziza afite amabiye umunani.
- Mugisha afite amabiye menshi kurusha Nziza,...

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana iyi myitozo yo gukuba na kane
- 4 x 2 =
- 4 x 1 =
- 4 x 5 =
- 4 x 3 =
- 4 x 4 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana baze kuririmbana n'umuntu wo mu rugo injyana yo gukuba na 4 (bakube imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5).

ISOMO RYA 2 – MARA YA 4

ICYITONDERWA - *Ririmbishe injyana yo gukuba na kane uko ubonye abana bananiwe. Birabaruhura kandi bituma bafata mu mutwe mara ya 4.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abanyeshuri baraba bashobora:
- Gukuba na 4 (imibare kuva kuva kuri 1 kugera ku 10.

Imfashanyigisho:
- Utubuye n'udukoni byo gukora amatsinda y'ibintu bine bine.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Bwira abana bahaguruke baririmbe injyana yo gukuba na 4 (bakuba n'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5).

2. Isubiramo **iminota 3**

4 X 5 =	Andika imibare ikurikira 4 x 5 = ku kibaho. Bwira abana gusobanura uko babona igisubizo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

4 x 6 =24
4 x 7 =28
4 x 8 =32
4 x 9 =36
4 x 10 =40

Mwifashishije utubarisho, nimugende mukora amatsinda y'ibintu bine, kuva ku matsinda 6 kugera ku matsinda icumi.
- Uko mukoze amatsinda mujye muhita mwandika uwo mubare w'inshuro z'amatsinda gukuba na 4 ku kibaho kugeza mwujuje mara ya 4 yose.
- Ujye ugenda ubasobanurira uko bakuba inshuro z'amatsinda zirimo utubarisho tune kugira ngo mwuzuze mara ya 4.

3.2. Imyitozo impamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuba na kane

4 x 1 =	4 x 6 =
4 x 2 =	4 x 7 =
4 x 3 =	4 x 8 =
4 x 4 =	4 x 9 =
4 x 5 =	4 x 10 =

Ca imbonerahamwe nk'iyi iri ibumoso ku kibaho.
Abana bakoreshe utubarisho bagende bashushanya ibidomo bigaragaza ayo matsinda hanyuma bandike igisubizo mu makayi yabo.

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ku giti cye):
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba na 4 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.22,23 **JKF** P.33

MK P.35,36 **LONGHORN** P.44

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana baririmbe injyana yo gukuba na 4(Noneho muririmbe mukubisha imibare kuva kuri 1 kugera ku 10).

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gukorana umwitozo wo kuririmba injyana yo gukuba na 4 n'inshuti yabo cyangwa umuntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 3 – GUPIMA IBITEMBABUZI HIFASHISHIJWE IBIKORESHO BINGANA NA LITIRO

ICYITONDERWA - Gupima mukoresheje ibikoresho abana bazi bituma bumva neza urugero fatizo rw'ibitembabuzi.

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gupima ibitembabuzi hifashishijwe ibikoresho bingana na litiro.

Imfashanyigisho:

- Ibivomesho bitandukanye cyangwa amacupa bikoreshwa mu gutwara ibitembabuzi bipima litiro n'amazi yo kuzuzamo.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino: "Inshuro 2 z'umubare"

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana ibintu bitandukanye bakoresha mu gutwara ibitembabuzi bakoresha iwabo. Babwire ko mugiye kwiga uko bapimisha litiro kugira ngo bamenye icyo ibyo bivomesho bitwara.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ha umwana icupa ringana na litiro
- Musabe kuryuzuzamo amazi.
- Ereka ishuri ryose ko iyo ari litiro kandi ubasobanurire ko urwo ari urugero fatizo mu gupima ibitembabuzi.
- Fata ibivomesho bibiri bitandukanye birutana mu bunini. Baza abana igifite l nyinshi bagereranije.
- Hanyuma mubipime mukoresheje icupa rya litiro murebe ko ibyo bavuze aribyo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 - (Babiri babiri)

Abana bapime ibivomesho bitandukanye. Bajye babanza bavuge litiro bifite bageranije hanyuma bapime barebe ko ibyo bavuze ari byo.

Umwitozo wa 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI – Gukuba na 4 (umwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gupima ibitembabuzi yifashishije urugero fatizo rw'ibitembabuzi rwa litiro iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.64,65,66 **JKF** P.40,41

MK P.46,47 **LONGHORN** P.7

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Mutesi afite amata litiro 2. Umurisa afite amata litiro 3. Mwabivugaho iki? (Ingero z'ibisubizo: Murisa arusha mutesi litiro 1, murisa afite akajerikani gato k'amata ku ka mutesi….).

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana buri wese yereke abantu bo mu rugo uko bapima litiro y'ikintu gisukika bafite mu rugo (amazi, amata, amavuta…)

ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 5

ICYITONDERWA- *Jya ukinisha abana agakino ko gushaka inshuro ebyiri z' umubare kenshi kugira ngo bibafashe gukora imyitozo.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukuba na 5 bakoresheje utubarisho. (Gukubisha imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5)

Imfashanyigisho:

- Utubarisho. Nibura 25 kuri buri mwana.
- Terefone (M-P2-T1-W7-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Bwira buri mwana yiyegereze utubarisho twe.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

5 x 1 = 5 5 x 2 = 10 5 x 3 = 15 5 x 4 = 20 5 x 5 = 25	-Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 5. (Mukubishe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5) -Kinisha abana agakino "inshuro ebyiri z'umubare" -Mwifashishije utubarisho fasha abana gukuba na 5 imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. Buri gihe mujye mubara inshuro z'amatsinda gukuba 5 kugeza murangije amatsinda 5. - Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare -Baza abana icyo bize mu isomo ry'uyu munsi.

Agakuru k'imibare

Umucuruzi Kalisa asigaranye imifungo 3 irimo imyembe itanu buri mufungo. Umucuruzi Mwiza asigaranye imifungo itanu irimo imyembe itanu buri mufungo. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bibazo by'agakuru

- Kalisa asigaranye imyembe 15
- Mwiza asigaranye imyembe 25
- Imyembe yabo uyiteranyije ya ba imyembe 40.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana bakube imibare ikurikira bifashishije utubarisho :

- 5 x 1 =
- 5 x 3 =
- 5 x 4 =
- 5 x 2 =
- 5x 5 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana baze kuririmbana n'umuntu wo mu rugo injyana yo gukuba na 5. (Bakubishe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.

ISOMO RYA 5 – MARA YA 5

ICYITONDERWA – *Genda genda mu gihe abana bari gukorera mu matsinda ya babiri babiri ufashe abana bagize ibibazo.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuba na 5 (imibare kuva kuri 1 kugera ku 10).

Imfashanyigisho:
- Utubarisho two gukora amatsinda yo gukuba 5.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Saba abana kuririmba injyana yo gukuba na 5.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ririmbisha abana injyana yo gukuba na 5.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

5 x 6 =
5 x 7 =
5 x 8 =
5 x 9 =
5 x 10 =

- Mwifashishije utubarisho, nimugende mukora amatsinda y'ibintu bitanu. Kuva ku itsinda rimwe kugera ku matsinda icumi.
- Uko mukoze itsinda mujye muhita mwandika uwo mubare w'inshuro z'amatsinda mukubye na 5 ku kibaho kugeza mwujuje mara ya 5 yose.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo : Gukuba na 5 (mu matsinda ya babiri babiri)

5 x 1 =	5 x 6 =
5 x 2 =	5 x 7 =
5 x 3 =	5 x 8 =
5 x 4 =	5 x 9 =
5 x 5 =	5 x 10 =

- Ca imbonerahamwe nk'iyi iri ibumoso ku kibaho.
- Abana bakoreshe utubarisho bagende bashushanya ibidomo bigaragaza ayo matsinda hanyuma bandike igisubizo mu makayi yabo.
- Buri gihe bajye babara inshuro z'amatsinda gukuba 5.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana imyitozo yo gukuba ikurikira:
5 x 6 =
5 x 7 =
5 x 10 =
5 x 9 =

5. Umukoro wo mu rugo **iminota2**

- Bwira abana baze gukorana umwitozo wo kuririmba injyana yo gukuba na 5 n'inshuti yabo cyangwa umuntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 6 – GUKUBA NA 4 NA 5

ICYITONDERWA - *Saba abana kuririmba kenshi injyana yo gukuba na 4 n'iyo gukuba na 5 kugirango bafate neza mu mutwe izo mara.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 4 na 5 utabitsa (igisubizo kitarenze 200).

Imfashanyigisho:
- Urupapuro rukomeye ruriho mara ya 4 n'iya 5.

1. Gukangura abana	**iminota 2**
• Bwira abana bahaguruke baririmbe injyana yo gukuba 4.	
2. Isubiramo	**iminota 3**
• Bwira abana bahaguruke baririmbe injyana yo gukuba 5.	
3. Isomo rishya	**iminota 25**
3.1. Kuvumbura icyigwa	
10 x5	• Andika ku kibaho umubare 10x5 • Hamagara umwana aze imbere agende akuba umuyobora, ahere ku binyabumwe, aheruke ibinyacumi. • Baza umwana asobanure uko mwabigenje.
3.2. Imyitozo mpamyabumenyi	**iminota 20**

Umwitozo wa 1 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana umwe ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 4 na 5 utabitsa (igisubizo kitarenze 200) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite).
MK/REB P.23,25 **JKF** P.35 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

MK P.39,40 **LONGHORN** P. 51 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi	**iminota 8**
Ririmbisha abana injyana yo gukuba na 4 n'iyo gukuba na 5. Ugenzure ko bose baririmba kandi mujye mwihuta.	
5. Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**
	• Bwira abana bakorane n'umuntu wo mu rugo umwitozo wo kuririmba injyana yo gukuba na 4 n'iyo no gukuba na 5.

Buri mwana akore ibi bibazo wenyine. Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza

Ikibazo cya 1 – Kina agakino ko gushaka inshuro ebyiri z'umubare. Vuga buri mubare muri iyi iri hepfo. Baza abana kukubwire inshuro ebyiri z'uwo mubare.Ihute uko ushoboye.

8	6	10	40	32	15
22	61	70	100	53	73

Ikibazo cya 2 – Bwira abana bakube imibare ikurikira.
Bemerere gukoresha utubarisho twabo niba ari ngombwa.

3 x 4 = 5 x 4 =

8 x 5 = 6 x 4 =

7 x 5 = 2 x 5 =

Ikibazo cya 3– Bwira abana bakore imibare ikurikira.Bemerere gukoresha utubarisho twabo.

1 4 9	1 76	1 3 2
- 2 4	- 5 4	+2 1

Amanota	Umubare w'ibisubizo biri byo		
	Ni byiza cyane	Ni byiza	Akeneye gufashwa
Ikibazo cya 1	10 kugeza kuri 12	6 kugeza ku 9	5 no munsi
Ikibazo cya 2	5 cyangwa 6	3 cyangwa 4	2 no munsi
Ikibazo cya 3	yakoze imibare 3	yakoze imibare 2	yakoze umubare 1 no munsi

N.B: Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 8:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishi terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuba na 6 (gukubisha imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5).	• Gukuba na 6 (gukubisha imibare kuva kuri 1 kugera ku 10).	• Gutandukanya no kugereranya ibiceri kuva ku F 1 kugera ku F 100	• Gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 6, utabitsa (Igisubizo kitarenze 200)	• Kuvunja ibiceri binini mu bito	Gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 2, 3, 4, 5,6 utabitsa cyangwa ubitsa inshuro imwe (Igisubizo kitarenze 200)	Gutsindagira ibyi zwe
Kubara mu mutwe	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri	• Inshuro ebyiri • Inshuro 3	
Indirimbo n'Injyana	• Injyana yo gukuba na 6 (ukubishije kuva kuri 1 kugera kuri 5)	• Injyana yo gukuba na 6	• Injyana yo gukuba na 6	• Injyana yo gukuba na 6	• Injyana yo gukuba na 6		
Imikino	Inshuro ebyiri						
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.26, 27	P.26, 27	P.72	P.27	P.73, 74	P.19,21,23,25,27	
MK	P.49,50	P.49,50	P.83	P.50 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.83,96 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.21,23,36,38,39,40,50 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	
JKF	P.36, 69 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.36, 69 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.90-93 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.87,88,89 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.90-93 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P. 69,87,88,89 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	
LONGHORN	P.48,49,51 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.48,49,51 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)		P.48,49,51 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.83	P.48,49,51 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Fora uyu umubare

- Bwira abana uti ntekereje umubare uri hagati ya 100 na 200.
- Abana bashobora kubaza ibibazo bishobora gusubizwa na Yego cyangwa Oya kugira ngo bavumbure umubare w'ibanga, urugero nka: Ni munini ku 100? Ni muto ku 150?

Gushaka inshuro ebyiri z'umubare

- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 10 .
- Bwira abana bavuge uwo mubare inshuro ebyiri.
- Gushaka inshuro 3 z'umubare
- Vuga umubare

ISOMO RYA 1 – MARA YA 6

ICYITONDERWA - *Kwifashisha utubarisho bifasha abana gusobanukirwa imibare.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abanyeshuri baraba bashobora:
- Gukuba na 6 bakoresheje utubarisho. (Gukubisha imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5)

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T1-W8-L1)
- Indangururamajwi.
- Utubarisho 30 kuri buri mwana.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko buri mwana afite utubarisho ari bukoreshe.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

6 x 1 = 6
6 x 2 = 12
6 x 3= 18
6 x 4 = 24
6 x 5 = 30

- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 6. (Mukubishe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5)
- Kinisha abana agakino "inshuro ebyiri z'umubare".
- Mwifashishije utubarisho fasha abana gukuba na 6 imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.
- Mujye mwandika umubare w'inshuro z'amatsinda mubaze gukuba na 6.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana icyo bize mu isomo ry'uyu munsi.

Agakuru k'imibare

Mbabazi yahinze iminsi 3. Kandi buri musi yateye ibiti 2. Rukundo yahinze iminsi 6. Kandi buri munsi yateye ibiti 2. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru :
-Rukundo yateye ibiti byinshi kurusha Mbabazi
- Mbabazi yateye ibiti 6. Kuko 2 gukuba gatatu ari 6.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana bakoreshe utubarisho maze bakube iyi mibare : 6 x 1 = 6 x 3 = 6 x 5 = 6 x 4 = 6 x 2 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana barimbane n'umuntu wo mu rugo injyana yo gukuba na 6.

ISOMO RYA 2 – MARA YA 6

ICYITONDERWA – *Kinisha kenshi agakino ko gushaka inshuro ebyiri z'umubare. Uko mugakina kenshi niko abana biborohera kwibuka uko bashaka inshuro ebyiri z'umubare.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuba na 6 (imibare kuva kuri 1 kugera ku 10)	• Utubarisho two gukora amatsinda nibura 30 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — **iminota 2**

- Saba abana kuririmba injyana yo gukuba na 6. (Mukubishe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5)

2. Isubiramo — **iminota 3**

Abana bakube uyu mubare. Basobanure n'uko babigenje.
5 x 3 =

3.Isomo rishya — **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

6 x 6 = **6 x 7 =** **6 x 8 =** **6 x 9 =** **6 x 10 =**	Mwifashishije utubarisho, nimugende mukora amatsinda y'ibintu bitandatu. Kuva ku matsinda 6 kugera ku matsinda icumi. Uko mukoze itsinda mujye muhita mwandika inshuro z'uwo mubare w'amatsinda arimo utubarisho 6 gukuba na 6 ku kibaho kugeza mwujuje mara ya 6 yose.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

6 x 1 =	**6 x 6 =**	Ca imbonerahamwe nk'iyi iri ibumoso ku kibaho. Abana bakoreshe utubarisho bagende bashushanya ibidomo bigaragaza ayo matsinda hanyuma bandike igisubizo mu makayi yabo.
6 x 2 =	**6 x 7 =**	
6 x 3 =	**6 x 8 =**	
6 x 4 =	**6 x 9 =**	
6x 5 =	**6 x 10 =**	

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana umwe ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba na 6 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.26, 27 **LONGHORN** P.48,49,51 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

MK P.49,50 **JKF** P.36, 69 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi — **iminota 8**

Bwira abana baririmbe injyana yo gukuba na 6

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

- Bwira abana gukorana n'umuntu wo mu rugo umwitozo wo kuririmba injyana yo gukuba na 6.

ISOMO RYA 3 – KUGERERANYA IBICERI GUHERA KU IFARANGA 1 RY'U RWANDA KUGERA KU AMAFARANGA 100

ICYITONDERWA – *Reba neza koko niba abana bose bashobora kureba ibiceri no kumenya ibiceri ibyo aribyo n'agaciro kabyo.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abanyeshuri baraba bashobora:
- Kugaragaza no kugereranya ibiceri guhera ku ifaranga 1 kugera ku mafaranga 100.

Imfashanyigisho:
- Ibiceri bitandukanye by'amafaranga y'u Rwanda (igiceri cy'ifaranga 1, 2, 5, 10, 20, 50, 100).

1. Gukangura abana — iminota 2

Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe " **Gushaka inshuro ebyiri z'umubare"**
- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 10.
- Bwira abana bavuge inshuro ebyiri z'uwo mubare.

2. Isubiramo — iminota 3

- Ereka abana ubwoko butandukanye bw'ibiceri bitandukanye bikoreshwa mu Rwanda.
- Babwire bagaragaze umubare wa buri bwoko bw'ibiceri.
- Andika umubare wabyo ku kibaho.

3. Isomo rishya — iminota 2

3.1. Kuvumbura icyigwa

Agaciro k'ibiceri	Umubare w'ibiceri	Amafaranga yose hamwe
Igiceri cya F 1	5	F5
Igiceri cya F 2	5	F 10
Igiceri cya F 5	2	-
Igiceri cya F10	10	-
Igiceri cya F 20	4	-

- Hereza abana imbonerahamwe yo kuvunja:
- Fasha abana kuzuza iyi mbonerahamwe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Uko ibiceri bivunjwa (Babiri babiri)

- Hereza abana umubare w'amafaranga…urugero amafaranga 35.
- Babwire bakorane na bagenzi babo bashake umubare w'ibiceri bashyira hamwe kugira ngo babone amafaranga 35.
- Urugero: ibiceri 35 by'ifaranga 1, cyangwa ibiceri 7 by'amafaranga 5, cyangwa ibiceri 3 by'amafaranga 10 n'igiceri 1 cy'amafaranga 5.
- Komeza ako gakino ukoresheje undi mubare w'amafaranga, urugero 65.

Umwitozo wa 2– IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana umwe ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kugaragaza no kugereranya ibiceri guhera ku ifaranga 1 kugera ku mafaranga 100 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
MK/REB P.72 **JKF** P.90-93 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
MK P.83

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Agnes afite ibiceri 4 mu mufuka we.Ni uwuhe mubare muto w'amafaranga ashobora kugira? Ni uwuhe mubare munini w'amafaranga ashobora kugira?

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Abana baze gukora uyu mwitozo ukurikira : Amafaranga 50 ahwanye n'ibihe biceri?

ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 6

ICYITONDERWA - *Kuririmbisha injyana yo gukuba na 6 bifasha abana gufata mu mutwe mara ya 6 bitabagoye.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abanyeshuri baraba bashobora:
- Gukuba umubare w'imibarwa 2 na 6 utabitsa (igisubizo kitarenze 200.)

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T1-W8-L4
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Fasha abana kwitegura bakurikire igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

31 x 6 = 21 x 6 = 11 x 6 =

- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 6.
- Kinisha abana agakino "inshuro ebyiri z'umubare"
- Mwifashishije imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe , fasha abana gukuba umubare w'imibarwa 2 na 6.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare
- Baza abana icyo bize mu isomo ry'uyu munsi

Agakuru k'imibare

Uwera yaguze amapaki 2 y'amakaramu, kandi buri paki irimo amakaramu 6. Muhire yaguze amapaki 6, kandi buri paki irimo amakaramu 4. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
- Uwera yaguze amakaramu 12
-Muhire yaguze amakaramu menshi ku ya Uwera
-Muhire yaguze amakaramu 24. Kuko 6 gukuba 4 ari 24.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana iyi myitozo bayikore buri wese ku giti cye
21 x 6 = 20 x 6 = 10 x 6 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Abana bakore imyitozo ikurikira nibagera mu rugo:
- 21x6=
- 30x6=

ISOMO RYA 5 – KUVUNJA IBICERI

ICYITONDERWA – *Genzura neza ko abana bazi ibiceri byose n'agaciro kabyo.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abanyeshuri baraba bashobora:
- Kuvunja ibiceri binini mu bito.

Imfashanyigisho:
- Ibiceri bidahuje agaciro.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Bwira abana baririmbe injyana yo gukuba na 6.

2. Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana bavuge amazina y'ibiceri byose byo mu Rwanda.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

Agaciro k'ibiceri	Umubare w'ibiceri bya F 1	mubare w'ibiceri bya F 5	Umubare w'ibiceri bya F 10	mubare w'ibiceri bya F 20
Igiceri cya F 10	10	2	1	-
Igiceri cya F 20	5			
Igiceri cya F 50	2			
Igiceri cya F 100	10			

Hereza aba abana imbonerahamwe yo kuvunja hanyuma ufashe abana kuzuza iyi mbonerahamwe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukora amafaranga (Babiri babiri)

- Hereza abana igiceri, urugero igiceri cya F 20.
- Mu matsinda, bageragaze barebe ko babona uwo mubare w'amafaranga 20 bakoresheje ibiceri by'agaciro gato.
- Nyuma y'iminota 5, bwira amatsinda amwe abwire abandi bana ibyo babonye.
- Hereza amatsinda ikindi giceri, urugero amafaranga 50.

Umukoro wa 2– IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana umwe ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvunja ibiceri binini mu bito iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.73, 74

MK P.83,96 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

JKF P.90-93 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

LONGHORN P.83

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Agnes afite amafaranga 100 mu mufuka we.Ubwo afite ibiceri bingahe bya RWF 10? Afite ibiceri bingahe bya RWF 50? Ubwo afite ibiceri bingahe bya F 20? Niba afite ibiceri 5 gusa mu mufuka we, ibi biceri bigomba kuba ari ibihe?

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana nibagera mu rugo, bashushaye umubare w'ibiceri bya F 10 n'uw'ibiceri bya F20 biri mu giceri cya F 100.

ISOMO RYA 6 – GUKUBA IMIBARE Y'IMIBARWA IBIRI NA 2, 3,4,5,6

ICYITONDERWA - *Igihe cy'umwitozo wo gukangura abana cyangwa agakino ko kubara mu mutwe, ni ngombwa kwihuta uko bishoboka, kugira ngo byongere ubushobozi bw'abana mu gushaka igisubizo ku buryo bwihuse.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho"**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 2,3,4,5 na 6 utabikije cyangwa wabikije (igisubizo kitarenze 200).	• Utubarisho.

1. Gukangura abana — **iminota 2**

- Kinisha agakino: "Gushaka inshuro ebyiri z'umubare" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.

2. Isubiramo — **iminota 3**

- Vuga umubare hagati ya rimwe n'10. Abana bavuge inshuro eshatu zawo.

3. Isomo rishya — **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Hereza abana umubare, urugero 21. Babwire bawukube na 2, 3, 4, 5 ndetse na 6 kandi basobanure uko babikoze. Nibarangiza muwukosore ku kibaho. Hanyuma ubibutse uko bakuba umubare w'imibarwa 2 n'undi w'umubarwa umwe.

Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuba n'umubarwa w'imibare ibiri (mu matsinda ya babiri babiri).

- Mu matsinda ya babiri babiri,abana bashake ibisubizo ku myitozo ikurikira.Urugero nka 36 x 2=, 42 x 3=, 11x4=,25x5=
- Nyuma yo gukuba buri gihe, bwira umwana aze ku kibaho maze ukube uwo mubare kandi anasobanurire bagenzi be uko yabonye igisubizo.

Umwitozo wa 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana umwe ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 2,3,4,5 na 6 utabikije cyangwa wabikije (igisubizo kitarenze 200) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.19,21,23,25,27
MK P.21,23,36,38,39,40,50
(hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

JKF P. 69,87,88,89 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
LONGHORN P.48,49,51
(hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi — **iminota 8**

Abana bakore imyitozo ikurikira 40x5= , 71x2= , 14x4=.

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

Ha abana imibare yo gukuba na 2, 3,4,5,6 bafatanyije n'umuntu wo mu rugo:

- 10x6=
- 21x3=
- 33x5=
- 42x4=
- 51x2=
- 41x2 x =

ICYUMWERU CYA 9:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gutondekanya imibare uva ku muto ujya ku munini	• Gutondekanya imibare uva ku munini ujya ku muto	• Guteranya ingero z'uburebure (m, dm, cm)	• Guteranya ingero z'uburebure (m, dm, cm)	• Guteranya ingero z'ibitembabuzi. (litiro)	• Gukuramo ingero z'ibitembabuzi	• Gukoresha isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 8 n'icya 9
Kubara mu mutwe	• Ongeraho 10 • Ongeraho 5	• Ongeraho 10	• Ongeraho 10	• Ongeraho 10	• Ongeraho 10	• Ongeraho 10	
Indirimbo/ Injyana	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere unasubira inyuma.)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere unasubira inyuma)	• Injyana yo kubara (kubara usimbuka 10 ujya imbere unasubira inyuma)	
Imikino yo kubara	• Shaka umubare ubura	• Shaka umubare ubura • Kuramo 5	• Ongeraho 5	• Ongeraho 5	• Ongeraho 5	• Kuramo 5	
AHO TUBISANGAHO MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.2 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.2 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.55,56	P.55,56	P.65,66 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.65,66 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	
MK	P.63	-	P.53	P.53	P.55,56	P.57	
JKF	P.2,5,62,63,64	-	P.11	P.11	P.42	P.43	
LONGHORN	P.1,14,17	-	P.67,68,69	P.67,68,69	P.74	P.75	

IMIKINO Y'ICYUMWERU
Ongeraho 10 cyangwa Kuramo 10 • Vuga umubare urugero 132, hanyuma uvuge uti"Ongeraho 10". (Cyangwa kuramo 10). • Abana barakubwira uwo mubare bakuyeho cyangwa bongeyeho 10.
Ongeraho 5 cyangwa Kuramo 5 • Vuga umubare uherwa na 0 cyangwa 5, urugero 130 hanyuma uvuge uti "Ongeraho 5". (Cyangwa kuramo 5). • Abana barakubwira uwo mubare bakuyeho cyangwa bongeyeho 5.
Shaka umubare ubura • Andika ku kibaho imibare ikurikiranye ariko hari imibare iburamo. Urugero: 147 148 … 150 151 cyangwa 189 … 191 192 193 • Abana barashaka uwo mubare ubura.

ISOMO RYA 1 – GUTONDEKANYA IMIBARE KUVA KU MUTO UJYA KU MUNINI

ICYITONDERWA- *Mubare muva imbere munasubira inyuma umubare umwe umwe, ibiri ibiri, itanu, itanu, n'icumi, icumi.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw'imibare igenda izamuka.

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T1-W9-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Fasha abana kwitegura kugira ngo bakurikire neza isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

40 ____ 60 ____ 80

25 26 ___ ____ 29 ___ ___ 32

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20

- Ririmbana n'abana injyana yo gusimbuka 10 kuva ku ijana kugera kuri 200.
- Kinisha abana agakino "Ongeraho 10"
- Fasha abana gutahura uko imibare ikurikirana (reba urugero ku kibaho).
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana icyo bize mu isomo ry'uyu munsi.

Agakuru k'imibare

Bosiko yarundanyije amabiye 150. Buri munsi yongeraho amabiye 5. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Nyuma y'umunsi umwe yari agize amabiye 155.
-Nyuma y'iminsi ibiri yari amaze kongeraho amabiye 10.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Andika ku kibaho imibare ikurikiranye ariko hari imibare iburamo. Bwira abana bayandukure mu makaye yabo hanyuma buzuzemo imibare ibura.

Urugero: 50 52 ___ ___ ___ 60 62 64
183 ___ ___ 186 ___ ___ ___ 190 191 ___ 193.

Mu matsinda ya 2, abana bakore urutonde rw' imibare ikurikiranye ariko haburamo imibare maze bayishyire ku kibabo abandi bayikore.

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Ha abana iyi myitozo baze gukorera mu rugo hamwe n'umuntu wo mu rugo bayuzuze.
- Shaka umubare ubura
  1) 110, ---------- 130, 140, 150,--------170
  2) 30---------33, 34,----------36, 37

ISOMO RYA 2 – GUTONDEKANYA IMIBARE KUVA KU MUNINI UJYA KU MUTO

ICYITONDERWA- *Kubara usubira inyuma umubare umwe umwe, ibiri ibiri, itanu itanu,n'icumi icumi bituma abana bamenya gukurikiranya imibare. Ujye ubabarisha inshuro nyinshi musubira inyuma.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gutondekanya imibare uva ku munini ujya ku muto.

Imfashanyigisho:
- Imbonerahamwe iriho imibare kuva ku 100 kugera kuri 200.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana baririmbe injyana yo kubara icumi, kuva ku 100 kugera kuri 200 bajya imbere banasubira inyuma

2. Isubiramo **iminota 3**

134 ___ 136 ___ ___ 139 ___ 141 ___ ___ 144

- Mukine: "Shaka umubare ubura". Andika ku kibaho imibare ikurikiranye ariko hari imibare iburamo nk'iyi iri haruguru.

Bwira abana mu matsinda ya 2 bayishake nibarangiza basobanurire abandi uko bayibonye.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

___ 90 ___ 70 ___ 50 ___ 30

- Mukine "Shaka umubare ubura" mu rutonde rw'imibare imanuka. Andika ku kibaho imibare ikurikiranye imanuka nk'iyi iri haruguru.
- Bwira abana mu matsinda ya 2 bayishake nibarangiza basobanurire abandi uko bayibonye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Umukino: Shaka umubare ubura (babiri babiri)

- Andika ku kibaho urutonde rw'imibare ikurikirana imanuka:

132 131 ___ ___ 128 127 ___ ___ 124

175 ___ 165 ___ ___ 150 145

142 140 ___ ___ 134 ___ ___ 128 126

- Bwira abana mu matsinda ya 2 bashake imibare ibura nibarangiza basobanurire abandi uko bayibonye.

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw'imibare igenda imanuka iri mu gitabo gikurikira.
MK/REB P.2 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Abana bungurane ibitekerezo ku buryo bakoresha bashaka umubare ubura.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana baze gukora uyu mwitozo nibagera mu rugo

1. 132 131 ___ ___ 128 127 ___ ___ 124

2. 195 ___ 180 ___ ___ 165 160

ISOMO RYA 3 – GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE

ICYITONDERWA - *Mu kwigisha ingero, uhere mu gupima ibintu cyangwa umugozi kugirango ubibutse uburebure bw'ibintu.*

Intego y'isomo
Abana baraba bashobora:
- Guteranya ingero z'uburebure.

Imfashanyigisho:
- Irati cyangwa umugozi bya m.
- Imigozi ya dam1, dm2, dm3, cm4, cm5.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana baririmbe injyana yo kubara icumi, icumi kuva ku 100 kugera kuri 200 bajya imbere banasubira inyuma.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana (cyangwa ushushanye ku kibaho) umugozi wa m. Ntubabwire uko ureshya.
- Babwire bakubwire uburebure bwawo bagereranije. Nimurangiza muwupime ngo murebe ko ibyo bavuze ari byo. Bikore no kuri dm na cm.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana uduce 4 tw'umugozi tutareshya(urugero : tumwe muri cm cyangwa dm)

Umwe ureshya na dm2 Undi ureshya na dm3 undi ureshya na cm 4 undi uresha na cm 5.

- Bwira abana uburebure bwa buri gace k'umugozi.

- Baza abana uko babona uburebre bwose bw'iyo migozi (gufatanya iya dm, ukongera ugafatanya iya cm. Noneho ugateranya dm, ukongera ugateranya na cm) kugira ngo ubone uburebure bwose bw'iyo migozi.

dm 2 dm 3 cm 4 cm 5

m	dm	cm
	2	4
+	3	5
	5	9

- Ereka abana uko bandika ibyo babonye mu mbonerahamwe.
- Kora undi mwitozo nk'uwo ukoresheje indi migozi ifite uburebure butandukanye n'iya mbere.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya ingero z'uburebure iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
MK/REB P.55,56 **JKF** P.11

MK P.53 **LONGHORN** P.67,68,69
Umwitozo wa 2: Teranya izi ngero:
dm 5 na cm 5 + dm 1 na cm 2 = dm _____ na cm _____
m 4 na dm 3 + m 2 na dm 4 = m _____ na cm _____

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bagusobanurire uko bateranya ingero za dm na cm.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Ha abana uyu mwitozo wo guteranya ingero baze kuwukorana n'umuvandimwe wabo mu rugo.
- m 7 na dm 4 + m 1 na dm 3= m….. na dm….
- dm 10na cm 3+dm 2na cm7= dm… na cm…

ISOMO RYA 4 - GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE

ICYITONDERWA - *Mu kwigisha ingero, uhere mu gupima ibintu cyangwa umugozi.Ujye kuguteranya ari uko ubonye bumvise neza uburebure bw'ibintu.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guteranya ingero zitandukanye (m, dm, cm).

Imfashanyigisho:
- Irati cyangwa umugozi bya m.
- Terefone (M-P1-T1-W9-L4)
- Indangururamajwi.
- Imigozi ya dam 1, dm2, dm3, cm4, cm5.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Mukine "Ongeraho 10". Vuga umubare uherwa na 0 (urugero 30). Abana bakubwire uwo mubare bongeyeho 10.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

_____	_____	_____	_____
m 2	**dm 5**	**m 1**	**dm 3**

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara usimbuka 10 kuva ku ijana kugera kuri 200.
- Kinisha abana agakino "Ongeraho 10".
- Fasha abana guteranya ingero wifashishije imirongo ya m, dm na cm ugenda uca ku kibaho (reba urugero ku kibaho).
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana uko bateranya ingero.

Agakuru k'imibare

Agnes afite umugozi wa m3 na dm3. Clementine afite umugozi wa m 2 na dm5. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru :
-Umugozi wa Agnes uraruta umugozi wa Clementine.
- Umugozi wa Clementine ni mugufi kuwa Agnes.

3. Nyuma y'i gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo yo guteranya ingero ikurikira
m 4 na dm 5 + m 2 na dm 1 = m _____ na dm _____
dm 7 na cm 8 + dm 2 na cm 1 = dm _____ na cm _____

3.2. Umukoro wo mu rugo

Ha abana imyitozo ikurikira yo guteranya ingero baze kuyikorana n'umuntu wo mu rugo:
- dm 10 na cm 9 + dm 3 na cm 1= dm….na cm….
- m5 na dm 5 + m 4 na dm 3= m…na cm….

ISOMO RYA 5 – GUTERANYA INGERO Z'IBITEMBABUZI"LITIRO"

ICYITONDERWA - *Iyo wigisha ingero z'ibitembabuzi, uhere ku macupa abana bazi neza kandi ajyamo umubare wa litiro zizwi.*

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:	**Imfashanyigisho:**
• Guteranya ingero z'ibitembabuzi"litiro".	• Amacupa atandukanye ajyamo ibitembabuzi ya litiro 1, 2,3,4,5.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana baririmbe injyana yo kubara bongeraho icumi kuva ku 100 kugera kuri 200 (bajya imbere banasubira inyuma).

Kubara mu mutwe **iminota 3**

- Mukine "Ongeraho10". Vuga umubare uherwa na 0 (urugero 30). Abana bakubwire uwo mubare bongeyeho 10.
- Vuga umubare uherwa na 0 cyangwa 5. Abana barakubwira uwo mubare bongeyeho 5.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana icupa rya litiro runaka.
- Babaze litiro rifite bagereranije kandi basobanure igisubizo cyabo.
- Komeza ukora gutyo ku yandi macupa.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Gutahura icyigwa

litiro 3
+ litiro 2 =
litiro 5

- Abana bakorane mu matsinda kugirango bapime bifashishije icupa rya l ayo macupa maze barebe litiro z'amazi afite.
- Nimurangiza, abana berekane ibisubizo byabo maze ubereke uko bateranya litiro ku kibaho.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – babiri babiri

- Ereka abana (cyangwa ushushanye ku kibaho) amacupa 2 cyangwa 3 atandukanye agaragaza umubare wa l. Hanyuma ubabaze litiro afite uziteranije.
- Hanyuma, babiri bakorane bakubwire umubare wa litiro yose hamwe afite uramutse uyujuje amazi.
- Bisubiremo ukoresheje andi macupa atandukanye n'aya mbere.

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya ingero z'ibitembabuzi"litiro" iri mu bitabo bikurikira
(hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.65,66 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo) **JKF** P.42
MK P.55,56 **LONGHORN** P.74

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana imyitozo yo guteranya ingero z'ibitembabuzi
l 5 + l 1 = l____, l 2 + l 4 = l ____
l 7 + l 3 = l ____

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Ha abana imyitozo ikurikira yo guteranya ingero z'ibitembabuzi baze kuyikora nibagera mu rugo:

- l 3 + l 2= l ___
- l 8 + l 4= l ___
- l 5 + l 5= l___

ISOMO RYA 6 – GUKURAMO LITIRO

ICYITONDERWA- *Mu kwigisha ingero z'ibitembabuzi uhere ku icupa abana bazi umubare wa litiro ripima.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Gukuramo litiro	• Amacupa atandukanye ajyamo ibitembabuzi ya litiro 1, 2,3,4,5.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine kuraho 5.
- Vuga umubare uherwa na 0 cyangwa 5. Abana barakubwira uwo mubarebakuyemo 5.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Bwira abana bakubwire ibintu bazi bipima : litiro 1, litiro 2, litero 3, litiro 4, litero 5…
- Babaze uko bamenya litiro buri kintu gifite.
- Andika izina ry'ikintu bavuze na litiro gifite.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Gutahura icyigwa

litiro 5
—
litiro 2
litiro 3

- Uzuza amazi akadomoro ka litiro 5.
- Ukoresheje ako kajerikani ka litiro 5 wuzuze aka litiro 3.
- Ubaze abana: Mu kajerikani ka l5 hasigayemo l zingahe?
- Andika uko mwakuyemo ku kibaho.
- Sobanurira abana uko bakuramo litiro. .

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Amahurizo (babiri babiri)

Ha abana amahurizo akurikira rimwe rimwe. Babwire bandike imibare ya litiro bari bukuremo. Hanyuma bashake igisubizo.

- Rutayisire yagiye ku isoko afite litiro 9 z'amamesa. Agezeyo agurisha litiro 5. Ubwo yasigaranye litiro zingahe?
- Nari nikoreye indobo y'amazi ya litiro 10. Numvise indemereye nsuka litiro 4 mu ndobo ya mukuru wanjye. Ubwo mu ndobo yanjye hasigayemo litiro zingahe?

Umwitozo wa 2 : IGITABO CY' UMUNYESHURI (buri mwana ku fiti cye)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuramo ingero z'ibitembabuzi"litiro" iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite) :

MK/REB P.65,66 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo) **JKF** P.43

MK P.57 **LONGHORN** P.75

4. Isuzumabumenyi **iminota 3**

Ha abana imyitozo ikurikira
l 10 - l 5= l ____
l 7 - l 2 = l_____

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Hereza abana iyi myitozo yo gukuramo ingero z'ibitembabuzi baze kuyikorera mu rugo.

- l 13-l2= l ….
- l 8-l4= l….
- l 5- l5=l ….

Buri mwana akore ibi bibazo wenyine. Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana arebe iyi mibare maze akubwire umubare ubura.

a. **8, 10, 12, 14, ____, 18**

b. **122, 123, 124, ____, 126**

c. **189, 188, 187 ____, 185**

d. **143, 145, 147, ____, 151, 153**

Ikibazo cya 2 – Bwira umwana akube iyi mibare. Mureke akoreshe utubarisho niba ari ngombwa.

3 x 6 = **6 x 3 =**

8 x 6 = **6 x 8 =**

7 x 6 = **6 x 7 =**

Ikibazo cya 3 – Bwira umwana akore iyi mibare.

Amanota	Umubare w'ibisubizo biri byo		
	Ni byiza cyane	Ni byiza cyane	Ni byiza cyane
Ikibazo cya 1	4	2 cyangwa 3	1 cyangwa 0
Ikibazo cya 2	5 cyangwa 6	3 cyangwa 4	2 cyangwa munsi
Ikibazo cya 3	yakoze neza 3	yakoze neza 2	yakoze neza 1 cyangwa 0

Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

Igihembwe cya 2

IGIHEMBWE CYA KABIRI :

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE

Amasomo / Ibyumweru	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
1	• Isubiramo: Kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200	• Isubiramo : Gusesengura imibare kuva ku 100 kugera kuri 200 mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana	• Isubiramo : Kugereranya imibare iri hagati ya 100 na 200	• Isubiramo : Gukora imyitozo kuri mara ya 2, 3, 4	• Isubiramo : Gukora imyitozo kuri mara ya 2, 3, 4	• Isubiramo : Gukora imyitozo kuri mara ya ya 5	• Isubiramo: Gukora imyitozo kuri Mara ya 6
2	• Gutondekanya imibare uva ku muto ujya ku munini (itarenga 200)	• Gutondekanya imibare uva ku munini ujya ku muto (itarenga200)	• Kugaragaza isano hagati ya litiro (l) na dl ukoresheje imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero	• Gukuba na 6	• Kugagaragaza isano hagati ya litiro (l) na dl ukoresheje imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero	• Kwerekana inkingi n'imbariro bigize imbonerahamwe bakoresheje inyuguti n'imibare	• Gutsindagira ibyizwe
3	• Kubara kuva kuri 200 kugera kuri 500	• Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500	• Gupima uburemere muri kg	• Gusesengura imibare mo ibinyajana, ibinyacumi, n'ibinyabumwe no kugereranya imibare (itarenga 500)	• Gusesengura imibare mo ibinyajana, n'ibinyacumi, n'ibinyabumwe no kugeranya imibare (itarenga500)	• Kugaragaza ibiranga Kare (ibiyiranga).	• Isuzumabumenyi
4	• Kugeranya imibare hagati ya 200 na 500 ukoresheje <, > na =	• Kugereranya uburemere bw'ibintu binyuranye (utubuye, udukoni, amababi, amababa)	• Gucishiriza uburemere bw'ibintu binyuranye	• Imyitozo yo kugeranya imibare200 na 500 ukoresheje <, > na =	• Kwerekana no gushushanya imfuruka zigororotse	• Umuzenguruko wa kare n'imyitozo kuri kare ukoresheje itegeko.	• Gutsindagira ibyizwe
5	• Guteranya ubitsa imibare igisubizo kitarenga 500.	• Guteranya ubitsa imibare igisubizo kitarenga 500.	• Kugaragaza isano iri hagati ya cm, dm, m, dam ukoresheje imbonerahamwe yo guhindura ingero.	• Kugabanya na 2.	• Kugaragaza isano riri isano hagati ya cm, dm, m, dam; bakoresheje imbonerahamwe yo guhindura ingero (Umwitozo)	• Imyitozo yo kugabanya na 2.	• Isuzumabumenyi
6	• Gukuramo utira (imibare iri munsi 500) mukoresheje imbonerahamwe	• Gukuramo utira (imibare iri munsi 500) mukoresheje imbonerahamwe	• Gukoresha Amafaranga kuva ku 100 kugera kuri 500	• Gukuba na 6 umubare w'imibarwa ibiri babitsa	• Gukubana 6 umubare w'imibarwa ibiri babitsa	• Gushaka umuzenguruko wa kare(amahurizo)	• Gutsindagira ibyizwe
7	• Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'umubarwa umwe (igisubizo kitarenze 500)	• Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'umubare w'umubarwa umwe(babitsa)	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure (igisubizo kitarenze 500)	• Gukora Amahurizo yo guteranya no gukuramo (+,-) igisubizo kitarenze 500.	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburemere (igisubizo kitarenze 500)	• Kuvunja amafarnaga 500 Rwf mo ibiceri (1, 5, 10, 20, 50)	• Isuzumabumenyi
8	• Kugabanya na 3 udasagura	• Kugabanya na 4 udasagura	• Imyitozo yo gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'umubarwa umwe nta kubitsa (igisubizo kitarenze 500)	• Amahurizo yo gukuba no kugabanya(igisubizo kitarenze 500)	• Amahurizo ku mategeko ane y'ibara (guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya (igisubizo kitarenze 500)	• Gukora amahurizo ku ngero z'buremere.	• Gutsindagira ibyizwe
9	• Kugabanya na 5 udasagura	• Kugabanya na 6 udasagura	• Gukora amahurizo ku buremere (igisubizo 500)	• Kugabanya na 5,6 udasagura	• Gushaka uruhande rwa kare	• Gukora mahurizo ku ngero zitwara itwara (igisubizo kitarenze 500)	• Isuzumabumenyi
10	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	
11	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	

ICYUMWERU CYA 1

Muri iki cyumweru mwarimu azakoresha isubiramo ry'ibyo abana bize mu mu gihembwe cya mbere kugirango abategure gutangira neza igihembwe cya kabiri. Ibi bikurikira biraha mwarimu inama z'uko azabikora muri buri somo.

ISOMO RYA MBERE: Gusoma no kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200

Kinisha udukino dufasha abana kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 200.

Urugero: Ushobora gukina agakino "andika uyu mubare" Urajya uvuga umubare abana bawandike mu makayi yabo. Nuvuza ikimenyetso bose bazamure amakayi yabo bakwereke umubare banditse. Na none ushobora kwandika umubare abana bakawusoma. Ukajya ugenda uwusiba ukandika undi mubare ugira vuba vuba ngo bishimishe abana.

ISOMO RYA KABIRI : Gusesengura imibare kuva ku ijana kugera kuri 200

Ibutsa abana agaciro ka buri mubarwa ugize umubare w'imibarwa itatu. Urugero: 137. 7 ni ikinyabumwe,3 ni ikinyacumi noneho 1 ni ikinyajana. Noneho nyuma ubahe imibare itandukanye itarenze 200, maze bayisesengure bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe, y'ibinyacumi n' ibinyajana.

ISOMO CYA GATATU: Kugereranya imibare iri hagati ya 100 na 200.

Wifashishije igishushanyo cy'ikibarisho(intungwamibare) fasha abana kugerereranya imibare. Urabanza ubahe imibare ibiri yo kugereranya,ubasabe kuyerekanisha igishushanyo cy'ikibarisho(intungwamibare),hanyuma bayigereranye bakoresheje ibimenyetso bya <,>,=

Nubona bamaze kwibuka uko imibare irutana,ubahe imyitozo yo kugereranya imibare bakoresheje ibimenyetso bya <,>,=

ISOMO RYA KANE : Gukora imyitozo kuri mara ya 2, iya 3 n'iya 4

Koresha abana imyitozo ituma bibuka mara ya 2, iya 3 n'iya 4. Mushobora kuririmba injyana z'izo mara, kubara mwongeraho imibare ibiri ibiri, itatu , itatu, ine ,ine …., gukora amatsinda y'ibintu bibiri, bitatu ,bine inshuro 10, kugirango abana bibuke izo mara kandi bazifate mu mutwe.

ISOMO RYA GATANU: Guteranya no gukuramo ingero z'ibitembabuzi: litiro

Ibutsa abana uko litiro ingana ukoresheje ikivomesho cya litiro. Fata amazi litiro 3 na litiro 2 uyasuke mu kivomesho cya litiro 5. Baza abana l ziri mu kivomesho cya litiro5. Hera kuri urwo rugero maze ukoreshe abana imyitozo yo guteranya litiro.

Ongera ufate ya mazi wasutse mu kivomesho cya litiro 5 uvaneho litiro 1. Baza abana litiro zisigaye mu kivomesho. Hera kuri urwo rugero maze ukoreshe abana imyitozo yo gukuramo litiro.

ISOMO RYA GATANDATU : Gukora imyitozo kuri mara ya 5.

Koresha abana imyitozo ituma bibuka mara ya 5. Mushobora kuririmba injyana ya mara ya gatanu, kubara wongeraho gatanu, gukora amatsinda y'ibintu bitanu inshuro 10 kugirango abana bibuke kandi bafate mara ya 5 mu mutwe.

ISOMO RYA KARINDWI: Gukora imyitozo kuri mara ya 6

Koresha abana imyitozo ituma bibuka mara ya 6. Mushobora kuririmba injyana ya mara ya 6, kubara wongeraho gatandatu, gukora amatsinda y'ibintu 6 inshuro 10 kugira ngo abana bibuke kandi bafate mara ya 6 mu mutwe.

ICYUMWERU CYA 2:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6
Ikigamijwe	• Gutondekanya imibare uva ku muto ujya ku munini (itarenga 200)	• Gutondekanya imibare uva ku munini ujya ku muto (itarenga200)	• Kugaragaza isano hagati ya litiro (l) na dl ukoresheje imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero	• Gukuba na 6	• Kugagaragaza isano hagati ya litiro (l) na dl ukoresheje imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero	• Kwerekana inkingi n'imbariro bigize imbonerahamwe bakoresheje inyuguti n'imibare
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura ku 10 • Ongeraho 10	• Ongeraho 10 • Ni kangahe kabura ku 10	• Kuraho 10. • Ni kangahe kabura ku 10	• Ni kangahe kabura ku 20. • Gukuba kabiri	• Kuraho 10	• Ongeraho 50.
Indirimbo n'injyana	• Kubara kuva ku 100 kugera kuri 200 ugenda wongeraho 10	• Kubara kuva ku 100 kugera kuri 200 ugenda wongeraho 10	• Kubara kuva ku 100 kugera kuri 200 ugenda wongeraho 10	• Gukuba na 6		• Injyana yo kubara kuva kuri 50 kugera kuri 500
Agakino ko kubara	• Fora uyu umubare • Shaka umubare ubura	• Shaka umubare ubura	• Umubare wanjye ni uwuhe	• Fora uyu umubare	• Ni kangahe kabura kuri 20 • Fora uyu umubare	Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI						
MK/REB	P. 2	P. 2	-	P. 27,32	-	P.90
MK	P. 51,52	P. 51,52	-	P.74	-	P. 78
JKF	P.2,5	P.2,5	-	-	-	
LONGHORN	P.1,14	P.1,14	-	P.46' 47	-	P.1,14

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Fora uyu mubare?

- Tekereza umubare uri hagati ya 0 na 200.
- Abana babaza ibibazo bisubizwa na Yego cyangwa Oya, kugira ngo bavumbure uwo umubare. Urugero – Uri hejuru ya 110? Uri munsi ya 150?

Ni kangahe kabura ku 10 cyangwa kuri 20?

- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 10 (cyangwa 1 na 19).
- Abana bavuge umubare ubura kugira ngo babone 10 cyangwa ngo babone 20.
- Urugero: Niba uvuze 7, ukabaza abana uti ni kangahe kabura ku icumi. Abana baragusubiza umubare bakongeraho ngo bibe icumi. Ubwo ni 3 muri uru rugero.

Teranyaho cyangwa Kuramo 10

- Vuga umubare, urugero 132 nyuma uvuge Teranyaho (cyangwa kuraho) 10".
- Abana bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 10.

Shaka umubare ubura

- Tondeka imibare ku kibaho, harimo umwe ubura. Urugero:
  - *147, 148, ... 150 , 151*
  - *189, ... , 191, 192 , 193*
- Abana bagomba kuvuga umubare ubura.

Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo.

- Uvuga icyerekezo maze abana bagashushanya imirongo mu kirere muri icyo cyerekezo.
- Abana banashobora guhindukira bakareba iburyo cg ibumoso bakurikije icyerekezo mwarimu avuze.

Kuba 2 uteranyeho 1

- Mukine agakino ko kubara: Kuba 2 uteranyeho 1. Vuga umubare. Abana bawukube 2 bateranyeho 1.

Ni uwuhe mubare?

- Hitamo amajwi uri bukoreshe mu kwerekana imibarwa igize umubare. Urugero: Gukubita ku meza inshuro imwe iryo jwi risobanura ikinyenyejana kimwe. Gukoma amashyi inshuro imwe bisobanura ikinyacumi rimwe, kuvuza inoni inshuro imwe bisobanura ikinyabumwe rimwe.
- Noneho urajya uvuza ayo majwi, noneho abana bakubwire uwo mubare.
- Urugero: kubita ku meza inshuro 1, gukoma amashyi ni inshuro 3, kuvuza inoni inshuro2 bingana na 132.

ISOMO RYA 1 – GUTONDEKANYA IMIBARE UVA KU MUTO UJYA KU MUNINI

ICYITONDERWA – *Udukino two kubara mu mutwe tugomba gukoreshwa kenshi gashoboka kugira ngo dufashe abana gusubiza vuba mu mibare.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gutondekanya imibare imibare (itarenga 200) kuva ku moto ujya ku munini.

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T2-W2-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone	**umunota 1**
• Fasha abana kwitegura ngo bakurikire igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.	

2. Mu gice cy'isomo cyinyuzwa kuri terefone	**iminota 30**
140, 150, ___, ___, ___, 190 **140, 145, ___, ___, 160** **120, 140, ___, ___, 200** **100, 125, ___, ___, 200** **40, ___, ___, ___, 80, 90**	• Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 200. • Kinisha abana agakino "Ni kangahe kabura ku 10?". • Ukinishe abana agakino "Shaka umubare ubura". Urajya wandika urutonde rw'imibare, ugenda usimbuka imwe, hanyuma abana batahure ibura. • Kinisha abana "Ni uwuhe mubare?" • Baza abana basobanure uko babigenzaga igihe bashakaga umubare ubura.

Agakuru k'imibare (mu mwanya w'agakuru mukine "ni uwuhe mubare?")	
?	Kinisha abana agakino "Ni uwuhe mubare?"

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone	**iminota 9**
3.1. Isuzumabumenyi	
Andika ku kibaho urutonde rw'imibare ikurikira, hanyuma usabe abana gushaka umubare ubura. ○ 150, 152, ___, ___, ___, 160, 162, 164. ○ 183, ___, ___, 186, ___, ___. ○ ___,___, 190, 191, ___, 193.	
3.2. Umukoro wo mu rugo	
	Abana bakore iyi myitozo yo gutondekanya imibare bafashijwe n'umuntu wo mu rugo: • 190, 191,….,193,…..,195 • 152, 154,…, 158, ….., 162

ISOMO RYA 2 – GUTONDEKA IMIBARE UVA KU MUNINI UJYA KU MUTO

ICYITONDERWA – *Fata hagati y'iminota 5 -10 buri munsi ukoreshe udukino two kubara mu mutwe: bizafasha abana cyane gusubiramo icyizwe buri munsi biruta kucyigisha umwanya muremure.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gutondekanya imibare (itarenga 200) uva ku munini ujya ku muto.

Imfashanyigisho:
- Urupapuro rukomeye ruriho urutonde rw'imibare kuva ku 100 kugera kuri 200.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Bwira abana guhaguruka maze baririmbe injyana y'imibare bongeraho 10 kuva ku 100 kugera kuri 200 (bava imbere bajya inyuma na bava inyuma bajya imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Ha abana umwanya wo kwitegereza urutonde rw'imibare kuva ku 100 kugera kuri 200.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

__, 190, __, 170, __, 150, __, 130	• Tondekanya iyi mibare ku kibaho: **__, 190, __, 170, __, 150, __ , 130**. • Bwira abana, babiri babiri gushaka imibare ibura banasobanure uko bayibonye. • Ongera wibutse uko batahura umubare ubura mu rutonde rw'imibare.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gutondekanya imibare (babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora imyitozo yo gutondekanya imibare (umubare utarenga200) uva ku munini ujya ku muto iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
- MK/REB P. 2 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo) **-MK** P. 51,52
-JKF P.2,5 **-LONGHORN** P.1,14

Umwitozo wa 2: Gutondekanya imibare (babiri babiri)
- Andika ku kibaho iyi mibare uva ku munini ujya ku muto.Urugero:
  - 132 , 131, ____ , ____ , 128 , 27, __, __, 124
  - 175, __, 165, __ , __ ,150 , 145
  - 142, 140, __, __, 134, __, __, 128, 126.
- Bwira abana gufatanya ari babiri kwandukura buri rutonde maze buzuzemo imibare ibura.
- Mufatanye gukosora. Babwire gusobanura uko babonye igisubizo.
- Shyira indi mibare nk'iyo ku kibaho maze abana bayuzuze.

Icyitonderwa: Gutondekanya imibare nibibagora ujye wifashisha urutonde rw'imibare ruri ku rupapuro.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Ha abana imyitozo ikurikira buri wese ayikore ku giti cye.
Tahura umubare ubura
1) 200____ 190_____ 180_____,175,170
2)150, 140, _____,110, 100
3) ____, 130,129, 128, ____, _____, 125

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Abana bakina n'umuntu wo mu rugo cyangwa n'incuti agakino kitwa: "Shaka umubare ubura".
- Ha abana urutonde rurimo imibare ibura maze baze gufatanya n'umuntu wo mu rugo kurwuzuza.

ISOMO RYA 3 – GUHINDURA LITIRO MURI DESILITIRO

ICYITONDERWA - *Kumenya kubara, ujya imbere cg inyuma, uteranyaho cg ukuraho no gushobora gutahura ibintu bifitanye isano byongera ubushobozi bw'umwana bwo gukoresha imibare.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:
- Guhindura litiro muri desilitiro na desilitiro muri litiro.

Imfashanyigisho :
- Ikivomesho cya dl 1(cg ikigaragaza aho dl 1 igarukira), icupa rya litiro 1n'amazi yo kuzuzamo.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino: "Harabura kangahe ngo bibe10?"

2. ISUBIRAMO **iminota 3**

- Uzuza amazi ikivomesho cya dl 1 maze usuke mu kivomesho gipima litiro 1. Baza abana izindi dl zikenewe kugira ngo ikivomesho cya litiro cyuzure. Mukomeze kugeza igihe cyuzuriye. Baza abana umubare wa dl ujya muri litiro 1.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

l	dl
1	
1	**0**

Shushanya imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero maze usabe umwana aze imbere ahindure litiro muri dl. Basobanurire ko litiro 1 irimo desilitiro 10, litiro2 zirimo desilitiro 20, ubasabe kubyuzuza mu mbonerahamwe. Baza abana umubare wa desilitiro uri muri litiro 3? litiro 4? litiro 5? Buri gihe ibisubizo mubyandike mu mbonerahamwe. Noneho, ongera ujye ubaha dl, urugero: dl 10, 20, 30,... Hanyuma bakoreshe imbonerahamwe bahindure izo dl muri litiro.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: (Babiri babiri)

- Ha abana imyitozo yo guhindura litiro (l) muri desilitiro (dl) na dl muri litiro. Urugero:
  - dl 40 = l_ o l 4 = dl ___
  - dl 20 = l_ o l 6 = dl ___
- Bwira abana kujya mu matsinda ya babiri babiri bakoreshe imbonerahmwe bashake ibisubizo.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imyitozo yo guhindura litiro (l) muri desilitiro (dl) na dl muri l.Urugero:
  - dl 90 =l _ o l 1 = dl ___
  - dl 50 = l_ o l 8 = dl ___

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bahe imyitozo yo guhindura litiro (l) muri dl no guhindura (l) muri dl.
Urugero:
- l 6 = dl __. dl 40 = l _____.
- l 7 = dl __.
- dl 10 = l__.

Saba abana kuza kuwukorana n'umuntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 6

ICYITONDERWA - *Uko barushaho kumenyera udukino two kubara mu mutwe, umwarimu agomba gukora ku buryo igisubizo kiboneka mu masegonda atarenze 3. Iri ni ibanga mwarimu agenderaho si ngombwa ko abana babimenya.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:

- Gukuba na 6 imibare itarengeje imibarwa ibiri (utabitsa).

Imfashanyigisho:

- Urupapuro rukomeye rwanditseho mara ya 6.
- Terefone (M-P2–T2-W2-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo cyinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Mukine ongeraho 10 mukoresha imibare: 10, 20, 30, 40, 50, 60, 70 cg 80. Musozereze ku mubare nka 33.

2. Mu gice cy'isomo cyinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 x 6 =6
2 x 6 =12
3 x 6 =18
4 x 6 =24
5 x 6 =30
6 x 6 =36
7 x 6 =42
8 x 6 =48
9 x 6 =54
10 x 6 =60

$$\begin{array}{r} 21 \\ \underline{\times\ 6} \\ 126 \end{array}$$

- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na gatandatu.
- Kinisha abana agakino ko gukuba na kabiri.
- Fasha abana gukuba umubare w'imibarwa ibiri na 6. Murajya mwifashisha mara ya 6. Mukube mutabitsa.
- Kinisha abana agakino **"Ni uwuhe mubare"**.

Agakuru k'imibare (mu mwanya w'agakuru k'imibare mukine "ni uwuhe mubare?")

Kinisha abana agakino: "Ni uwuhe mubare?"

3. Nyuma y' igice cy'isomo cyinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo yo gukuba na 6, bayikore buri wese ku giti cye

21 x 6 = 20 x 6 =

10 x 6 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Ha abana imyitozo ikurikira yo gukuba na 6 umubare w'imibarwa 2 mutabitsa.

- 21 x 6=
- 11 x 6=
- 30 x 6=

ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUHINDURA LITIRO MURI DESILITIRO NA DESILITIRO MURI LITIRO

ICYITONDERWA - *Mu gihe cy'imyitozo yo kubara mu mutwe, reka abana babanze batekereze nibura amasegonda ari hagati ya 5 na 10 mbere y'uko basubiza, bitewe n'ubushobozi bw'umwana.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Guhindura litiro muri desilitiro na desilitiro muri litiro ukoresheje imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero.

Imfashanyigisho :

- Ikivomesho cya dl 1 (cg ikigaraza aho dl 1 igarukira), icupa ripima litiro.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino: "Ni kangahe kabura kuri 20 ?"

2. Isubiramo — iminota 3

Ereka abana ikivomesho kijyamo litiro n'ikijyamo dl. Babaze dl z'amazi basuka mu kivomesho cya l ngo cyuzure.
Bibutse uko dl na l birutana.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

l	dl
1	
1	0

Shushanya imbonerahamwe yo guhinduriramo ingero maze usabe umwana kuza imbere ahindure dl 10, muri litiro na dl 20 muri litiro; abyuzuza mu mbonerahamwe, ongera ubabaze umubare wa desilitiro ziri muri litiro 3? litiro 4? litiro 5? bityo bityo. Bakomeze bandika ibisubizo mu mbonerahamwe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: (Babiri babiri)

Bahe imyitozo yo guhindura litiro (l) muri dl n'iyo guhindura dl muri litiro, urugero:

- l 3 = dl ___
- l 5 = dl ___
- l 4 = dl ___
- dl 20= l ___
- dl 10= l ___

Bwira abana kujya mu matsinda ya babiri babiri maze buzuze imbonerahamwe. Zenguruka mu banyeshuri ufasha aho biri ngombwa.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Ha abana imyitozo, buri wese ayikore ku giti cye.
- l 8 = dl ___
- l 2 = dl ___
- dl 30 =l ___
- dl 40 =l ___

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bahe imyitozo yo guhindura litiro (l) muri dl na dl muri litiro.
  - l 7 = dl ___
  - l1 = dl ___
  - dl 60= l ___
  - dl10= l ___

ISOMO RYA 6 – KWEREKANA IBISHUSHANYO MU MBONERAHAMWE BAKORESHEJE INYUGUTI N'IMIBARE

ICYITONDERWA – *Ni ibyo kwishimirwa! Abana bazishimira kwiga imibare umwarimu nabereka ko bifite akamaro. Ni ngombwa kwishimira intambwe umwana ateye: bimufasha kumva ko ibyo arimo kwiga bifite akamaro.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:

- Kwerekana inkingi n'imbariro bigize imbonerahamwe bakoresheje inyuguti n'imibare.

Imfashanyigisho:

- Agacamurongo.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino: "Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo".

2. Isubiramo — iminota 3

- Baza abana gushushanya imirongo ihagaritse 10 n'indi 10 itambitse kandi inyuranamo nyuma bakubwire imirongo y'inkingi n'iy'imitambiko.

3. Isomo rishya — iminota25

3. 1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya imirongo 10 itambitse n'indi 10 ihagaritse ku buryo bikora imbonerahamwe. Bwira abana kubara inkingi n'imbariro bigize iyi imbonerahamwe.
- Andika inyuguti kuva kuri a kugera kuri j werekana inkingi; n'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 10 werekana imbariro
- Ereka abana uko babona aho kare 7e zihereye ushyira urutoki ku kingi ya 7 no ku mutambiko e
- Subiramo na 6c, 8d na 3g.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : : IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kwerekana inkingi n'imbariro bigize imbonerahamwe bakoresheje inyuguti n'imibare iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
  - **MK/REB** P.90 **-JKF** P.2,5
  - **-MK** P.78,79 **-LONGHORN** P.1,14

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Hitamo imyitozo ijyanye no kugaragaza ibishushanyo mu mu mbonerahamwe, mu bitabo byavuzwe haruguru. Buri mwana ayikore ku giti cye.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Saba abana bace iyi mbonerahamwe mu makayi yabo, hanyuma nibagera mu rugo baze gusiga ibara mu tuzu: a5, b2, j1, h7.



ICYUMWERU CYA 3:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe Terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara kuva kuri 200 kugera kuri 500	• Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500	• Gupima uburemere muri kg	• Gusesengura imibare mo ibinyajana, ibinyacumi, n'ibinyabumwe no kugereranya imibare (itarenga 500)	• Gusesengura imibare mo ibinyajana, n'ibinyacumi, n'ibinyabumwe no kugeranya imibare (itarenga500)	• Kugaragaza ibiranga Kare (ibiyiranga)	Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 2 n'icya 3
Udukino two kubara mu mutwe	• Ongeraho 50 • Ni kangahe kabura ku 10?	• Ni kangahe kabura ku 10? • Ongeraho 50	• Ni kangahe kabura ku 10? • Ongeraho 50	• Ni kangahe kabura kuri 20? • Ongeraho 50	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 50?	
Indirimbo n'injyana	• Injyana yo kubara bongeraho 50 kuva kuri 50 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 kuva kuri 50 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 kuva kuri 50 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 kuva kuri 50 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 kuva kuri 50 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara 50 kugera kuri 500 bongeraho 50.	
Agakino ko kubara	• Fora uyu umubare • Nyereka umubare	• Nyereka umubare. • Uyu mubare ni uwuhe?		• Fora uyu umubare	• Ongeraho 50	• Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo • Ni ubuhe bwoko bw'umurongo?	
AHO BIRI MU IGITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 3	P.3	P.68, 69, 70, 71	P. 4, 5	P.4, 5	P.92,93	
MK	P. 60, 61, 62	P. 60, 61, 62	P.64	P. 65, 70	P.65, 70	P.136	
JKF	P.59, 60, 62, 63, 64, 65	P.59, 60, 62, 63, 64, 65	P.81, 82, 83	P.61, 65, 67, 110	P.61, 65, 67, 110	P.97	
LONGHORN	P.11, 15, 16	P.11,15,16	P.78	P.12, 13, 15	P.12, 13, 15	P.113,114,	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Fora uyu mubare

- Bwira abana utekereje umubare uri hagati ya 200 na 500.
- Abana babaza ibibazo maze usubize uti: Yego cyangwa Oya kugira ngo bavumbure uwo umubare. Urugero – Uri hejuru ya 300? Uri munsi ya 450?

Ni kangahe kabura ku 10 cyangwa kuri 20?

- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 10 (cyangwa 1 na 19).
- Abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 10 cyangwa ngo babone 20.

Teranyaho cyangwa Kuramo 50

Vuga umubare, urugero 132 maze bavuge umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 10.

Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo.

- Umwarimu avuga icyerekezo maze abana bagashushanya imirongo mu kirere muri icyo cyerekezo.
- Bashobora no guhindukira bakareba iburyo cyangwa ibumoso bakurikije aho mwarimu avuze.

Ni uwuhe mubare?

- Hitamo amajwi uri bukoreshe mu kwerekana imibarwa igize umubare. Urugero: kubita ku meza inshuro imwe iryo jwi risobanura ikinyenyejana kimwe. Gukoma amashyi inshuro imwe bisobanura ikinyacumi rimwe, kuvuza inoni inshuro imwe bisobanura ikinyabumwe rimwe.
- Noneho urajya uvuza ayo majwi, abana bakubwire uwo mubare uwo ariwo.
- Urugero: Gukubita ku meza: inshuro 1, gukoma amashyi inshuro 3, kuvuza inoni inshuro 2 bingana n' 132.

ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 200 KUGERA KURI 500

ICYITONDERWA *- Umwana cyangwa itsinda ry'abana nibasubiza neza bashimire ugira uti: Ni byiza, mwakoze neza, usubije neza, n'ibindi nk'ibyo, bituma umwana yishimira kongera gusubiza.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:
- Kubara kuva kuri 200 kugera kuri 500.

Imfashanyigisho :
- Terefone (M-P2-T2-W3-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Fasha abana kwitegura, batuze bakurikire isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana injyana yo kubara guhera kuri 50 kugera kuri 500 ugenda usimbuka imibare 50.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 50."
- Wifashishije igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare) , fasha abana kwerekana imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500. Murabanza mubare amajana kuva ku 100 kugera kuri 500, hanyuma mukore n'indi mibare itandukanye (202, 209,...)
- Hanyuma ukinishe abana agakino "Nyereka uyu mubare." Urajya wandika umubare hagati ya 100 na 500. Hanyuma abana bakwereke uwo mubare bakoresheje utubarisho.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku icumi?"
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bakunze cyane muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Ishuri rya Bwenge ryateye ibiti 300 by'amapapayi. Ishuri rya Bumenyi ritera ibiti 200 by'amapapayi. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Ishuri rya Bwenge niritera ibindi biti ijana by'amapapayi, rizahita ringanya n'irya Bumenyi ibiti by'amapapayi.
- Yose hamwe bateye ibiti by' amapapayi 500.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**



3.1. Isuzumabumenyi

Fatanya n'abana kwandika imibare ku ntungwamibare (igishushanyo cy'ikibarisho).

253 300 461 500

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Mbwira abana nibagera mu rugo baze kwandika imibare ikurikira ku ntungwamibare.
- 250
- 500
- 429

ISOMO RYA 2 – GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 200 KUGERA KURI 500

ICYITONDERWA – *Ujye utanga amabwiriza yumvikana neza.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
• **Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:**Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500.	• Igishushanyo cy'ikibarisho

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Ririmbishaabana injyana yo kubara bongeraho 100 kuva ku 100 kugera kuri 500 bava imbere baza inyuma na bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Mukine agakino kitwa: "Nyereka umubare"Vuga imibare hagati ya 200 na 500. Bwira umwana kuza imbere maze yerekane uwo mubare akoresheje igishushanyo cy'ikibarisho.

3. Isomo rishya **iminota 3**

3. 1. Kuvumbura icyigwa



- Vuga umubare, urugero 320. Abana bawandike mu makayi yabo. Hitamo umwana aze yandike uwo mubare ku ntungwamubare (igishushanyo cy'ikibarisho).
- Ongera usubiremo uwo mwitozo ukoresheje imibare ikurikira: 145, 374, na 242, 500. Ongera ubasobanurire uko berekana imibare bakoresheje igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare).

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gusoma no kwandika imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

  - **MK/REB** P. 3 -**JKF** P.59,60,62,63,64,65

  -**MK** P. 60,61,62 - **LONGHORN** P.11, 15, 16

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Vuga imibare ikurikira, abana bayandike mu makayi yabo. 500, 315, 450, 470. Hanyuma wandike n'imibare ikurikira ku kibaho maze bayisome 500, 480, 257, 319

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bitoze kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 500. Saba buri mwana wese kwandika imibare nibura 50, iri munsi ya 500..

ISOMO RYA 3 – UBUREMERE MURI KIROGARAMA NK'URUGERO FATIZO

ICYITONDERWA *- Icyerekana ko umwana yumvise ibyo yize, ni uko ahita asubiza akimara gusoma cyangwa gutega amatwi. Uko abana bagenda bamenyera udukino two kubara mu mutwe, nta kujijinganya kwakagombye kubaho.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:

- Gupima uburemere muri kg.

Imfashanyigisho:

- Umunzani wo gupimisha.
- Ibintu binyuranye umwana asanzwe abona byo gupima (urugero: ibirayi, ibishyimbo, isukari,...).

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana baririmba kuva ku 100 kugera kuri 500 ariko bongeraho 50, bava imbere bajya inyuma banava inyuma bajya imbere.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Mukine agakino kitwa: "Ni kangahe kabura ku 10?"Vuga umubare uri hagati ya 1 na 9. Abana bavuga umubare bateranyaho kugira ngo babone 10.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

- Ganira n'abana ku biribwa bagura mu isoko. Umuntu ucuruza cyangwa ugura isukari, akawunga cyangwa ifarini abwirwa n'iki ibyo afite uko bingana? Akoresha iki? Muganire ku minzani ikoreshwa mu isoko. Bwira abana kuvuga ubwoko bw'iminzani bazi, bavuge n'aho bayibonye n'icyo imara.
- Ereka abana iminzani. Bwira umwana kwerekana aho ibyo bapima babishyira. Babwire ko babishyira ku isahani y'umunzani. Fata nk'ibuye, cyangwa ikindi gikoresho cyo mu ishuri maze ugishyire kuri iyo sahani. Babwire bitegereze urushinge uko rutembera. Basobanurire uko bapima uburemere kandi ko kg ari urugero fatizo rwo gupima uburemere.
- Mupime ibintu bitandukanye by'ikilo 1, 2, 3,... kugira ngo abana basobanukirwe urugero fatizo rwa kg.

Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo:IGITABO CY'UMUNYESHURI(Babiri babiri)

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gupima uburemere muri kg iri mu bitabo bikurikira (htamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.68,69,70,71 **-JKF** P.81,82,83

-MK P.64 **-LONGHORN** P.78

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Shyira abana mu matsinda maze ubahe ibintu bitandukanye babipime bakoresheje umunzani.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bajye mu iduka cyangwa mu isoko riri hafi maze bitegereze ukuntu bapima uburemere bw'ibicuruzwa nk'isukari, ifarini, ibishyimbo, n'ibindi. Babwire ko bazavuga ibyo babonye mu isomo ry'ubutaha.

ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 200 KUGEZA KURI 500.

ICYITONDERWA - *Imyitozo irushaho kugira akamaro iyo iteganijwe mu masomo y'umwaka wose. Kwiga kubara ni agace gato k'isomo ry'imibare; ni yo mpamvu gukoresha neza igihe cyateganijwe ari ingenzi cyane.Ibi bisaba ko buri munsi habaho uburyo bwo gukomeza kwibutsa abana ibyo bize.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:

- Gusesengura imibare mo ibinyajana, ibinyacumi, n'ibinyabumwe.

Imfashanyigisho:

- Terefone **(M-P2-T2-W3-L4)**
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Fasha abana kwitegura ngo bakurikire igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana injyana yo guhera kuri 50 kugera kuri 500 ugenda usimbuka 50.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura kuri makumyabiri?"
- Wifashishije igishushanyo cy'ikibarisho. Fasha abana gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana. Urajya uvuga umubare, muwerekanishe igishushanyo cy'ikibarisho, hanyuma muwandike mu mbonerahamwe y' ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 50."
- Baza abana bakubwire ibyo bakunze cyane muri iri somo.

Agakuru k'imibare (mu mwanya w'agakuru, mukine agakino "Ni uwuhe mubare?")

Mukine agakino kitwa: "Uyu mubare ni uwuhe?"

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imibare ikurikira bayisesenguremo ibunyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana 375, 219, 500, 409.

3.2.Umukoro wo mu rugo

- Abana nibagera mu rugo baze gusesengura imibare ikurikira mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.
  237, 402, 397,500

ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE

ICYITONDERWA - *Imyitozo yo kwimenyereza igomba kuba migufi; ntimare igihe kirenze iminota ine*

. Ishobora gukorwa incuro irenze imwe ku munsi ariko ikaba migufi.

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:

- Gusesengura imibare mo ibinyejana, ibinyecumi n'ibinyabumwe. (Imyitozo)

Imfashanyigisho:

- Igishushanyo cy'ikibarisho.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana baririmba kuva kuri 50 kugera kuri 500 bongeraho 50, bava imbere baza inyuma banava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Mukine agakino: "Nyereka umubare" Vuga umubare uri hagati ya 100 na 500. Bwira abana kuza imbere maze berekane uwo mubare bakoresheje igishushanyo cy'ikibarisho, cyangwa bashushanye igishushanyo cy'ikibarisho ku kibaho.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

J	C	B
3	8	2

- Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 100 na 500 maze abana bawusome.
- Bwira umwana kuza imbere maze yerekane uwo mubare akoresheje igishushanyo cy'ikibarisho.
- Hitamo umwana aze awandike mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Bwira abana kuvuga umubare w'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe biri muri uwo mubare. Komeza utyo n'indi mibare.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: ("Uyu mubare ukozwe n'iki?")

Mukine agakino kitwa: "Uyu mubare ni uwuhe?" Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 100 na 500. Abana barawuvuga maze bakavuga umubare w'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe biri muri uwo mubare. Koresha indi mibare wihuta; ubanze gusiba iya mbere.

Umwitozo wa 2: Andika umubare (Babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gusesengura imibare mo ibinyejana, ibinyacumi n'ibinyabumwe iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P. 4,5
- **JKF** P.61,65,67, 110
- **MK** P.65, 70
- **LONGHORN** P.12,13,15

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana iyi mibare bayisesenguremo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe 201, 300, 497, 500.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gusesengura imibare ikurira maze bayandike mu mbonerahamwe y'ibinyabumwe ibinyacumi n'ibinyajana.

500, 280, 407.

ISOMO RYA 6 – KARE

ICYITONDERWA - *Ukoresheje utwatsi cyagwa udukoni, kata uduce 4 cyangwa 8 abana baza gukoresha kare. Abana barushaho kumva umuzenguruko bakora 'Kare' zifite impande z'uburebure bunyuranye. Barapima maze bakandika ubwo burebure, barangiza bagashushanya ayo mashushongero mu makaye yabo, bakandika uburebure bwa buri ruhande n'umuzenguruko wose.*

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Kuvuga ibiranga kare.

Imfashanyigisho:

- Udukoni, utwatsi cyangwa ibindi bishobora kuboneka mu gace k'iwanyu.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Mukine agakino kitwa: "Ongeraho 50" mukoresheje imibare iherwa na 0 iri hagati ya 50 na 450.

2. Isubiramo **iminota 3**

Mukine agakino: "Ni ubuhe bwoko bw'umurongo?" Shushanya ku kibaho ubwoko bunyuranye bw'imirongomaze bavuge amazina yayo. Wibande cyane cyane ku mirongo itambitse n'ihagaze kuko iri bukenerwe mu kwiga ibiranga kare.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Ha itsinda ry'abana bane udukoni tune tureshya. Bafashe kudutondekanya maze bakore kare.
- Babaze kukubwira uko ishusho babonye imeze. Baza abana kukubwira niba bashobora kuvuga ibindi bintu bimeze nkayo. Umwarimu yerekana izindi ngero z'ibintu bikoze nka kare.
- Shushanya kare ku kibaho.
- Hitamo umwana apime impande zayo maze ubereke ko zose uko ari enye zingana.
- Baza abana ibyo babona biranga iyo shusho ya kare (impande 4, imfuruka 4 zingana)

3.2. Imyitozo mpamya bumenyi

Umwitozo wa 1: Gushushanya kare –(Buri mwana ukwe)

- Bwira abana gushushanya kare mu makaye yabo maze bapime uburebure bw'impande kugira ngo barebe neza ko zingana (kugirango byorohe gupima, abana bashobora gushushanya kare bakoresheje utuzu tw'amakayi yabo). Babwire bagurane amakaye maze umwe arebe uburebure bwa kare ya mugenzi we.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga ibiranga kare iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.92,93 **-JKF** P.97

-**MK** P.136 **-LONGHORN** P.113,114

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira buri mwana wese ashushanye kare mu ikayi ye.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Buri mwana aze gushushyanya kare nagera mu rugo.

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3

Buri mwana akore ibi bibazo wenyine. Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza.

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana ukubwire imibare ibura muri uru rutonde rukurikira :

253,	**263,**	**273,**	_____,	_____,	_____,
200,	**190,**	**180,**	_____,	_____,	_____,
310,	**315,**	**320,**	_____,	_____,	_____,

Ikibazo cya 2 – Bwira umwana asome kandi yerekane umubare:

232	**302**
499	**279**
412	**400**

Ikibazo cya 3 – Erekana icyo wakoresha mu gupima uburemere:



Amanota			
	Ibyavuye mu ikosora		
	Ni byiza cyane	Ni byiza	Akeneye gufashwa
Ikibazo cya 1	9	8 kugeza kuri 5	4 cyangwa munsi
Ikibazo cya 2	5 cg 6	3 cg 4	2 cyangwa munsi
Ikibazo cya 3	3	2	1 cyangwa munsi

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 3

Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 4:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kugeranya imibare hagati ya 200 na 500 ukoresheje <, > na =	• Kugereranya uburemere bw'ibintu binyuranye (utubuye, udukoni, amababi)	• Gucishiriza uburemere bw'ibintu binyuranye	• Kugeranya imibare200 na 500 ukoresheje <, > na = (imyitozo)	• Kwerekana no gushushanya imfuruka zigororotse	• Umuzenguruko wa kare n'imyitozo kuri kare ukoresheje itegeko	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri 50 • Ongeraho 50	• Ni kangahe kabura kuri 50 • Ongeraho 50	• Ni kangahe kabura kuri 50 • Ongeraho 50	• Ni kangahe kabura kuri 50 • Kuraho 50	• Ni kangahe kabura kuri 50 • Ongeraho 20	• Ni kangahe kabura kuri 50	
Indirimbo n'injyana	• Injyana yo kubara bongeraho 50, bava kuri 200 kugera kuri 500.	• Injyana yo kubara bongeraho 50 bava kuri 200 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 bava kuri 200 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 bava kuri 200 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 bava kuri 200 kugera kuri 500	• Injyana yo kubara bongeraho 50 bava kuri 200 kugera kuri 500.	
Agakino ko kubara		• Kuba kabiri uteranyeho 1	-	-	-	• Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.6, 7	P.70,71	P.70,71	P.6, 7	P.92	P.94	
MK	P. 27,28	-	-	P. 27,28	-	P.136	
JKF	P.66,110	P.81	-	P.66,110	-	P.147	
LONGHORN	P.25,26	P.77	-	P.25,26	-	P.118,119,120	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura kuri 50?

- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 49.
- Abana bavuge umubare ubura ngo babone 10.

Ongeraho cyangwa kuramo 10

- Vuga umubare, urugero 232 maze uvuge uti: Teranyaho cyangwa kuraho 10.
- Abana bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 10.

Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo.

- Vuga amerekezo maze abana bace imirongo mu kirere muri icyo cyerekezo.
- Abana bashobora no guhindukira iburyo cyangwa ibumoso bitewe n'aho mwarimu avuze.

Kuba 2 uteranyeho 1

- Mukine agakino ko kubara: Kuba 2 uteranyeho 1. Vuga umubare maze abana bawukube 2 bateranyeho 1.

Vuga umubare uruta uwanjye

- Umwana arajya avuga umubare, hanyuma mugenzi we avuga umubare uruta uwo yavuze (bakoreshe imibare iri hagati ya 200 na 500).

ISOMO RYA 1 – KUGERERANYA IMIBARE HAGATI YA 200 NA 500

ICYITONDERWA *- Toza abana kugereranya ibintu no kuvuga ibibiranga: bigari cg bito, biremereye cyangwa byoroshye. Bitegereze ibintu binyuranye maze babitondekanye bahereye ku gito bajya ku kinini.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Kugereranya imibare ibiri no kwerekana umunini cyangwa umuto bakoresheje <, > na =.

Imfashanyigisho:

- Igishushanyo cy'ikibarisho
- Terefone (M-P2-T2-W4-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko mufite ibikoresho byose muri bukenere.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

345 > 245
265 < 345

- Ririmbana n'abana injyana yo guhera kuri 50 kugera kuri 500 ugenda usimbuka imibare 50.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Nikangahe kabura kuri 50?"
- Wifashishije igishushanyo cy'ikibarisho. Fasha abana kugereranya imibare. Bajye babanza bayerekanishe igishushanyo cy'ikibarisho. Hanyuma muyandike ku kibaho muyigereranye mukoresheje ibimenyetso <,> na =.
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bakunze cyane muri iri somo.

Agakuru k'imibare

?

Rukundo akeneye amatafari 400 kugira ngo yuzuze inzu ye. Murenzi akeneye 250 ngo yuzuze inzu ye. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Murenzi afite inzu nto niyo mpamvu akeneye amatafari make.
- Rukundo akaneye amatafari menshi yo kuzuza inzu ye.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana kwandukura imibare ibiri ibiri mu makaye yabo.

Urugero: 256 172
343 312

- Bakoreshe ibimenyetso >, <, =, berekane umubare munini (cyangwa muto).

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana gusaba abo mu rugo gukina agakino kitwa: "Vuga umubare uruta uwanjye". Umwe mu bo mu rugo avuga umubare uri hagati ya 100 na 500 maze umwana akavuga undi umubare uwuruta. Hanyuma bagahinduranya.

ISOMO RYA 2 – KUGERERANYA UBUREMERE

ICYITONDERWA – *Mu gihe cyo gukangura abana cyangwa mu gihe abana bakina udukino two kubara mu mutwe, bikore wihuta kugira birusheho kuryoha kandi bitoze abana gusubiza vuba.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo,abana baraba bashobora:

- Kugereranya uburemere bw'ibintu bamenyereye, nk'ibyo babona mu ishuri: utubuye, amababi, amakayi.

Imfashanyigisho:

- Ibitabo, amakaramu, n'ibindi biboneka mu ishuri. Ibindi abana bamenyereye: utubuye, udukoni …
- Umunzani.

1. Gukangura abana	**iminota 2**

- Mukine agakino kitwa: "Ongeraho 50." cyangwa "Ni kangahe kabura kuri 50".

3. Isubiramo	**iminota 3**

- Bwira abana kuvuga ubwoko bunyuranye bw'iminzani. Babaze icyo babonye gipimwa muri iki cyumweru, bavuge aho babibonye n'igihe bakiboneye? Babonye ubwoko bungahe bw'iminzani?

3. Isomo rishya	**iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

Ereka abana ibintu binyuranye maze ubasabe kuvuga amazina yabyo. Basabe gucishiriza uburemere bwa buri kintu, bakigereranye n'ibindi kandi bavuge ibikiranga. Bakoreshe amagambo nka: kiremereye kuruta, ntikiremereye nka cyangwa kinganya uburemere na. Andika ibisubizo ku kibaho maze usabe abana kuza imbere maze bapime. Andika uburemere bwa buri kintu ku kibaho. Maze mugereranye ibisubizo bya mbere na nyuma yo gupima.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kugereranya uburemere bw'ibintu bamenyereye, nk'ibyo babona mu ishuri: utubuye, amababi n' amababa iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.70,71 **-LONGHORN P.77**

-JKF P.81

4. Isuzumabumenyi	**iminota 8**

- Shyira abana mu matsinda ya bane bane hanyuma ubahe ibintu bibiri babipime nibarangiza bagereranye uburemere bwabyo.

5. Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**

- Abana bakore imyitozo yo kugereranya uburemere bw'ibintu binyuranye, (utubuye, udukoni, amababi, amababa) bari kumwe n'umuntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 3 – GUCISHIRIZA UBUREMERE

ICYITONDERWA - *Kumenya gucishiriza mbere yo gupima bigomba gukorwa mu myaka yose; bizafasha abana kumenya kurushaho kwitegereza.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo,abana baraba bashobora:
- Gucishiriza uburemere bw'ibintu nk'utubuye, amababi n'amababa.

Imfashanyigisho:
- Ibitabo, amakaramu, n'ibindi biboneka mu ishuri. Ibindi abana bamenyereye: utubuye, amababa, udukoni.
- Iminzani.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino ko kubara: "Ni kangahe kabura kuri 50?"

2. Isubiramo **iminota 3**

- Bwira abana kuvuga ubwoko bunyuranye bw' iminzani babonye aho batuye, icyo ipima n'aho ikoreshwa.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

Igipimwa	Igitabo	Ibuye
Uburemere ugereranije		
Uburemere nyakuri		

- Baza abana kuzana ibintu binyuranye bifite ingano n'imiterere itandukanye.
- Ereka abana ibintu bamenyereye maze bacishirize uburemere bwa buri kintu. Urugero: igitabo, ibuye
- Shushanya imbonerahamwe yerekana ibyo bintu: uburemere bwabyo mbere yo gupima n'uburemere nyakuri nyuma yo gupima.
- Andika ibitekerezo by'abana mu mbonerahamwe.
- Pima ibintu bazanye maze wandike uburemere nyakuri ku kibaho.
- Saba abana kugereranya ibisubizo maze mubiganireho.
- Bafashe kumva ko gupima aribyo bituma umenya neza uburemere bw'ikintu.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gucishiriza uburemere bw'ibintu nk', utubuye, amababi n'amababa iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
- MK/REB P.70,71

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Shyira abana mu matsinda ya bane bane hanyuma ubahe ikintu babanze bacishirize uburemere bwacyo, hanyuma bagipime . Nibarangiza bagereranye uburemere bari bacishirije n'ubwo babonye bamaze gupima.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana gushaka mu rugo ikintu bagacishiriza uburemere bwacyo. Ku munsi ukurikiraho bazane icyo kintu bagipime maze bagereranye uburemere bucishirije n'uburemere nyakuri.

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA IMIBARE HAGATI YA 200 NA 500

ICYITONDERWA - *Gucishiriza no gupima ni ibintu by'ibanze mu masomo asaba kwitegereza.*

Nyuma y'iri somo ,abana baraba bashobora:
- Kugereranya imibare ibiri no kuvuga umunini cyangwa umuto bakoresheje <, > na =.

Imfashanyigisho:
- Igishushanyo cy'ikibarisho (bibiri).
- Terefone (M-P2-T2-W4-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Iyegereze ibibarisho bibiri uri bukoreshe (ushobora kubikora cyangwa ukabishushanya).

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

429>346
279<424
483>419

- Ririmbana n'abana injyana yo guhera kuri 50 kugera kuri 500 ugenda usimbuka imibare 50.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura kuri 50?"
- Wifashishije ibibarisho bibiri. Fasha abana kugereranya imibare, bajye babanza berekane iyo mibare ku gishushanyo cy'ikibarisho. Hanyuma muyandike ku kibaho muyigereranye mukoresheje ibimenyetso <,> na =.
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bagusobanurire uko bamenya umubare munini cyangwa umuto.

Agakuru k'imibare

?

Mutesi afite amasaro 250 naho Bwiza akagira 500. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Mutesi afite amasaro make ku ya Bwiza.
-Bwiza arusha Mutesi amasaro 250.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana iyi myitozo yo kugereranya bakoresheje >, <, =

200 ☐ 200
500 ☐ 400
350 ☐ 370

4.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Ha abana imyitozo yo kugereranya bakoresheje ibimenyetso <, >, =,

500 ☐ 500 301 ☐ 401
401 ☐ 410
275 ☐ 375

ISOMO RYA 5 – KWEREKANA NO GUSHUSHANYA IMFURUKA ZIGOROROTSE

ICYITONDERWA -*Ibibazo cyangwa ibitekerezo by'umwarimu cg iby'abana bigomba kwibanda ku bintu umwana yabonye. Kugira ngo ufashe abana kwitegereza, koresha ibibazo byo kumuyobora.Urugero, itegereze mu ishuri. Urabona iki? Itegereze inkuta, igisenge, ni ubuhe bwoko bw'imfuruka uhabona?*

Intego y'isomo **Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:** • Kwerekana imfuruka zigororotse.	**Imfashanyigisho:** • Uducamurongo.

1.Gukangura abana	**iminota 2**
• Mukine agakino: "Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo."	
2.Isubiramo	**iminota 3**
• Ca imirongo itambitse maze ubaze abana kuvuga ubwoko bwayo. Ca n'imirongo ihagaritse maze abana bavuge ubwoko bwayo. Baza abana kwerekana ingero z'imirongo itambitse n'ihagaritse mu ishuri.	
3.Isomo rishya	**iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

- Shushanya imfuruka igororotse ku kibaho. Bwira abana kuvuga uko bayibona. Bagereranye imirongo igaragaza imfuruka igororotse. Basobanurire ko ari imfuruka igororotse.
- Bwira abana kureba mu ishuri niba hari imfuruka zigororotse bashobora kubona. Babwire bayikoreho/bayerekane bavuga bati: "imfuruka igororotse".
- Bereke neza uko bayishushanya. Hanyuma bayishushanye mu makayi yabo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1:Kwerekana imfuruka zigororotse (Buri mwana ukwe)
- Bwira buri mwana akwereke ikintu kimwegereye gifite imfuruka igororotse.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kwerekana imfuruka zigororotse iri mu gitabo gikurikira:

- MK/REB P.92

4. Isuzumabumenyi	**iminota 8**
• Baza abana kuvuga ibintu bifite imfuruka zigororotse babona mu ishuri cyangwa mu rugo.	
5. Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**

- Abana bereke umuntu wo mu rugo ikintu gifite imfuruka igororotse.

ISOMO RYA 6 – UMUZENGURUKO WA KARE

ICYITONDERWA - *Ukoresheje utwatsi cyangwa udukoni, kata uduce tune cyangwa 8 two gukoresha amashushongero. abana barushaho kumva umuzenguruko bakora za kare zifite impande z'uburebure bunyuranye. Barapima maze bakandika ubwo burebure, barangiza bagashushanya ayo mashushongero mu makaye yabo, bakandika uburebure bwa buri ruhande n'umuzenguruko wose.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo , abana baraba bashobora:
- Gushaka umuzenguruko wa kare.

Imfashanyigisho:
- Udukoni, utwatsi cyangwa ibindi bishobora kuboneka aho wacamo impande za kare.
- Uducamurongo.

1.Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino kitwa: "Kuraho 50" mukoreshe imibare iherwa na 00 iri hagati ya 50 na 500

2. Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana kuvuga ibiranga kare.

3. Isomo rishya — iminota 25

3. 1. Kuvumbura icyigwa



- Baza abana uko bashaka uburebure bw'uruhande rwa kare. Babaze uti: *"twarupima dute?".*
- Shushanya kare ku kibaho maze wereke abana uko bakoresha agacamurongo bapima uruhande rwa kare.
- Andika igisubizo impande y'uruhande bapimye. Urugero: cm 40.
- Pima izindi mpande 3 maze wandike ibyo ubonye kuri buri ruhande; nyuma ubaze abana icyo babonye – impande zose zirareshya.
- Shushanya indi kare itangana n'iya mbere maze ubwire umwana kuza imbere gupima uruhande rumwe. Bereke uko bafata agacamurongo kugira ngo bapime neza. Andika ibyo abonye kuri urwo ruhande. Bwira abana gufora uburebure bw'izindi mpande, banasobanure uko babonye ibisubizo byabo.
- Hamagara abana 3 kuza gupima izindi mpande zisigaye.
- Sobanurira abana ko uburebure bw'impande enye bwitwa umuzenguruko wa kare.
- Baza abana uko babona uburebure bw'umuzenguruko.
- Umuzenguruko = uruhande + uruhande + uruhande + uruhande
- Shushanya kare ku kibaho ifite uruhande rupima cm 5 maze ukoresheje itegeko, ushake umuzenguruko: cm 5 + cm5 +cm 5 + cm5 = cm 20.
- Basobanurire nanone ko umuzenguruko = uruhande x 4

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo : Umuzenguruko wa kare – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka umuzenguruko wa kare iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.94 -**JKF** P.147
-**MK** P.136 -**LONGHORN** P.118,119,120

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Saba abana gushushanya kare ifite uruhande rwa cm4. Hanyuma bashake umuzenguruko wayo.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Abana baze gukora imyitozo ikurikira yo gushaka umuzenguruko wa kare.
- Shaka umuzenguruko wa kare ifite uruhande rwa cm 8.
- Shaka umuzenguruko wa kare ifite uruhande rwa cm 20.

ICYUMWERU CYA 5:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU.

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Guteranya ubitsa igisubizo kitarenga 500	• Guteranya ubitsa igisubizo kitarenga 500	• Kugaragaza isano iri hagati ya cm, dm, m, dam ukoresheje imbonerahamwe yo guhindura ingero	• Kugabanya na 2	• Kugaragaza isano iri hagati ya cm, dm, m, dam; bakoresheje imbonerahamwe yo guhindura ingero (Imyitozo)	• Kugabanya na 2 (Imyitozo)	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 4 n'icya 5
Udukino two kubara mu mutwe mutwe	• Ni kangahe kabura ku 50? • Kuramo 50	• Ni kangahe kabura ku 100? • Ongeraho 50	• Ni kangahe kabura ku100? • Ongeraho 50	• Kuba 2	• Ni kangahe kabura kuri 100? • Ongeraho 50	• Kuba 2 • Ongeraho 50	
Indirimbo n'injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 200 kugera kuri 300 bagenda bongeraho 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 50 kugera kuri 500, bagenda bongeraho 50	• Injyana y'imibare kuva kuri 50 kugera kuri 500, bagenda bongeraho 50	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 • Gabanya 2	• Injyana y'imibare kuva kuri 50 kugera kuri 500, bagenda bongeraho 50.	• Injyana y'imibare kuva kuri 50 kugera kuri 500, bagenda bongeraho 50	
Imikino yo kubara	• Ongeraho 10 • Ni kangahe kabura ku 100?	• Ongeraho 10	• Kuraho 10	• Kuba 2	• Ongeraho 50 • kuraho 50	• Gabanya 2	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 10, 11	P.10, 11	P.54	P.35, 36	P.54, 55	P. 35, 36,	
MK	P.31, 32	P.31, 32	P.53,54 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.92,93	P.53,54 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.92,93	
JKF	P.75	P.75	P.84,85	P.51	P.84,85	P.51	
LONGHORN	P.29, 30, 31	P.29, 30, 31	P.64,65,66,67	P.53	P.64,65,66,67	P.53	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura kuri?

- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 50.
- Abana bavuge umubare ubura kugira ngo babone 50.

Teranyaho cyangwa Kuraho 50

- Vuga umubare, urugero132 maze uvuge uti:Teranyaho cg kuraho 10
- Abana bavuga umubare babona bateranyijeho cg bakuyeho 10.

Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo

- Uvuga icyerekezo maze abana bagaca imirongo mu kirere muri icyo cyerekezo

Ni uwuhe mubare?

- Hitamo amajwi uri bukoreshe mu kwerekana imibarwa igize umubare. Urugero: Gugubita ku meza inshuro imwe iryo jwi risobanura ikinyenyejana kimwe,gukoma amashyi inshuro imwe bisobanura ikinyacumi rimwe, kuvuza inoni inshuro imwe bisobanura ikinyabumwe rimwe.
- Noneho urajya uvuza ayo majwi, noneho abana bakubwire uwo mubare.
- Urugero: Gukubita ku meza inshuro 1,gukoma amashyi inshuro 3, kuvuza inoni inshuro2 bingana n' 132

Kuba 2

- Mukine agakino: "Kuba 2". Vuga umubare hagati ya rimwe na 10.
- Abana bawukube 2.

Gabanya 2

- Vuga umubare maze abana bavuge igisubizo bawugabanijemo kabiri. .

ISOMO RYA 1 – ITERANYA RIBITSA BAKORESHEJE IMBONERAHAMWE IGISUBIZO KITARENZE 500

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukora imyitozo yo kubara ku kibaho, ni ngombwa gutekereza uvuga, maze abana nabo bakabyigana mu gihe bakora imyitozo y'imibare*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora:

- Guteranya babitsa imibare 2 babitsa (igisubizo kitarenze 500) bakoresheje imbonerahamwe

Imfashanyigisho:

- Terefone (MP2T3W5L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Reba ko mufite ibyo muri bukenere byose mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana injyana yo guhera kuri 200 kugera kuri 300 ugenda wongeraho 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho10".
- Fasha abana guteranya babitsa. Mukorere mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi, ibinyabumwe .
- Ririmbana n'abana injyana yo guhera kuri 300 kugera kuri 400 ugenda usimbuka imibare 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku ijana?" Urajya ukoresha umubare uherwa na 0 cyangwa na 5.
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Umuhoza afite inkoko 350, Mutesi afite 150. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bitekerezo by'agakuru:

- Umuhoza arusha Mutesi inkoko 200.
- Mutesi na Muhoza bateranije bagira inkoko 500.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo ikurikira

182 + 208 = _____?

315 + 126 = _____?

3.2.Umukoro wo mu rugo

- Abana bereka umuntu wo mu rugo uko bateranya 165 + 246 babitsa kandi bakoresheje imbonerahamwe.

ISOMO RYA 2 – ITERANYA RIBITSA IGISUBIZO KITARENZE 500 UKORESHEJE IMBONERAHAMWE

ICYITONDERWA - *Mu myitozo yo gukangura abana cyangwa mu dukino two kubara mu mutwe, mubikore mwihuta kugira ngo utwo dukino turusheho gushimisha abana kandi tubatoze gusubiza vuba.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Guteranya babitsa bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana. (Imyitozo)

Imfashanyigisho:

- Igipapuro gikomeye cyanditseho imibare y'injyana.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Bwira abana kuririmba injyana y'imibare kuva ku 100 kugera ku 200 bagenda bongeraho 10 (bave imbere bajya inyuma, nyuma bave inyuma baza imbere).

2. Isubiramo — iminota 3

Bwira abana gusesengura iyi mibare mo ibinyejana, ibinyacumi n'ibinyabumwe:

- 348
- 271
- 265
- 430

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya iyi mbonerahamwe ku kibaho. Saba umwana aze ayiteranye. Ongera usobanurire abana uko bateranya babitsa wifashishije urugero ruri ku kibaho.
- Teranya ibinyabumwe: 9 + 3 = 12. Ndandika 2 mbike rimwe.
- Teranyaibinyacumi: 5 + 3 = 8 +1(nabitse)= 9
- Teranya ibinyajana: 3 + 1 = 4
- Bwira abana kwandukura iyi mbonerahamwe mu makaye yabo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Guteranya (Babiri babiri)

Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze bakore iyi myitozo yo guteranya babitsa:

- 235 +165 =
- 126 + 271 =

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya babitsa iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P. 10, 11
- **MK** P. 31, 32
- **JKF** P.75
- **LONGHORN** P. 29, 30, 31

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Abana bakore iyi myitozo yo guteranya babitsa ikurikira buri wese ku giti cye:

- 235 +165 =
- 126 + 267 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Abana bereka umuntu wo mu rugo uko bateranya 229 + 122 babitsa bakoresheje imbonerahamwe.

ISOMO RYA 3 – ISANO HAGATI YA CANTIMETERO, DESIMETERO, METERO, DEKAMETERO UKORESHEJE IMBONERAHAMWE YO GUHINDURA INGERO

ICYITONDERWA–*Ukoresheje ingero zoroshye, ushobora kwereka abana impamvu dukeneye ingero fatizo. Mupime ishuri. Abana babanze bacishirize maze wandike ibitekerezo bimwe ku kibaho. Ese baba bacishirije neza?*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora:

- Guhindura ingero z'uburebure bakoresheje cm, dm, m na dam.

Imfashanyigisho:

- Agacamurongo (Nibura 1 ku bana babiri).
- Umugozi wa dam
- Ilati ya m.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino kitwa: "Ni kangahe kabura ngo bibe 100?" Vuga umubare usozwa na 0 cyangwa 5 uri munsi ya 100. Abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 100.

2. Isubiramo — iminota 3

- Ukoresheje umugozi cyangwa agacamurongo, ereka abana uko cm 1 ireshya. Babaze uko cm 10 zaba zireshya; saba abana kukwereka cm 10 ku gacamurongo.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

dam	m	dm	cm

- Baza abana umubare wa cm ziri muri dm, umubare wa dm ziri muri m.
- Sobanurira abana ko cm 10 zihwanye na dm 1, ko dm 10 zihwanye na metero 1.
- Baza abana uti: "ko mfite metero 10 ubwo naba mfite dam zingahe?" (Dam 1). Ifashishe umugozi wa dam, ilati ya m maze ubibutse isano iri hagati ya dam, m, dm, cm. Izo ngero zirutana inshuro 10.
- Shushanya imbonerahamwe ku kibaho, ereka abana uko bayikoresha mu guhindura dam muri m cyangwa dm muri cm.

3.2. Imyitozo mpamya bumenyi

Imyitozo– Guhindura dam (Babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guhindura ingero z'uburebure bakoresheje cm, dm, m na dam iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.54
- **JKF** P.84,85
- **MK** P.53,54 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
- **LONGHORN** P.64,65,66,67

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Ha abana izi ngero maze bazihindure bifashishije imbonerahamwe: dam 6 = m___, dm 4 = cm___. m 2 = dm___, cm 10 = dm___

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana gukoreshaimbonerahamwe yabo maze bakore imyitozo ikurikira:

- m 6 = dm ____
- dam 8 = m ____
- dm 4 = cm ____

ISOMO RYA 4 – KUGABANYA NA 2

ICYITONDERWA- *Mu gihe abana bakina udukino two kubara mu mutwe mujye mwihuta kugira ngo bamenyere kubikora vuba vuba.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kugabanya na 2.

Imfashanyigisho:
- Udukoni, utubuye ndetse n'ibindi bishoboka byakwifashishwa mu kugabanya.
- Terefone (M-P2-T2-W5-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko abana bafite utubarisho baza gukoresha mu isomo.

Agakino ko kubara mu mutwe

- Mukine: "Harabura kangahe ngo bibe 20?" Vuga umubare uri hagati ya1 na 19 maze abana bavuge imibare bateranyaho ngo babone 20.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

10 : 2 =5
8 : 2 = 4
4 : 2 = 2

```
10 | 2
-10 | 5
 00 |
```

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10 ugenda usimbuka umubare umwe.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuba na 2.".
- Fasha abana kugabanya na kabiri mukoresheje utubarisho. Hanyuma ubereke uko bagabanyiriza mu mahembe.
- Kinisha abana agakino ko kugabanya na 2 mukoresheje intoki.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku ijana?" Urajya ukoresha umubare uherwa na 0 cyangwa na 5.
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Manzi afite abana 2. Arashaka kubagabanya inka ze 12. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:
- Buri mwana wese yabona inka 6.
- 12 kugabanaya 2 bihwanye na 6

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi
Ha abana imyitozo yo kugabanya ikurikira:
20 : 2 = ? 6 : 2 = ?
18 : 2 = ? 14 : 2 = ?

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana bakoreshe ibishyimbo cyangwa utundi tubarisho bereke ababyeyi babo uko bashobora kugabanya ibintu 10 mo kabiri.

ISOMO RYA 5 – ISANO HAGATI YA SANTIMETERO, DESIMETERO, METERO NA DEKAMETERO.

ICYITONDERWA- Ukoresheje ingero zoroshye, ushobora kwereka abana impamvu dukeneye ingero fatizo. Mupime ishuri. Abana babanze bacishirize maze wandike ibitekerezo bimwe ku kibaho. Ese baba bacishirije neza ?

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Guhindura ingero z'uburebure bakoresheje cm, dcm m na dam.

Imfashanyigisho:

- Uducamurongo.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino kitwa: "Ongeraho 50". Vuga umubare uri hagati ya50 na 450 maze abana bavuge umubare babona bateranyijeho 50.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Shushanya ku kibaho imirongoi ireshya na cm 1 dm 1, na m 1 . Bwira abana kwerekana umurongo ureshya na cm 1, dm 1, na m 1. Baza abana kuvuga ikintu gifite uburebure buhwanye na metero 10.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

dam	m	dm	cm

Shushanya ku kibaho imbonerahamwe. Ha abana ingero maze bayikoreshe bahindura cm muri dm, dm muri m na m muri dam.
Urugero: dam 1 = m___
dm 1 = cm___
Ongera ubibutse ko izo ngero zirutana inshuro 10, kandi ubibutse n'uko bahindura iyo mibare mu mbonerahamwe.

3.2. Imyitozo mpamya bumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye guhindura ingero z'uburebure bakoresheje cm, dm, m na dam iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.54, 55 **-JKF** P.84,85

-MK P.53,54 (Hitiramo abana imyitozo ijyanye n'isomo) **-LONGHORN** P.64,65,66,67

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imyitozo ikurikira maze abana bayikore bifashishije imbonerahamwe y'ingero.
  dam 7 = m___ dm 2 = cm____
  m 3 = dm____ cm 30 = dm____

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana gukoresha imbonerahamwemaze bakore imyitozo ikurikira:

- dm 8= cm ___
- dam 9= m ___
- m1= dm___

ISOMO RYA 6 – KUGABANYA NA 2

ICYITONDERWA- *Abana nibamara kumenyera udukino two kubara mu mutwe, shishikariza abana kuba mwarimu, maze baze imbere maze bakinishe bagenzi babo udukino two kubara mu mutwe.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kugabanya na 2.

Imfashanyigisho:
- Udukoni, utubuye ndetse n'ibindi bishobora byakwifashishwa babara.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino kitwa: "Kuba 2."

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana uko bigenda iyo ushaka kugabanya udukoni abantu babiri. Ubigenza ute kugira ngo bose batware utungana?

3. Isomo rishya **iminota3**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

- Bwira abana kujya mu matsinda ya babiri babiri, maze buri tsinda ribare udukoni 24.
- Babwire kutugabana. Buri wese arabona tungahe? (Igisubizo:12).
- Saba umwana kuza akabigabanyiriza mu mahembe
- Basobanurire uko bagabanya mu mahembe wifashishije urwo rugero.

3.2. Imyitozo mpamya bumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kugabanya 2 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.35, 36
-**JKF** P.51
-**MK** P.92,93
-**LONGHORN** P.53

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Umwitozo wa 1:
Ha abana imibare yo kugabanya 2 buri wese ku giti cye.
- 20:2
- 36:2
- 38: 2
- 18:2

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Ha abana imibare yo kugabanya 2 bageze mu rugo.
- 28:2
- 46:2
- 22:2
- 34:2

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5

Buri mwana akore ibi bibazo wenyine. Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza.

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana akwereke imfuruka zigororotse kuri ibi bishushayo
Kora ku mfuruka igororotse iri kuri ibi binyampande

Ikibazo cya 2 – Saba umwana gusesengura imibare ikurikira mo ibinyabumwe, ibinyacumi n' ibinyajana

	Ibinyajana	Ibinyacumi	Ibinyabumwe
123			
234			
500			
256			
359			

Ikibazo cya 3 – Gereranya imibare ikurikira ukoresheje< , > na =

200	300	400	399
333	333	234	432
257	212	213	210

Amanota	Ibyavuye mu ikosora		
	Ni byiza cyane	Ni byiza	Akeneye gufashwa
Ikibazo cya 1	10 - 8	7 cyangwa 5	4 cyangwa munsi
Ikibazo cya 2	5	3 cyangwa 4	2 cyangwa munsi
Ikibazo cya 3	5 cyangwa 6	3 cyangwa 4	2 cyangwa munsi

Icyitonderwa :

Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 6:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuramo utira (imibare iri munsi 500) mukoresheje imbonerahamwe	• Gukuramo utira (imibare iri munsi 500) mukoresheje imbonerahamwe	• Gutandukanya amafaranga kuva ku 100 kugera kuri 500	• Gukuba na 6 umubare w'imibarwa ibiri babitsa	• Gukubana 6 umubare w'imibarwa ibiri babitsa	• Gushaka umuzenguruko wa kare (amahurizo)	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• kuraho 10 • kuraho 100	• Kuramo 10	• Ni kangahe kabura ku ijana	Kuba 2 Ni kangahe kabura kuri 20		• Kuraho 50	
Indirimbo n'injyana	• Injyana y'imibare bongeraho 10 kuva kuri 358 kugera kuri 448	• Injyana y'imibare bongeraho 10, bava inyuma baza imbere (kuva kuri 400 kugera kuri 500.	• Injyana y'imibare bongeraho 50, kuva ku 100 kugera kuri 500 bava imbere banasubira inyuma	• Injyana ya mara ya 6	• Injyana ya mara ya 6	• Injyana ya mara ya 4	
Imikino yo kubara	Kuba kabiri uteranyeho rimwe	• Kuraho 10					
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.16,17	P.16,17	P.72,73,74,80,81	P.27, 32	P.27, 32	P.94	
MK	P.81,82	P.81,82	P.83,96	P.50, 74	P.50, 74	P.136	
JKF	P.76,105,106	P.76,105,106	P.119,120	P.69	P.69	P.147	
LONGHORN	P.36,37,38,39,40	P.36,37,38,39,40	P.82,83	P.46,47,52,53	P.46,47,52,53	P.118,119,120	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura kuri 50 cyangwa ku 100?

- Vuga umubare uri hagati ya 1 na 49 cyangwa hagati ya 1 na 99).
- Abana bavuga umubare bateranyaho ngo babone 50 (cyangwa ngo babone 100).

Ongeraho 50 cyangwa Kuramo 50

- Vuga umubare, urugero 300 maze uvuge uti: ongeraho 10cyangwa kuraho 10.
- Abana bavuga umubarebabona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 10. (Igisubizo 310 cyangwa 290)

Kuba 2

- Mukine agakino kitwa*:* "Kuba 2". Vuga umubare maze abana bawukube na 2(ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera ku 10).

ISOMO RYA 1 – IKURAMO RITIRA

ICYITONDERWA - *Wigishe abana kumva uko ibintu bikorwa aho kubifata mu mutwe gusa. N'ubwo gufata mu mutwe bishobora gufasha, biba byiza kurusha iyo umwana yumva neza uko imibare ikoreshwa. Ibi bituma bashobora kubikoresha n'ahandi mu buzima busanzwe.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuramo batira bakoresheje imibare itarenze 500.

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T2-W6-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Saba abana kwiyegereza amakayi n'amakaramu yabo bitegure neza gukurikira isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

	J	C	B
	3	~~7~~ 6	12
-	1	6	5
	2	0	7

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara bongeraho 10 kuva kuri 358 kugera kuri 448 bagenda bajya imbere banasubira inyuma.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuramo icumi"
- Fasha abana gukuramo mutira mukoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi, ibinyabumwe n'ibinyajana.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuramo ijana"
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Umuhinzi Manzi yari afite ibishyimbo ibilo 470 n'ibigori ibilo 266 arashaka kubigurisha. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
- Manzi afite umubare w'ibiro by'ibishyimbo uruta uw'ibigori.
- Manzi azasarura ibigori bikeya ugereranyije n'ibishyimbo.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo ikurikira maze buri mwana ayikore ku giti cye:
260 - 129 = ?
450 - 201 = ?

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana bakore iyi myitozo yo gukuramo batira nibagera mu rugo:

455-138=
368-209=
.

ISOMO RYA 2 – IKURAMO RITIRA (IMIBARE ITARENGA 500)

ICYITONDERWA - *Abana bifashishije udufungo twabo bakora imyitozo yo gukuramo kugeza igihe bashobore kuyikora bihuta.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora imyitozo yo gukuramo batira.

Imfashanyigisho:
- Igishushanyo cy'ikibarisho.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino kitwa: "Kuraho 10". Vuga umubare uri hagati ya200 na 500, maze abana bavuge umubare usigara bakuyeho 10.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Mukine agakino kitwa: "Ongeraho 10". Vuga umubare uri hagati ya200 na 500, maze abana bavuge umubare babona bongeyeho 10.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

	J	C	B
	2	3	6
—	1	2	8

- Shushanya iyi mbonerahamwe ku kibaho.
- Hitamo umwana aze yerekane imibare 236 na 128, hanuma ayandike mu mbonerahamwe.
- Babwire bakuremo ibinyabumwe, ibinyacumi, n'ibinyejana hanyuma bandike igisubizo.
- Ubafashe gusobnukirwa neza uko bakuramo batira.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo : IGITABO CY'UMUNYESHURI

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora imyitozo yo gukuramo batira iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.16,17 **-JKF** P.76,105,106

-MK P.81,82 **-LONGHORN** P.36,37,38,39,40

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Abana bakoporore imbonerehamwe mu makaye yabo maze bakore iyi myitozo.
- 453- 238
- 321 – 116

J	C	B

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana bereka ababyeyi babo cyangwa umuvandimwe uko batondeka ibinyacumi kugira ngo bakore uyu mwitozo wo gukuramo:
- 351 – 136 =
- 472 – 257 =

ISOMO RYA 3 – AMAFARANGA KUVA KU 100 KUGERA KURI 500

ICYITONDERWA–*Ifashishe udukino kugira ngo isomo rirusheho gucengera. Urugero: Baza abana uti: mu kibuga hari ibiti bingahe?*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gutandukanya ibiceri n'inote kuva ku ifaranga 1 kugera ku mafaranga 500.

Imfashanyigisho:

- Ibiceri by'amafaranga 1, 2, 5,10,20,50,100 n'inote ya 500.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Bwira abana guhaguruka maze baririmbe injyana y'imibare bagenda bongeraho 50, kuva ku 100 kugera kuri 500, bava imbere bajya inyuma, hanyuma muyisubiremo bava imyuma bajya imbere.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana ubwoko bw'ibiceri bunyuranye. Babwire kuvuga umubare uri kuri buri giceri. Andika uwo mubare ku kibaho.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana inote y'amafaranga 500. Bwira abana kuvuga ibiranga iyo note. Baza abana ibiceri bateranya bakabona ayo mafaranga 500.
- Urugero: inote imwe ihwanye n'ibiceri 5 by'ijana.
- Babwire batekereze ubundi bwoko bw'ibiceri wateranya ukabona amafaranga 500.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1:(Babiri babiri)

- Bwira abana gukora amatsinda ya babiri babiri. Babwire gushushanya ubwoko bw'amafaranga akoreshwa kuva kuri 1 kugera kuri 500.
- Baza abana icyo bashobora kugura igihe bafite amafaranga magana atanu.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gutandukanya amafaranga kuva kuri 1 kugera kuri 500 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.72,73,74,80 **-JKF** P.119,120

-MK P.83,96 **-LONGHORN** P.82,83

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Mukine agakino kitwa: "Mu mafaranga 500 harimo ibiceri bingahe." Babaze umubare w'ibiceri by'100 bihwanye na 500. Komeza utyo n'ubundi bwoko bw'ibiceri.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana barebe iwabo mu rugo ibintu bigura amafanga 500 maze babyandike mu makayi yabo.

ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 6 UMUBARE W'IMIBARWA 2 BABITSA

ICYITONDERWA- *Igisha abana kumva uko ibintu bikorwa aho kubifata mu mutwe gusa. N'ubwo gufata mu mutwe bishobora gufasha umwana, biba byiza kurusha iyo umwana yumva neza uko imibare ikoreshwa. Ibi bituma bashobora kubikoresha n'ahandi.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuba na 6 umubare w'imibarwa ibiri babitsa.

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T2-W6-L4)
- Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Tegura abana, batuze bakurikire ibice by'isomo binyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

J	C	B
	3^1	2
	x	6
1	9	2

- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 6.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuba na 2".
- Fasha abana gukuba na 6 umubare w'imibarwa 2 mubitsa.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku ijana?". Urajya ukoresha umubare uherwa na 0 cyangwa na 5.
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Yohani afite inka 6. Mwavuga iki ku maguru, ku maso, ku matwi, ku mirizo yazo?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
- Buri nka ifite amaguru 4.
- Inka za Yohani zifite amaguru 6 gukuba kane.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo ikurikira bayikore buri wese ku giti cye
69 x 6 =,
35 x 6 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Ha abana iyi myitozo baze kuyikorera mu rugo :

44x6=
77x6=

ISOMO RYA 5 – GUKUBA NA 6 UMUBARE W'IMIBARWA 2 BABITSA

ICYITONDERWA- *Basobanurire ko guteranya bishobora gukorwa mu buryo bubiri: 2 + 1 = 3 na 1 + 2 = 3. Ni nako bigenda mu gukuba.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuba na 6 umubare w'imibarwa ibiri babitsa

Imfashanyigisho
- Urupapuro rukomeye rwanditseho mara ya 6.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Mukine agakino kitwa:"Kuba **2".** Vuga imibare yose kuva kuri 1 kugera kuri 10 maze abana bavuge umubare babona bakubye 2.

2. Isubiramo **iminota 3**

Manika ku kibaho urupapuro rwanditseho mara ya 6.
Bwira abana barahaguruka maze bariririmbe injyana ya mara ya 6.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

J	C	B
	2^2	4
x		6
1	**4**	**4**

- Andika ku kibaho 24 x 6= mu buryo buhagaze.
- Saba umwana aze akore uwo mwitozo.
- Ibutsa abana uko bakuba na 6 babitsa.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: (Babiri babiri)
- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze bakore uyu mwitozo: 35 x 6.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba na 6 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.27, 32 **-JKF** P.70

-MK P.50, 74 **-LONGHORN** P. 49

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana imyitozo yo gukuba na 6 ikurikira, buri wese ayikore ku giti cye:
52 x 6=
72 x 6=

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Iyi imyitozo ikurikira, abana bayikorere mu rugo:
- 34 x 6
- 28 x 6

ISOMO RYA 6 – UMUZENGURUKO WA KARE

ICYITONDERWA- *Ujye wigishanya umwete. Byatuma umwana atarambirwa vuba*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora :
- Gushaka umuzenguruko wa kare.

Imfashanyigisho:
- Urupapuro rukomeye rushushanijeho kare zitandukanye, n'urundi rwanditseho mara ya 4 .

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Bwira abana guhaguruka maze baririmbe akaririmbo ka mara ya 4.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Bwira abana bashushanye kare ifite uruhande rungana n'utuzu 3 two mu ikayi yabo.

3. Isomo rishya **iminota 3**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Umuzenguruko = uruhande + uruhande + uruhande + uruhande
= uruhande x 4

- Abana babare umubare w'utuzu tugize umuzenguruko wa ya kare bashushanije. Hanyuma ubasabe kukwibutsa uburyo bashaka umuzenguruko wa kare.
- Andika ku kibaho: Umuzenguruko = uruhande + uruhande + uruhande + uruhande.
- Bwira abana ko ubundi buryo bwo gushaka umuzenguruko wa kare ari ugufata uburebure bw'uruhande rumwe ugakuba kane. Saba abana gukuba 3 (umubare wa twa tuzu tungana n'uruhande) na 4.
- Hanyuma mugereranye ibisubizo mubonye mukoresheje ubwo buryo bwombi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora amahurizo ku muzenguruko wa kare iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.94 **-JKF** P.147
- MK P.136 **-LONGHORN** P.118,119,120

Icyitonderwa: Mwibuke gukoresha uburyo bwo gushaka umuzenguruko mukuba uruhande na 4.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana umwitozo ukurikira buri wese ayikore ku giti cye

Shaka umuzenguruko wa kare zikurikira.
1) kare ifite uruhande rwa cm 18
2) kare ifite uruhande rwa cm 3

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bashake umuzenguruko wa kare ifite uruhande rwa cm3. Babanze bayishushanye mu makayi yabo.

ICYUMWERU CYA 7:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU.

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'umubarwa umwe (igisubizo kitarenze 500)	• Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'umubare w'umubarwa umwe (babitsa)	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure (igisubizo kitarenze 500)	• Gukora Amahurizo yo guteranya no gukuramo (+,-) igisubizo kitarenze 500	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburemere (igisubizo kitarenze 500)	• Kuvunja amafaranga y'u Rwanda 500 mo ibiceri by'amafaranga (1, 5, 10, 20, 50)	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 6 n'icya 7
Udukino two kubara mu mutwe	• Kuba gatatu	• Kuba kabiri • Ni kangahe kabura ku 100	• Kuba n'icumi • Ongeraho 10	• Ni kangahe kabura ku ijana	• Ongeraho 10	• Ni kangahe kabura ku 100	
Indirimbo n'injyana	• Injyana yo gukuba na 3	• Injyana yo gukuba na 2 • Injyana yo gukuba na 3	• Injyana yo kubara uhereye ku 134 kugera ku 234 ugenda wongeraho 10	• Injyana yo kuva ku ijana ukagera kuri 500 ugenda wongeraho imibare 100	• Injyana yo kubara uhereye ku 356 kugera kuri 456 ugenda wongeraho 10)	• Injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 500 ugenda wongeraho 50.	
Imikino yo kubara	• Sesengura uyu mubare	• Kuraho 10	• Ongeraho 10	3	• Kuraho 10		
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.49	P.49	P.55	P.50, 51,52	P.71	P.72,73,74	
MK	P.86,87	P.86,87	P.88, 89	P.106, 107	P.91, 90	P.83,96	
JKF	P.89,129	P.89,129	P.86,98,99,100	P.104,105,106	P.82,83	P.120,	
LONGHORN	-	-	P.67,68,70	P.32,40	P.79,80,81	P.82,83	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura ku 100?

- Vuga umubare uri hagati ya1 na 100 (imibare iherwa na 0 cyangwa na 5).
- Abana bavuge umubare bateranyaho bakabona100.

Teranyaho cyangwa Kuraho 10

- Vuga umubare, urugero 250 maze uvuge uti: Teranyaho cyangwa kuraho 10.
- Abana bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 10.

Kuba inshuro 2.

- Uvuge umubare kuva kuri 1 kugera ku 10, maze abana bawukube kabiri baguhe igisubizo.

Kuba 2 uteranyeho 1

- Uvuge umubare kuva kuri 1 kugera ku 10, maze abana bavuge uwo mubare bawukubye na kabiri bongeyeho rimwe.

Kuba 3

- Uvuge umubare kuva kuri 1 kugera ku 10, maze abana bavuge uwo mubare bawukubye na 3.

Sesengura uyu mubare

- Uvuge umubare maze abana bavuge ibinyejana, ibinyacumi n'ibinyabumwe birimo. Urugero: 346 = ibinyajana 3+ ibinyacumi 4+ ibinyabumwe 6.

ISOMO RYA 1 – GUKUBA UMUBARE W'IMIBARWA ITATU N'UNDI W'UMUBARWA UMWE

ICYITONDERWA- *Mu ishuri hagamba kubaho ibyitegererezo byafasha abana kurushaho kumva imibare. Urugero: igikarito kireshya na metro 1 kimanitse ku kibaho, uburebure bw'akabati, imbonerahamwe iriho urutonde rw'imibare kuva kuri 1 kugera ku 100.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'umubarwa umwe.

Imfashanyigisho:

- Terefone (M-P2-T2-W7-L1)
- Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Tegura abana, bakurikire neza igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

	J	C	B
	1	2	1
x			3

143 x 2

116 x 4

- Kinisha abana agakino "Sesengura uyu mubare". Urajya uvuga umubare, hanyuma abana bakubwire umubare w'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe biwugize.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuba inshuro eshatu."
- Fasha abana gukuba babitsa mukoresheje imbonerahamwe y'ibinyejana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 3.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuba inshuro 2" Urajya ukoresha umubare kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Umucuruzi Gasana afite amapaki 2 arimo amabiye **100.**
Naho umucuruzi Gakire afite amapaki atatu arimo amabiye 100. Mwabivugaho iki?

- **Umucuruzi Gasana afite amabiye 200.**
- **Amabiye ya Gakire yose hamwe ni 300.**
- **Bose hamwe bafite amabiye 500.**

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Andika ku kibaho iyi myitozo maze abana bayikore buri wese ku giti cye

323 x 2 = , 102 x 3 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Abana bereka ababyeyi babo uko bashobora gukuba imibare ikurikira:

- 134 x 3=
- 171x 2=

ISOMO RYA 2 – IKUBA RIBITSA (IMIBARE ITARENGA 500)

ICYITONDERWA- ICYITONDERWA- *Shyira mu ishuri "ahantu" habikwamo ibikoresho by'imibare, nk'akabati cyangwa ameza aho abana bashobora kubisanga bitabagoye.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'umubare w'umubarwa umwe (babitsa).

Imfashanyigisho

- Igipapuro gikomeye cyanditseho mara ya 2 n'iya 3

1. Gukangura abana — **iminota 2**

Mukine: "Ni kangahe kabura ku 100?". Uvuge umubare uherwa na 0 maze abana bavuge undi bakongeraho bikaba 100.

2. Isubiramo — **iminota 3**

Subiramo injyana yo gukuba na 2 n'iyo gukuba na 3.

3.Isomo rishya — **iminota 25**

3. 1. Kuvumbura icyigwa

J	C	B
1	$^{1}1$	3
	x	4
4	5	2

- Andika ku kibaho uhagaritse: 113 x 4=.
- Saba abana kwandika imibare mu mbonerahamwe.
- Bafashe gukuba uhereye ku binyabumwe 3 x 4.
- Sobanurira abana ko igisubizo ari 12, andika 2 mu mwanya w'ibinyabumwe maze ubitse 1 hejuru y'ibinyacumi.
- Nyuma ukube ibinyacumi: 1 x 4 ni 4 guteranyaho 1 mwabitse mukabona 5. Andika 5 mu mwanya w'ibinyacumi. Rangiza ukuba ibinyejana: 1 x 4 ni 4 maze wandike igisubizo mu mwanya w'ibinyejana. Igisubizo ni 452.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Imyitozo yo gukuba– (babiri babiri)

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze bakube: 324 x 3, bakorere mu mbonerahamwe

Umwitozo wa 2:Imyitozo yo gukuba- IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba umubare w'imibarwa itatu n'umubare w'umubarwa umwe(harimo kubitsa) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
  - MK/REB P.49 **-MK** P.86,87 **-JKF** P.89,129

4. Isuzumabumenyi — **iminota 8**

- Ha abana imyitozo yo gukuba ikurikira buri wese ayikore ku giti cye:
- 123 x 4= 220 x 2=

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

- Abana bereka umuntu wo mu rugo cyangwa umuturanyi uko bakuba imibare ikurikira :
- 126 x 3
- 125 x 4 =

ISOMO RYA 3 – GUTERANYA NO GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE

ICYITONDERWA– *Ujye ugenzura ko buri mwana wese azi gukoresha imbonerahamwe y'ingero.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure.

Imfashanyigisho
- Ilati ya m.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine: **"Teranyaho10"**: Vuga umubare uri hagati ya 200 na 500 maze abana bavuge umubare babona bateranyijeho icumi.

2. Isubiramo **iminota 3**

m	dm	cm
1		
1	**0**	
1	**0**	**0**

- Ifashishe ilati ya m, saba abana kukwereka dm na cm ziri muri m.
- Shushanya ku kibaho imbonerahamwe yerekana: m, dm, na cm maze ubaze abana guhindura ingero zikurikira:
  - m 6 = dm ____
  - cm 500 = m ___
  - dm 40 = m ____

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

dm	cm
3	0
+ 1	2
dm 4	cm 2

- Andika ku kibaho: dm 3 + cm 12. Baza abana uko twabiteranya.Bereke uko bandika dm3 na cm 12 mu mbonerahamwe maze bakabiteranya.
- Igisubizo ni dm 4 na cm 2.
- Ongera ubereke ukoresheje iyi myitozo ikurikira:
  - m 1 - dm 8 = dm___
  - m 3 + dm 5 = dm___

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya no gukuramo ingero z'uburebure iri mu bitabo bikurikira (hitamo igitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.55 **-JKF** P.86,98,99,100

-MK P.88, 89 **-LONGHORN** P.67,68,70

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imyitozo ikurikira buri wese ayikore ku giti cye:
- dm 30 + dm 7 = dm ___
- m 4 + m 7 = m___
- cm 20 - cm 11 = cm ___

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana gukora imyitozo ikurikira :
  - dm 50 - dm 30 = dm___
  - m 20 + m 32 = dm___
  - cm 17 + cm 10 = cm ____

ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO

ICYITONDERWA-*Mu gihe utangiye kwigisha amahurizo, koresha imibare mito. Bituma abana bashobora guhitamo neza uburyo bwiza bwo gukoresha na gusesengura ihurizo kugira ngo bamenye icyo ribaza. Uko abana bagenda bamenyera ni ko uzarushaho gukoresha imibare minini.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora amahurizo arimo guteranya no gukuramo.

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-T2-7-L4)**
- Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri tlefone **umunota 1**

- Fasha abana kwitegura ngo bakurikire neza ibice by'isomo binyuzwa kuri terefone.

2. Mu bice by'isomo rinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1. Johani arusha Petero inka 50. Niba Petero afite inka 200, ubwo Yohani afite zingahe?
2. Hari ibitabo 432 mu kabati. Abana batiyemo 200. Hasigaye ibitabo bingahe?
3. Teta afite amcunga 120, yagurishijemo 25. Ubwo asigaranye angahe

INDI MIKINO YO KUBARA

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara uva kuri 278 ugere kuri 358, ugenda wongeraho icumi.
- Kinisha abana agakino "Ni kangahe kabura ku ijana?".
- Andika ayo mahurizo ari ku kibaho. Hanyuma ufashe abana gukora ayo mahurizo rimwe rimwe mukurikije inzira ikurikira: Gusoma, gusesengura ukamenya icyo baguhaye n'icyo bakubaza no gushaka igisubizo.
- Ririmbisha abana injyana yo kubara kuva ku 100 ukagera kuri 500, ugenda wongeraho imibare 100. Ubanze ujye imbere, hanyuma usubire inyuma.
- Fasha abana gutanga ibiterezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana bakubwire ibyo bize muri iri somo.

3.1. Isuzumabumenyi **iminota 9**

1. Mutesi yari afite amakayi 20. Yahayeho murumuna we amakayi 9. Ubwo Mutesi asigaranye amakayi angahe?
2. Mfite imyaka 8, mukuru wanjye afite imyaka 13. Ubwo twese hamwe dufite imyaka ingahe?

3.2 . Umukoro wo mu rugo

Abana bakorera iyi myitozo iwabo mu rugo:
- Mu mwaka wa 2, harimo abakobwa 25 n'abahungu 33. Abana bose ni bangahe?
- Mama Yaguze amagi 30. Yaranyereye maze amagi 9 arameneka. Asigaranye amagi angahe ?

ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO INGERO Z'UBUREMERE

ICYITONDERWA- *Kwigisha bijyana no gutoza abana ikinyabupfura.Ni urugamba ruhoraho kuva umwaka ugitangira.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guteranya no gukuramo ingero z'uburemere.

Imfashanyigisho:
- Umunzani wo gupimisha.
- Ibintu 2 byo gupima

1. Gukangura abana **iminota2**

- Mukine "Kuraho 10"*:* Vuga umubare uri hagati ya 10 na 100 maze abana bavuge umubare usigara bakuyeho 10.

2.Isubiramo **iminota3**

- Subiramo uko bapima ingero muri kg. Koresha abana umwitozo wo gupima ibintu nibura bibiri binyuranye bifashishije umunzani.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

kg54–kg13=kg__

kg65 –kg2= kg__
kg46 + kg240=kg__

- Andika ku kibaho: kg 54 – kg13 = .kg __
- Babaze uko bakuramo izi ngero.
- Bereke uko bakura kg 13 muri kg 54.
- Igisubizo ni kg 41.

Saba abana gukora iyi myitozo kandi basobanure uko babigenza:
- Kg 65 – kg 2= kg ____
- Kg 46 + kg 24 = kg ___

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi **iminota 3**

Umwitozo wa 1: (Babiri babiri)
Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze bakore imyitozo ikurikira:
- kg 30 + kg 14 = kg…
- kg 17 – kg 52 = kg …
- kg 23 – kg 13 = kg …
- kg 75 + kg 24 = kg …

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya no gukuramo ingero z'uburemere iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
- **MK/REB** P.71 **-JKF** P.82,83

-MK P.91 **-LONGHORN** P.79,80,81

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana imyitozo ikurikira maze buri wese ayikore ku giti cye
kg 17 + kg 52 = kg ___
kg 40 - kg 40 = kg ___

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana bakore imyitozo ikurikira:
- kg 45– kg 20 = kg …
- kg 23 + kg 30 = kg …
- kg 78 – kg 67 = kg …

ISOMO RYA 6 – KUVUNJA INOTI Y'AMAFARANGA 500 MO IBICERI

ICYITONDERWA- Mu isomo ku mafaranga, ugerageze kwifashisha ingero zo mu buzima bwa buri munsi n'udukino two kwigana. Mukore nk'aho mufite iduka mu ishuri maze abana baze kuguramo ibintu kandi nyuma yo kugura mubagarurire.

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Kuvunja amafaranga 500 mo ibiceri by'amafaranga y'u Rwanda 1, 2, 5, 10, 20, 50, 100.

Imfashanyigisho:

- Urugero: ibiceri by'amafarang y'u Rwanda 1, 5, 10, 20, 50, 100.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Bwira abana guhaguruka maze baririmbe injyana y'imibare kuva ku 100 kugera kuri 500 bagende bongeraho 50, bava imbere bajya inyuma, nyuma bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana ubwoko bw'ibiceri binyuranye maze bavuge umubare uri kuri buri giceri. Andika iyo mibare ku kibaho.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ganira n'abana uburyo bunyuranye mushobora kuvunja amafaranga 500. Babaze umubare w'ibiceri by'ijana, ibya 50, 20, 5 n'icy'ifaranga rimwe 1 mukeneye kugira ngo mubone amafaranga 500. Andika ibi bisubizo ku kibaho.
- Bwira abana kuvuga ubundi buryo bwo kubona amafanga 500 bakoresheje ibiceri binyuranye. Urugero: ibiceri 4 by'amafaranga 100 n'ibindi 2 by'amafaranga 50.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: (Babiri babiri)

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze bashushanye amafaranga mu buryo butatu bunyuranye ku buryo babona amafanga 500(ibiceri 5 by'ijana, inoti ya 500, ibiceri 4 by'ijana, n'ibiceri 2 bya 50, Ibiceri 10 bya 50…)

Umwitozo wa 2:IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka ibiceri bihwanye n'amafaranga 500 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.72,73,74 -**JKF** P.120

-**MK** P.83,96 -**LONGHORN** P.82,83

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Saba buri mwana gushushanya ibiceri binyuranye ku buryo bingana n'amafaranga 500.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bereke abo mu rugo uburyo nibura bubiri bunyuranye bashobora kuvunja amafaranga 500 bakoresheje ibiceri binyuranye.

Buri mwana akore ibi bibazo wenyine. Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza

Ikibazo cya 1 – ***Mukine "kuba na Kabiri". Vuga imibare ikurikira umwe umwe, hanyuma umwana ukubwire uwo mubare awukubye na kabiri. Ugire vuba vuba uko bishoboka kose.***

8	**6**	**10**	**4**	**3**	**5**
2	**4**	**7**		**3**	**7**

Ikibazo cya 2 – Kuba iyi mibare

13 x 6 = **6 x 5 =**

26 x6= **46 x 6 =**

16 x6= **12x 6 =**

Ikibazo cya 3 – Kora aya mahurizo

1. Keza afite amacunga 90, yagurishijemo amacunga 25. Asigaranye amacunga angahe?

2. Mwarimu yari afite ibitabo 42 mu bubiko bwe. Atiza abana ibitabo 20. Ubwo asigaranye ibitabo bingahe?

3. Anyensi arusha Mariya inka 50. Mariya afite inka 40. Ubwo Anyensi afite inka zingahe?

Amanota	Ibyavuye mu isuzuma		
	Ni byiza cyane	Ni byiza	Aheneye gufashwa
Ikibazo cya 1	Hejuru ya 10	3 kugera kuri 7	3 cyangwa munsi
Ikibazo cya 2	5 cyangwa 6	3	2 cyangwa munsi
Ikibazo cya 3	3	2	1 cyangwa munsi

Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 8:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kugabanya na 3 udasagura	• Kugabanya na 4 udasagura	• Imyitozo yo gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'umubarwa umwe nta kubitsa (igisubizo kitarenze 500)	• Amahurizo yo gukuba no kugabanya(igisubizo kitarenze 500)	• Amahurizo ku mategeko ane y'ibara (guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya (igisubizo kitarenze 500)	• Gukora amahurizo ku ngero z'uburemere	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Kubara uteranyaho 3	• Kubara uteranyaho 4	• Gukuba na 3/Gukuba 2	• Ongeraho 50 • Ni kangahe kabura ku 100	• Ongeraho 10 • Kuraho 20	• Kuraho 10	
Indirimbo n'injyana	• Indirimbo ya mara ya 3 • Kuba 3	Indirimbo ya mara ya 2	• Indirimbo ya mara ya 2	• Injyana y'imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500, bongeraho 50	• Injyana y'imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500, bongeraho 50	• Injyana y'imibare kuva ku 152 kugera kuri 252 bongeraho 10	
Imikino yo kubara	• Shaka bitatu		• Kuba kabiri wongereho 1 • Ni kangahe kabura ku 100			• Kuba 2	
AHA TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURIS							
MK/REB	P.37, 38	P.39, 40	P. 43, 49	P.50, 51	P.50, 51	P.71	
MK	P.94, 95	-	-	P.86, 87, 108, 109	P.86, 87, 106, 107, 108, 109	P.104, 105	
JKF	P. 51-58 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P. 51-58 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.89	P.104, 105, 106, 107, 108 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.104, 105, 106, 107,108	P.98, 99, 100, 101 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	
LONGHORN	P.54,55 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.55,56 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	-	P.52,53,56,57 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.52,53,56,57 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.80,81	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura ku 100?

- Vuga umubare uri hagatiya 1 na 100 (uherwa na 0 cyangwa 5).
- Abana bavuga umubare wateranyaho ngo bibe 100.

Ongeraho cyangwa Kuraho 10

- Vuga umubare, urugero 250, maze wongere uti: Ongeraho cyangwa kuraho 10.
- Abana bavuga umubare barabona nibateranyaho cyangwa nibakuraho10.

Ongeraho cyangwa Kuraho 50

- Vuga umubare, urugero 300 maze uvuge uti: Ongeraho cyangwa Kuraho 50.
- Abana bavuga umubare barabona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 50 (ukoreshe imibare iherwa na 00 cyangwa 50).

Kuba na 2

- Vuga umubare kuva kuri 1 kugera kuri 10, maze abana bavuge uwo mubare bawukubye na 2.

Kuba na 2 uteranyeho 1

- Vuga umubare kuva kuri 1 kugera kuri 10 maze abana bavuge uwo mubare bawukubye na 2 bateranyijeho 1.

Kuba na 3

- Vuga umubare uherwa kuva kuri 1 kugera ku 10 maze abana bavuge uwo mubare bawukubye na 3.

Shaka ibintu bitatu

- Bwira abana kwitegereza mu ishuri maze barebe ibintu byaba biri mu matsinda ya bitatu bitatu.

ISOMO RYA 1 – KUGABANYA NA 3

ICYITONDERWA - *Isomo rirushaho gushimisha iyo rihujwe n'ubuzima bwa buri munsi.*

Intego y'isomo
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Kugabanya umubare na 3 nta gusagura.

Imfashanyigisho:
- Udukoni, utubuye cyangwa ibindi bintu biboneka hafi aho bashobora kubarisha.
- Terefone (M-P2-T2-W8-L1).
- Indangururamajwi

1. Mbere y'igice cy'isomo cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Mukine agakino kitwa "Kuba 2" uteranyeho 1.Vuga umubare uherwa na 5 cg 0 kandi uri hagati ya 0 and 10. Bwira abana kuwukuba na 2 maze bateranyeho 1.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 3.
- Kinisha abana agakino"Shaka ibintu bitatu."
- Fasha abana kugabanya na 3. Mugenda mushushanya amatsinda y'utubarisho dutatu dutatu. Hanyuma mukandika uko mugabanya uwo mubare na 3 ku kibaho.
- Kinisha abana "Bara imibare itatu, itatu".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana basobanure uburyo bagabanije imibare na 3.

Agakuru k'imibare

Abana bari bafite keke 12 kandi bose batwaye umubare ungana wa keke. Mwabibivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Niba abo bana ari 3. Buri wese azatwara keke 4
-Niba abo bana ari 2. Buri wese azatwara keke 6.
-Niba abo bana ari 4 buri wese azatwara keke 3

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi
Ha abana imyitozo ikurikira buri wese ayikore ku giti cye.
69:3=
42:3
33:3

3.2.Umukoro wo mu rugo

Abana bagabanye imibare ikurikira babanje gushushanya utudomo mu makaye yabo
- 15:3=
- 21:3 =

ISOMO RYA 2 – KUGABANYA NA 4

ICYITONDERWA -*Ugerageze kudakambya agahanga umwana nasubiza nabi. Byatuma atinya kongera gusubiza. Kumenya gutekereza no gukomeza kugerageza biruta igisubizo cyiza.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugabanya na 4 badasagura.	• Urupapuro rukomeye rwanditseho mara ya 4.

1. Gukangura abana	**iminota 2**
• Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 4.	
2. Isubiramo	**iminota 3**
• Mubare mugenda muteranyaho 4 kuva kuri 4 kugera kuri 40.	
3. Isomo rishya	**iminota 25**
3.1. Kuvumbura icyigwa	

48 | 4 -4 ↓ | 12 08 - 8 0	• Shushanya ku kibaho utudomo 12. Tubare maze ubaze abana uti: Ese nshobora gukora amatsinda ane angana? Saba abana kuza ku kibaho guca uruziga ku matsinda arimo utudomo 4. Mubare murebe niba muri buri tsinda harimo utudomo tungana. • Bwira abana kubara udukoni 48. Babwire kugabanaya utwo dukoni mo kane. Buri tsinda rigomba kugira umubare ungana. Hari udukoni tungahe muri buri tsinda? (12). • Shushanya amatsinda agizwe n'udukoni 12 ku kibaho. Baza uti: Hari amatsinda angahe? (4). Muri buri tsinda harimo udukoni tungahe? (12). Twose hamwe ni tungahe? (48) • Ereka abana uko iri gabanya rikorwa mu mahembe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Imyitozo yo kugabanya na 4 – (babiri babiri)
Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze imibare ikurikira bayishyire mu matsinda bakoresheje udukoni. Nibamara kubona igisubizo, babwire bakore uwo mwitozo bakurikije urugero ruri ku kibaho:

- 16:4=
- 20:4=

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kugabanya na 4 badasagura iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
- **MK/REB** P.39, 40 -**LONGHORN** P.55,56

-**JKF P**. P. 51-58 (hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi	**iminota 8**
Ha abana ibibazo bikurikira buri wese ayikore ku giti cye: 24:2 = , 32:4 =	
5. Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**

	Abana bakore imyitozo yo kugabanya na 4 nibagera mu rugo. ○ 60:4= ○ 44:4= ○ 52:4=

ISOMO RYA 3 – GUKUBA UMUBARE W'IMIBARWA 3 N'UNDI W'UMUBARWA 1.

ICYITONDERWA – *Wirinde ko abana bakuvugiramo. Niba mu ishuri hari urusaku rwinshi, saba abanaguceceka.*

Intego y'isomo

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora imyitozo yo gukuba umubare w'imibarwa 3 n'undi w'umubarwa 1 (nta kubitsa).

1. Gukangura abana **iminota 2**

Mukine "Ni kangahe kabura ku 100?" Vuga umubare uherwa na 0 maze abana bavuge umubare ubura ngo bibe 100.

2. Isubiramo **iminota 3**

Mukine: "Gukuba na 3 no Gukuba na 2". Vuga umubare kuva kuri 1 kugera ku 10 maze abana bavuge uwo mubare bawukubye na 2. Subira muri uwo mwitozo ubwira abana gukuba uwo mubare na 3

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

	J	C	B
	1	2	4
x			2

- Saba umwana aze akube iyo mibare akoresheje imbonerahamwe.
- Hera kuri urwo rugero usobanurire abana uko bakuba umubare w'imibarwa 3 n'undi w'umubarwa 1 bakoresheje imbonerahamwe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo:IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuba umubare w'imibarwa 3 n'undi w'umubarwa 1 (nta kubitsa)iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P. 43, 49 **-JKF** P.89

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imyitozo ikurikira

111x7=

222x4=

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana bakore imyitozo ikurikira:

- 122 x 2=
- 123x 3=

ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUKUBA NO KUGABANYA

ICYITONDERWA - *Mu gihe urimo gukora amahurizo ku kibaho, tekereza uvuga kugira ngo abana barusheho gusobanukirwa kandi bashobore kukwigana, kandi wibuke kwandika amahurizo mu cyangwa.*

Intego y'isomo
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gukora amahurizo yo gukuba no kugabanya.

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-T2-W8-L4)**
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Reba abana ko biteguye neza gukurikira igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1. Incuti 3 zagabanye amapaki abiri y'amakaramu y'ibiti. Muri buri paki harimo amakaramu 9. Buri wese yatwaye amakaramu angahe?

2. Abana 4 barashaka kugabana amacunga 36. Buri wese azatwara angahe?

3. Kagabo arashaka kugabanya abakobwa be 2 inka 96. Buri mukobwa azatwara inka zingahe?

- Ririmbana n'abana injyana yo kuva kuri 50 kugera kuri 500. Ugenda wongeraho 50.
- Kinisha abana agakino "Shaka ibintu bitanu"
- Fasha abana gukora amahurizo mukoresheje inzira yo: gusoma ihurizo, kurisesengura ugashaka ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza hanyuma ugashaka igisubizo.
- Kinisha abana agakino "Ni kangahe kabura ku ijana?"
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana basobanure uko mukora amahurizo.

Agakuru k'imibare

?

Mugisha afite ibitabo 5. Mukuru we Mukiza afite inshuro eshatu z'ibitabo bya Mugisha. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:
-Mukiza afite ibitabo bitanu gukuba 3.
-Mukiza arusha mururmuna we ibitabo 10.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore ihurizo rikurikira:
1. Mama afite amapaki 2 y'imigati, buri paki irimo imigati 6. Ubwo afite imigati ingahe?
2. Mwarimu afite amakayi 40. Arashaka kuyagabanya abanyeshuri 4. Buri munyeshuri azatwara amakayi angahe?

3.2.Umukoro wo mu rugo

Abana bakore uyu mwitozo mu rugo:
- Mwarimu afite amapaki 3 y'amakaramu y'igiti. Muri buri paki harimo amakaramu 12. Ubwo afite amakaramu y'igiti angahe yose hamwe?

ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO KU BIMENYETSO BY'IBARA (+; -; /; X) IGISHUBIZO KITARENZE 500.

ICYITONDERWA - *Shishikariza abana kugira uruhare rugaragara mu isomo. Rimwe na rimwe ubabwire baze ku kibaho, ubundi bajye mu matsinda. Muri buri somo, abana bagomba kugira umwanya w'ibanze.*

Intego y'isomo

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo arimo rimwe mu mategeko ane y'ibara.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine: "Ongeraho 10": Vuga umubare uri hagati ya 1 na 100 maze abana bavuge umubare babona nibongeraho 10.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Bwira abana gusobanura uko bakora ihurizo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Andika aya mahurizo maze abana bayakore babiri babiri:

- Ku kigo cyacu hari amashuri 2 y'umwaka wa 2. Muri buri shuri harimo intebe 24. Ubwo muri ayo mashuri abiri harimo intebe zingahe?
- Akanyana yasaruye amacunga 88. Arifuza kuyagabanya mu buryo bungana inshuti ze enye. Buri wese azabona amacunga angahe?
- Teta afite ubusitani burimo ibiti 44 by'amapapayi, insina 120 n'ibiti 17 by'avoka. Byose hamwe afite ibiti by'imbuto bingahe?

Icyitonderwa: Zenguruka mu bana ufasha aho biri ngombwa.Abana nibarangiza, bwira abana 4 kuza imbere gusobanura uko babonye ibisubizo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

- Hitiramo abana amahurizo arimo rimwe mu mategeko ane y'ibara iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/**REB P.50,51 -**JKF** P.104,105,106,107,108 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

-**MK** P.86,87,106,107,108,109 -**LONGHORN** P.52,53,56,57 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Hitiramo abana amahurizo 2 arimo rimwe mu mategeko ane y'ibara iri mu bitabo byavuzwe haruguru. Buri mwana ayakore ku giti cye.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Hitiramo abana amahurizo 2 arimo rimwe mu mategeko ane y'ibara iri mu bitabo byavuzwe haruguru. Baze kuyakorera mu rugo.

ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO KU NGERO Z'UBUREMERE

ICYITONDERWA - *Ni ngombwa kwigisha abana uburyo bunyuranye bwo gushaka igisubizo kurusha uko wabereka igisubizo gusa. Ni ngombwa kwiteregereza inzira ucamo kurusha guhanga amaso iyo ugiye Wibuke kwandika amahurizo mu cyapa.*

Intego y'isomo

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo ku ngero z' uburemere.

1. Gukangura abana	**iminota 2**

- Mukine agakino ko kubara mu mutwe "Kuramo 10".

2. Isubiramo	**iminota 3**

- Bwira abana gukora imyitozo ikurikira:
  - kg 34– kg 23= kg ___
  - kg 12 + kg 21= kg ___
  - kg 46 – kg 20 = kg ___

3. Isomo rishya	**iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Andika ihurizo rikurikira maze abana barikore (babiri babiri).

- Izere apima ibiro 23. Mwene nyina apima nk'ibyo inshuro ebyiri. Mwene nyina apima ibiro bingahe?
- Bwira abana gusobanura uko babigenza: soma iryo hurizo, wongere urisubiremo kugira ngo abana baryumve neza. Babaze icyo babahaye n'icyo babaza. Hanyuma ubasabe kukwereka uko mwabonye igisubizo. Sobanurira abana inzira bacamo mu gukora ihurizoo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

Hitiramo abana amahurizo ku ngero z' uburemere iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.71
- **JKF** P.98,99,100,101(hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
- **MK** P.104,105
- **LONGHORN** P.80,81

4. Isuzumabumenyi	**iminota 8**

- Hitiramo abana ihurizo ku ngero z' uburemere iri mu bitabo byavuzwe haruguru. Buri mwana arikore ku giti cye.

5. Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**

- Andika ku kibaho ihurizo rikurikira, abana baryandukure maze barikorere mu rugo.
- Mukama yari afite kg 20 z'isukari hanyuma agurisha kg 5. Mukama asigaranye kg zingahe z'isukari?

ICYUMWERU CYA 9 :

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashoshijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kugabanya na 5 udasagura	• Kugabanya na 6 udasagura	• Gukora amahurizo ku buremere (igisubizo kitarenze 500)	• Kugabanya na 5,6 udasagura	• Gushaka uruhande rwa kare	• Gukora amahurizo y'itwara (igisubizo kitarenze 500)	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 8 n'icya 9
Udukino two kubara	• Kubara wongeraho 5	• Kubara wongeraho 6	• Kuraho 10 • Ongeraho 10	• Kubara wongeraho 5 • Kubara wongeraho 6	• Ongeraho 50	• Ongeraho 10 • Kuramo 10	
Indirimbo n'injyana	• Indirimbo ya mara ya 5	• Indirimbo ya mara ya 6	• Injyana y'imibare kuva kuri 307 kugera 407 bagenda bongeraho 10	• Injyana ya mara ya 6 • Injyana ya mara ya 5	• Injyana y'imibare kuva kuri 200 kugera kuri 500 bongeraho 50	• Injyana y'imibare kuva kuri 395 kugera kuri 495 bagenda bongeraho 10	
Agakino ko kubara	• Shaka 5						
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	-	P.49	P.71	P.49(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	-	P.65,66	
MK	P.109, 132 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.109,132 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.104,105	P.109,132(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.136	P. 102, 103	
JKF	P.51-58 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.51-58(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.81, 98, 99, 100, 101 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.51-58(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.147	P.51-58(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	
LONGHORN	P.52-57 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.52-57 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	P.76-81	P.52-57 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)	-	P.74,75,76	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura ku 100

- Vuga umubare hagati ya 1 na 100 (uherwa na 0 cyangwa 5).
- Abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 100.

Ongeraho 10 cyangwa Kuraho 10

- Vuga umubare, urugero 140, maze uvuge uti: Teranyaho cyangwa Kuraho 10.
- Abana bavuge uwo mubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 10.

Ongeraho 50 cyangwa Kuraho 50

- Vuga umubare, urugero 350 (uherwa na 00 cyangwa 50) maze uvuge uti: Teranyaho cyangwa Kuraho 50
- Abana bavuge umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 50.

Kuba 2

Vuga umubare kuva kuri 1 kugera ku 10 maze abana bavuge uwo mubare bawukubye kabiri.

Kuba 2 uteranyeho 1

Vuga umubare kuva kuri 1 kugera ku 10 maze abana bawukube kabiri bateranyeho 1.

Kuba 3

Vuga umubare kuva kuri 1 kugera ku 10 maze abana bavuge uwo mubare ukubye 3.

Shaka ibintu bitanu

Baza abana kwitegereza mu ishuri maze bashake itsinda rigizwe n'ibintu bitanu.

Kubara ugenda usimbuka 5 cyangwa 6

Kubara ugenda usimbuka ni uburyo bwo gusubiramo imyitozo yo gukuba.

Kubara usimbuka 2: 2, 4, 6, 8, 10, 12, 14, 16, 18, 20.
Kubara usimbuka 5: 5, 0, 15, 20, 25, 30, 35, 40, 45, 50, 55, 60.
Kubarausimbuka 6: 6, 12, 18, 24, 30, 36, 42, 48, 54, 60, 66, 72

ISOMO RYA 1 – KUGABANYA NA 5

ICYITONDERWA - *Kora ku buryo isomo ry'imibare rishimisha abana cyane cyane wifashisha udukino tunyuranye dutuma abana basubira mu byo bize.*

Intego y'isomo
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Kugabanya umubare na 5 nta gusagura.

Imfashanyigisho:
- Utubarisho (Udukoni, utubuye cyangwa ibindi bintu biboneka hafi aho).
- Terefone **(M-P2-T2-L1)**
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko abana bafite utubarisho muri bukenere mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Kinisha abana agakino "Shaka ibintu bitanu".
- Kinisha abana "Bara usimbuka imibare itanu, itanu".
- Fasha abana kugabanya na 5. Mugenda mushushanya amatsinda y'utubarisho dutanu dutanu.
- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 5.
- Kinisha abana "Bara imibare itanu, itanu".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana basobanure uburyo bagabanyije imibare na 5.

Agakuru k'imibare

Abana b'inshuti bafite amakaramu 30. Buri wese afite umubare w'amakaramu ungana n'uwa mugenzi we. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Niba abana b'inshuti ari 5.
Buri wese afite amakaramu 6. Ni ukuvuga ko 30 kugabanya 5 ari 6.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze nibamara kubara iyi mibare bakoresheje utubarisho bayigabanye na 5:
- 65:5=
- 20:5=
- 70:5=

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana bagabanye imibare ikurikira babanje gushushanya utudomo mu makaye yabo
  15:5=
  45:5=

ISOMO RYA 2 – KUGABANYA NA 6 UDASAGURA

ICYITONDERWA - *Kora ku buryo isomo ry'imibare rishimisha abana cyane cyane wifashisha udukino tunyuranye dutuma abana basubira mu byo bize.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugabanya na 6 ntagusagura.	• Utubarisho (Udukoni, utubuye cyangwa ibindi bishobora kuboneka).

1. Gukangura abana — **iminota 2**

Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 6.

2. Isubiramo — **iminota 3**

- Kinisha abana agakino ko kubara imibare itandatu, itandatu.

3. Isomo rishya — **iminota 25**

3.1 Kivumbura icy'igwa



- Shushanya utudomo 66 ku kibaho. Tubare maze ubaze abana uti: Ese nshobora gukora amatsinda atandatu arimo utudomo tungana? Bwira abana kuza ku kibaho bace utuziga ku tudomo dutandatu. Bara urebe niba muri muri tsinda harimo umubare ungana w'utudomo.
- Bwira umwana aze imbere agabanye 66:6 mu mahembe.

3.1. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Imyitozo yo kugabanya – (babiri babiri)

Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri bakore imyitozo ikurikira:
30:6=
90:6=
72:6=

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gugabanya umubare na 6 nta gusagura iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.49 **-JKF** P.51-58(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
-**MK** P.109,132(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo) **-LONGHORN** P.52-57 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

4. Isuzuma bumenyi — **iminota 8**

Umwitozo wa 2:

- Abana bakore ibibazo ikurikira yo kugabanya, buri wese ku giti cye.
- 60:6=
- 24:6=
- 72:6=

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

- Abana bakore imyitozo kugabanya na 6 bageze mu rugo;
  96:6=
  18:6=
  90:6=

ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO KU BUREMERE.

ICYITONDERWA – *Kugira ngo amahurizo ashimishe abana, yashyire mu nkuru. Koresha amazina y'abana- barabikunda cyane bigatuma bahora bategereje kumva n'izina ryabo rivugwa. Wibuke kwandika amahurizo mu cyapa.*

Intego y'isomo

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo ku ngero z'uburemere.

1. Gukangura abana	**iminota 2**
Mukine agakino "Kuraho 10."	

2. Isubiramo	**iminota 3**
Bwira abana gukora imyitozo ikurikira: • kg 22 + kg 23= Kg ___ • kg 85 – kg 50= Kg ___ • kg 17 + kg 21= Kg ___ • Bibutse uko bateranya n'uko bakuramo ingero.	

3. Isomo rishya	**iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Manzi afite ibiro 55 by'umuceri. Arifuza kubifunga mu dufuka tw'ibiro 5. Ubwo azagira udufuka tungahe tw'umuceri?	• Shyira ku kibaho iri hurizo maze abana barikore. • Abana bafatanye babiri babiri maze nyuma baze gusobanurira bagenzi babo uko babigenje. • Hanyuma ubasobanurire inzira umuntu anyuramo kugirango akore ihurizo (gusoma ihurizo, kurisesengura ukamenya ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza hanyuma ugashaka igisubizo).

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI(babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora amahurizo ku ngero z'buremere iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.71 -**MK** P.104,105

-**JKF** P.81,98,99,100,101(Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo) -**LONGHORN** P.77-81

4. Isuzuma bumenyi	**iminota 8**
• Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora amahurizo ku ngero z'uburemere iri mu bitabo byavuzwe haruguru. Buri mwana ayikore ku giti cye.	

5.Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**
Mupenzi afite ibitebo 2 by'ibijumba. Igitebo kimwe gipima kg 20, ikindi gitebo gipima kg 8. Ubwo Mupenzi afite kg zingahe z'ibijumba?	

ISOMO RYA 4 – IMYITOZO YO KUGABANYA UMUBARE NA 5 NA 6

ICYITONDERWA - *Ku birebana n'imikoro yo mu rugo cyangwa mu ishuri, niba ubona abana batabyumva neza, babwire kugerageza gusobanura icyo bagomba gukora cyangwa uko bakora ihurizo runaka. Ibi biratuma umenya niba umukoro wumvikana cyangwa niba abana bakeneye ibindi bisobanuro.*

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Kugabanaya na 5 na 6 nta gusagura.

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-T2-W9-L4)**
- Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Tegura abana, bakurikire neza igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri telefoni — iminota 30



- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 6.
- Kinisha abana "Bara usimbuka imibare gatandatu, gatandatu".
- Fasha abana kugabanya na5 na 6. Mugenda mushushanya amatsinda y'utubarisho dutandatu. Hanyuma mukandika ku kibaho uko mwagabanije uwo mubare mu mahembe.
- Ririmbana n'abana injyana yo gukuba na 5.
- Kinisha abana "Bara imibare itanu, itanu".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana basobanure uburyo bagabanyije imibare na 5.

Agakuru k'imibare

Abana b'incuti bafite bose hamwe amakaramu 35 y'igiti, kandi buri wese afite umubare ungana n'uwa mugenzi we. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
- Niba abo bana ari 5 buri wese afite amakaramu y'igiti 7.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo ikurikira:

65:5= ____ , 90:5= _____

72:6= ____, 90:6= _____

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana gukora imyitozo ikurikira ikurira nibagera mu rugo :
- 30:5=
- 36:6=

ISOMO RYA 5 – GUSHAKA UBUREBURE BW'URUHANDE RWA KARE

ICYITONDERWA - *Gereranya ibintu binyuranye ukoresheje amagambo nka: kiremereye/ kitaremereye; kirekire cyangwa kigufi; ni cyo kirekire cyangwa ni cyo kigufi, cyuzuye cyangwa kirimo ubusa; kiri hafi kuzura cyangwa gisa n'ikirimo ubusa*

Intego y'isomo
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gushaka uruhande rwa kare bahereye ku muzenguruko.

Imfashanyigisho
- Urupapuro ruriho kare n'uko bashaka umuzenguruko wa kare.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino: "Ongeraho 50". Uvuge umubare maze abana bavuge umubare barabona nibongeraho 50.

2. Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana kukwereka ingero za kare ziri hafi aho. Babaze uko bashaka umuzenguruko wa kare (uruhande x4). Bereke rwa rupapuro rushushanyijeho kare. Basabe kongera kwitegereza uko bashaka umuzenguruko.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ku kibaho kare ifite uruhande rwa cm 5 ariko ntubibwire abana. Babwire ko umuzenguruko wayo ari cm 20.
- Ibutsa abana itegeko: Umuzenguruko= Uruhande+Uruhande+Uruhande+Uruhande cyangwa (uruhande gukuba kane).
- Abana bajye mu matsinda ya babiri babiri maze batekereze uko babona uburebure bw'uruhande rw'iyo kare.
- Bwira abana kuganira ku bisubizo babonye basobanura uko babigezeho.
- Ereka abana uko bashaka uruhande rwa kare, bafashe umuzenguruko bakagabanya 4.
  (Uruhande =Umuzanguruko:4)

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi — iminota 3

Imyitozo:IGITABO CY"UMUNYESHURI (babiri babiri)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka uruhande rwa kare iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK** P.136 **-JKF** P.147

4. Isuzuma bumenyi — iminota 8

Bwira abana bashake uruhande rwa kare zikurikira.
- Shaka uruhande rwa kare ifite umuzenguruko wa cm 80.
- Shaka uruhande rwa kare ifite umuzenguruko wa cm 40.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana, nibagera mu rugo bashake uruhande rwa kare zikurikira.
- Ifite umuzenguruko wa cm 60.
- Ifite umuzenguruko wa cm 28.

ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO KU NGERO Z'IBITEMBABUZI (ITWARA)

ICYITONDERWA - *Umwarimu n'ababyeyi bafite uruhare runini mu gufasha abana mu masomo y'imibare. Bagomba gufatanya mu gutahura ibibazo bahura nabyo, cyane cyane mu gihe cy'umukoro wo mu rugo, no kubishakira ibisubizo. Wibuke kwandika amahurizo mu cyapa.*

Intego y'isomo
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gukora amahurizo arimo itwara.

Imfashanyigisho:
- Ijerikani ya litiro 20, akajerikani ka litiro 5.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino "Kuramo10"

2. Isubiramo **iminota 3**

Bwira abana gukora imyitozo yo guteranya no gukuramo za litiro (l). Fatanya n'abana gukora imyitozo ikurikira, ubibutse uko ikorwa.
- l 14 + l 23= l___
- l 22 – l 21= l ___
- l 16 + l 9 = l ___

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Andika amahurizo ikurikira maze abana bayakore ari babiri babiri:
- Juru arashaka kuzuza amazi ijerikani ya litiro 20. Hakenewe amacupa angahe ya litiro 5 ngo buzuze ijerikani? Baza abana gusobanura uko iryo hurizo rikorwa: Soma ihurizo urisubiremo kugira ngo baryumve neza. Ifashishe ijerekani ya litiro 20 n'akajerikani ka litiro 5 kugira ngo abana babyumve neza.
- Ha abana umwanya wo gukora iryo hurizo, maze usabe umwana kuza kwerekana uko bageze ku gisubizo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye n' amahurizo arimo itwara iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.65,66 **-JKF** P.51-58 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)

-MK P. 102, 103 **-LONGHORN** P.74,75,76

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Hitiramo abana amahurizo 2 arimo itwara mu bitabo bya vuzwe hejuru. Buri mwana ayakore ku giti cye.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Andika ku kibaho ihurizo rikurikira, abana baryandukure maze barikorere mu rugo:
- Mukama yari afite litiro 20 z'amazi. Yamennye litiro 6 atabishaka arimo gutaha iwe ku igare. Yasigaranye litiro zingahe z'amazi?

Buri mwana akore ibi bibazo wenyine .Ukore ku buryo abandi bana batumva ibyo asubiza

Ikibazo cya 1 – Bara wongeraho. Saba umwana abare asimbuka imwe mu mibare ikurikira.Bara wongeraho 4, uhere kuri 4 ugere kuri 40.

Ikibazo cya 2 – Saba umwana kugabanya iyi mibare:

36:6 =

42:6 =

72:6 =

35:5 =

30:6 =

10:5 =

Ikibazo cya 3 – Saba abana gukora aya mahurizo

1. Mu kigo cyacu, dufite amashuri 2 y'umwaka wa 2. Muri buri shuri harimo intebe 20. Ubwo ayo mashuri yose afite intebe zingahe?

2. Mukama yari afite Kg 20 z'isukari. Yagurishije kg 5. Ubwo Mukama asigaranye kg zingahe z'isukari?

3. Izere apima kg 25. Musaza we amukubye kabiri mu biro. Ubwo musaza we afite ibiro bingahe? Bose hamwe bafite ibiro bingahe?

Amanota	Ibyavuye mu isuzuma		
	Ni byiza cyane	Ni byiza	Akeneye ubufasha
Ikibazo cya 1	8 - 10	7 - 6	5 cyangwa munsi
Ikibazo cya 2	5 cyangwa 6	3 cyangwa 4	2 cyangwa munsi
Ikibazo cya 3	3 cyangwa 4	2	1 cyangwa munsi

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 2

Akeneye gufashwa = inota 1

Igihembwe cya 3

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE CYA GATATU

Amasomo / Ibyumweru	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
1	• Isubiramo: Gusoma no kwandika kuva ku 100 kugera kuri 500	• Isubiramo: Kugereranya imibare iri hagati ya 100 na 500	• Isubiramo: Gusesengura imibare iri hagati ya 100 na 500.	• Isubiramo: Guteranya no gukuramo ingero z'uburemere, kg..	• Isubiramo: Imyitozo yo ku minsi y'icyumweru.	• Isubiramo: Guhindura ingero z'uburebure m, dm na cm.	• Guteranya imibare igisubizo kitarenze 500.
2	• Kubara kuva kuri 500 kugera kuri 999`	• Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 500 kugera kuri 999	• Kuvuga amezi y'umwaka.	• Gusesengura imibare (kuva kuri 500 kugera kuri 999) mo ibinyejana, ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Guhindura ingero z'uburebure (m, dm, cm)	• Gukoresha kalendari mu kugaragaza amataliki agize ukwezi	• Gutsindagira ibyizwe
3	• Kugereranya imibare (itarenze 999) ukoresjeje <, > na =.	• Kugereranya imibare (itarenze 999) ukoresjeje <, > na =.	• Kugaragaza ibiranga urukiramende.	• Guteranya ubitsa (imibare itarenze 999).	• Guteranya ubitsa no guteranya utabitsa (imibare≤999).	• Gushaka umuzenguruko w'urukiramende.	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 2 n'icya 3
4	• Gukuramo utira (imibare itarenga 999)	Gukuramo utira (imibare itarenga 999)	• Kuvuga isaha	• Gukuba na 10 umubare w'imibarwa 2	Gukuba na' 10 umubare w'imibarwa 2	• Imyitozo ku isaha yuzuye (shushanya isaha maze abana bandike igihe).	• Gutsindagira ibyizwe
5	• Kugabanya udasagura imibare itarengeje imibarwa 2 n'undi mubare w'umubarwa 1	• Kugabanya udasagura imibare itarengeje imibarwa 2 n'undi mubare w'umubarwa 1	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure, iz'ibitembabuzi n'iz'uburemere (imibareitarenga 999)	• Gushaka icya kabiri cy'ikizima	• Gusoma,kwandika no kwerekana umugabane ½ ukoreshesheje igi-shushanyo.	• Gukuba no kugabanya. ingero z'uburebure, iz'ibitembabuzi n'iz' n'uburemere zigizwe n'imibare y'imibarwa 2 n'umubare w'umubarwa 1 (utarenze 6)	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 4 n'icya 5
6	• Kuvuga agaciro k'amafaranga kuva kuri F 500 kugera F 1000.	• Kwerekana ¼ cy'ikizima	• Gusoma, kwandika no no kugaragaza umugabane 1/4 ukoresheje ibishushanyo	• Kuvunja amafaranga atarenze F1000.	• Kwerekana imigabane : ½ na ¼ (shushan-ya unasige ibipande by'imigabane amabara)	• Gushaka umuzenguruko wa kare n'uw' urukiramende	• Gutsindagira ibyizwe
7	Kuvuga igihe (isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30)	• Kuvuga igihe (isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30)	• Gukora amahurizo ku iteranya (ribitsa n'iritabitsa), n'ikuramo (ritira n'iridatira)	• Kuvuga ibiranga mpandeshatu	• Gushaka umuzenguru-ko wa mpandeshatu	• Gukora amahurizo yo gukuba umubare w'imibarwa 2 n'undi w'umubarwa 1 no kugabanya bidasagura	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 6 n'icya 7
8	• Gushaka ½ na ¼	• Gukora amahurizo ku burebure harimo n'amafaranga (urugero: m1 y'umwenda igura F400, m5 zizagura amafaranga angahe?)	• Gukora amahurizo ku itwara harimo n'amafaranga (urugero: l 1 y'amata igura amafaranga 300 ubwo litiro 5 zizagura amafaranga angahe?)	• Gushaka ½ na ¼	• Gukora amahurizo ku buremere harimo n'amafaranga (urugero: kg 1cy'ibirayi kigura Frw 200, kg 5 zizagura angahe?)	• Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu	• Gutsindagira ibyizwe
9	• Gukora amahurizo ku iteranya (ribitsa n'iritabitsa) no ku ikuramo (ritira n'iridatira).	• Kuvuga igihe cy'isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 30.	• Gukora a mahurizo ku gukuba umubare w'imibarwa 2 n'undi w'umubarwa 1	• Gukora amahurizo yo kugabanya (nta gusagura)	Kuvuga igihe cy'isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 30.	• Gushaka umuzenguruko wa kare, uw' urukiramende n'uwa mpandeshatu.	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 8 n'icya 9
10	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo	• Isubiramo
11	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini	• Ibizamini

ICYUMWERU CYA 1

Muri iki cyumweru mwarimu azakoresha isubiramo ry'ibyo abana bize mu mu gihembwe cya kabiri kugirango abategure gutangira neza igihembwe cya gatatu. Ibi bikurikira biraha mwarimu inama z'uko azabikora muri buri somo.

ISOMO RYA MBERE: Gusoma no kwandika imibare kuva ku 100 kugera kuri 500

Kinisha udukino dufasha abana kwandika imibare kuva ku 100 kugera kugera kuri 500.

Urugero: Ushobora gukina agikino "Andika uyu mubare" Urajya uvuga umubare abana bawandike mu makayi yabo. Nuvuza ikimenyetso bose bazamure amakayi yabo bakwereke umubare banditse. Na none ushobora kwandika umubare abana bakawusoma. Ukajya ugenda uwusiba ukandika undi mubare ugira vuba vuba ngo bishimishe abana.

ISOMO RYA KABIRI : Kugereranya imibare iri hagati ya 100 na 500.

Wifashishije igishushanyo cy'ikibarisho(intungwamibare) fasha abana kugerereranya imibare. Urabanza ubahe imibare ibiri yo kugereranya,ubasabe kuyerekanisha igishushanyo cy'ikibarisho(intungwamibare),hanyuma bayigereranye bakoresheje ibimenyetso bya <,>,=.

Nubona bamaze kwibuka uko imibare irutana,ubahe imyitozo yo kugereranya imibare bakoresheje ibimenyetso bya <,>,=

ISOMO CYA GATATU: Gusesengura imibare iri hagati ya 100 na 500

Ibutsa abana agaciro ka buri mubarwa ugize umubare w'imibarwa itatu. Urugero: 345. 5 ni ikinyabumwe, 4 ni ikinyacumi noneho gatatu ni ikinyajana. Noneho nyuma ubahe imibare itandukanye itarenze 500, maze bayisesengure bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe, y'ibinyacumi n'ibinyajana.

ISOMO RYA KANE : Guteranya no gukuramo ingero z'uburemere: kg

Ibutsa abana uko kg ingana ukoresheje umunzani. Hanyuma ufate kg 3 uzipime, wongereupime kg 2. Noneho muzipimire hamwe murebe kg mubona. . Hera kuri urwo rugero maze ukoreshe abana imyitozo yo guteranya kg.

Ongera ufate ya bya biro 5 ubikureho ibiro 3 hanyuma mupime ibisigaye. Hera kuri urwo rugero maze ukoreshe abana imyitozo yo gukuramo kg.

ISOMO RYA GATANU : Imyitozo ku minsi y'icyumweru

Kinisha abana udukino dutuma bavuga iminsi y'icyumweru. Mushobora kuririmba indirimbo y'iminsi y'icyumweru, kwerekana iminsi ku ndandaminsi, kubwira abana igikorwa runaka gikorwa ku munsi uzwi hanyuma bakubwire umunsi icyo gikorwa kibera….

Wibutse abana uko iminsi ikurikirana, urajya ubabwiri umunsi ubabaze umunsi w' ejo hashize, w'ejo hazaza, w'ejo bundi hazaza, w'ejobundi hashize…

ISOMO RYA GATANDATU: Guhindura ingero z'uburebure: m,dm na cm.

Wifashishije ilati ya m, fasha abana kugaragaza dm na cm ziri muri m. Hanyuma uhe abana imyitozo yo guhindura dm na cm muri m cyangwa guhindura m muri dm na cm bakoresheje imbonerahamwe y'ingero.

ISOMO RYA KARINDWI: Guteranya imibare igisubizo kitarenze 500

Andika umubare urugero 154+223= , hanyuma usabe umwana kuza akawukorera ku kibaho.

Hanyuma uhere kuri urwo rugero wibutse abana uko bateranya imibare y' imibarwa itatu.

Hanyuma ubahe imyitozo yo guteranya bayikorere mu makayi yabo.

ICYUMWERU CYA 2:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara kuva kuri 500 kugera kuri 999	• Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 500 kugera kuri 999	• Kuvuga amezi y'umwaka.	• Gusesengura imibare (kuva kuri 500 kugera kuri 999) mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Guhindura ingero z'uburebure (m, dm na cm) ukoresheje imbonerahamwe y'ingero	• Gukoresha kalendari mu kugaragaza amataliki agize ukwezi	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura ku 100 • Teranyaho 50	• Ni kangahe kabura ku 100 • Teranyaho 50	• Ni kangahe kabura ku 100	• Kuraho 50 • Teranyaho 50.	• Teranyaho 50 • Kuraho 50	• Ni kangahe kabura ku 100	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana y'imibare: kuva kuri 100 kugera ku 500 bongeraho imibare 10. • Injyana y'imibare: kuva kuri 500 kugera kuri 950 bongeraho imibare 50.	• Injyana y'imibare: kuva kuri 50 kugera kuri 950. Bagenda bongeraho 50.		• Ijyana yo kubara basimbuka umubare 1(kuva kuri 990 kugera 999).	• Injyana yo kubara kuva kuri 500 kugera kuri 950 bagenda bongeraho 50 bava imbere bajya inyuma.		
Imikino yo kubara	• Nyereka umubare • Ni uwuhe mubare	• Nyereka umubare • Kora ku kibaho	• Mpereza ikaramu • Kora ku kibaho	• Fora umubare	• Ni kangahe kabura ku 100 • Fora umubare	• Mpereza ikaramu • Kora ku kibaho	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 9	P. 9	P. 62	P. 4	P. 54, 55	P. 61	
MK	P. 111, 112	P. 113,114	P. 129	P. 119	P. 130,135	P. 133,134	
JKF	-	P. 115,116	P. 121,122	-	P. 131	P. 121,122	
LONGHORN	-	P. 17,18,19,20,21	P. 89,90	P. 18,19	P. 63,64,65,66,67,68	P. 91,92	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Fora uwo mubare

- Tekereza umubare uri hagati ya 500 na 999.
- Bwira abana ko uwo mubare uri hagati ya 500 na 999.
- Abana bakubaze ibibazo bishobora gusubizwa na "Yego" cyangwa "Oya" kugira ngo batahure uwo mubare. Urugero: Uwo mubare uruta 700? Uri munsi ya 850?

Ni kangahe kabura ku 100?

- Vuga umubare uri hagati ya 0 na 100 .uherwa na 0 cyangwa na 5. Abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 100.

Teranyaho cyangwa kuraho 50

- Vuga umubare, urugero: 150 maze uvuge uti: teranyaho (cyangwa kuraho) 50.
- Abana bavuge umubare barabona nibateranya cyangwa bagakuraho 50. Bakoreshe imibare iherwa na 00 cyangwa na 50.

Erekena uwo mubare

- Bwira abana umubare hagati ya 500 na 999. Abana bakwereke uwo mubare 352 bakoresheje igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamubare) . Babyunguraneho ibitekerezo.

Mpereza ikaramu

- Fata amakaramu ane maze ubwire abana ko bagiye kuyahererekanya uko bicaye mu bihande. Nukoma mu mashyi, ba bana 4 bafite amakaramu bazamure ibiganza bavugire rimwe ukwezi kubanza mu mwaka. Nibamara gusubiza, umukino ukomeze, wongere ukome mu mashyi abana bavuga ukwezi kwa 2, ukwa 3, bityo bityo.

Ni uwuhe mubare?

- Murasesengura umubare mukoresheje amajwi.
- Buri mubarwa mu mubare werekanwa n'ijwi. Urugero: gukubita ku meza inshuro imwe bivuga ikinyajana rimwe, gukoma amashyi inshuro imwe bivuga ikinyacumi rimwe, kuvuza inoni inshuro imwe bivuga ikinyabumwe rimwe.
- Urugero: 523 ni ugukubita ku meza inshuro eshanu (5) gukoma amashyi inshuro ebyiri (2) no kuvuza inoni inshuro eshatu (3).

Kora ku kibaho

- Bwira abana 4 (umuhungu n'umukobwa umuhungu n'umukobwa) kuza ku kibaho.
- Vuga izina ry'ukwezi maze itsinda ritanga irindi gukora ku mubare werekana uko kwezi rirabona inota.
- Itsinda ritanga irindi kugira amanota 3 riraba ritsinze.
- Babwire basubire kwicara. Musubire muri uwo mwitozo n'abandi bane bane (umuhungu n'umukobwa umuhungu n'umukobwa).

Buzz

- Mukine"Buzz" ku mezi.
- Wandike imibare kuva kuri 1 kugera kuri 12. Hanyuma ujye ukoza agati ku mubare, abana bavuge izina ry'ukwezi.

ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 500 KUGERA KURI 999

ICYITONDERWA – ***Ujye ugenda uhinduranya imibare mu gihe mukina udukino.***

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kubara uhereye kuri 500 kugera 999.

Imfashanyigisho:
- Igishushanyo cy'ikibarisho.
- Terefone **(M-P2–T3-W2-L1)**
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Teganya igishushanyo cy'ikibarisho cyo kwerekaniraho imibare.

2. Mu gice kisomo kinyuzwa kuri telelefone — iminota 30



- Ririmbana n'abana injyana yo kubara ugenda usimbuka 50 kuva kuri 50 kugera kuri 500.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 50".
- Wifashishije igishushanyo cy'ikibarisho wateguye fasha abana kubara kugera kuri 999. Murabanza mubare mugere kuri 900 muteranya amasaro ahagarariye ibinyajana ku gishushanyo cy'ikibarisho (100, 200…kugera kuri 900). Hanyuma muteranyeho amasaro ahagarariye ibinyacumi 90 mugere kuri 990. Noneho muteranyeho amasaro ahagarariye ibinyabumwe mugere kuri 999.
- Hanyuma mukomeze kubara. Urajye uvuga umubare hagati ya 50 na 999, abana bawerekanishe intungwamibare.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara ugenda usimbuka 50 kuva kuri 500 kugera kuri 950.
- Kinisha abana agakino kubara mumutwe "Ni kangahe kabura ku 100?".
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana icyo bakunze muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Rukundo yateye ibiti 500 by'imyembe. Teta yateye ibiti 470 by'imyembe. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare :
-Rukundo na Teta bose hamwe bateye ibiti 970.
-Teta ateye ibindi biti 30, yaba ateye ibiti 500.

3. Nyuma y'gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi
Bwira abana imibare ikurikira 501, 640, 999 maze bayigaragaze ku gishushanyo cy'ikibarisho bashushanyije mu makayi yabo.

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Andika umubare 999 ku kibaho. Hanyuma abana baze kwereka abantu bo murugo uko bawandika ku ntungwamubare.

ISOMO RYA 2 – GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 500 KUGERA KURI 999

ICYITONDERWA: *Abana abe aribo bayobora udukino two kubara.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 500 kugera kuri 999.	• Igishushanyo cy'ikibarisho.

1. Gukangura abana — **iminota 2**

• Abana baririmba injyana bongeraho imibare 50: kuva kuri 500 bajya kuri 950, hanyuma basubire inyuma bave kuri 950 bagere kuri 500.

2. Isubiramo — **iminota 3**

• Mukine agakino "Nyereka uwo mubare". Vuga umubare uri hagati ya 500 na 999. Bwira umwana kuza imbere maze awerekane akoresheje igishushanyo cy'ikibarisho.

3. Isomo rishya — **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Vuga umubare 564.
- Baza abana uko bakwandika uwo mubare.
- Hanyuma abana basobanure icyo buri mubarwa usobanura (ibinyajana5, ibinyacumi 6 n' ibinyabumwe 4).
- Subiramo muri uwo mwitozo n'imibare 702, 866 na 999.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Andika umubare

- Vuga umubare uri hagati ya 500 na 999, urugero 689. Hanyuma abana bawandike mu makayi yabo kandi bawerekane ku gishushanyo cy'ikibarisho (intungwamubare).
- Hitamo umwana aze imbere awandike kandi awerekane ku gishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare).
- Musubiremo uwo mwitozo n'indi mibare nka 999, na 555…

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gusoma no kwandika imibare kuva kuri 500 kugera kuri 999 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.9 -**MK** P. 113, 114
-**JKF** P.115,116 -**LONGHORN** P. 17,18,19,20,21

4. Isuzumabumenyi — **iminota 8**

- Vuga imibare 700 na 999 maze abana bayandike mu makayi yabo kandi bayerehane ku gishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare).

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

- Ha abana imibare ikurikira bayandike mu makayi yabo maze nibagera mu rugo baze kuyereka umuntu wo mu rugo bakoresheje igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare).
- 789.
- 831.

ISOMO RYA 3 – AMEZI Y'UMWAKA

ICYITONDERWA - *Muririmbe indirimbo cyangwa muvuge umuvugo kugirango ufashe abana gufata mu mutwe uko amezi akurikirana.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kuvuga amezi kuva kuri Mutarama kugeza ku kwezi k' Ukuboza.

Imfashanyigisho:
- Kalendari iriho amezi yose (itabonetse, mwarimu ayishushanye).

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino "Ni kangahe kabura ku 100 ?"
- Vuga umubare uherwa na 0 cyangwa 5 maze abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 100.

2. Isubiramo **iminota 3**

Baza abana uti: "None ni kuwa kangahe?" Maze ushyire igisubizo ku kibaho. Babaze ukwezi murimo maze wandike igisubizo ku kibaho. Abana bandukure umunsi n'itariki mu makaye yabo. Musubire mu ndirimbo y'iminsi y'icyumweru (niba utayizi himba iyawe).

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Mutarama Gashyantare Werurwe Mata Gicurasi Kamena Nyakanga Kanama Nzeri Ukwakira Ugushyingo Ukuboza

- Baza abana amezi 12 agize umwaka. Yandike ku kibaho.
- Vuga amazina y'amezi ariko abana basubiramo.
- Muririmbe amazina y'amezi: bave imbere bajya inyuma; nyuma bave inyuma bajya imbere.
- Baza abana kuvuga ukwezi kwa 1? Ukwa 2?
- Mukine"Buzz " ku izina ry'ukwezi kwa 1 n'ukwa 2. Wandike imibare kuva kuri 1 kugera kuri 12. Hanyuma ujye ukoza agati ku mubare, abana bavuge izina ry'ukwezi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Mukine "Mpereza ikaramu" (Ishuri ryose)
- Fata amakaramu ane maze ubwire abana ko bagiye kuyahererekanya. Nukoma mu mashyi abana 4 bafite ya makaramu bayazamure maze bavuge mu ijwi riranguruye izina ry'ukwezi kwa mbere. Nibamara gusubiza, umukino ukomeze kugeza amezi yose muyarangije.

Umwitozo wa 2:Kora ku kibaho (mu matsinda)
- Bwira abana 4 kuza ku kibaho maze bakore amatsinda 2.
- Vuga izina ry'ukwezi maze itsinda ritanga irindi gukora ku mubare werekana uko kwezi rirabona inota.
- Itsinda ritanga irindi kugira amanota 3 riraba ritsinze.
- Babwire basubire kwicara. Musubire muri uwo mwitozo.

Umwitozo wa 3 : IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga amezi kuva kuri Mutarama kugeza ku Ukuboza iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.62 **-MK** P. 129
-JKF P.121,122 **-LONGHORN** P. 89,90

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ririmbisha abana indirimbo y'amezi yose agize umwaka.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana baririmbire abo mu rugo indirimbo y'amezi y'ikinyarwanda.

ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 500 KUGERA KURI 999

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukina tahura uyu mubae, ukore uko ushoboye kugira ngo abana batahure uwo mubare.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gusesengura imibare mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe (kuva kuri 500 kugera kuri 999).

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T3-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Reba ko buri mwana wese afite ikayi n'ikaramu ari bukoreshe mu isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Ririmbana n'abana injyana yo kubara ugenda usimbuka 50 kuva kuri 500 kugera kuri 950.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuramo 50".
- Mwifashishije igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare), ufashe abana gusesengura imibare kuva kuri 500 kugera kuri 999 mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Ukinishe abana agakino "Ni uwuhe mubare?" ko gusesengura imibare mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe mukoresheje amajwi atandukanye.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku 100?"
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana icyo bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Muhire yagiye ku isoko afite F 500. Incuti ye Mutoni yari afite F 300. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
- Muhire yarushaga Mutoni amafaranga 200.
- Muhire na Mutoni bateranyije amafaranga yabo yaba F 800.
- Usesenguye umubare w'amafaranga ya Muhire wabona ibinyajana 5, ibinyacumi 0 n'ibinyabumwe 0.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri telefoni — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imibare ikurikira bayisesenguremo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.
752, 901

3.2. Umukoro wo mu rugo

Abana basesengurire iyi mibare mo ibinjajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamubare).
- 999
- 678
- 800

ISOMO RYA 5 – GUHINDURA INGERO Z'UBUREBURE METERO, DESIMETERO, SANTIMETERO

ICYITONDERWA - *Mu matsinda ya 2, genzura ko abana bose bari gukora.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guhindura ingero z'uburebure bakoresheje: m, cm na dm.

Imfashanyigisho:
- Irati ya metero.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine "Ni kangahe kabura ku 100 ?". Vuga umubare uri hagati ya 0 na 100 maze abana bavuge umubare bakongeraho ngo bibe 100. Ukoreshe umubare uherwa na 0 cyangwa na 5.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Subiramo n'abana ingero z'uburebure zikurikira: cm, dm, m. Ubereke irati, usabe abana bakwereke uko zireshya hanyuma ubibutse uko zirutana.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ku kibaho ingero maze ubaze abana kwerekana umurongo ureshya na: cm1, dm1 cyangwa m1.
- Bwira abana kwitegereza mu ishuri maze berekane ibintu bashobora gupima bakoresheje: cm, dm and m.

m	dm	cm

- Shushanya imbonerahamwe ku kibaho maze abana bahindure m 1 muri dm no muri cm.Ongera ubibutse uko mukoresha imbonerahamwe y'ingero.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Umwitozo wo guhindura ingero (Babiri babiri)
- Mu matsinda ya babiri babiri, abana bakoreshe imbonerahamwe y'ingero maze bakore imyitozo ikurikira:
  - dm 1 = cm ___
  - m 1 = dm ____
  - cm 30 = dm ___

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guhindura ingero z'uburebure bakoresheje: m, cm na dm iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
- **MK/REB** P. 54,55 -**JKF** P. 131
-**MK** P. 130,135 -**LONGHORN** P. 63,64,65,66,67,68.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana ibi bibazo buri wese abikore ku giti cye.

dm 5= cm___ m 2 = dm___
cm 20= dm___ cm 200=m___

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bereke abo mu rugo uko bahindura ingero zikurikira:

dm 3= cm___ m5= dm___
cm 50= dm___ cm 100=m___

ISOMO RYA 6 – AMATARIKI

ICYITONDERWA -*Ukore ku buryo abana bose babona iminsi igize amezi ku ndangaminsi (kalendari).*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kuvuga amatariki y'ukwezi.

Imfashanyigisho:
- Indangaminsi (Kalendari).

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana baririmbe injyana y'imibare basimbuka imibare 50: kuva kuri 500 kugera kuri 950 nyuma bave kuri 950 kugera kuri 500.

Agakino ko kubara mu mutwe

- Mukine agakino kitwa "Ni kangahe kabura ku 100?". Vuga umubare uri hagati ya 0 na 100 (uherwa na 0 cyangwa 5) maze abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 100.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana uti: "uyu munsi ni ku wa kangahe?" Maze wandike igisubizo ku kibaho. Baza abana ukwezi barimo maze ukwandike ku kibaho. Musubire mu ndirimbo y'amezi. Abana banavuge ukwezi gushize n'ukuzakurikira.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa



- Ereka abana kalendari. Basobanurire ko amezi agira iminsi itandukanye: amwe agira iminsi 31, andi 30 naho Gashyantare ikagira 28 uretse ko hari n'igihe igira iminsi 29.
- Sobanurira abana ko hari uburyo bworoshye bwo kwibuka amezi afite iminsi 31 n'amezi afite iminsi mike kuri iyo.
- Egeranya ibipfunsi byawe. Hera ibumoso maze uhereye ku gahera aho gatereye uhite Mutarama. Mu kena gakurikiraho uhite Gashyantare, ku mugongo w'intoki ukurikiraho uhite Werurwe, bityo bityo. Imigongo y'intoki (udukonjo) yose yerekana amezi afite iminsi 31 naho mu twena hakerekena ayandi mezi.
- Bakoreshe umwitozo wo kumenya iminsi y'ukwezi bakoresheje ibipfunsi byabo.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CY'UMUNYESHURI
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga amatariki y'ukwezi iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK**/REB P. 61 -**JFK** P. 121,122

-**MK** P. 133,134 -**LONGHORN** P. 91, 92

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga amatariki y'ukwezi mu bitabo byavuzwe haruguru. Buri mwana ayikore ku giti cye kugirango urebe niba abana bumvise neza isomo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bereka abo babana ukuntu bashobora kubara iminsi y'ukwezi bakoresheje ibipfunsi byabo.

ICYUMWERU CYA 3:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kugereranya imibare (itarenze 999) ukoresjeje <, > na =	• Kugereranya imibare (itarenze 999) ukoresheje <, > na =	• Kugaragaza ibiranga urukiramende	• Guteranya ubitsa (igisubizo kitarenze 999)	Guteranya ubitsa igisubizo kitarenze 999	• Gushaka umuzenguruko w'urukiramende	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura ku 100 • Teranyaho 50	• Ni kangahe kabura ku 100	• Kuraho 50	• Teranyaho 50	• Kuraho 50	• Teranyaho 50 • Kuraho 50	
Indirimbo n'injyana	• Injyana y'imibare (kuva kuva kuri500 kugera kuri950) bongeraho imibare 50	• Injyana y'imibare (kuva kuva kuri 500 kugera kuri950) bongeraho imibare 50	Injyana y'imibare (kuva kuri 500 kugera kuri950) bongeraho imibare 50	• Injyana y'imibare bongeraho umubare umwe: kuva kuri 500 kugera kuri999)	• Injyana y'imibare (kuva kuva kuri 500 kugera kuri 950) bongeraho imibare 50	• Injyana y'imibare (kuva kuva kuri 500 kugera kuri950) bongeraho imibare 50	
Udukino two kubara			• Hejuru, hasi, ibumoso n'iburyo • Kora ku kibaho			• Hejuru, hasi, ibumoso n'iburyo	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.6,7	P.6,7	P. 96, 97	P. 10,11	P. 10,11	P. 98	
MK	P. 120	P. 120	P. 118	P. 137	P. 137	P. 149	
JKF	-	-	P. 123,,125	P. 74, 75	P. 74,75	P. 146	
LONG HORN	P. 26	P. 26	P. 113	P. 30,31	P. 30,31,28	P. 117,118	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura kuri 100?

- Vuga umubare uri hagati ya 0 na 100 (uherwa na 0 cyangwa 5).
- Abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 100.

Teranyaho cyagwa kuraho 50

- Vuga umubare, urugero 150 maze uvuge uti: "teranyaho 50" cyangwa "kuraho 50".
- Abana bavuge umubare barabona nibateranya cyangwa nibakuraho 50 kuri wa mubare.
- Ukoreshe imibare iherwa na 50 cyangwa amazeru abiri (00).

Hejuru, hasi, ibumoso n'iburyo

- Uvuge amerekezo maze abana bace imirongo mukirere, berekana amerekezo yavuzwe.
- Abana bashobora kwihindukiza bakareba ibumoso cyangwa iburyo bitewe n'amerekezo mwarimu avuze.

Kora ku kibaho

- Shushanya kare n'urukiramende ku kibaho.
- Bwira abahungu 2 n'abakobwa 2 kuza imbere.
- Vuga izina ry'ikinyampande, itsinda ritanga irindi kugikoraho rirabona inota.
- Itsinda ritanga irindi kubona amanota 3 riraba ritsinze.
- Ubabwire basubire kwicara.
- Musubire muri uwo mwitozo n'abandi bana 4.

ISOMO RYA 1 – KUGERERANYA IMIBARE (≤ 999)

ICYITONDERWA – *Mu gihe mukinisha imikino yo kubara mu mutwe cyangwa kubara vuba vuba, ujye ugira vuba vuba kugira ngo utoze abana gusubiza vuba.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora :
- Kugereranya imibare (500→ 999) bakoresha <, > na =.

Imfashanyigisho:
- Telefoni **(M-P2-T3-W2-L1**
- Indangururamajwi**.**

1. Mbere y'gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Fasha abana kwitegura maze bakurikire isomo batuje.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana injyana yo kubara ugenda usimbuka 50 kuva kuri 500 kugera kuri 950.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura ku 100?".
- Mwifashishije igishushanyo cy'ikibarisho (intungwamibare), ufashe abana kugereranya imibare iri hagati ya 500 kugera kuri 999.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana icyo bize muri iri somo.

Agakuru k'imibare

Isomero ryari rifite ibitabo 600. Ryabonye impano y'ibitabo 320. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Ubu isomero rifite ibitabo byose hamwe 920.

-Umubare w'ibitabo isomero ryabonye niwo muto ku mubare w'ibitabo ryari risanganywe.

3. Nyuma y' igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira:
Uzurisha ikimenyetso gikwiye <, >, =

994 ☐ 949 808 ☐ 880

600 ☐ 300+300

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana bayigereranye bakoresheje ibimenyetso byo kugereranya :<,>,=. Bajye babanza bayishushanye ku ntungwamibare.

1. 669 ☐ 966
2. 531 ☐ 753
3. 999 ☐ 999

ISOMO RYA 2 – KUGERERANYA IMIBARE (IRI MUNSI YA 999) MUKORESHA < , > NA =

ICYITONDERWA – *Kugira ngo abana basobanukirwe aho bakoresha < cyangwa >, bafashe kumva ko buri gihe > imera nko guhobera umubare munini.*

Intego y'isomo

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora imyitozo yo kugereranya imibare. ≤ 999 bakoresheje <, > na =.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Mukine "Ni kangahe kabura ku100?" Vuga umubare uherwa na 5 cyangwa 0 maze abana bavuge umubare bakongeraho ngo bibe 100.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Andika ku kibaho ibimenyetso: <, > na =,abana bavuge icyo byerekana mu kugereranya imibare.
- Kora kuri buri kimenyetso kandi utitaye k'uko bikurikirana maze abana bavuge niba ari: biruta, birutwa cyangwa bihwanye.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

764 664 **777 777** **531 832**	• Andika ku kibaho imibare 764 na 664. • Baza abana umubare w'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe bigize buri mubare. • Abana bavuge umubare munini, umuto cyangwa niba ingana nyuma banavuge ikimenyetso bakoresha bayigereranya. • Musubire muri uwo mwitozo n'imibare: 777 na 777, 531 na 832.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1:Kugereranya imibare (babiri babiri)

- Andika ku kibaho imyitozo ikurikira: uzurisha ikimenyetso gikwiye >, <, =
  1. 567 ☐ 672
  2. 765 ☐ 524
  3. 888 ☐ 888
  4. 945 ☐ 800
- Abana bandukure amatsinda y'imibare maze bayigereranye bakoresheje <, > na =.

Umwitozo wa 2:IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe) **iminota 3**

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kugereranya imibare (kuva kuri 500 kugera kuri 999) bakoresha <, > na =

iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.6, 7 **-LONGHORN** P. 26

-MK P. 120

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imyitozo ikurikira: uzurisha ikimenyetso gikwiye 670 ☐ 670, 819 ☐ 918
  500+300 ☐ 800

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Andika ku kibaho imibare ikurikira:
  1. 541 ☐ 541
  2. 867 ☐ 932
  3. 733 ☐ 834

Bwira abana baze kuyigereranya bakoresheje ibimenyetso (<,>,=) nibagera mu rugo.

ISOMO RYA 3 – IBIRANGA URUKIRAMENDE

ICYITONDERWA – *Mu gihe mukina imikino yo kubara mu mutwe cyangwa kubara vuba vuba, ujye ugira vuba vuba kugira ngo utoze abana gusubiza vuba.*

Intego y'isomo

Nyuma y'ri isomo, abana baraba bashobora:

- Kuvuga ibiranga urukiramende.

Imfashanyigisho:

- Udukoni 4 duhambiriye tubiri tubiri tungana kandi agafungo kamwe gasumba akandi kugira ngo bize gukore urukiramende.
- Ilati y'inguni

1.Gukangura abana **iminota 2**

Mukine "Hejuru, hasi ibumoso n'iburyo". Vuga amerekezo maze abana bace imirongo mu kirere bakurikije ibyo uvuze. Abana bashobora no kwihindukiza bakareba ibumoso cyangwa iburyo bitewe n'amerekezo uvuze.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Abana bitegereze mu ishuri barebe niba hari ikintu gifite ishusho ya kare. Abana berekane ibintu bifite ishusho nk'iya kare. Abana bakubwire ibiranga kare.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya urukiramende runini ku kibaho. Baza abana icyo babona. Rufite impande zingahe? Muzipime mwandikeho cm zifite. Rufite imfuruka zingahe? Wavuga iki ku mpande ziteganye? Hanyuma ufashe abana gutahura ko abana impande ziteganye zingana kandi ko imfuruka enye zigororotse.
- Bwira abana ko icyo kinyampande cyitwa. Abana bitegereze urwo rukiramende gushushanya maze bavuge aho bitandukaniye na kare.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Kwerekana inkiramende mu ishuri (Ishuri ryose)
Bwira abana kwitegereza mu ishuri bakwereke ibikoresho bifite ishusho y'urukiramende.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga ibiranga urukiramende iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite)

- MK/REB P.96, 97 **-JKF P**. 123,125

-MK P. 118 **-LONGHORN** P. 113

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze ubahe udukoni 4 duhambiriye tubiri tubiri kandi agafungo kamwe gasumba akandi ku buryo biri bukore urukiramende. Babwire gukora urukiramende bifashishije utwo duti.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Baza abana kuza gushaka ibintu bifite ishusho y'urukiramende bafite mu rugo iwabo. Hanyuma basobanurire umuntu wo mu rugo icyo urukiramende ari cyo n'ibintu biruranga.

ISOMO RYA 4 – ITERANYA RIBITSA (IMIBARE ≤999)

ICYITONDERWA - *Aho bishoboka abana babe aribo bayobora imikino.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guteranya imibare babitsa (imibare≤999).

Imfashanyigisho
- Terefone (M-P2-T3-W3-L4)
- Indangururamajwi

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Fasha abana kwitegura maze bakurikire isomo bate...

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri telefoni **iminota 30**

	J	C	B
	5	^{1}6	7
+	3	1	5
	8	8	2

	J	C	B
	6	^{1}3	7
+	1	4	5
	7	8	2

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara ugenda usimbuka10 kuva kuri 900 kugera kuri 990.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 50".
- Mwifashishije imbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi, ibinyabumwe, ufashe abana guteranya babitsa.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 990 kugera kuri 999.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana aho bazajya bakoresha ibyo bize mu geteranya babitsa mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Agakuru k'imibare

Umwaka ushize Manzi yasaruye ibihaza 230 naho Teta asarura ibihaza 720. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:
- Bose hamwe basaruye ibihaza 950.
- Manzi afite ibihaza byinshi ku bihaza bya Teta.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri telefoni **iminota 9**

Umwitozo wa 1:Iteranya ribitsa (babiri babiri)
- Abana bakore imyitozo ikurikira mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe:

621 + 329=
456 + 405=

- **Umwitozo wa 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)**
  Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya imibare babitsa (imibare≤999) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.10,11 -**JKF** P. 75

-**MK** P. 137 -**LONGHORN** P. 30,31

4.Umukoro wo mu rugo

- Abana bakorere mu rugo imyitozo ikurikira mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe:

1. 545 + 325=
2. 29 + 817=
3. 721 + 193=

ISOMO RYA 5 – ITERANYA RIBITSA (IMIBARE ≤ 999)

ICYITONDERWA - *Abana batondeke neza imibare mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukora imyitozo ku iteranya ribitsa igisubizo kitarenga 999.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Abana bahaguruke baririmbe injyana y'imibare basimbuka imibare 50, bahereye kuri 500 kugera kuri 950.

Isubiramo **iminota 3**

- Abana basesengure imibare ikurikira mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe.
  - 567
  - 899

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

765 + 165 =

	J	C	B
	1 7	1 6	5
+	1	6	5
	9	3	0

- Andika ku kibaho uyu mwitozo: 765 + 165= (mu mbonerahamwe y' ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe).
- Hitamo umwana aze imbere ateranye iyo mibare kandi asobanurire bagenzi be uko babikora.
- Ereka abana uko bateranya iyi mibare: Ibutsa abana uko bateranya ibinyabumwe babitsa, n'ibinyacumi babitsa baherukire ku binyajana.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Imyitozo ku iteranya (Babiri babiri)

- Babiri babiri, bakore imyitozo ikurikira yo guteranya babitsa:
- 375 + 464 =
- 452 + 354 =

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri) iminota 3

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya babitsa igisubizo kitarenga 999 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.10,11 **-JKF** P. 74,75

-**MK** P. 137 -**LONGHORN** P. 28,30,31

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana ibibazo bikurikira buri wese abikore ku giti cye.

1. 631 + 209 =
2. 726 + 155 =

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bereke umuntu wo mu rugo uko baternya umuhiriko ukurikira bakoresheje uburyo bubiri bize:

1. 361 + 459=
2. 214+591=
3. 674+129=

ISOMO RYA 6 – UMUZENGURUKO W'URUKIRAMENDE

ICYITONDERWA - *Imirongo ku kibaho igomba kuba minini ku buryo hose bayibona.*

Intego y'isomo
Nyuma y'ri isomo, abana baraba bashobora:
- Gushaka umuzenguruko w'urukiramende.

Imfashanyigisho:
- Irati

1. Gukangura abana **iminota 2**

Mukine "Hejuru, hasi, ibumoso n'iburyo"

2. Isubiramo **iminota 3**

- Abana berekane ibintu biri mu ishuri bifite ishusho y'urukiramende. Bongere banavuge ibindi bahura nabyo mu buzima bwabo bwa buri munsi bisa n'urukiramende. Bwira abana kuvuga ibiranga urukiramende.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ku kibaho urukiramende runini rufite cm 50 z'uburebure na cm 25 z'ubugari.
- Baza abana bakwereke umuzenguruko w'urwo rukiramende.Hanyuma muwupime mugenda muteranya uburebure bwa buri ruhande.
- Mushingiye ku mpande ebyiri zingana, fasha abana gusobanukirwa ko Umuzengurko w'urukiramende = [uburebure + ubugari] x2.
- Abana basubiremo bashake umuzenguruko w'urukiramende mwashushanyije umuzenguruko = [Uburebure + ubugari]x2.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gushaka umuzengurko w'igitabo (Babiri babiri)
- Abana bafate igitabo gifite ishusho y'urukiramende.
- Bapime impande maze bashake umuzenguruko.

Umwitozo wa 2: IGITABO CYUMUNYESHURI
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka umuzenguruko w'urukiramende iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.98 -**JKF** P. 149
-**MK** P. 149 -**LONGHORN** P. 117,118

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana umwitozo ukurikira wo gushaka umuzenguruko w'urukiramende buri wese awukore ku giti cye.
- Shaka umuzenguruko w'urukiramende rufite uburebure bureshya na cm 5 n'ubugari bureshya na cm 4.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Shushanya urukiramende rufite cm2 z'ubugari na cm 4 z'uburebure. Abana baze gushaka umuzenguruko bereke abo mu rugo uko babikoze.

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3

Buri mwana akora ukwe. Abandi ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo

Ikibazo cya 1 – Abana bavuge iminsi igize aya mezi

Mutarama: iminsi_____.

Gashyantare: iminsi _____.

Gicurasi: iminsi _____.

Nyakanga: iminsi _____.

Kanama: iminsi _____.

Ikibazo cya 2 – Abana bakore ku mibare ikurikira maze bayisome:

567	**672**
754	**888**
999	**901**

Ikibazo cya 3 – Abana bashake umuzenguruko w'izi nkiramende:



Amanota	Ibyo mu ikosora		
	Byiza cyane	Byiza	Akeneye gufashwa
***Ikibazo cya* 1**	**5**	**3 cyangwa 4**	**≤ 2**
***Ikibazo cya* 2**	**5 cyangwa 6**	**3 cyangwa 4**	**≤ 2**
***Ikibazo cya* 3**	**3**	**2**	**≤ 1**

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 2

Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 4:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6
Ikigamijwe	• Gukuramo utira (imibare itarenga 999)	• Gukuramo utira (imibare itarenga 999)	• Kuvuga isaha	• Gukuba na 10 umubare w'imibarwa 2	Gukuba na' 10 umubare w'imibarwa 2	• Kuvuga isaha (imyitozo)
Udukino two kubara mu mutwe	• Kuraho 100	• Kuraho 20 • Teranyaho 20	• Kuraho 20	• Teranyaho 10 • Inshuro cumi	• Inshuro cumi	• inshuro cumi
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana yo kubara basimbuka umubare 1: kuva kuri 999 kugera kuri 990 • Injyana yo kuva kuri 0 kugera kuri 900 ugenda usimbuka imibare 100	• Injyana yo kubara ukuraho imibare 10 kandi usubira inyuma: kuva kuri 641 kugera kuri 541 no kuva 872 kugera kuri 772	Injyana yo kubara kugeza kuri 60 bongeraho imibare 5: kuva kuri 1 kugera kuri 60 hanyuma bave kuri 60 bagere kuri 1	• Injyana ya mara ya 10	• Injyana ya mara ya 10	Injyana ya mara ya 10
Udukino two kubara				• Bara imibare ibiri		• Kora ku kibaho
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI						
MK/REB	P.16,17	P.16,17	P. 82,83	-	-	P.82
MK	P.138	P.138	P. 152	-	-	P. 152
JKF	P. 76	P. 76	P. 155,156,168,167	P.128,129	P.128,129	P. 155,156 (ukoreshe imyitozo ijyanye n'isaha yuzuye)
LONG-HORN	P. 37,38	P. 37,38	P. 95,96,97,98,99	-	-	P. 95,96,97,98,99

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Teranyaho cyangwa kuraho 100

- Vuga umubare, urugero, 580 maze uvuge uti: Teranyaho cyangwa kuraho 100.
- Abana bavuge umubare barabona nibateranya cyangwa bagakuraho 100(uyu mukino gukuramo cyangwa guteranyaho 100 ntabwo bikinirwa icyarimwe. Igihe kimwe ukinisha gukuramo 100, ikindi gihe ugakinisha kongeraho 100).

Inshuro cumi

- Vuga umubare maze abana bavuge uwo mubare barabona nibawukuba n'icumi.

Kora ku kibaho

- Mukine "Kora ku kibaho". Bwira abahungu 2 n'abakobwa 2 kuza imbere. Uvuge isaha maze itsinda ritanga irindi kuyerekana ku isaha rirabona inota.
- Itsinda ritanga irindi kubona amanota 3 riraba ritsinze. Ba bana bahite basubira kwicara maze uhamagare abandi 4 bakine ako gakino.

Fora umubare

- Bwira abana ko utekereje umubare uri hagati ya 500 na 999.
- Abana babaze ibibazo bishobora gusubizwa na Yego cyangwa Oya kugira ngo batahure uwo mubare. Urugero: Uruta 600? Uri munsi ya 900?

Bara kabiri kabiri

- Abana barabara imibare ibiri ibiri kuva kuri 2 kugera kuri 20. Urugero: 2 4 6 8……20

ISOMO RYA 1 – GUKURAMO BATIRA

ICYITONDERWA – *Ujye uririmbana injyana n'abana ubatera umwete.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukuramo batira imibare itarenga 999.

Imfashanyigisho :
- Terefone (M-P2-T3-W4-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Reba ko ibikoresho byose muri bukenere biri hafi.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

564 – 135 =

	J	C	B
	5	6^{5}	$^{1}4$
-	1	3	5
	4	2	9

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 990 kugera kuri 999. Mujya imbere munasubira inyuma.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuramo ijana".
- Mwifashishije imbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi, ibinyabumwe, ufashe abana gukuramo batira.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 100 kugera kuri 900 mugenda mwongeraho imibare 100. Mujya imbere munasubira inyuma.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana aho bazajya bakoresha ibyo bize mu gukuramo batira mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Agakuru k'imibare

Keza yari afite impeke z'ibigori 762 agira ibyago atakazamo impeke 145. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:
-Keza yasigaranye impeke 617.
-Impeke keza asigaranye nizo nyinshi kurusha impeke yatakaje.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi
Ha abana iyi myitozo
915 - 209 =
823 - 814 =

4. Umukoro wo mu rugo

- Abana nibagera mu rugo bakorere mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n' ibinyabumwe imyitozo ikurikira:
  788 – 549 =
  734 – 555 =

ISOMO RYA 2 – IMYITOZO KU IKURAMO RITIRA (IMIBARE≤999)

ICYITONDERWA –*Byibura iminota hagati y'5 n'10 yo gukina udukino two kubara mu mutwe kugirango abana bamenyere kubara vuba vuba.*

Intego y'isomo

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukuramo atira.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine agakino kubara mu mutwe "Kuraho 20" Vuga umubare uri hagati ya 0 na 999 uherwa na zero maze abana bavuge umubare usigara nibakuraho 20.

2. Isubiramo

- Ibutsa abana uko bakuramo bakoresheje imbonerahamwe y' ibinyajana, ibinyabucumi n'ibinyabumwe.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa

764

	J	C	B
	6_5	$^{1}5_4$	$^{1}4$
-	4	5	6

- Shushanya imbonerahamwe nk'iyi ku kibaho.
- Andika uyu mwitozo muri iyo mbonerahamwe: 654 – 456.
- Abana bakorere uwo mwitozo mu mbonerahamwe.
- Saba abana kugusobanurira uko bakuramo batira aho bagira ikibazo ubafashe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gukuramo (babiri babiri)

- Abana bakorere mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n' ibinyabumwe imyitozo ikurikira:

1. 743 – 237 =
2. 567 – 459 =

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ukwe) **iminota 3**

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukuramo batira imibare ≤ 999 iri mu bitabo bikurikira ((hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.16,17 **-JKF** P. 76

-MK P. 138 **-LONGHORN** P.37,38

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imitozo ikurikira. Buri wese ayikore ku giti cye kandi bayi korere mu mbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n' ibinyabumwe :
  1. 345 – 126 =
  2. 543 – 455 =

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana nibagera mu rugo bakore iyi myitozo yo gukuramo:
  1. 816 – 247 =
  2. 765 – 509 =

ISOMO RYA 3 – IGIHE: KUVUGA ISAHA

ICYITONDERWA - *Gerageze guhuza imibare n'ubuzima bw'abana bwa buri munsi.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kuvuga igihe bakoresheje amasaha y'ubwoko bunyuranye.

Imfashanyigisho:
Isaha cyangwa igishushanyo cy'isaha.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana baririmbe kugera kuri 60 basimbuka imibare itanu, itanu(5 10 15 20 25 30 35 40 45 50 55 60 (bajya imbere bongera basubira inyuma)

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana uti: "Uyu munsi ni kuwa kangahe?" Andika igisubizo ku kibaho. Babaze ukwezi barimo nako ukwandike ku kibaho. Abana bandukure itariki n'ukwezi mu makaye yabo. Baza abana uti: Ejo hari kuwa kangahe? Ejo azaba ari kuwa kangahe?

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa





- Niba udafite isaha nini mu ishuri, shushanya igisaha kinini ku kibaho maze abana bakitegereze. Babonye iki?
- Harimo imibare ingahe? Mufatanye kuyibara.
- Basobanurire ko buri mubare werekana iminota 5. Babwire kubara imibare iri muri iyo saha basimbuka imibare5.
- Wifashishije igishushanyo cya kabiri cyangwa isaha nzima, baza abana akamaro k'inshinge z'isaha. Hanyuma ubasobanurire ko urushinge rurerure rwerekana iminota naho urugufi rukerekana isaha.
- Baza abana aho urushinge ruba rugeze niba isaha imara iminota 60.Babare iminota bageze ku minota 60 bahite babona aho urushinge ruba rugeze.
- Basobanurire ko iyo urushinge rurerure rugeze kuri 12, isaha iba yuzuye.
- Bwira abana kuvuga imirimo yabo yaburi munsi bayihuza n'isaha bayikoreraho. Urugero: Mbyuka saa kumi n'ebyiri. Basabe kukwereka saa kumi n'ebyiri ku isaha washushanyije.
- Bibutse aho urushinge rw'iminota rugomba kuba ruri 12 kugira ngo isaha ibe yuzuye. Bwira abana gushushanya amasaha mu makaye yabo.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi **iminota 3**

Umwitozo wa 1: IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga igihe bakoresheje amasaha y'ubwoko bunyuranye iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.82,83 **-JKF** P. 155,156,167,168
-MK P. 152 **-LONGHORN** P.95,96,97,98,99

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira abana kuganira n'uwo bari kumwe imirimo yabo ya buri munsi; nyuma, bashushanye isaha berekane amasaha abiri bakorereho imirimo yabo. .Urugero: kujya ku ishuri (saa moya) , kujya kuvoma(saa kumi).

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana baze gushushanya isaha maze berekane igihe bakorera nibura ibikorwa bibiri buri munsi.

ISOMO RYA 4 – GUKUBISHA 10 UMUBARE W'IMIBARWA 2

ICYITONDERWA - *Ntihakagire igisubizo usubiza inyuma. Byatuma abana bamwe batinya gusubiza. Gushaka gusobanukirwa no kugerageza biruta kudasiba na rimwe.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukubisha 10.

Imfashanyigisho:
- Terefone (M-P2-T3-W4-L4
- Indangururamajwi.
- Urupapuro rukomeye rwanditseho mara ya 10.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Injyana ya mara ya cumi.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 x 10 = 10
2 x 10 = 20
3 x 10 = 30
4 x 10 = 40
5 x 10 = 50
6 x 10 = 60
7 x 10 = 70
8 x 10 = 80
9 x 10 = 90
10 x 10 = 100

- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 10".
- Wifashishije iyi mara ya 10, fasha abana kubona uburyo bworoshye bwo gukuba umubare n'icumi: iyo ukuba umubare n'icumi, wandika uwo mubare ukongeraho 0 inyuma, urugero: 23 x 10 = 230. Hanyuma mukore imyitozo ihagije yo gukuba n'icumi.
- Kinisha abana agakino kuba n'icumi. Urajya uvuga umubare abana bawukube n'icumi.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza uburyo bwo gukuba n'icumi bize. .

Agakuru k'imibare

Inziza afite ihene 20. Ganza afite ihene inshuro cumi z'iza Inziza. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Ganza afite ihene 200 Ganza afite ihene nke ku za Nziza.
-20 gukuba icumi ni 200

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Ha abana imyitozo yo gukuba n'icumi bongera zero ku mubare bahawe:
14 x 10 =
32 x 10 =
56 x 10 =
74 x 10 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana nibagera mu rugo, bakube n'icumi bakoresha uburyo bwo kongera zero ku mubare:
  1. 21 x 10 = 4. 56 x 10 =
  2. 34 x 10 = 5. 72 x 10 =
  3. 61x10=

ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUKUBA NA 10 UMUBARE W'IMIBARWA 2

ICYITONDERWA - *Ushishikarize abana gusubiza. Jya ucishamo ubwire abana kuza ku kibaho cyangwa gukorera mu matsinda. Wirinde kuba ari wowe ufata umwanya munini mu masomo.*

Intego y'isomo	Imfashanyigisho
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora imyitozo yo gukuba n'icumi umubare w'imibarwa 2.	• Urupapuro rukomeye ruriho mara ya 10.

1. Gukangura abana — **iminota 2**

- Abana bahaguruke baze baririmbe mara ya 10.

2. Isubiramo — **iminota 3**

- Abana bakubwire ibyo bize ku gukuba n'icumi mu isomo riheruka. Ibutsa abana ko iyo dukuba n'icumi twongera zero inyuma y'ibinyabumwe.

3.Isomo rishya — **iminota 2 5**

3.1 Kuvumbura icyigwa

18 x 10 = 180	• Ha abana umwitozo uri ku kibaho bawukore. • Hera kuri uwo mwitozo wibutse abana ko iyo bakuba umubare na 10, bandukura uwo mubare hanyuma bakongeraho 0 inyuma. • Baza abana uko byagenze ku wundi mubare. Urimuka ukaza imbere ho akazu kamwe. Subiramo n'indi mibare kandi mukuba na 10.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: - Ihurizo ryo gukuba n'icumi (ishuri ryose)

- Babwire batange ibitekerezo ku ihurizo rikurikira:
  - Mu gukora umugati umwe Mariya akenera amagi 2. Mu gukora imigati 10 Mariya azakenera amagi angahe?
- Abana babiganireho.
- Ongera usome iryo hurizo maze abana bavuge umubare w'amagi akenewe mu gukora imigati 10.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukubisha 10 iri mu gitabo gikurikira:

-**JKF** P. 128,128

4. Isuzumabumenyi — **iminota 8**

- Abana bahaguruke baririmbe injyana ya mara ya 10.

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

- Abana bereke abo mu rugo uko bakuba imibare ikurikira n'icumi:
  1. 23 x 10=
  2. 14 x 10=
  3. 34 x 10=
  4. 45 x 10=
  5. 39 x 10=
  6. 88 x 10=

ISOMO RYA 6 – KUVUGA ISAHA

ICYITONDERWA -*Umunsi wose ujye wibuka kuvuga igihe. Urugero, ushobora kuvuga uti "bana, ubu ni saa yine, tugiye gukina."*

.

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kuvuga isaha yuzuye.

Imfashanyigisho:
- Isaha nini.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Abana bahaguruke maze baririmbe injyana ya mara ya 10.

2.Isubiramo **iminota 3**

Bereke igisaha kinini cyangwa ugishushanye ku kibaho. Bwira abana kwitegereza uko kimeze n'imibare yanditseho. Baza abana icyo inshinge z'isaha, ururerure n'urugufi bimara. Babaze iminota isaha imara. Ongera ababaze aho izo nshinge ziba ziri kugira ngo bavuge ko isaha yuzuye.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa



- Shyira urushinge rw'iminota kuri 12 maze utembereze urw'amasaha. Ugenda ababaze kukubwira isaha mugezeho. Baza abana iti: "Ni saa ngahe?"
- Bibutse ko iyo urushinge rw'iminota ruringaniye na 12, isaha iba yuzuye neza.
- Basobanurire ko icyo gihe bavuga ko isaha yuzuye mu kadomo. Urugero: Ni saa moya mu kadomo, ni saa sita mu kadomo.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Kora ku kibaho (ishuri ryose)
- Mukine "Kora ku kibaho". Bwira abana bane (umuhungu n'umukobwa, umuhungu n'umukobwa) kuza imbere. Uvuge isaha maze itsinda ritanga irindi kuyikoraho ribone inota.
- Mukomeze itsinda ribona amanota 3 mbere y'irindi riraba ritsinze. Hanyuma abo bana bane bajye kwicara.
- Hamagara abandi bana bane mukine na none ako gakino.

Umwitozo wa 2:IGITABO CYUMUNYESHURU (Umwana ukwe)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga isaha yuzuye iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.82, **-JKF** P. 155,156,167,168(ukoreshe imyitozo ijyanye n'isaha yuzuye)
-**MK** P. 152 **-LONGHORN** P.95,96,97,98,99 (Hitamo imyitozo injyanye n'isomo)

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira abana bashushanye ibishushanyo bigaragaza amasaha akurikira buri wese ku giti cye.
  - Saa tatu mu kadomo
  - Saa sita mu kadomo

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana nibagera mu rugo, bashushanye ibishushanyo by'amasaha mu makaye yabo berekana aya masaha :
  - Saa yine mu kadomo
  - Saa moya mu kadomo
  - Saa tanu mu kadomo

ICYUMWERU CYA 5:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	Kugabanya udasagura imibare itarengeje imibarwa 2 n'undi mubare w'umubarwa 1	• Kugabanya udasagura imibare itarengeje imibarwa 2 n'undi mubare w'umubarwa 1	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure, iz'ibitembabuzi n'iz'uburemere (imibare itarenga 999)	• Gushaka kimwe cya kabiri cy'ikizima	• Gusoma, kwandika no kwerekana umugabane ½ ukoreshesheje igishushanyo.	• Gukuba no kugabanya. ingero z'uburebure, iz'ibitembabuzi n'iz' n'uburemere	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 4 n'icya 5
Udukino two kubara mu mutwe	• Kubara basimbuka imibare ibiri, ibiri; ine, ine; itanu, itanu	• Kubara basimbuka imibare ine, ine	• Teranyaho 20	• Kuba na 2	• Gabanya na 2	• Gabanya na 2	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana ya mara ya 3 n'iya 6	• Injyana ya mara ya 2 n'iya mara ya 4	• Mara ya 3 n'iya 6	• Mara ya 2	• Mara ya 3 n'iya 6	Injyana ya mara ya 10	
Udukino two kubara			• Kuraho 20	• Gabanya na 2			
AHO TUBISANGA MU GITABO CY"UMUNYESHURI							
MK/REB	P.35,36,37,38	P.35,36,37,38	P.55,71,65	P. 45,46	P. 45,46	-	
MK	P.132	P.132	P. 135,	P.154, 155	P.154, 155	P. 71	
JKF	P. 51, 52, 53, 54, 55, 56, 57, 58	P. 51, 52, 53, 54, 55, 56, 57, 58	P.42, 43, 81, 82, 83, 84, 85, 86	P.148, 149, 150	P.148, 149, 150	P. 82, 83	
LONGHORN	P.53,54,55,56	P.53,54,55,56	P.67,70,74,75,79,80	P.59,60	P.58,59,60	-	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Kuba na 2

- Vuga umubare uri hagati ya 0 na 10 maze abana bavuge umubare babona nibawukuba na 2.

Gabanya na 2

- Mukine "Gabanya na 2" Vuga umubare ugabanyika na 2 uri hagati ya 0 na 20 maze abana bavuge umubare babona nibawugabanya na 2. Mukine mwihuta kugira ngo agakino gashimishe abana.

Teranyaho cyangwa Kuraho 20

- Mukine "Kuraho 20". Vuga umubare uri hagati 500 na 999. Abana bavuge umubare barabona nibakuraho 20 (ukoreshe imibare iherwa na 0)

ISOMO RYA 1 – KUGABANYA IMIBARE ITARENGEJE IMIBARWA 2 N'UMUBARE W'UMUBARWA 1

ICYITONDERWA – *Ni ngombwa kwishimira ibyo umwana yashoboye gukora. Nawe bimufasha kumva ko kwiga imibare bifite akamaro.*

Intego y'isomo
Nyuma y'ri isomo, abana baraba bashobora:
- Kugabanya imibare itarengeje imibarwa 2 n'umubare w'umubarwa 1 nta gusagura.

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-T3-W5-L1)**
- Indangururamajwi**.**
- Urupapuro rukomeye ruriho mara ya 3 n'iya 6.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Andika ku kibaho mara ya 3 na 6 muri bukoreshe muririmba injyana.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya gatatu n'iya gatandatu mu matsinda abiri. Itsinda rimwe rirariri mba mara ya 3 irindi ririmbe mara ya 6 basimburana.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Bara kabiri kabiri". Abana barabara imibare ibiri ibiri bahereye kuri 2 bagere kuri 20. Bongere bahere kuri 20 basubira inyuma bagere kuri 2.
- Mwifashishije ibishushushanyo by'utubarisho, abana bagende bagabanyamo amatsinda abiri. Hanyuma muhereho bavumbura uko bagabanya umubare w'imibarwa ibiri n'undi w'umubarwa umwe. Nyuma mugabanye mu mahembe.
- Kinisha abana agakino ko kubara imibare ine ine bahereye kuri 4 bagere kuri 40.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana aho bazajya bakoresha ibyo bize kugabanya mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Agakuru k'imibare

Kamali afite amapera 24. Arashaka kuyagabanya inshuti ze 6. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Buri nshuti ye izatwara amapera 4.
-Ubwo 24 kugabanya 6 bingana na 4.
-Kamali nta mapera asigaranye.
-Kamali agira ubuntu.

3.Nyuma y'isomo — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Abana bakore iyi myitozo buri wese ku giti cye:
  1. 98:2
  2. 72:6
  3. 80:4

3.2.Umukoro wo mu rugo

- Abana bakorera uyu mwitozo iwabo. Bibuke kugabanyiriza mu mu mahembe:
  1. 42:2 =
  2. 24:4 =
  3. 20:5 =
  4. 36:6 =

ISOMO RYA 2 – IMYITOZO KU KUGABANYA IMIBARE ITARENGEJE IMIBARWA 2 N'UMUBARE W'UMUBARWA 1

ICYITONDERWA –*Tanga amabwiriza asobanutse, mu mvugo inoze kandi yumvikana neza.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugabanya imibare itarengeje imibarwa ibiri n'umubare w'umubarwa 1 nta gusagura	• Igipapuro kiriho mara ya 2 na mara ya 4.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Abana bahaguruke baririmbe injyana ya mara ya 2 na mara 4.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Shushanya ku kibaho utuziga 40. Baza abana uti: "nshobora gukora amatsinda 5?" "Muri buri tsinda harajyamo ibiziga bingahe?" (8). Bwira umuhungu n'umukobwa kuza imbere maze bazitize umurongo ufunze buri tsinda ry'utuziga umunani kugeza ibiziga byose birangiye. Baza abana icyo babivugaho?

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa

72 : 6

```
72 | 6
-6 | 12
12
-12
00
```

- Andika ku kibaho uyu umwitozo: 72:6. Baza abana icyo aka kamenyetso: kavuga.
- Saba umwana kuza imbere akagabanyiriza uyu mubare mu mahembe agenda asobanurira bagenzi be uko abikora.
- Ibutsa abana uko bagabanya bahagaritse ku kibaho, ugenda usobanura buri ntambwe mu kugabanya. Subira muri uwo mwitozo n'uyu mubare: 64:4.
- Abana bagende bavuga igikurikiraho kugeza murangije kugabanya.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Kugabanya (babiri babiri)

- Mu matsinda ya babiri babiri, bagabanyirize mu mahembe imibare ikurikira:
  1. 36:6 =
  2. 28:4 =
  3. 12:2 =
  4. 78:6 =
  5. 48:4 =

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kugabanya imibare y' imibarwa 2 n'umubare w'umubarwa 1 nta gusagura iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.35,36,37,38 **-JKF** P. 51,52,53,54,55,56,57,58
-MK P. 132 **-LONGHORN** P.53,54,55,56

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imyitozo yo kugabanya ikurikira abana bayikore buri wese ku giti cye:

1. .36:6 =
2. 28:4 =

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Andika ku kibaho iyi mihiriko abana baze kuyikorera mu rugo :
  1. 30:6 =
  2. 32:4 =

ISOMO RYA 3 – IMYITOZO KU GUTERANYA UBUREBURE, ITWARA N'UBUREMERE

ICYITONDERWA - *Mu gihe abana bakoze neza ni ngombwa kubashima uvuga uti: ni byiza, komereza aho, n'ibindi ...*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure, ibitembabuzi n'iz'uburemere (imibare itarenga 999).

Imfashanyigisho:

- Imborerahamwe yerekana ingero z'uburebure, z'ibitembabuzi ni z'uburemere.
- Urupapuro rukomeye rwanditseho mara 2 n'iya 4.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Abana bahaguruke baririmbe injyana ya mara ya 3 n'iya 6. Mu matsinda abiri. Rimwe rirajya ririmba mara ya 2 irindi ririmbe mara ya 4.

3.Isubiramo **iminota 3**

- Abana bavuge urugero fatizo barakoresha mu gupima uburebure bw'intebe yabo?

Ibutsa abana ingero z'uburebure mwize (dam, m, cm,) .

- Bakwifashisha uruhe rugero fatizo ngo bapime uburemere bw'ibirayi?(kg) Bakoresha ikihe gikoresho?
- Ubabaze urugero fatizo bakoresha mu gupima ingano y'amazi mu icupa (l).

3.1.Isomo rishya **iminota 25**

Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho iyi inkuru yerekeranye no guhaha: "Yohani yagiye kwisoko agura m 15 z'umwenda w'uburururu arongera agura m 9 z'umwenda utukura.
- Yarongeye agura ibirayi: kg 25, kg 12 aziha mama we.
- Hanyuma agura litiro 3 za peteroli ariko litiro imwe ayiha murumuna we."
- Ibukiranya n'abana iyo nkuru: "Yohani yaguze iki n'iki?" "Ibyo yaguze bingana iki?" Bityo bityo.
- Baza abana ukuntu mushobora kumenya umubare w'ibintu byose yaguze. Turateranya, turakuromo cyangwa turabikora byombi? Andika ibisubizo ku kibaho uhagaritse maze ubabwire bateranye nyuma bakuremo aho biri ngombwa.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo:IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no guteranya no gukuramo (ngero z'uburebure, z'ibitembabuzi ni z'uburemere iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.55,71,65
-**MK** P. 135
-**JKF** P. 42,43,81,82,83,84,85,86
-**LONGHORN** P.67,70,74,75,79,80

4 .Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ha abana imyitozo ikurikira abana bayikore buri wese ku giti cye .

1. l10 + l20 = l____
2. l 10-l 3= l____
3. Kg 10– Kg 5 = kg ___
4. Kg4+kg7= kg _____
5. m 8 – m7 = m____
6. cm 100 –cm70= cm____

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika ku kibaho imyitozo ikurikira maze abana bereke abo mu rugo uko ikorwa:

1. l 200 –l 50= l____
2. m 13 + m 10 + = m____
3. kg 5 + kg 6 = kg ____
4. Mama yaguze litiro 25 z'amavuta; papa agura litiro 20. Ubwo dufite litiro zingahe z'amavuta?

ISOMO RYA 4 – IMIGABANE: KIMWE CYA KABIRI $\frac{1}{2}$

ICYITONDERWA - *Ifashishe impapuro zihinnye kugira ngo wigishe abana imigabane.*



Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gushaka icya kabiri cy'ikizima.

Imfashanyigisho:

- Impapuro zo guhina.
- Terefone **(M-P2-T3-W5-L4)**
- Indangururamajwi**.**

1.Mbere y' igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

Genzura ko mufite ibikoresho byose muri bukenere mu isomo.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 2.
- Agakino ko kubara mu mutwe "Bara kabiri kabiri". Abana barabara imibare ibiri ibiri bahereye kuri 2 bagere kuri 20. Bongere bahere kuri 20 basubira inyuma bagere kuri 2.
- Mwifashishije urupapuro rwa kare rugabanyijemo ibice bibiri bingana, fasha abana gusobanukirwa kimwe cya kabiri cy'ikizima.
- Hanyuma mushushanye ku kibaho urupapuro maze mwerekane kimwe cya kabiri n'ingwa y'ibara. Komeza uha abana imyitozo yo kugaragaza kimwe cya kabiri ku bishushanyo.
- Kinisha bana agakino "Kimwe cya kabiri". Urajya ubabwira umubare hanyuma bakubwire igisubizo bawugabanije na 2.
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana aho bazajya bakoresha ibyo bize kugabanya mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Agakuru k'imibare

Ganza afite imineke 16, arashaka guha murumuna we kimwe cya kabiri cyayo. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Ganza azaha murumuna we imineke 8.

-Ganza na murumuna we bazahita banganya imineke

-16 kugabanya kabiri ni umunani.

3. Nyuma yigice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Saba abana gushushanya kare mu makayi yabo. Basabe gusiga ibara muri $\frac{1}{2}$ cy'iyo kare bashushanyije

- Mukine "Gabanya na 2" Vuga umubare ugabanyika na 2 uri hagati ya 0 na 50 maze abana bavuge icya kabiri cyawo. Mukine mwihuta kugira ngo birusheho kuryoha.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka kimwe cya kabiri cy'ikizima iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

  - **MK/REB** P.45,46 -**JKF** P. 148,149,150

  -**MK** P. 154,155 -**LONGHORN** P.59,60

5.Umukoro wo mu rugo

- Abana bashushanye kare n'urukiramende. Bereke abo babana uko bazigabanya ayo mashusho mo kabiri maze basige ibara muri $\frac{1}{2}$ cya buri shusho.

ISOMO RYA 5 – IMIGABANE: KIMWE CYA KABIRI ($\frac{1}{2}$)

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukina udukino two kubara, wirinde gukoresha imibare imwe.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora:

- Gusoma, kwandika no kwerekana umugabane $\frac{1}{2}$ukoreshesheje igishushanyo.

Imfashanyigisho:

- Icunga n'icyuma cyangwa urupapuro rumeze nka kare.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Mukine "Gabanya na 2": Vuga umubare maze abana bavuge icya kabiri cyawo.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana icunga maze urikatemo ibice bibiri bingana. Ubabaze uko buri gice bacyita.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Ereka abana urupapuro rufite ishusho ya kare. Babaze umubare w'impapuro bareba. Ongera ubabaze ukuntu mwarugabanya abantu babiri kandi bakagira ibipande bingana. Abana baganire ku buryo bakoresha ngo babone icya kabiri cya kare.
- Shushanya iyo kare ku kibaho, uyigabanyemo ibice bibiri bingana. Andika $\frac{1}{2}$ muri ya kare

- Baza abana kuvuga icyo iyo mibare ibiri 1 na kabiri itubwira ku birebana n'umugabane. Yombi irakenewe mu kwandika umugabane.
- Basobanurire ko umubare wo hejuru witwa **"ikibara"** kuko ugaragaza umubare w'ibice byatoranyijwe mu kizima naho uwo hasi ukitwa **"icyita"** kuko ariwo utuma bamenya izina ry'ikizima cyagabanyijwemo ibice.
- Basabe gusoma umugabane $\frac{1}{2}$ hanyuma bashushanye ya kare mu makaye yabo berekanishe ibara $\frac{1}{2}$ iruhande bandikeho $\frac{1}{2}$.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1:IGITABO CYUMUNYESHURI Gushushanya icya kabiri (babiri babiri)

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka icya kabiri cy'ikizima iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.45,46 -**JKF** P. 148,149,150
-**MK** P. 154,155 -**LONGHORN** P.58,59,60

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Abana bashushanye ikintu bagabanyijemo kabiri. Urugero: keke bakasemo kabiri. Abana bandike $\frac{1}{2}$ munsi y'igice kigaragaza $\frac{1}{2}$.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bashushanye ibinyampande 2 bitandukanye maze bagaragaze icya kabiri cya buri gishushanyo bakoresheje amabara. Hanyuma bandike iruhande rwabyo $\frac{1}{2}$.

ISOMO RYA 6 – IMYITOZO KU GUKUBA NO KUGABANYA INGERO Z'UBUREBURE IZ'ITWARA N'IZ'UBUREMERE.

ICYITONDERWA -*Kora ku buryo abana bose babona ibyo ukora.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora:

- Gukora imyitozo ku gukuba no kugabanya ingero z'uburebure, iz'ibitembabuzi n'iz' uburemere.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine "Gabanya na 2". Vuga umubare maze abana bavuge uwo mubare bawugabanyije na kabiri.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Ibutsa abana ingero z'uburemere, iz'itwara n'iz'uburebure mwize.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1Kuvumbura icyigwa

- Andika amahurizo akurikira ku kibaho, hanyuma urisobanurire abana.
  Mu kubaka ikibuti cy'inkwavu Yohani yakoresheje imbaho 10 za metero 4 buri rubaho. Ubwo yakoresheje metero zingahe z'imbaho? Yakoresheje kandi amapaki abiri y'imisumari, buri paki ipima ibiro 2. Ubwo yakoresheje ibiro bingahe by'imisumari? Kugira ngo ikibuti cy'inkwavu za Yohani kibe cyiza yagisize utudobo 2 tw'irangi buri kadobo karimo litiro 5. Ubwo yakoresheje litiro zingahe z'irangi.
- Fasha abana gushaka ibisubizo.

IMYITOZO MPAMYABUMENYI

Umwitozo wa 1: I**GITABO CY'UMUNYESHURI**

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no ku gukuba no kugabanya ingero z'uburebure, iz'ibitembabuzi n'iz' n'uburemere iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite): **iminota3**

MK/REB P.71 **-JKF** P. 82,83

Imyitozo ku gukuba no kugabanya ingero z'uburebure, iz'ibitembabuzi n'iz'uburemere (abana bose)

- Andika iyi myitozo ku kibaho:

Uburebure	Itwara	Uburemere
cm 5x4=cm ____	l 20 :2 = l ____	kg 80: 4 = kg___
dm 10 x 5 =dm __	l 15 x 3 = l ___	kg20 x 3= kg___
15m:5 = m ____	l 42 : 6 = l ___	kg10 x 6= kg ____

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Uburebure	Itwara	Uburemere
cm 20:2=cm ____	l 16:4 = l ____	kg 40 : 4 = kg ____
dm 30 x 2= dm___	l 13 x 3 = l ___	kg 20 x 3= kg ___
12m:4 = m ____	l 42 : 6 = l ___	kg 13 x 2= kg __

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana baze kwereka abo mu rugo uko ikorwa:
  - kg 60 :3 = kg ____
  - m 15 x 4 = m ____
  - l 25:5 = l___

Buri mwana akora ukwe. Abandi ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo

Ikibazo cya 1 – Ni gihe ki? Abana barebe ku masaha bavuge igihe.

_____

_____



_____

_____

_____

_____

Ikibazo cya 2 – Abana bakore ibibazo bikurikira:

J	C	B
6	8	2
- 4	2	6

J	C	B
7	7	8
- 6	9	1

J	C	B
3	6	8
- 1	0	7

Ikibazo cya 3 – Abana bakube n' 10 imibare ikurikira:

24x10 = 16x10 = 93x10 =

56x10 = 71x10 = 81x10 =

Amanota	Ibyavuye mu ikosora		
	Byiza cyane	Byiza	Akeneye gufashwa
Ikibazo cya 1	6	4 cyangwa 3	≤ 2
Ikibazo cya 2	3	2	≤ 1
Ikibazo cya 3	6	4 cyangwa 3	≤ 1

Byiza cyane = amanota 3
Byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 6:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	ISOMO RYA 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	ISOMO RYA 2	ISOMO RYA 3	ISOMO RYA 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	ISOMO RYA 5	ISOMO RYA 6	ISOMO RYA 7
Ikigamijwe	• Kuvuga agaciro k'amafaranga kuva ku F 500 kugera F 1000	• Kwerekana $\frac{1}{4}$ cy'ikizima	• Gusoma, kwandika no no kugaragaza umugabane $\frac{1}{4}$) ukoresheje ibishushanyo	• Kuvunja amafaranga atarenze F1000.	• Kwerekana imigabane : $\frac{1}{2}$ **na** $\frac{1}{4}$ (shushanya unasige ibipande by'imigabane amabara)	• Gushaka umuzenguruko wa kare n'uw' urukiramende	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri 50 • Kubara usimbuka imibare • Teranyaho 100	• Vuga icya kabiri cy'umubare	• Vuga icya kabiri cy'umubare		• Vuga icya kabiri cy'umubare	• Vuga icya kabiri cy'umubare	
Indirimbo cyangwa injyana	• Kubara wongeraho imibare100 kuva kuri0 kugera ku 1000	• Injyana ya mara ya kabiri n'iya mara ya kane	• Injyana ya mara ya kabiri n'iya mara ya kane	• Kubara usimbuka imibare100 kuva kuri0 kugera ku 1000	• Injyana ya mara ya kabiri n'iya mara ya kane	• Injyana ya mara ya kabiri n'iya mara ya kane	
Udukino two kubara	• Fora amafaranga mfite	• Vuga icya kabiri cy'umubare	• Vuga icya kabiri cy'umubare	• kuba kabiri • Fora amafaranga mfite			
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 72, 73, 74, 75	P.47,48	P.47, 48	P. 72,73,74,75	P.45, 46, 47, 48	P. 94, 95	
MK	P.163	P.154, 155	P.154, 155	P.163	P.154,155	P.149, 136	
JKF	P. 90, 91, 92	P.148, 149, 150	P.151, 152, 153, 154	P. 90, 91, 92	P.148, 149, 150, 151, 152, 153, 154	P. 146, 147	
LONGHORN	P. 82,83	P.61, 62	P.61, 62	P. 82,83	P. 59,60, 61,62	P.117,118,	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Ni kangahe kabura kuri 50?

- Vuga umubare uri hagati ya 0 na 50 maze abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 50.

Vuga icya kabiri cy'umubare

- Mukine agakino "Vuga icya kabiri cy'umubare". Vuga umubare ugabanyika na 2 utarenze 20 kandi uri hagati ya 0 na 20 maze abana bavuge icya kabiri cyawo.
- Mukine aka gakino mwihuta kugira ngo birusheho kuryoha.

Fora amafaranga mfite

- Bwira abana ko ufite ibiceri 5 n'inote imwe?
- Reka abana babaze ibibazo maze nawe usubize "Yego" cyangwa "Oya" kugeza igihe bafinduriye amafaranga ufite. (Ufite amafaranga 1000? 600? 750?)

Kuba kabiri

- Vuga umubare kuva kuri 1 kugera ku 10, maze abana bavuge umubare barabona nibawukuba na 2.

Teranyaho 100

- Vuga umubare uri hagati ya 0 na 800 maze abana bavuge umubare babona nibateranyaho 100.

ISOMO RYA 1 – AMAFARANGA: KUVA KURI F 500 KUGERA KU F 1000

Icyitonderwa– *Kora ku buryo buri mwana abona ibiceri uberetse n'agaciro kabyo.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kuvuga agaciro k'amafaranga kuva ku F 500 kugera F 1000.

Imfashanyigisho:
- Ingero z'amafaranga: ibiceri 5 by'ijana, inote 2 za Magana atanu n'inote 1 y'igihumbi.
- Terefone (M-P2-T3-W6-L1).
- Indangururamajwi

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Mukine agakino "Ni kangahe kabura ku 50" Vuga umubare uri hagati ya 0 na 50 maze abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 50.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

0 100 200 300 400 500 600 700 800 900 1000

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 900 mugenda musimbuka imibare 100.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ni kangahe kabura kuri 50?"
- Mwifashishije amafaranga 500 n'ibiceri by'ijana fasha abana kubara mugere ku mafaranga 1000. Hanyuma ubereke inoti y'1000 bayimenye neza. Hanyuma ubafashe gusobanukirwa uburyo bwose ushobora kubona F1000 (inoti, ibiceri ...).
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 0 kugera kuri 100 mugenda mwongeraho imibare 100.
- Fasha abana gutanaga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana ibyo bize mu isomo ry'uyu munsi.

Agakuru k'imibare

Mfite amafaranga angana na F 1000 mu mufuka. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru
-Ufite inoti y'amafaranga 1000.
-Ufite inoti y'amafaranga 500 n'ibiceri bitanu ya F 100.
- Ufite inoti 2 za 500

3. Nyuma y'igice cy'isomo kunyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Saba gushushanya ibiziga bigaragaza ibiceri by'amafaranga 100 kugeza bujuje umubare w'amafaranga wabahaye: F800, F 1000.

3.2.Umukoro wo mu rugo

- Abana berekane F 600 na F 1000 bashushanya ibiziga binini bigaragaza ibiceri bashobora guteranya kugira ngo babone uriya mubare w'amafaranga.

ISOMO RYA 2 – IMIGABANE: KIMWE CYA KANE ($\frac{1}{4}$)

Icyitonderwa–*Zenguruka mu bana kugira ngo urebe niba buri wese yumva ibyo arimo gukora.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kwerekana kimwe cya kane cy'ikizima ($\frac{1}{4}$).

Imfashanyigisho:
- Urupapuro rufite ishusho ya kare cyangwa y'urukiramende.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Abana bahaguruke maze baririrmbe injyana ya $\frac{1}{2}$.

2. Isubiramo — iminota 3

- Ereka abana icunga maze urikatemo ibipande 2 bingana. Baza abana uko buri gipande cyitwa. Shushanya ku kibaho kare n'uruziga maze abana bazigabanyemo kabiri. Andika $\frac{1}{2}$ ku kibaho maze ubaze icyo 1 yerekana n'icyo 2 yerekana.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Ereka abana urupapuro rufite ishusho ya kare.
- Baza abana umubare w'impapuro bareba.
- Ongera ubabaze uko mwabigenza kugira ngo murugabanye abana bane kandi batware ibice bingana.
- Reka abana babitangeho ibitekerezo.
- Hitamo umwana aze agabanye urupapuro mo ibice bine bingana maze abyereke bagenzi be.
- Wandike $\frac{1}{4}$ ku kibaho. Abana bagusobanurire icyo 1 igaragaza (kibara) n'icyo 4 igaragaza (icyita) muri uwo mugabane.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Kimwe cya kane (babiri babiri)
- Ku rupapuro rw'utuzu, bwira abana bashushanye kare y'utuzu umunani ku munani (8 x 8). Mu matsinda ya babiri, abana bashake uburyo bwose bushoboka bwo kugabanya iyo kare mo ibice bine bingana.
- Hitamo itsinda rimwe rize imbere maze ryereke abandi uko kare bayigabanyijemo ibipande bine bingana.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka kimwe cya kane ($\frac{1}{4}$) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.47,48
-**MK** P. 154,155
-**JKF** P. 148,149,150
-**LONGHORN** P.61,62

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Saba abana gushushanya kare mu makayi yabo hanyuma bayicemo ibice bine bingana, basige ibara muri $\frac{1}{4}$ cyayo. Ku ruhande bandikeho $\frac{1}{4}$.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Shushanya uruziga cyangwa kare. Abana babishushanye mu makayi yabo, maze nibagera mu rugo babigabanyemo kane. Basige ibara muri $\frac{1}{4}$.

ISOMO RYA 3 – IMYITOZO YO GUSHUSHANYA, GUSIGA AMABARA, GUSOMA NO KWANDIKA KIMWE CYA KANE ($\frac{1}{4}$) BAKORESHEJE IBISHUSHANYO

ICYITONDERWA - *Ibishushanyo bigomba kuba ari binini ku buryo buri wese abibona.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gusoma, kwandika no kugaragaza umugabane $\frac{1}{4}$.

1.Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino "Vuga icya kabiri".Vuga umubare ugabanyika na 2 utarenze 20, maze abana bavuge icya kabiri cyawo.

2.Isubiramo — iminota 3

- Abana bavuge icyo bibuka mu isomo ry'imigabane riheruka.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ibi binyampande ku kibaho, kandi uko ushushanya unasobanure ibyo ukora.
- Banza ugabanye ikinyampande mo ibice 2 bingana. Baza abana umugabane byerekana.

Ninongera nkagabanyo buri gipande mo kabiri ndabona uwuhe mugabane $\frac{1}{4}$.

Bwira umwana w'umukobwa kuza imbere maze asige ibara muri $\frac{1}{4}$. Ongera ukore uwo mwitozo ku kindi kinyampande hanyuma abana baze ku kibaho gusiga amabara yerekana umugabane wa $\frac{1}{4}$. Babaze umubare w'ibipande bisize amabara n'ibidasize.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gushushanya no gusiga amabara imigabane (Babiri babiri)

- Shushanya ibindi binyampande ku kibaho maze abana babyandukure kandi berekane kimwe cya kane bakoresheje amabara.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushushanya, gusiga amabara, gusoma no kwandika kimwe cya kane ($\frac{1}{4}$) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.47,48 **-JKF** P. 151,152,153,154

-MK P. 154,155 **-LONGHORN** P.61,62

Umwitozo wa 3: Kora ku kibaho(ishuri ryose)

- Shushanya ku kibaho uruziga rugaragaza $\frac{1}{2}$ n'urundi rugaragaza $\frac{1}{4}$.



- Abana 2 baze imbere, vuga $\frac{1}{2}$ cyangwa $\frac{1}{4}$ maze umwana utanga undi gukora kuri uwo mugabane arabona inota. Utanga undi kubona amanita 3 araba atsinze. Bwira abandi 2 baze maze mwongere ukore uwo mwitozo.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Shushanya urukiramende ku kibaho maze abana barushushanye mu makayi yabo kandi barugabanyemo kane basige kimwe cya kane amabara atandukanye.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Abana bashushanye urukiramende mu ikayi yabo, babigabanyemo 4 maze igipande kimwe bagisige amabara.

ISOMO RYA 4 – IMYITOZO KU IVUNJISHA: KUVA KU F 5 KUGERA KU F 1000

ICYITONDERWA - *Kora ku buryo buri mwana abona ibiceri uberetse n'agaciro kabyo.*

Intego y'isomo
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Kuvunja kuva ku F 5 kugera ku F 1000.

Imfashanyigisho ya mwarimu
- Ingero z'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri F 5 kugera ku F 1000 (ibiceri 20 by' 100, inote 2 za 500 n'inote 1 ya Frw 1000.
- Terefone **(M-P2-T3-W6-L4).**
- Indangururamajwi

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Mukine aka gakino "Gukuba kabiri". Vuga umubare uri hagati ya 0 na 200 maze abana bavuge umubare barabona nibawukuba 2.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

0 100 200 300 400 500 600 700 800 900 1000

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 1000 mugenda musimbuka imibare 100.Mujya imbere munasubira inyuma.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe"Kuba inshuro ebyiri".
- Mwifashishije amafaranga 500 n'ibiceri bitandukanye fasha abana kuvunja imibare itandukanye y'amafaranga atarenze 1000.
- Kinisha agakino "Kuramo 100"
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana ibyo bakunze mu isomo ry'uyu munsi.

Agakuru k'imibare

?

Ndashaka kugura ikilo cy'imyembe, kandi ikilo kimwe kigura amafaranga 500. Hari uburyo bwo kwishyura, nkoresheje ibiceri gusa cyangwa nkishyura nkoresheje inoti. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
- Nakwishyura ibiceri 5 by'amafaranga 100.
-Nakwishyura inoti imwe y'amafaranga 500.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Saba abana kwerekana ibiceri binyuranye bashyira hamwe ngo babone amafaranga 800

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana berekane F 350, F 800 na F 1000 bashushanya ibiziga bigaragaza ibiceri binyuranye bateranya kugira ngo babone uwo mubare w'amafaranga.

ISOMO RYA 5 – IMYITOZO KURI $\frac{1}{2}$ NA $\frac{1}{4}$ (GUSHUSHANYA NO GUSIGA AMABARA)

ICYITONDERWA - Zenguruka mu bana kugira ngo urebe niba buri wese yumva ibyo arimo gukora.

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kwerekana $\frac{1}{2}$ cyangwa $\frac{1}{4}$.

Imfashanyigisho ya mwarimu
- Icunga, urupapuro.
- Icyuma

1.Gukangura abana — iminota 2

- Mukine aka gakino: "Vuga icya kabiri cy'umubare". Vuga umubare ugabanyika na kabiri kandi uri munsi ya 0 na 20 maze abana bavuge icya kabiri cyawo.

2.Isubiramo — iminota 3

- Ereka abana icunga cyangwa urupapuro rufite ishusho ya kare maze urugabanyemo ibice bibiri bingana. Baza abana umugabane mubonye uwo ari wo. Ongera ugabanyemo ibice wabonye mo kabiri ku buryo ubona ibice bine bingana. Hanyuma abana bakubwire uwo mugabane mubonye ($\frac{1}{4}$).

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Shushanya ku kibaho ibinyampande bikurikira. Saba abana kuza gusiga muri $\frac{1}{2}$ no muri $\frac{1}{4}$ cya buri shusho.



3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CYUMUNYESHURI (babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka cyangwa iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.45,46,47,48 **-JKF** P. 148,149,150,151,152,153,154
-MK P. 154,155 **-LONGHORN** P.59,60,61,62

Umwitozo wa 2: Kora ku kibaho (ishuri ryose)

- Shushanya ku kibaho uruziga rugaragaza $\frac{1}{2}$ n'urundi rugaragaza $\frac{1}{4}$



- Bwira abana 2 baze imbere, vuga $\frac{1}{4}$ cyangwa $\frac{1}{2}$ **.** maze umwana umwe akore ku mugabane wavuze. Umwana utanga undi kugira amanota 3 araba atsinze. Ongera ukore uwo mwitozo uhamagara abandi bana 2 kuza maze mukomeze gukina.

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana bashushanye ibinyampande bibiri (urukiramende na kare). Kuri kimwe berekaneho kimwe cya kabiri ku kindi berekane kimwe cya kane bakoresheje ibara.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Abana bashushanye ibinyampande 2 (uruziga na kare) maze basige amabara yerekana $\frac{1}{2}$ **na** $\frac{1}{4}$ cya buri gishushanyo. Nyuma babyereke abo mu rugo.

ISOMO RYA 6 – IMYITOZO KU MUZENGURUKO WA KARE N'URUKIRAMENDE

ICYITONDERWA- *Mu gihe abana bakora ari babiri babiri, bibafasha gusobanurirana ikigishijwe gishya. Abana bajye bajya mu matsinda ya babiri babiri nibura inshuro imwe muri buri somo.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora imyitozo ku muzenguruko wa kare n'urukiramende.

Imfashanyigisho:
- Irupapuro rushushanyijeho kare n'urukiramende.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Abana bahaguruke maze baririmbe injyana ya mara ya 2 n'iya mara ya 4 .

2.Isubiramo **iminota 3**

- Shushanya kare n'urukiramende ku kibaho. Bwira abana kuvuga izina rya buri gishushanyo. Baza abana kukubwira icyo ijambo "umuzenguruko" rivuga. Iryo jambo riva ku nshinga 'kuzenguruka'. Umuzenguruko ugizwe n'impande 4, ebyiri z'uburebure n'ebyiri z'ubugari, ku rukiramende, naho kuri kare, igizwe n'impande 4 zose zingana.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Shushanya ku kibaho ibi binyampande maze abana bavuge uko bashaka umuzenguruko wa buri gishushanyo. Bibutse uko bashaka umuzenguruko wa kare n'uw'urukiramende.

cm 3



umuzenguruko=uruhande x 4

cm 10

cm 3

umuzenguruko= (uburebure+ubugali)x 2

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CYUMUNYESHURI(babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye gushaka ku muzenguruko wa kare w'urukiramende iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P.94,95 **-JKF** P. 146,147

-MK P. 149,136 **-LONGHORN** P.117,118

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Abana bakore imyitozo ikurikira.
- Icyumba cya Munezero gifite ishusho ya kare. Gifite uruhande rungana na m5. Shaka umuzenguruko wacyo.
- Ikibaho cy'ishuri gifite ishusho y'urukiramende. Gifite uburebure bungana na m4 n'ubugari bungana na m2. Shaka umuzenguruko wacyo.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bereke abo mu rugo uko bayikora:
- Shaka umuzenguruko w'urukiramende rufite uburebure bwa cm 14 n'ubugari bwa cm6.
- Shaka umuzenguruko wa kare ifite uruhande rwa cm 12.

ICYUMWERU CYA 7:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kuvuga igihe (isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30)	• Kuvuga igihe (isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30)	• Gukora amahurizo ku iteranya (ribitsa n'iritabitsa), n'ikuramo (ritira n'iridatira)	• Kuvuga ibiranga mpandeshatu	• Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu	• Gukora amahurizo yo gukuba umubare w'imibarwa 2 n'undi w'umubarwa 1 no kugabanya bidasagura	• Isuzumabumenyi risoza icyumweru cya 6 n'icya 7
Udukino two kubara mu mutwe	• Kubara imibare itanu itanu kuva kuri 0 kugera kuri 60	• Nyuma y'isaha imwe araba ari saa ngahe?	• Nyuma y'isaha imwe araba ari saa ngahe?	• Kubara imibare itatu, itatu : Uva kuri 1 ujya kuri30hanyuma ukava 30 ujya kuri 1	• Kubara imibare itatu, itatu : Uva kuri 3 ujya kuri 30hanyuma ukava 30 ujya kuri 3		
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana y'isaha ya saa sita	• Injyana ya mara ya 5	• Injyana ya mara ya 3 na maya 6	• Injyana ya mara 3			
Udukino two kubara	• Ni sangahe?	• Shushanya isaha		• Ni kangahe kabura ku 100	• Gukora ikinyampande ukoresheje ibice by'umubiri	• Gukora ikinyampande ukoresheje ibice by'umubiri	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 82,83	P. 82,83	P.50,51,52	P.100	P.101	P.50,51,52	
MK	P. 152, 156, 157	P. 152, 156, 157	P.159,160	P.131	P.153	P.159,160	
JKF	P. 155, 156, 157, 169, 167	P. 155, 156, 157, 168, 167	P.104, 105, 106	P.124, 125, 126	P. 145	P.107,108	
LONGHORN	P. 95,96,97,98,99	P. 95,96,97,98,99	P.32,40	P.113,114,115	P.118,119,120	P.52,57	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Gukora ikinyampande bakoresheje ibice by'umubiri wabo

- Shushanya mpandeshatu, urukiramende na kare ku kibaho. Abana bavuge uko zitwa maze wandike buri zina mu gishushanyo cyaryo. Shyira abana mu matsinda ya batatu batatu. Abana bakore ibinyampande binyuranye bifashishije ibice by'umubiri wabo. Vuga uti: Kare"maze abana bayerekane bakoresheje bimwe mu bice by'umubiri wabo (intoki, amaboko, ibiganza).

Ni kangahe kabura ku 100?

- Vuga umubare uri hagati ya 0 na 100 uherwa na 0.
- Abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 100.

Ni saa ngahe?

- Urabwira abana igikorwa gikunda gukorwa ku isaha izwi neza aho ku ishuri maze abana bakubwire igihe icyo gikorwa kibera.

Nyuma y'isaha imwe araba ari saa ngahe?

- Uvuge isaha. Urugero: saa kumi n'igice maze ubabaze uti: Nihashira isaha araba ari saa ngahe?

ISOMO RYA 1 – GUSOMA ISAHA ISHYITSE N'ISAHA IRENZEHO IMINOTA 30

ICYITONDERWA – *Koresha ingero z'ibihe bitandukanye byo mu buzima bw'abana bwa buri munsi.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gusoma isaha ishyitse n'isaha irenzeho iminota 30.

Imfashanyigisho:
- Isaha nini cyangwa igishushanyo cyayo.
- Terefone **(M-P2-T3-W7-L1)**
- Indangururamajwi.
- Urupapuro rukomeye ruriho mara ya 5.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Genzura ko mufite ibikoresho byose muri bukenere muri iri somo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



Saa kumi n'ebyiri mu kadomo

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara amasaha. (uhereye kuri saa sita ukazunguruka isaha ukagaruka aho wavuye kuri saa sita).
- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 5.
- Mwifashishije igishushanyo cy'isaha fasha abana kuvuga igihe. Murahera ku isaha mu kadomo noneho ubafashe gutahura uko bavuga igihe isaha irenzeho iminota 30. Nyuma mukore imyitozo yo kuvuga isaha irenzeho iminota 30.
- Kinisha abana agakino ko kubara imibare itanu itanu (5 10 15 20… kugera kuri 60).
- Baza abana bakubwire ibyo bize mu isomo ry'uyu munsi.

Agakuru k'imibare (Mu mwanya w'agakuru mukine "Ni sangahe?")

Ni saa ngahe?
Urabwira abana igikorwa gikunda gukorwa ku isaha izwi neza aho ku ishuri maze abana bakubwire igihe icyo gikorwa kibera.
Urugero: Amasomo ya mugitondo aratangiye. Ni saa ngahe? (Ni saa moya n'igice) .

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi
Andika ku kibaho amasaha akurikira maze abana bayerekanishe ibishushanyo mu makayi yabo.
- Saa kumi n'imwe n'igice.
- Saa munani n'igice.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bakoresheje ibishushanyo by'amasaha, bakerekane amasaha akurikira:
- Saa yine n'igice.
- Saa tatu n'igice.

ISOMO RYA 2 – IMYITOZO YO KUVUGA ISAHA ISHYITSE N'ISAHA IRENZEHO IMINOTA 30

ICYITONDERWA –*Koresha ingero z'ibihe bitandukanye byo mu buzima bw'abana bwa buri munsi.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kuvuga isaha bakoresheje amasaha y'urushinge n'iy'imibare.

Imfashanyigisho:
- Isaha cyangwa igishushanyo cyayo.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Kinisha abana agakino ko kubara imibare itanu itanu (5 10 15 20…kugera kuri 60)

2.Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana isaha y'urushinge maze ubaze abana uti: Murabona iki? Imibare mwayivugaho iki? Itondetse ite? Urushinge runini ni uruhe? Uruto ni uruhe? Zikora iki?

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

10:30

- Ereka abana isaha y'imibare maze bavuge ahandi baba barayibonye. (Urugero nko kuri telefoni zigendanwa).
- Abana bitegereze neza maze basubize ibi bisubizo: ni irihe tandukaniro riri hagati y'isaha y'imibare n'isaha y'urushinge, nk'uko twabibonye mu isomo riheruka? Basobanurire ko isaha imwe igizwe n'iminota 60, igice cy'isaha kikabamo iminota 30. Ubu ni uburyo bwo kwitoza kubara bakuba na 5.
- Fatanya n'abana kubona ko umubare wa mbere ku isaha y'imibare werekana isaha, umubare wa kabiri ukerekana iminota.
- Sobanurira abana ko igice cy'isaha gihwanye n'iminota 30, bityo iyo isaha isozwa na 00 bivuga ko isaha yuzuye, yaba isozwa na 30 bikavuga ko irengaho iminota 30. Baza abana gushushanya saa tatu (9:00) na saa yine n'igice (10:30) mu isaha y'urushinge, munsi bandikeho isaha mu mibare.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CYUMUNYESHURI(babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga isaha bifashishije isaha y'urushinge n'iy'imibare iri mu bitabo bikurikira (hitamo
ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P. 82,83
- **MK** P. 152, 156, 157
- **JKF** P. P. 155,156,168,167
- **LONGHORN** P. 95,96,97,98,99

Umwitozo wa 2: Shushanya isaha (ishuri ryose)

- Gabanya ishuri mo amatsinda abiri. Itsinda rimwe ribe irikoresha isaha y'urushinge naho irindi ribe irikoresha 'isaha y'imibare.
- Umwana umwe wo mw'itsinda ry'isaha y'imibare avuge isaha (yuzuye cyangwa irengaho igice). Abana bo mu itsinda ry'isaha y'urushinge bayishushanye mu makaye yabo nibarangiza bazamure bereke mwarimu.
- Bwira umwana umwe wo muri buri tsinda kuza imbere kwandika iyo saha ku kibaho. Abana barebe niba bahuje n'ibyo banditse mu makaye yabo.
- Nyuma, abo mu isaha yitsinda rikoresha isaha y'imibare nabo bavuge igihe (isaha) maze abo mu isaha y'urushinge bayishushanye mu makaye yabo.
- Mwarimu ajye agenda abafasha areba uko babikora.

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Saba abana gushushanya amasaha yerekana saa cyenda n'igice, saa yine n'igice, munsi bandikeho ayo masaha mu mibare.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bavuge amasaha yerekana nibura ibice 2 by'ingezi by'umunsi: igihe amasomo atangirira, igihe cyo kuruhuka, hanyuma babyerekane bakoresheje amasaha y'inshinge n'ay'imibare. Nibiba ngombwa umuntu wo mu rugo abafashe.

ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO

ICYITONDERWA - *Tanga amabwiriza asobanutse, mu mvugo inoze kandi yumvikana neza.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo ku iteranya (ribitsa n'iritabitsa) n'ikuramo (ritira n'iridatira).

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Abana bahaguruke maze baririmbe mara ya 3 na mara ya 6 mu matsinda abiri. Itsinda rimwe riririmbe injyana ya mara ya 3 irindi injyana ya mara ya 6. Bajye bagenda bungikanya.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana uko babigenza iyo bagiye gukora ihurizo ry'imibare: Kurisoma twitonze kugira ngo turyumve neza. Kurisesengura tugashaka ibyo baduhaye n'ibyo batubaza hanyuma tugashaka igisubizo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho amahurizo akurikira:

1. Mu myaka ya kabiri y'ishuri rya Bwenge harimo abahungu 156 n'abakobwa 215. Iyo myaka ya kabiri y'iryo shuri ifite abanyeshuri bangahe?

- 2. Mugisha yari afite icyibo kirimo amatunda 250, yagurishijeho amatsinda 137. Ubwo yasigaranye amatunda angahe? Fatanya n'abana kwerekana inzira yo gushaka ibisubizo by'ayo mahurizo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ukwe)

Hitiramo abana amahurizo ku iteranya (ribitsa n'iritabitsa) n'ikuramo (ritira n'iridatira)iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.50,51,52 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
-**MK** P.159,160
-**JKF** P.104,105,106 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
-**LONGHORN** P.32,40

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Abana bakore amahurizo akurikira:

1. Mu busitani bw'ishuri hari hateyemo ibiti 75. Mu cyumweru gishize, twateyemo ibiti 148, ubwo ibiti byose ni bingahe?

2. Umuyobozi w'ikigo afite amakaye 400. Yahaye amakaye 49 umwarimu wo mu mwaka wa 3. Ubwo asigaranye amakayi angahe?

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana bakorere amahurizo akurikira imuhira:

- Umuyobozi w'Akarere yahaye ishuri ryacu amakaramu 345 y'ubururu na 138 atukura. Ubwo yatanze amakaramu angahe?
- Mu isomero ryacu harimo ibitabo 729. Batije ibitabo 208 .Ubwo basigaranye ibitabo bingahe?

ISOMO RYA 4 – IBIRANGA MPANDESHATU

ICYITONDERWA - *Wibuke gushushanya ibinyampande binini ku kibaho kugirango abana bose babibone neza.*

Intego y'isomo
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora
- Kuvuga ibiranga mpandeshatu.

Imfashanyigisho
- Uducamurongo, udukoni.
- Terefone (M-P2-T3-W7-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko ibyo muri bukoreshe byose mu isomo biri hafi.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Kinisha abana agakino "Uribuka ikinyampande?" Urajya uvuga ikinyampande mubyo bize (kare cyangwa urukiramende) abana bacyandike mu kirere, ku meza ,... bitewe n'amabwiriza ubahaye.
- Kinisha abana agakino ko kubara imibare itatu, itatu". Muhere kuri 3 6 9…kugera kuri 30.
- Mwifashishije urupapuro rwa kare n'urukiramende muhinamo kabiri muturutse mu mpuzampembe, fasha abana gutahura ikinyampande cya mpandeshatu n'ibikiranga.
- Kinisha abana agakino "Ni kangahe kabura ku ijana?"
- Mu mwanya w'agakuru mukine "Ndi ikihe kinyampande?"
- Baza abana kukubwira ibyo bize mu isomo ry'uyu munsi.

Agakuru k'imibare (Mu mwanya w'agakuru k'imibare mukine " Ndi ikihe kinyampande?"

Ndi ikihe kinyampande?
Urajya uvuga ibiranga kimwe mu binyampande bize (kare, urukiramende, mpandeshatu), hanyuma abana bakubwire icyo ikinyampande aricyo.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1 Isuzumabumenyi

- Saba buri mwana wese gushushanya mpandeshatu ebyiri mu makayi yabo

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana bashushanye mpandeshatu bari imuhira maze babwire abo mu rugo ibiyiranga.

ISOMO RYA 5 – UMUZENGURUKO WA MPANDESHATU

ICYITONDERWA - *Ibibazo cyangwa ibitekerezo byawe cyangwa iby'abana byibande kubyo abana babona hafi aho. Ibibazo bituma umwana arushaho kwitegereza neza. Ushobora kubaza uti: Itegereze mu ishuri: urabona iki? Reba ku nkuta: Ni ibihe binyampande uhabona?*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gupima impande za mpandeshatu nyuma bagashaka umuzenguruko wayo.

Imfashanyigisho
- Urupapuro rukomeye rushushanyijeho mpandeshatu nini.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Shyira abana mu matsinda ya batatu. Abana bakore ibinyampande bifashishije ibice bimwe by'umubiri wabo. Vuga uti: "Kare" maze abana berekane icyo gishushanyo bakoresheje bimwe mu bice by'umubiri.

(Urugero: Wenda bakoreshe amaboko yabo).

2.Isubiramo **iminota 3**

- Saba abana kukubwira ibiranga ibinyampande.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ku kibaho mpandeshatu ifite impande A, B, C. Baza abana uko bashaka umuzenguruko wayo: Basobanurire ko bashaka umuzenguruko wa mpandeshatu ku buryo bukurikira:
- Umuzenguruko = Igiteranyo cy'impande zose za mpandeshatu.

Umuzenguruko = A + B + C.
= cm 3 + cm 5 + cm 4 = cm 12

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gushaka umuzenguruko(Ishuri ryose)
Abana bashake umuzenguruko wa mpandeshatu ifite impande zingana na cm8, cm7 na cm6.

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.101 - **JKF** P. 145

-**MK** P.153 -**LONGHORN** P.118,119,120

4. Isuzumabumenyi **iminota 3**

Abana bashake umuzenguruko wa mpandeshatu ifite impande zikurikira: cm4, cm2 na cm6

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana Abana bashake umuzenguruko wa mpandeshatu zifite impande zingana na:
- 7 cm, 6 cm na 5 cm.
- 3 cm, 4cm na 5 cm.

ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUKUBA NO KUGABANYA

ICYITONDERWA - *Mugihe cyo gukora ihurizo, rikore uvuga, ku buryo abana bakurikira ibyo urimo gukora ku kibaho.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo yo gukuba (umubare w'imibarwa 2 n'umubare w'umubarwa1) no kugabanya nta gusagura.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Injyana yo gukuba: abana baririmbe injyana ya mara ya 2 n'iya mara ya 4. Itsinda rimwe rirajya riririmba injyana ya 2, irindi ririmbe injyana ya mara ya 4.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Abana bavuge uko bakora ihurizo ry'imibare. Ubanza gusoma kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura ukagaragaza ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza. Noneho ugashaka igisubizo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa

Andika ku kibaho amahurizo akurikira:

- Mfite intama nkuru 60 kandi buri ntama ifite abana babiri. Ubwo mfite intama zingahe zose hamwe?
- Mfite amakaramu 100 asaranganyije neza mu mapaki 10. Ubwo muri buri paki harimo amakaramu angahe?

Fatanya n'abana gushaka ibisubizo. Mubanze musome ihurizo, murisesengure mubone gushaka igisubizo.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ukwe) **iminota 3**

Hitiramo abana amahurizo yo gukuba (umubare w'imibarwa 2 n'umubare w'umubarwa1) no kugabanya nta gusagura ari mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.50,51,52 (Hitamo imyitozo ijyanye n'isomo)
- **JKF** P.107,108
- **MK** P.159,160
- **LONGHORN** P.52,57

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Hitiramo abana amahurizo yo gukuba (umubare w'imibarwa 2 n'umubare w'umubarwa1) no kugabanya nta gusagura ari mu bitabo byavuzwe haruguru, buri wese ayakore ku giti cye.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana bakorere imuhira amahurizo akurikira:.

- Igitabo gifite impapuro 30, ubwo ibitabo bitanu by'ubwoko bumwe n'icyo gitabo bifite impapuro zingahe?
- Ufite amakaramu 60. Urashaka kuyagabanya abana 6. Ubwo buri mwana azatwara amakaramu angahe?

Buri mwana akora ukwe. Abandi ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo

Ikibazo cya 1 – Abana bavuge izina ry'umugabane wijimye.



Ikibazo cya 2 – Abana bashake umuzenguruko w'izi mpandeshatu.



Ikibazo cya 3 – Abana bakore aya mahurizo:

1. Ikigo cy'amashuri cyarimo abanyeshuri 340, nyuma hiyongeraho abanyeshuri 142. Ubu ririmo abanyeshuri bangahe?
2. Umucuruzi yari afite amakaramu 788. Agurishamo amakaramu 788. Ubu asigaranye amakaramu angahe?

Amanota	Ibyavuye mu ikosora		
	Byiza cyane	Byiza	Akeneye gufashwa
Ikibazo cya 1	5	4 cyangwa 3	≤ 2
Ikibazo cya 2	3	2	≤ 1
Ikibazo cya 3	Yakoze amahurizo 2	Yakoze ihurizo 1	Nta narimwe yakoze

Icyitonderwa:
Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 8:
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gushaka $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$	• Gukora amahurizo ku burebure harimo n'amafaranga (urugero: m1 y'umwenda igura F400, m5 zizagura amafaranga angahe?)	• Gukora amahurizo ku itwara harimo n'amafaranga (urugero: l 1 y'amata igura amafaranga 300 ubwo litiro 5 zizagura amafaranga angahe?)	• Gushaka $\frac{1}{2}$ **na** $\frac{1}{4}$.	• Gukora amahurizo ku buremere harimo n'amafaranga (urugero: kg 1cy'ibirayi kigura Frw 200, kg 5 zizagura angahe?)	• Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara	• Injyana ya mara ya 4	• Injyana ya mara ya 4	• Injyana ya mara 4	• Injyana ya mara ya 4	• Injyana ya mara ya 3 • Injyana ya mara ya 6	• Kimwe cya kabiri na kimwe cya kane	
Indirimbo cyangwa injyana			• Injyana ya mara ya 3 n'iya 6				
Udukino two kubara	• Gukuba na 2	• Foraumubare w'amafaranga. • Ibiceri binganya agaciro	• Igiciro gikwiye • Ibiceri binganya agaciro	• $\frac{1}{2}$ **na** $\frac{1}{4}$ cy'umubare	• Fora igiceri. • Ibiceri binganya agaciro	• Fora ndi ikihe kinyampande?	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.46,47	P.56,70,80,81	P.65,66	P.46,47	P.71	P.101	
MK	P.154,155	-	-	P.154,155	-	P.153	
JKF	P.148, 149, 150, 151, 152	P.81	P.98, 99, 100, 101	P.148, 149, 150, 151, 152	P.98, 99, 100, 101	P. 145	
LONGHORN	P.59,60,61,62	P.69,71	P.73, 74, 75, 76	P.59, 60, 61, 62	P.80	P.118,119,120	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Kuba na 2

- Vuga umubare kuva kuri 1 kugera ku 10, maze abana bavuge umubare babona nibawukuba na kabiri..

Vuga icya 2

- Mukine agakino: "Vuga icya 2". Vuga umubare ugabanyika na 2 kandi utarenze 20 maze abana bavuge icya kabiri cyawo. Mukine mwihuta kugira ngo umukino urusheho kuryoha.

"Teranyaho 20"cyangwa "Kuraho 20"

- Mukine: "Kuraho 20". Vuga umubare uri hagati ya 20 na 999 (uherwa na 0). Abana bavuge umubare usigara nibakuraho 20 cyangwa umubare babona nibongeraho 20.

Vuga icya 4

- Vuga umubare ugabanyika na 4 utarenze 40, maze abana bavuge kimwe cya kane cyawo cyangwa bawugabanye na 4. Mukine mwihuta kugira ngo umukino urusheho kuryoha.

Fora umubare w'amafaranga

- Bwira abana ko urimo gutekereza umubare w'amafaranga ugizwe n'ibiceri runaka. Urugero Ibiceri 10. Bahe akanya ko gutekereza maze abana bakubaze ibibazo usubiza ukoresheje "Yego" cyangwa "Oya" kugeza igihe baboneye igisubizo.

Ibiceri binganya agaciro

Vuga umubare w'amafaranga uri hagati y'amafaranga 10 n'amafaranga 1000. Abana bavuge ibiceri bashobora guteranya kugira ngo babone ayo mafaranga.

Fora ndi ikihe kinyampande?

Banza uvuge ibiranga ikinyampande runaka. Urugero: Mfite impande enye, mfite n'imfuruka enye kandi impande zanjye zose zirangana. Abana bafindure icyo kinyampande. Ongera n'ubundi bwoko bw'ikinyampande.

Kora ku kibaho

Shushanya ibinyampande 2 ku kibaho. Siga ibara muri $\frac{1}{2}$ kuri kimwe no muri $\frac{1}{4}$ ku kindi.

Bwira abana 2 kuza imbere. Vuga uti: $\frac{1}{4}$ cyangwa $\frac{1}{2}$ maze umwana uba uwa mbere gukora ku gipande cyerekana uwo mugabane uvuze abone inota. Utanga undi kubona amanota 3 araba atsinze. Subira muri uwo mwitozo n'abandi banyeshuri 2.

ISOMO RYA 1 – IMYITOZO KURI $\frac{1}{2}$ NA $\frac{1}{4}$.

ICYITONDERWA– *Abana bajye barangurura ijwi mu gihe bari gukora umwitozo ku kibaho.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Kugaragaza imigabane $\frac{1}{2}$ **na** $\frac{1}{4}$ **ku gishushanyo.**

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-T3-W8-L1)**
- Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri tele fone **umunota 1**

- Genzura ko ibyo muri bukenere byose biri hafi.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya kabiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kimwe cya kabiri cy'umubare".
- Mwifashishije amashusho cyangwa ibintu bifatika bikoze ikizima kimwe, abana bakwereke imigabane ya $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$
- Kinisha abana agakino"kimwe cya kabiri cy'umubare"
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana aho bazajya bakoresha ibyo bize mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Agakuru k'imibare

Abana bagabanye imineke 4. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Niba abana ari 2, buri wese yatwaye kimwe cya kabiri cy'imineke ine
- Buri mwana yatwaye imineke ibiri.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyura kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi
Bwira buri mwana ashushanye ibinyampande 2 yihitiyemo, maze yerekane $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$ akoresheje amabara.

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Abana bashushanye ibinyampande 2 bihitiyemo, maze berekaneho $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$.

ISOMO RYA 2 – AMAHURIZO KU BUREBURE HARIMO N'AMAFARANGA

ICYITONDERWA– *Mu gihe cyo kwigisha amafaranga, muhere ku byo abana babona buri munsi kandi bakine n'udukino two kwigana: umwe abe umucuruzi undi abe umuguzi.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
Gukora amahurizo ku burebure harimo n'amafaranga.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine aka gakino"Ibiceri binganya agaciro". Vuga umubare w'amafaranga uri hagati ya 10 na 500 maze abana bavuge ibiceri bashobora gushyira hamwe kugira ngo babone uwo mubare w'amafaranga.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Abana bavuge inzira bacamo ngo bakore amahurizo: Kubanza gusoma witonze kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura tukagaragaza ibyo baduhaye n'ibyo badusaba. Nyuma bagashaka igisubizo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Andika iri hurizo ku kibaho: Mama arashaka kugura m3 z'igitambaro kandi m1 igura F 300. Ubwo akeneye amafaranga angahe?
- Fatanya n'abana gushaka igisubizo.
- Dore uko mubigenza: Kubanza gusoma witonze kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura tukagaragaza ibyo baduhaye n'ibyo badusaba. Nyuma hagakurikiraho gushaka igisubizo.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Imyitozo: IGITABO CYUMUNYESHURI(babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora amahurizo ku burebure harimo n'amafaranga iri mu bitabo bikurikira
(hitamo ibitabo ishuri rifite):
- MK/REB P.56,70,80,81 **-LONGHORN** P. P.69,71

-JKF P.81

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Abana bakorere imuhira ihurizo rikurikira:
Yohani akeneye m2 z'igitambaro cyo kudodamo umwenda w'ishuri. Metero imwe igura F400. Ubwo se akeneye angahe?

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana bakorere imuhira ihurizo rikurikira:
- Umwubatsi akeneye m5 z'umugozi wo kubaka uruzitiro rw'ishuri kandi m1 igura F70. Ubwo azakenera amafaranga angahe?

ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO KU NGERO Z'IBITEMBABUZI HARIMO N'AMAFARANGA

ICYITONDERWA - *Mu gihe cyo kwigisha amahurizo arebana n'amafaranga, muhere ku byo abana babona buri munsi kandi bakine n'udukino two kwigana: umwe abe umucuruzi undi abe umuguzi.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora amahurizo ku ngero z'ibitembabuzi harimo n'amafaranga.	• Ikivomesho cya litiro.

1. Gukangura abana — **iminota 2**

- Mukine aka gakino: "Ibiceri binganya agaciro". Vuga umubare w'amafaranga uri hagati ya F500 na F1000 maze abana bavuge ibiceri bashobora gushyira hamwe ngo babone uwo mubare w'amafaranga. .

2. Isubiramo — **iminota 3**

- Ereka abana ikivomesho cya litiro, ubibutse uko litiro ingana. Hanyuma ubabaze ibintu bitandukanye bashobora kugura mu ma litiro.
- Abana bavuge inzira baca ngo bakore ihurizo ry'imibare. Kubanza gusoma witonze kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura ukagaragaza ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza. Nyuma ugashaka igisubizo.

3. Isomo rishya — **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho ihurizo rikurikira: litiro 8 z'amazi zigura F 40. Ubwo litiro imwe y'amazi igura angahe?
- Fatanya n'abana gushaka igisubizo.
- Dore uko mubigenza: mubanze musome mwitonze kugira ngo muryumve neza, murisesengure murebe ibyo babahaye n'ibyo babaza nyuma mushake igisubizo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CYUMUNYESHURI (babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gukora amahurizo ku itwara harimo n'amafaranga iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):
- MK/REB P.65,66 **-LONGHORN** P.73,74,75,76

-JKF P.98,99,100,101

4. Isuzumabumenyi — **iminota 8**

Abana bakore iri hurizo:
Dukeneye kugura litiro 2 z'amata kandi litiro imwe igura F300. Ubwo tuzishyura amafaranga angahe?

5. Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

- Abana bakorere imuhira ihurizo rikurikira:
  Litiro 4 z'umutobe w'ibitoki zigura F400. Ubwo litiro 1 igura amafaranga angahe?

ISOMO RYA 4 – IMYITOZO KU MIGABANE: $\frac{1}{2}$ NA $\frac{1}{4}$

ICYITONDERWA - *Ikigaragaza ko umwana yumvise n'uko asubiza adategwa. Uko abana barushaho kumenyera gukora imyitozo yo kubara mu mutwe, ibindi birizana!*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gushaka $\frac{1}{2}$ **na** $\frac{1}{4}$

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-T3-W8-L4)**
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Fasha abana kwitegura bakurikire neza igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya kabiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe»Kimwe cya kabiri cy'umubare».
- Mwifashishije amashusho cyangwa ibintu bifatika bikoze ikizima kimwe, abana bakwereke imigabane ya $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$
- Kinisha abana agakino"Kimwe cya kabiri cy'umubare"
- Kinisha abana agakino "ni uwuhe mubare".
- Baza abana aho bazajya bakoresha ibyo bize mu buzima bwabo bwa buri munsi.

.

Mu mwanya w'agakuru k'imibare,kinisha abana agakino "ni uwuhe mubare"

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Saba abana gushushanya ibinyampande 2 bishakiye. Maze berekane $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Abana bereke abo mu rugo uko bandika n'uko bashushanya $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$.

ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO KU BUREMERE HARIMO N'AMAFARANGA

ICYITONDERWA - *Mu gihe mutangiye kwiga amahurizo, hera ku mibare yoroshye. Bituma abana barushaho gutekereza ku bimenyetso bari buze gukoresha n'uko bari buze gusesengura ihurizo: kumenya ibyo bafite n'ibyo basabwa. Iyo ibi abana bamaze kubifata neza, ushobora gukoresha imibare ikomeye.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo ku buremere harimo n'amafaranga.

1.Gukangura abana	**iminota 2**
Mukine "Fora umubare w'amafaranga" .Bwira abana ko urimo gutekereza umubare w'amafaranga ugizwe n'ibiceri runaka. Urugero Ibiceri 10. Bahe akanya ko gutekereza maze abana bakubaze ibibazo usubiza ukoresheje "Yego" cyangwa "Oya" kugeza igihe baboneye igisubizo.	
2.Isubiramo	**iminota 3**
• Abana bavuge inzira baca ngo bakore ihurizo ry'imibare: kubanza gusoma witonze kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura ukagaragaza ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza. Hanyuma ugashaka igisubizo.	
3. Isomo rishya	**iminota 25**
3.1.Kuvumbura icyigwa	
• Andika ku kibaho ihurizo rikurikira: Ibiro 7 by'ibijumba bigura F420, ubwo ikilo 1 kigura amafaranga angahe? • Fatanya n'abana kureba uburyo mwashaka igisubizo. • Dore uko mubigenza: mubanze musome mwitonze kugira ngo muryumve neza hanyuma murisesengure mushake ibyo babahaye n'ibyo bababaza hanyuma mushake igisubizo.	
3.2 Imyitozo mpamyabumenyi	
Imyitozo 1:IGITABO CYUMUNYESHURI (babiri babiri) Hitiramo abana amahurizo ku buremere harimo n'amafaranga iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite): - **MK/REB** P.71 ; -**LONGHORN** P.80; **JKF** P.98,99,100,101	
4.Isuzumabumenyi	**iminota 8**
Abana bakore iri hurizo: Ikilo 1 cy'umunyu kigura F 250. Ubwo ibiro 2 by'umunyu bigura amafaranga angahe?	
5. Umukoro wo mu rugo	**iminota 2**
Abana bakorere imuhira iri hurizo: • Ibiro 4 by'ibitunguru bigura F 800.Ubwo ikilo 1 cy'igitunguru kigura amafaranga angahe?	

ISOMO RYA 6 – IMYITOZO K'UMUZENGURUKO WA MPANDESHATU

ICYITONDERWA - *Wirinde ko abana bavugira icya rimwe. Mu gihe urusaku rubaye rwinshi, jya wibuka kubacecekesha bose.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu.	• Urupapuro rukomeye rushushanyijeho mpandeshatu .

1. Gukangura abana — **iminota 2**

- Mukine aka gakino: Vuga icya 2- Vuga icya 4.

2. Isubiramo — **iminota 3**



- Shushanya mpandeshatu ku kibaho ifite impande A, B na C. Abana bavuge ukuntu bashaka umuzenguruko wa mpandeshatu bateranya impande zayo. :
  Umuzenguruko = A + B + C.

3.Isomo rishya — **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ku kibaho mpandeshatu zikurikira. Abana bashake umuzenguruko w'izo mpandeshatu bifashishije ririya tegeko (Umuzenguruko =A+B +C).

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu (buri mwana ku giti cye)
Abana bashake umuzenguruko wa mpandeshatu zifite impande zingana na:

1. cm7, cm14 , cm14
2. cm5, cm9, cm7

Umwitozo wa 2: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)
Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.101 — **-JKF** P. 145
- **-MK** P.153 — **-LONGHORN** P.118,119,120

4.Isuzumabumenyi — **iminota 8**

Abana bashake umuzenguruko w'izi mpandeshatu :

1. Cm4, cm10 , cm10
2. Cm3, cm7, cm5

5.Umukoro wo mu rugo — **iminota 2**

Abana bashake umuzenguruko w'izi mpandeshatu:

1. 7 cm, 7cm , 3 cm
2. 6 cm, 7cm, 8 cm

ICYUMWERU CYA 9:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe telefoni)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefoni)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukora amahurizo ku iteranya (ribitsa n'iritabitsa) no ku ikuramo (ritira n'iridatira)	• Kuvuga igihe cy'isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 30	• Gukora a mahurizo ku gukuba umubare w'imibarwa 2 n'undi w'umubarwa 1	• Gukora amahurizo yo kugabanya (nta gusagura)	Kuvuga igihe cy'isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 30	• Gushaka umuzenguruko wa kare, uw' urukiramende n'uwa mpandeshatu	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Teranyaho 50	• Bara imibare itanu, itanu itanu uva kuri 1 ugeze kuri 60	• Kuba na 2	• Teranyaho 50	Bara imibare itanu imibare ,itanu itanu uva kuri 1 ugeze kuri 60	• Vuga icya 2	
Indirimbo cyangwa injyana			• Injyana ya mara ya 3 n'iya 6				
Udukino two kubara	• Injyana yo kubara basimbuka imibare ijana, kuva kuri 0 ujya ku 1000Indirimbo yo gukora ihurizo: soma, sesengura, shaka igisubizo, suzuma igisubizo.	• Mu minota 60 ishize hari saa ngahe?	• Fora ndi nde?	• Injyana yo kubara basimbuka imibare ijana, kuva kuri 0 ujya ku 1000. Injyana yo gukora ihurizo: soma, sesengura, shaka igisubizo, suzuma igisubizo	• Mu minota 60 ishize hari saa ngahe? • Kora ku kibaho. • Bwana Kirura bigeze saa ngahe?	• Fora ndi nde?	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.50,51, 52	P. 82, 83	P.50, 51, 52	P.50, 51, 52	P. 82, 83	P. 98, 94, 95	
MK	P.159, 160	P. 152	P.159, 160	P.159, 160	P. 152	P. 149, 149, 136	
JFK	P.104,104, 106	P. 155, 156, 168, 167	P.104, 104, 106	P.104, 104, 106	P. 155, 156, 168, 167	P. 146, 146, 147	
LONGHORN	P.32, 40	P. 95, 96, 97, 98, 99	P.32, 40	P.32, 40	P. 95, 96, 97, 98, 99	P. 117, 118, 117, 118,	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

Teranyaho 50 cyangwa Kuraho 50

- Mukine aka gakino: "Kuraho 50". Vuga umubare uri hagati ya 50 na 999 kandi uherwa n'amazeru abiri cyangwa uherwa na 50. Abana bavuge umubare usigara nibakuraho 50.

Mu minota 60 ishize hari saa ngahe?

- Vuga isaha maze abana bavuge isaha bari bafite mu minota 60 ishize.

Fora ndi ikihe kinyampande?

- Banza werekane ibiranga ikinyampande runaka. Urugero: Mfite impande enye, mfite n'imfuruka enye kandi impande zanjye zose zirangana. Abana bafindure icyo kinyampande. Ongera n'ubundi bwoko bw'ikinyampande.

Kora ku kibaho

- Shushanya isaha ku kibaho. Urushinge rurerure rutunze kuri 12. Bwira abana 2 kuza imbere maze uvuge isaha, hanyuma amatsinda yerekane iyo saha kuri cya gishushanyo kiri ku kibaho. Itsinda ritanga abandi kubona amanota 3 riba ritsinze. Nibarangiza uhamagare abandi bakomeze umukino.

Bwana Kirura bigeze saa ngahe?

- Uyu mukino ukinwa n'ishuri ryose bari hanze. Umwana umwe aba ikirura (Bwana Kirura).
- Ahagarara ku ruhande rumwe rw'ikibuga cy'aho bagiye gukinira areba bagenzi be. Bagenzi be baramubaza bati: Bwana Kirura bigeze saa ngahe?" Kirura avuga isaha iri hagati ya saa moya za mu gitondo na saa kumi n'ebyiri z'umugoroba. Urugero: Saa cyenda. Abandi batera intambwe baza imbere. Bikomeza bityo kugeza igihe bagereye hafi ya Kirura. Nyuma Kirura akavuga ati: Isaha yo kurya irageze maze akagerageza gufata benshi bashoboka mu gihe nabo bakora uko bashoboye ngo bamucike basubira aho baturutse.

ISOMO RYA 1 – AMAHURIZO KU ITERANYA (RIBITSA N'IRITABITSA), KU IKURAMO (RITIRA N'IRIDATIRA)

ICYITONDERWA – *Wereke abana uko bakora amahurizo, hanyuma babone kuyikoresha. Wibuke kwandika amahurizo mu cyapa.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora amahurizo ku iteranya (ribitsa n'iritabitsa) ku ikuramo (ritira n'iridatira).

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-W9-T3-L1)**
- Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone	**umunota 1**
• Fasha abana kwitegura, batuze bakurikire igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.	

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone	**iminota 30**
1. Umwarimu afite amapaki 2 arimo amakaramu. Ipaki imwe irimo 36, indi 24. Ubwo mwarimu afite amakaramu angahe? 2. Yohani afite amafaranga 520. Yahaye mushiki we amafaranga 180. Ubwo Yohana asigaranye amafaranga angahe? 3. Mu kigo cy'amashuri harimo abakobwa 517 n'abahungu 433. Ubwo harimo abanyeshuri bangahe?	• Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 1000 mugenda musimbuka imibare 1000. • Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe"Ongeraho 50". • Fasha abana gukora amahurizo mukoresheje inzira yo kubanza gusoma witonze kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura ukagaragaza ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza. Nyuma ugashaka igisubizo. • Ririmbana n'abana injyana yo gukora amahurizo. "Soma, sesengura, shaka igisubizo". Mujye mugenda musubiramo iyo njyana mukoma amashyi. • Baza abana icyo bize mu isomo ry'uyu munsi.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone	**iminota 9**
3.1. Isuzumabumenyi	
Ha abana ihurizo rikurikira: o Mukire yari afite intama 786 nyuma agurisha mo intama 342. Ubu asigaranye intama zingahe?	
3.2.. Umukoro wo mu rugo	
	• Abana bakorere imuhira ihurizo rikurikira: o Ibirori byarimo abagore 322, abagabo 211. Ubwo bose bari abantu bangahe?

ISOMO RYA 2 – IMYITOZO KU ISAHA ISHYITSE N'IRENGAHO IMINOTA 30

ICYITONDERWA: *Abana bajye bavuga mu ijwi riranguruye igihe bakorera imyitozo ku kibaho.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Kuvuga igihe cy'isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 30.

Imfashanyigisho:
- Isaha nini yo kwigishirizaho.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Mu minota 60 ishize hari saa ngahe? Vuga isaha maze abana bavuge isaha bari bafite mu minota 60 ishize.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana ibibazo bikurikira: "Waba warigeze kugera ahantu mbere y'isaha yari iteganyijwe? Waba warigeze gukererwa gukora ikintu runaka? Amasaha atumarira iki? Nta saha dufite twabwirwa n'iki isaha yo kugera ku ishuri?"

3 Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Shushanya aya masaha ku kibaho maze abana basome igihe. Nibandike igisubizo ku kibaho.



10:30 09:30 12:30

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gushushanya isaha(babiri babiri)
- Abana berekane ibihe bikurikira bifashishije igishushanyo cy'isaha.
  - Saa saba
  - Saa kumi n'igice
  - Saa moya n'igice

Umwitozo wa 2:IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)
- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 30 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P. 82,83 **-JKF** P. 155,156,168,167

-MK P. 152 **-LONGHORN** P. 95,96,97,98,99

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- *Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 3*0 iri mu bitabo byavuzwe haruguru.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana berekane ibihe bikurikira bifashishije igishushanyo cy'isaha:
- Saa tatu n'igice
- Saa munani

ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUKUBA UMUBARE W'IMIBARWA 2 N'UNDI W'UMUBARWA 1

ICYITONDERWA- *Gusobanukirwa biruta gufata mu mutwe. N'ubwo gufata mu mutwe biba byiza, biba byiza kurushaho iyo abana bumva neza uko imibare ikorwa. Bituma bashobora no kubikoresha ahandi.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo yo gukuba umubare w'imibarwa 2 n'uw'umubarwa 1.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Muririmbe mara ya 6.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Abana bavuge inzira baca ngo bakore ihurizo ry'imibare. Kubanza gusoma witonze kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura ukagaragaza ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza. Hanyuma bagashaka igisubizo.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Andika ihurizo rikurikira ku kibaho.
  Mugenzi afite inkoko 3. Buri nkoko ifite imishwi 13. Ubwo afite inkoko zingahe zose hamwe?
- Fatanya n'abana gushaka igisubizo.
- Dore uko mubigenza: mubanze musome mwitonze kugira ngo muryumve neza, murisesengure hanyuma mushake igisubizo**.**

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1:Amahurizo (babiri babiri)

- Abana bakore ihurizo rikurikira.
  - Ikirezi afite amapaki abiri y'amakaye kandi muri buri paki harimo amakaye 12. Ubwo afite amakaye angahe yose hamwe?

Umwitozo wa 2: Amahurizo - IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)

- Hitiramo abana amahurizo yo gukuba umubare w'imibarwa 2 n'uw'umubarwa 1 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- **MK/REB** P.50,51,52 -**JKF** P.104,104,106

-**MK** P.159,160 -**LONGHORN** P.32,40

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Abana bakore ihurizo rikurikira:

- Tagisi imwe itwara abantu 18. Ubwo tagisi 4 zizatwara abantu bangahe?

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bakorere ihurizo rikurikira imuhira:
  - Papa yateye imirongo 4 y'insina z'imibyare. Kuri buri murongo hariho insina 21. Ubwo yateye insina zingahe?

ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO KUGABANYA

***ICYITONDERWA-** Mugihe cyo gukora ihurizo, rikore uvuga, ku buryo abana bakurikira ibyo urimo gukora ku kibaho. Wibuke kubyandika mu cyapa.*

Intego y'isomo
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora amahurizo yo kugabanya nta gusagura.

Imfashanyigisho:
- Terefone **(M-P2-T3-W9-L4)**
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone	**umunota 1**
Fasha abana kwitegura batuze bakurikire igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.	
2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone	**iminota 30**
1.Mu mashuri 5 y'umwaka wa 2 harimo abana 220. Muri buri shuri harimo abana bangahe? 2.Johani yasaruye amapera 240 maze ayagabanya bashiki be 3 na barumuna be 3. Ubwo buri wese yabonye amapera angahe? 3. Mukiza arashaka kugabanya inshuti ze 8 amandazi 96. Ubwo buri wese azabona amandazi angahe?	• Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 1000 mugenda mwongeraho 100. • Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 50". • Fasha abana gukora amahurizo mukoresheje inzira yo kubanza gusoma witonze kugira ngo uryumve neza. Kurisesengura ukagaragaza ibyo baguhaye n'ibyo bakubaza. Nyuma ugashaka igisubizo. • Ririmbana n'abana injyana yo gukora amahurizo. "Soma, sesengura, shaka igisubizo". Mujye mugenda musubiramo iyo njyana mukoma amashyi. • Baza abana icyo bize mu isomo ry'uyu munsi. .
3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyura kuri terefone	**iminota 9**
3.1. Isuzumabumenyi	
Abana bakore iri hurizo buri wese ku giti cye. • Abana 4 bagabanye amakayi 160. Ubwo buri wese yatwaye amakayi angahe?	
3.2. Umukoro wo mu rugo	
	Abana bakore iri hurizo rikurikira: • Abavandimwe 6 bagabanye amafaranga 900. Buri wese yatwaye amafaranga angahe?

ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUSOMA ISAHA ISHYITSE N'IRENGAHO IMINOTA 30

ICYITONDERWA - *Mu gihe cyo gukora ihurizo, rikore uvuga, ku buryo abana bakurikira ibyo urimo gukora ku kibaho.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gusoma isaha ishyitse n'irengaho iminota 30.

Imfashanyigisho:

- Isaha nini cyangwa igishushanyo cyayo.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine aka gakino: "Nyuma y'isaha turaba dufite saa ngahe?" Vuga isaha maze abana bavuge igihe baraba bafite nyuma y'isaha.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana igihe bagiriye kuryama n'igihe babyukiye mu gitondo. Babwire babikwereke kuri ya saha cyangwa cya gishushanyo cy'isaha.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Bwira abana ko mugiye gukora gahunda y'ibikorwa by'umunsi. Abana bavuge isaha babyukiraho, isaha amasomo atangirira, isaha yo kuruhuka…Andika ayo masaha ku kibaho mu mibare (urugero: 8:00). Bwira abana kuyasoma. Vuga isaha maze abana bavuge igikorwa kuri iyo saha.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: Gusoma isaha -IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kuvuga ku isaha ishyitse n'isaha irengaho iminota 30 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P. 82,83 **-JKF** P. 155,156,168,167

-MK P. 152 **-LONGHORN** P. 95,96,97,98,99

Umwitozo wa 2:Kora ku kibaho

- Shushanya isaha ku kibaho. Urushinge rurerure rutunze kuri 12. Bwira amatsinda 2 y'abana kuza imbere maze uvuge isaha, hanyuma amatsinda yerekane iyo saha kuri cya gishushanyo kiri ku kibaho. Itsinda ritanga abandi kubona amanota 3 riba ritsinze. Nibarangiza uhamagare abandi bakomeze umukino.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Mukine aka gakino: "Mu minota 60 ishize hari saa ngahe?" Vuga isaha maze abana bavuge isaha bari bafite mu minota 60 ishize. Hanyuma babikwereke kuri ya saha cyangwa kuri cya gishushanyo cy'isaha.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Abana bashushanye amasaha agaragaza nibura igihe bakorera ibikorwa bifatika bibiri ku munsi.

ISOMO RYA 6 – IMYITOZO KU MUZENGURUKO WA MPANDESHATU, KARE N'URUKIRAMENDE

***ICYITONDERWA-** Ibishushanyo bigomba kuba ari binini ku buryo buri wese abibona.*

Intego y'isomo

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine aka gakino: "Fora ndi nde?" Banza uvuge ibiranga ikinyampande runaka. Urugero: mfite impande 4 zingana n'imfuruka 4 zigororotse. Abana bafindure icyo kinyampande. Ongera n'ibindi binyampande.

Agakino ko kubara mu mutwe

- Mukine aka gakino: "Vuga icya 2" cyangwa_"Vuga icya 4". Vuga umubare ugabanyika na 2 maze abana bavuge kimwe cya 2 cyawo. Nyuma bavuge kimwe cya 2 cy'uwo mubare mushya niba bishoboka.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Abana bavuge itegeko ryo gushaka umuzenguruko wa kare, urukiramende na mpandeshatu.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ku kibaho ibi binyampande maze abana bashake umuzenguruko wabyo.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1: IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)

Hitiramo abana imyitozo ijyanye no gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu,uwa kare n'uw'urukiramende iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite):

- MK/REB P. 98, 94,95 **-JKF** P. 146, 146,147

-MK P. 149, 149,136 **-LONGHORN** P. 117,118, 117,118,

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ha abana imyitozo ikurikira:

Shaka umuzenguruko w'ibinyampande bikurikira:

a. Kare ifite uruhande rwa m 4
b. Mpandeshatu ifite impande zingana na cm 2, cm 3 na cm4
c. Urukiramende rufite uburebure bwa cm 6 n'ubugari bwa cm 3.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana bashake umuzenguruko w'ibinyampande bikurikira:
Mpandeshatu ifite impande za : m5, m6 na m7
Kare ifite uruhande rwa m15
Urukiramende rufite ubugali bwa m6 n'uburebure bwa m12

Buri mwana akora ukwe. Abandi ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo

Ikibazo cya 1 – Abana basome amasaha akurikira.

10:30	09:30	12:30
07:00	11:00	03:00

Ikibazo cya 2 – Abana bakore amahurizo akurikira.

1. Ishuri ririmo abakobwa 342 n'abahungu 432. Ishuri ryose ririmo abana bangahe?
2. Mwarimu afite amapaki 2 y'amakaramu kandi ipaki imwe irimo amakaramu 32 indi 22. Mwarimu afite amakaramu angahe?

Ikibazo cya 3 – Abana bakore amahurizo akurikira (gukuba).

3. Igikarito kirimo amagi 153. Mu bikarito 3 harimo amagi angahe?
4. Umuyobozi w'ikigo yageneye amashuri atatu umubare w'amakaramu ungana. Ishuri rimwe barihaye amakaramu 321. Amashuri 3 yahawe amakaramu angahe?

Amanota	Ibyavuye mu ikosora		
	Byiza cyane	Byiza	Akeneye gufashwa
Ikibazo cya 1	6 cyangwa 6	4 cyangwa 3	≤ 2
Ikibazo cya 2	3	2	≤ 1
Ikibazo cya 3	Yakoze amahurizo 2	Yakoze ihurizo 1	Nta narimwe yakoze

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 2

Akeneye gufashwa = inota 1

IBITABO BYAKORESHEJWE

1. Mwungeri,E., et al. 2013.Imibare,Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa kabiri,MK Publishers, Kigali.

2. Kakembo,L., et all.2013. Imibare, umwaka wa kabiri w'amasuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri, MK Publishers, Kigali.

3. Uworwabayeho,A. et al.2010. Imibare mu mashuri abanza, igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa kabiri, published by the Jomo Kenyatta Foundation(JKF), Nairobi kenya,

4. Male,H. et al. 2011.Dusobanukirwe imibare, Umwaka wa kabiri, Longhorn Publishers, Nairobi.

5. John,A. de Wall, LouAnn H.Lovin.2007. L'enseignement des mathématiques, l'élève au centre de son apprentissage, Tome1, Edition du renouveau pédagogiques, Québec.

6. John,A. de Wall, LouAnn H.Lovin.2007. L'enseignement des mathématiques, l'élève au centre de son apprentissage, Tome2, Edition du renouveau pédagogiques, Québec.

7. Education Development Centre(EDC).2008. Think Math, Teacher guide, volume 1,School Spatiality publisher, Northwest.

8. Education Development Centre(EDC).2008. Think Math, Teacher guide, volume 1,School Spatiality publisher, Northwest.